

Ikinyarwanda – Amashuri yisumbuye

Umwaka wa gatanu

5

**Twumve, tuvuge,
dusome, twandike,
duhange mu Kinyarwanda**

Igitabo cy'umwarimu



Inzu y'ubwanditsi

Drakkar Ltd
Po Box 4435, Kigali, Rwanda
Website: www.drakkarworld.com

©Drakkar Ltd

Abanditse iki gitabo

Murera Jean-Marie Vianney
Hagumuburame Joseph
Ntizihabose J. Napoleon
Mihanga Alphonse
Vuguzigire Patrice
Umukunzi Eric

Cyatangajwe ubwa mbere 2017

Uburenganzira bw'umwanditsi bugomba kubahirizwa. Birabujijwe gufotora iki gitabo, cyangwa gukoresha ibihangano birimo mu gihe icyo ari cyo cyose utabifitiye uburenganzira bw'Inzu y'Ubwanditsi Drakkar Ltd. Umuntu wese uzarenga kuri iri bwiriza azahanwa n'itegeko (Itegeko N° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 kuva ku ngigo ya 195 kugera ku ya 197).

ISBN 978-99977-49-11-6

Uwutunganyije igitabo

Paul Murunga

Icapiro

English Press Ltd

Ishakiro

Ijambo ry'ibanze.....	i
Iriburiro	iii
Imbonerahamwe ngengabyigwa muri buri mutwe	xiv
Umutwe wa 1: Umuco nyarwanda.....	1
1.1. Ubuvanganzo bwo muri rubanda.....	1
1.1.1. Umwandiko: Babyirukanye ingoga mu gutamira	1
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko	1
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	7
Intera ya gatatu: Inshoza y'ibisigo by'ubuse.....	9
1.1.2. Umwandiko: Twisekere	13
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	13
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura urwenya na byendagusetsa	16
Intera ya gatatu: Inshoza y'urwenya na byendagusetsa	17
Intera ya kane: Kungurana ibitekerezo.....	19
Intera ya gatanu: Guhanga urwenya na byendagusetsa	21
1.2.3. Izina ry'urusobe.....	22
1.2. Ubuvanganzo nyabami	31
1.2.1. Umwandiko: Uri nde?	31
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura ibyivugo	31
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura ibyivugo by'iningwa.....	35
Intera ya gatatu: Inshoza y'ibyvugo	36
Intera ya kane: Guhanga ikivugo k'iningwa	43

1.2.2. Amazina y’inka: Inka ya Rumonyi	44
Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko	44
Intera ya kabiri: Gusesengura inganzo y’amazina y’inka	52
1.2.3. Izina ry’urusobe.....	69
1.2.4. Inshamake	75
1.2.5. Ibibazo n’ibisubizo by’isuzuma rusange risoza	
umutwe wa mbere	77
1.2.6. Imyitozo nsindagirabushobozi.....	81
Umutwe wa 2: Uburinganire.....	82
2.1. Umwandiko: Uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda	82
Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko	82
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	86
Intera ya gatatu: Guhina umwandiko no kungurana ibitekerezo.....	89
2.2. Amasaku mu nteruro z’urusobe	90
2.3. Inshamake	94
2.4. Ibibazo n’ibisubizo by’isuzuma rusange risoza	
umutwe wa kabiri	95
2.5. Imyitozo nsindagirabushobozi	99
Umutwe wa 3: Ubuzima bw’imyororokere	101
3.1. Ikinamico: Mpana uwange yananira nti:	
“Ramvura ingoma wime”	101
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	101
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	105
Intera ya gatatu: Inshoza y’ikinamico	108
3.2. Inyandiko nyejwi (Amajwi y’inyabumwe).....	119
3.3. Inshamake	127
3.4. Ibibazo n’ibisubizo by’isuzuma rusange risoza umutwe	
wa gatatu	128
3.5. Imyitozo nsindagirabushobozi	132

Umutwe wa 4: Kubaka umuco w’amahoro	134
4.1. Intandaro n’ingaruka z’amakimbirane	134
4.1.1. Umwandiko: Intandaro n’ingaruka z’amakimbirane	134
Interera ya mbere: gusoma no kumva umwandiko	134
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	140
Intera ya gatatu: Ihangamwandiko	141
4.1.2. Inyandiko nyejwi (Amajwi y’ibihokane)	143
4.2. Imiyoborere myiza	148
4.2.1. Umwandiko: Kwakira neza abakugana.....	148
Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko	148
Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko	152
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo	153
4.2.2. Kwandika mu nyandiko nyejwi amagambo arimo ibihokane	155
4.2.3. Umuvugo: Imiyoborere myiza.....	158
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	158
Intera ya kabiri: Gusesengura umuvugo.....	162
Intera ya gatatu: Guhanga umuvugo.....	166
4.2.4. Inshamake	168
4.2.5. Ibibazo n’ibisubizo by’isuzuma rusange risoza umutwe wa kane	169
4.2.6. Imyitozo nsindagirabushobozi	173
Umutwe wa 5: Kubungabunga ibidukikije	175
5.1. Umwandiko: Ibidukikije, inkingi y’ubuzima	175
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko	175
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	179
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo	181
Intera ya kane: Umukoro wo guhanga.....	183
5.2. Kwandika interuro mu nyandiko nyejwi.....	184
5.3. Kwandika interuro mu nyandiko nyemvugo	186

5.4.	Inshamake	192
5.5.	Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange	193
5.6.	Imyitozo nsindagirabushobozi	197
Umutwe wa 6: Gukunda igihugu		199
6.1.	Umwandiko: Umuganda mu Rwanda.....	199
	Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko.....	199
	Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko.....	204
6.2.	Amazina y'amatirano.....	205
6.3.	Kuyobora inama	213
6.4.	Umwandiko: Ubudehe si ubw'abadeshyi!	216
	Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko.....	216
	Intera ya kabiri : Gusoma no gusesengura umwandiko.....	221
	Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo	223
6.5.	Inyandikomvugo	225
6.6.	Inshamake	229
6.7.	Imyitozo nsindagirabumenyi.....	234
Umutwe wa 7: Iterambere		236
7.1.	Umwandiko: Izigamire Mitima!.....	236
	Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko.....	236
	Intera ya kabiri : Gusoma no gusesengura umwandiko.....	240
	Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo	241
7.2.	Inkuru ngufi.....	242
7.3.	Raporo.....	247
7.4.	Inshamake	251
7.5.	Imyitozo nsindagirabushobozi	255
Umutwe wa 8: Itumanaho n'ikoranabuhanga		256
8.1.	Umwandiko: Uwapfuye yarihuse	256
	Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko.....	256

Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko	260
Intera ya gatatu: Inyunguramagambo.....	262
8.2. Amoko y’inyangingo	266
8.3. Impapuro zo kuzuzwa	270
8.4. Urupapuro rwo kubitsa cyangwa kubikuza (Sheki).....	276
8.5. Amagambo yabugenewe	278
8.6. Inshamake	281
8.7. Ibibazo n’ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa munani	282
8.8. Imyitozo nsindagirabushobozi	285
Umutwe wa 9: Ibiyobyabwenge	286
9.1. Umwandiko: Ingaruka z’ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y’abantu	286
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko.....	286
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko	290
Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo	292
9.2. Inshoberamahanga	293
9.3. Gusesengura interuro hakoreshejwe uburyo bw’igiti.....	297
9.4. Inshamake	301
9.5. Ibibazo n’ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa kenda	302
9.6. Imyitozo nsindagirabushobozi	305
10. Umugereka: Imiteguro y’amasomo ntangarugero	306
11. Inyandiko n’ibitabo byifashishijwe	316

Ijambo ry'ibanze

Mwarimu murezi,

Iki gitabo cy'umwarimu mu mwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye ni wowe kigenewe kugira ngo kigufashe nk'imwe mu mfashanyigisho uzakenera. Cyanditswe hakurikijwe imbenezamasomo iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye nk'uko bisabwa mu nteganyanyigisho nshya yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) muri 2015 ishyira mu bikorwa intego ndetse n'ibyifuzo by'Igihugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubunyarwanda mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri. Twakiguteguriye kugira ngo kigufashe kwigisha neza mu mwaka gatanu w'amashuri yisumbuye. Ni ngombwa ko tugusobanurira uko kizagufasha, imiterere yacyo n'uko uzagikoresha.

Iki gitabo kizagufasha kuyobora abanyeshuri kugira ngo bashobore gushungura ibitekerezo bumvise cyangwa basomye uko bikwiye bagaragaza ko basobanukiwe n'ubutumwa. Kuvuga badategwa, batanga ibitekerezo bigaragaza uko bumva ibintu kandi batanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye. Gusoma badategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiyeye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi rwakoreshejwe. Gusesengura no gutandukanya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe bakurikiranya neza ibitekerezo no guhanga bigana ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. Kwandika ibitekerezo byabo ku buryo bufututse no guhitamo ibyo bavuga n'uburyo babivugamo bitewe n'icyo bagamije n'abo babwira. Kuyobora no gutegura ibiganiro mpaka. Gusesengura imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa gatanu kigabanyijwemo imitwe icumi ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku muco nyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda, ubuzima bw'imyororokere, umuco w'amahoro, kubungabunga ibidukikije, gukunda Igihugu, iterambere, itumanaho n'ikorabuhangandetse n'insanganyamatsiko y'ibiyobyabwenge. Iki gitabo gihera ku ngingo zerekeye kuri izo nsanganyamatsiko kikwereka intera ukurikiza kugira ngo uyobore abanyeshuri mu kwiga amasomo ateganywa n'integanyanyigisho. Ayo masomo yigishwa ahereye ku mwandiko ugaragaramo ingingo zisabwa mu nteganyanyigisho hifashishijwe intera enye cyangwa eshanu bitewe n'ibiyigwamo.

Muri iki gitabo tukwereka aho buri ntera iherereye mu gitabo cy'umunyeshuri. Izo ntera ni zo zigufasha kuyobora abanyeshuri mu kumva no gusesengura imyandiko ikubiyemo ndetse no kwiga ikibonezamvugo n'ubuvanganzo buteganijwe mu nteganyanyigisho. Bitewe n'abanyeshuri wigisha n'imfashanyigisho ufite ni wowe ubwawe ugena amasomo ya buri ntera twakweretse. Mu ntangiriro y'iki gitabo tugusobanurira imiterere ya buri ntera n'imbenezamasomo wakurikiza uyobora abanyeshuri kwiwigisha bakorera mu matsinda, bungurana ibitekerezo banakora imyitoto inyuranye. Nyuma ya buri kigwa na nyuma ya buri mutwe hari imyitoto n'ibisubizo byayo bigufasha gusuzuma uko intego z'isomo zagezweho n'intera abanyeshuri bagezeho.

Usibye ubushobozi rusange bugamijwe mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatanu, iki gitabo kizagufasha kwimakaza mu banyeshuri ubundi bushobosi nsanganyamasomo nko gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, kugira bufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsu, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. Ubu bushobozi bugenda bugaragazwa n'imyitoto cyangwa ibikorwa abanyeshuri bakora. Mu mbonerahamwe ngengabyigwa iki gitabo kikugaragariza aha herereye imyitoto ubu bushobozi bugaragamo muri buri mutwe.

Ibisobanuro by'amagambo ashobora gukomerera abanyeshuri byashyizwe mu gice twise "Twiyoungure amagambo" mu gitabo cy'umunyeshuri. Ibi bizafasha abanyeshuri kukora ubushakashatsi ku bisobanuro by'amagambo badasobanukiwe neza cyane ko amagambo adakurikiranye hakurikijwe umwandiko ahubwo twayakurikiranije hakurikijwe itonde ry'Ikinyarwanda. icyakora muri iki gitabo twagiye tuyashyira mu ntera ya mbere yo kumva no gusobanura umwandiko kugira ngo agufashe kuyobora neza abanyeshuri mu mwitoto w'inyunguramagambo.

Iki gitabo ni ingenzi cyane kuri wowe kuko kikwereka uko wigisha amasomo y'Ikinyarwanda wifashishije igitabo cy'umunyeshuri. Kikanakwereka uko wakwita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye nk'abatwama, abatabona n'abandi bafite ibindi bibazo mu myigire kugira ngo bajyane n'abandi. Nubwo imyitoto yatanze mu gitabo cy'umunyeshuri igiye igira ibisubizo muri iki gitabo, ibyo bisubizo si byo kamara ahubwo ni urugero rw'ibisubizo bishoboka. Ikindi kandi iyo myitoto nubwo twayiguteguriye dushingiye ku bikorwa umunyeshuri asabwa gukora biri mu nteganyanyigisho, si yo kamara nawe ubwawe wabategurira indi ariko ijyanye n'intego z'isomo ndetse n'ibikorwa by'umunyeshuri bigaragazwa n'integanyanyigisho.

Muri make, turizera ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda mumwaka wa gatanu no kugikundisha abanyeshuri kugira ngo barusheho kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda binyuze mu buvuganyo ndetse no gusesengura imiterere y'Ikinyarwanda.

Abanditsi.

Iriburiro

Imbonezamasomo muri iki gitabo igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho ari icupa ririmo ubusa ugamba gutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi. Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Iryo yigisha rizaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga. Duhereye ku mwandiko, amasomo agabanijwe mu ntera enye cyangwa eshanu bitewe n'ibikubiye mu mutwe.

Imiterere ya buri ntera n'imbonezamasomo zayo

Iki gitabo kigabanijwemo imitwe icumi buri mutwe ufite umubare w'amasomo arimo. Muri iki gitabo tukwereka uburyo wakwigisha ayo masomo uhereye ku ntera enye zishingiye ku ngingo zisabwa mu ntegananyigisho. Izo ntera ni izi zikurikira:

0.1. Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

a) Ibikorwa by'umunyeshuri

Muri iyi ntera ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasobanura amagambo akomeye, bagakora umwitozo w'inyunguramagambo bakanasubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Muri iyi ntera abanyeshuri baboneramo ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo, ubushakashatsi, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni.

b) Imbonezamasomo muri iyi ntera

Iyi ntera yo kumva no gusobanura umwandiko, umwarimu ayyobora mu byiciro bitatu: ivumburamatsiko, gusoma umwandiko no gukorera mu matsinda.

Ivumburamatsiko

Muri iki kiciro k'ivumburamatsiko umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo

by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko cyangwa se akifashisha izindi fashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

- ♦ **Gusoma**

Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu buryo bubiri: gusoma bucece no gusosoma baranguruye.

Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda ajenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye atanategw. Iyo barangije gusoma bucece ababaza utubazo two gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni bibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

Gusoma baranguruye

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baranguruye, igusaba kubwira abanyeshuri gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza banubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityo bityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma agenda anajenzura ubukeshya bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Abo abona batabyitabira agakora uko ashoboye akaba aribo ahitamo kugira ngo basome. Iyo umwandiko urangiye bese batabashije gusoma ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo basome umwandiko. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo batajijinganya. Abo kandi ni na bo yibandaho kugira ngo ajenzure niba bagenda batera intambwe.

- ♦ **Gukorera mu matsinda**

Iyo gusoma baranguruye birangiye umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora amatsinda. Amatsinda meza ni amatsinda atarengeje abanyeshuri batanu. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba

ari amwe buri gihe. Ni amatsinda arimo abanyeshuri batandukanye; ab'ibitsina byombi, ab'intege nke n'abari imbere mu myigire,... Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w'itsinda wandika ibyo bumvikanyeho mu matsindaakaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Uwo kandi ntagomba guhora ari umwe umwarimu abafasha guhinduranya abayobozi b'amatsinda ku buryo buri munyeshuri bimugeraho. Iyo bari mu matsinda ugenzura imikorere yabo abakeneye ubufasha ukabubaha.

Ibikorera mu matsinda

- **Inyunguramagambo**

Abanyeshuri bongera gusoma umwandiko bari mu matsinda manini y'abanyeshuri nka batanu bakagerageza gushakisha ibisobanuro by'amagambo akomeye banditse igihe basomaga bucece. Babishakisha bifashishije inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiungura amagambo. Iyo bamurika ibisobanuro by'amagambo akomeye umwarimu afatanya n'abanyeshuri kunoza inyito batanze. Iyo bibaye ngombwa ko hari amagambo batashoboye kubonera inyito umwarimu abatoza gukoresha inkoranyamagambo bashakisha ibyo bisobanuro.

- **Umwitoto w'inyunguramagambo**

Uyu mwitoto w'inyunguramagambo ukorerwa mu matsinda ya babiribabiri. Iyo bamaze kumurika ibisobanuro, umwarimu abasaba kujya mu matsinda kugira ngo bakorere hamwe imyitoto y'inyunguramagambo iteganyijwe mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo igihe yabahaye kirangiye. Bagaruka kumurika ibisubizo bakoreye mu matsinda ya babiribabiri.

- **Ibibazo byo kumva umwandiko**

Imbonezamasomo y'iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye amatsinda nk'abirirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo. Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w'itsinda amurika ibisubizo byakorewe mu itsinda rye, umwarimu agafatanya n'andi matsinda kubinonosora bikandikwa ku kibaho.

Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda

Umuyobozi w'itsinda ajya imbere akamurikira bagenzi be ibyakorewe mu itsinda. Igisubizo gitanzwe n'itsinda rya mbere iyo kinonosowe cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kumurika ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanya

n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa. Nko ku nyunguramagambo amagambo yasobanuwe n'itsinda ryabanje andi matsinda ntiyongera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atatanze n'itsinda ryabanje. Ni ukuvuga ko igisubizo cyamuritswe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni nabwo buryo bukoreshwa no mu yindi myitozo yo mu zindi ntera, ikorewa mu matsinda.

0.2. Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Muri iyi ntera ya kabiri dusesengura umwandiko duhereye ku bikorwa by'umunyeshuri byo gusesengura umwandiko biba bigaragara mu nteganyanyigisho nko gushaka ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko, kuvuga insanganyamatsiko iri mu mwandiko, guhina umwandiko cyangwa guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe ndetse n'ibindi bibazo byimbitse bijyanye n'insanganyamatsiko yigwa. Uyu mwitozo hose muri iki gitabo, abanyeshuri bawukorera mu matsinda. Ni muri uyu mwitozo abanyeshuri babonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo n'ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni. Imbonezamasomo y'iyi ntera igaragaza ibice bitatu: isubiramo, gukorera mu matsinda no kugaragaza ibyavuye mu matsinda.

• Isubiramo

Mu isubiramo umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kubibutsa umwandiko baheruka gusoma n'ibyari biwukubiyemo. Urugero: Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga? Havugwagamo iki muri rusange? Cyangwa kongera gusoma umwandiko bawiyibutsa, ...

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko bigaragara mu gitabo cy'umunyeshuri akanabasaba kubyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome. Mbere yo kujya mu matsinda umwarimu agerageza kubaha ibindi bibazo byabafasha neza kugera kubisubizo bikwiye.

• Gukorera mu matsinda

Umwarimu abanza gusaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bize bakawusomera mu matsinda. Akabasaba kugerageza gukorera hamwe, mu matsinda, bagerageza gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Iyo abanyeshuri bari mu matsinda, umwarimu agendagenda mu matsinda yose kugira ngo atange ubufasha ku babukeneye. Iyo igihe yabahaye kigeze asaba amatsinda kumurika ibyo yakoze.

• Kumurika ibyavuye mu matsinda

Kumurika ibyavuye mu matsinda bikorwa nk'uko byavuzwe haruguru. Ibisubizo byumvikanyweho ni byo byandikwa ku kibaho.

0.3. Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo/Kujya impaka/Guhanga umwandiko/ Gutondagura umuvugo, Gukina bigana, ...

Muri iyi ntera ya gatatu hakubiyemo umwitozo w'ubumenyingingiro utuma abanyeshuri bashobora kuvuga, kwandika no guhanga. Ni muri uyu mwitozo abanyeshuri babonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo no gusabana mu Kinyarwanda. Ni muri iyi ntera kandi abanyeshuri bigira insanganyamatsiko nsanganyamasomo bazijyaho impaka bakanazunguranaho ibitekerezo.

Iyo ari ukungurana ibitekerezo umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri akanabasaba kuwandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo urajya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira azabibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo. Bikandikwa ku kibaho.

Iyo ari ukujya impaka umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kibafasha kujya impaka. Mu rwego rwo gufasha abatumba neza cyangwa abatabona, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye icyo kibazo no kucyandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka akamusaba gutangiza ikiganiro mpaka no kukiyobora akurikije amabwiriza agenga ibiganiro mpaka. Mu gihe baja impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo n'imyitwarire yabo muri izo mpaka baja. Iyo barangije umwarimu afatanyaga n'abanyeshuri bajyaga impaka ndetse n'indorererezi gukora umwanzuro w'impaka ukandikwa ku kibaho.

Iyo ari uguhanga umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwandika ku kibaho ikibazo gisaba guhanga kiri mu gitabo cy'umwarimu. Akibaha nk'umukoro ushobora gukorera mu matsinda cyangwa ugakorwa n'umuntu ku giti ke, akabaha igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda buri tsinda rikagaragaza uko ribona igihangano ryasomye umwarimu akabafasha kubikorera ubugororangingo. Umwarimu kandi ashobora kubikosora agenda agaragariza buri wese ibitagenda neza mu gihangano ke.

0.4. Intera ya kane: Ikibonezamvugo/ inshoza y'ubuvanganzo

Muri iki gice ni ho abanyeshuri bigira ikibonezamvugo n'ubuvanganzo.

a) Ikibonezamvugo

Imbonezamasomo y'ikibonezamvugo muri iyi ntera igaragaza ibice bitatu: ivumburamatsiko, gukorera mu matsinda no kumurika ibyavuye mu matsinda.

- **Ivumburamatsiko**

Mu ivumburamatsiko, umwarimu asaba abanyeshuri kwandika ku kibaho interuro zavuye mu mwandiko baheruka kwiga zirimo amagambo yerekeza ku kibonezamvugo bagiye kwiga, agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo atsindagiye cyangwa aciyeho akarongo nyuma akababaza ikibazo kiganisha ku kibonezamvugo kigwa.

- **Gukorera mu matsinda**

Muri iki gice umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda angana n'ibygwa bikubiye muri icyo kibonezamvugo akabagabanya ibyo bagomba gukora kuri buri kigwa. Cyangwa se buri tsinda rikabikoraho byose. Umwarimu abarangira ibitabo mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bazashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe cyo kuzabikora cyagera akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo. Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri ndetse no mu isomero.

Kumurika ibyavuye mu matsinda

Iyo igihe cyo kubimurika kigeze, umwarimu abasaba kumurika ibyavuye mu matsinda agenda abafasha kubinonosora. Bitewe n'uko bitazigishirizwa rimwe mu isaha imwe abanza itsinda ryakoze ku gice kibanza k'icyo kibonezamvugo agakurikizaho irindi bityo bityo kugeza barangije. Iyo itsinda rimwe rimurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo, andi matsinda afatanya na mwarimu kubinonosora bikandikwa ku kibaho maze agasaba abanyeshuri bose kubyandika mu makayi yabo.

b) Ubuvanganzo

Ku bijyanye n'ubuvanganzo, imbenezamasomo muri iki gitabo igaragaza ko hakurikizwa ibice bitatu: isubiramo, gukorera mu matsinda no kugaragaza ibyavuye mu matsinda.

- **Isibiramo**

Muri iki gice umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibukiranya umwandiko baheruka gusesengura biganisha ku ngeri y'ubuvanganzo bagiye kwiga.

- **Gukorera mu matsinda**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akabasaba kongera gusoma umwandiko ujyanye n'ubwo buvanganzo bagiye kwiga akabasaba kuwusoma bitegereza imiterere yawo akabaha ibibazo bituma batahura inshoza n'uturango tw'ingeri y'ubuvanganzo biga. Ashobora no kubaha ibindi bibazo byabafasha gukora ubushakashatsi bwimbitse kuri iyo ngeri y'ubuvanganzo. Abarangira ibitabo bakwifashisha akabaha igihe cyo kubikorera mu matsinda mu nzu y'isomero.

Bene ibi bibazo umwarimu abaha, bibafasha gukora ubushakashatsi bwimbitse. Muri iki gitabo, tubihitamo dushingiye ku bisabwa kwigwa kuri iyo ngeri y'ubuvanganzo bigaragara mu gice cyagenewe ibyigwa mu nteganyanyigisho. Ibi bibazo ni byo bibayobora mu matsinda anyuranye.

- **Kumurika ibyavuye mu matsinda**

Kumurika ibyavuye mu matsinda aha bikorwa nk'uko bikorwa ku kibonezamvugo nk'uko twabigaragaje haruguru.

1. Uburyo bwo gukora isuzuma

Umwarimu ni ngombwa kugenzura imyigire n'imyigishirize ye akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo twanditse dushingiye ku bushobozi, isuzuma na ryo turitegura rishingiye ku bushobozi, tugategura imyitozo ijyanye n'ubuzima bwa buri muni umunyeshuri akabazwa gukemura ikibazo runaka ashya mu bikorwa ibyo yize.

Muri iki gitabo twashyizemo amasuzuma ku buryo bukurikira: imyitozo y'isuzuma umwarimu aha abanyeshuri nyuma y'ikigwa, isuzuma risoza umutwe ryo kugorora imyigire n'imyigishirize. Nta suzuma ryo kureba intera umunyeshuri agezeho dushyiramo kuko ryo ritegurwa ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Igihugu ariko tugira abarimu inama ku miterere y'iryo suzuma.

- **Imyitozo**

Kugira ngo umwarimu arebe niba intego z'isomo yatanze zagezweho, muri iki gitabo tumutegurira imyitozo n'ibisubizo. Iyo myitozo twayiteguye dushingiye ku ntego z'isomo twateguye dushingiye ku ntego zihariye zigaragara mu nteganyanyigisho. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iyo myitozo cyangwa akaba yabaha indi ariko ijyanye n'intego z'isomo. Iyo barangije kuyikora bayikosora bayobowe n'umwarimu bandika ku kibaho ibisubizo by'ukuri.

- **Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize**

Muri iki gitabo kandi, nyuma ya buri mutwe, dutegura isuzuma dushingiye ku bigenderwaho mu isuzuma bigaragara mu nteganyanyigisho. Umutwe urangije kwigwa, umwarimu asabwa kureba ko abanyeshuri bese bagaragaza uko bikwiye ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe bashingiyeye ku bigenderwaho mu isuzuma, mbere y'uko batangira kwiga umutwe ukurikiraho. Umwarimu agomba gusuzuma uko abanyeshuri bakenetse ibyigwa mu isomo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikubiye mu nteganyanyigisho. Ni muri urwo rwego muri ikigitabo tumuha urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bijyanye n'iryo suzuma. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire

y'abanyeshuri be. Nyuma yo gukosora iri suzuma ni ngombwa ko umwarimu yereka buri munyeshuri urwego agezeho ab'intege nke akagerageza kubitaho by'umwihariko. Umwarimu ntagomba gutangira undi mutwe mu gihe ibisubizo by'isuzuma rusange bimwerekana ko abanyeshuri batakenetse ibikubiye mu mutwe. Mu bibazo twabateguriye harimo ibibazo bijyanye no kwitegereza, ibibazo basubiza bandika n'ibibazo basubiza bavuga.

- **Imyitozo nsindagirabushobozi**

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.

Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo si yo kamara, umwarimu ashobora no gutegura indi yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke. Muri iki gitabo nta myitozo nk'iyi tubategurira kuberako tutazi neza aho abanyeshuri bazaba bagaragaje ubushobozi buke. Umwarimu yerekwa urugero rw'ibibazo yabaza kuri buri tsinda. Iyo myitozo umwarimu ayikoresha iyo abonye, akurikije ibisubizo byavuye mu isuzuma rusange ry'umutwe, hari ibitumvikanye neza si ngombwa ko nyuma ya buri mutwe itangwa kandi nta bushobozi buke abanyeshuri bagaragaje.

- **Isuzuma rigamije kumenya intera abanyeshuri bagezeho**

Muri iki gitabo nta suzuma rigamije kumenya intera umunyeshuri agezeho twabateguriye cyane ko ari isuzuma ritegurirwa ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Igihugu. Isuzuma rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye kugira ngo hafatwe umwanzuro ku iyimurwa ry'umunyeshuri aya mu kiciro runaka ajya mu kindi. Ni isuzuma ritegurwa buri gihembwe cyangwa rimwe mu mwaka nk'ibizamini bya Leta. Iri suzuma rigomba gukomatanywa ibyo umunyeshuri yize byose hakarebwa niba umunyeshuri agaragaza ubushobozi bwose bugamijwe bwari buteganyijwe kuri ibi bikurikira: kumva no gusesengura umwaniko, ikibonezamvugo, ubumenyi rusange bw'ururimi n' ihimbamwandiko.

- **Imitegurire y'ibibazo by'isuzuma**

Muri iki gitabo ibibazo by'isuzuma biteguwe hashingiye ku ntego zihariye z'isomo no ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe bigaragara mu ntegananyigisho. Ibibazo byinshi ni ibisaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize si ibibazo bimusaba gufata mu mutwe gusa. Dukurikiranya ibibazo hashingiye kuri buri rwego mu nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom). Mu ntegananyigisho ishingiye ku bushobozi, ibibazo biri ku ngazi zo hejuru ku

rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) ni byo twahaye umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ngazi zo hasi zijyanye n'ubumenyi no kumva.

2. Imfashanyigisho zikenerwa

Kuri buri ntera tugaragariza umwarimu imfashanyigisho yakoresha kugira ngo isomo ryumvikane neza. Usibye izo tumugaragariza, umwarimu na we ashingiye ku miterere y'ishuri n'abanyeshuri be ashobora kwifashisha izindi mfashanyigisho zifatika. Ni ngombwa kandi ko habaho isomero kuri buri kigo mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho cyane ko mu mbonezamasomo zijyanye n'intera ya gatanu dusaba umwarimu ko yakohereza abanyeshuri mu isomero akabarangira ibitabo bakoresha mu bushakashatsi bwabo. Hari n'aho tumusaba gukoresha uburyo bw'imfashanyigisho z'iyumvabona (gukoresha tereviziyo na sinema), imfashanyigisho zitegwa amatwi ndetse n'ibinyamakuru. Hakenewe kandi imfashanyigisho z'abafite ibibazo byihariye nk'abatabona, abatumva,...

3. Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu mbonezamasomo y'iki gitabo, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Mu myigishirize igaragara mu ntera zinyuranye, muri iki gitabo, tumwereka uburyo bumwe na bumwe yakwifashisha abitaho. Ni ngombwa ko akwiye no kugira amahugurwa ku mikoreshereze y'imfashanyigisho zibagenewe kugira ngo ashobore kubitaho ku buryo bunoze.

4. Uburyo bwo kwimakaza ubushobozi nsanganyamasomo

Imyitozo iri muri iki gitabo iteguwe ku buryo ubushobozi nsanganyamasomo bugaragaramo hose. Ni ngombwa ko mu gukora iyo myitozo umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo ubwo bushobozi abanyeshuri babugire koko. Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo tubugaragariza cyane mu bibazo bimwe na bimwe byo kumva umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo abe yakemura ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize. Ahandi tubugaragariza ni mu bibazo byo gusesengura umwandiko, kujya impaka no kungurana ibitekerezo kuko ibibazo dukoresha ari ibituma abanyeshuri batekereza uburyo bakemura ikibazo runaka bahura na cyo. Ubushobozi bwo guhanga udushya muri iki gitabo tubugaragariza mu myitozo inyuranye yo guhanga nk'aho dusaba umunyeshuri nko guhanga inkuru, ikinamico,... Ubushakashatsi bwo tubugaragariza mu myitozo y'inyunguramagambo aho dusaba umunyeshuri gukoresha inkoranyamagambo ashaka ibisobanuro by'amagambo akomeye, tunabugaragariza kandi mu ntera ya kane y'ikibonezamvugo cyangwa y'ubuvanganzo dusaba umunyeshuri kwitabira amasomero tukamuha ibibazo yakwifashisha kugira ngo asesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo bwigwa muri iyo ntera. Gusabana mu Kinyarwanda

tubigaragariza mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo aho dusaba umunyeshuri kuvugira mu ruhamu no kujora ibitekerezo bya bagenzi be. Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi n’ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanye na bagenzi be. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi tubimushishikariza mu mikoro tugenda tumuha aba agomba gukomereza mu rugo ari wenyine cyangwa abaza abo babana. Urugero nka nyuma ya buri mutwe umunyeshuri ahabwa imigani y’imigenurano ijyanye n’uwo mutwe agasabwa gushaka indi no kuyisobanura. Birumvikana ko aba asabwa kubaza abo babana, ari mu rugo, kugira ngo bamufashe. Umwarimu rero arasabwa gutsindagira ubwo bushobozi igihe akoresha iyo myitozo.

5. Uburyo bwo kwimakaza insanganyamatsiko nsanganyamasomo

Muri iki gitabo insanganyamatsiko nsanganyamasomo ntizirengagijwe. Tuzibandaho mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo cyane ko n’abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe. Inyigisho kuri jenocide umwarimu agomba kuzikomozaho mu gusesengura imyandiko yo mu mutwe w’umuco w’amahoro mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo aho dusaba abanyeshuri kugaragaza ingaruka z’ihohoterwa muri rusange no kugeza ku bandi isomo yakuye muri iyo nsanganyamatsiko. Insanganyamatsiko y’ibidukikije n’iterambere rirambye isesengurwa cyane mu mutwe wa gatanu w’ibidukikije no mu mutwe wa karindwi ujyanye n’iterambere. Uburinganire n’ubwuzuzanye buvugwa cyane mu myandiko ku burunganire n’ubwuzuzanye yo mu mutwe wa kabiri aho dusaba abanyeshuri kujya impaka ku kamaro k’uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda. Kwimakaza umuco nyarwanda byo bikubiye mu mutwe wa mbere mu ngeri z’ubuvanganzo nyarwanda aho dushishikariza umunyeshuri kugaragaza uturango tw’umuco tugaragara muri izo ngeri zinyuranye. Uburezi budaheza tugenda tubukomozaho mu ngero zinyuranye z’interuro zikorwa mu kibonezamvugo kugira ngo zisigire umunyeshuri n’ubwo bumenyi bwo kudaheza. Umwarimu arasabwa guzibandaho cyane mu gihe akoresha imyitozo ikubiyemo izo nsanganyamatsiko nsanganyamasomo.

6. Uburyo bwihariye bwo kwita ku myigire y’abanyeshuri.

Iki gitabo cyanditse ku buryo gifasha umwarimu gufasha umunyeshuri mu buryo bwihariye kugira ngo atere imbere mu kunguka amagambo, mu gusoma no mu kwandika. Mu rwego rwo kugira ngo yiyungure amagambo, iki gitabo kibimufashamo by’umwihariko kubera ko gikubiyemo imyitozo n’ibisubizo bituma umunyeshuri yiyungura amagambo nk’imyitozo yo kuzuza amagambo mu nteruro, guhuza amagambo n’ibisobanuro byayo akoresheje akambi, gushaka amagambo mu kinyatuzu, gukoresha amashusho agaragaza ibyo asoma, kugaragaza neza amagambo yabugenewe atsindagirwa no kwirinda gukoresha amagambo menshi

atamenyerewe. Muri iki gitabo kandi harimo imyitozo ifasha umunyeshuri kumva ibyo asoma ibyo asabwa gukora abanza guhabwa urugero rw'ibyo asabwa gusubiza, guhuza amafoto n'amagambo ...

Byongeye kandi iki gitabo kandi giteguwe ku buryo hagenda hakoreshwamo uburyo bw'imbonezamasomo bunyuranye; gukorera mu matsinda manini y'abanyeshuri nka batanu, gukorera mu matsinda ya babiribabiri, gukora umuntu ku giti ke, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, gukora ubushakashatsi kuri interineti, gukorera hamwe ishuri ryose,...

Umwarimu arasabwa gukoresha neza bene iyo myitozo ituma umunyeshuri yiyungura ubumenyi. Mu rwego rwo gutuma umunyeshuri ahora yiga kandi akiyungura ubumenyi ahenshi ategurirwa imikoro yo gukorera mu rugo imusaba gutekereza no gushakisha. Ni muri urwo rwego asabwa gukora umwitozo utuma yunguka amagambo akoresheje ikinyatuzu cyangwa ahuza amafoto n'amagambo.

Mu kwita ku myigire y'umunyeshuri kandi, muri iki gitabo twaguteguriye amasomo y'intangarugero. Nk'uko bizwi muri buri rurimi amasomo y'ingenzi ni atanu; kumva no gusobanura umwandiko, gusesengura umwandiko, ikibonezamvugo, inshoza y'ubuvanganzo no kungurana ibitekerezo cyangwa kujya impaka. Ni muri urwo rwego buri somo muri ayo y'ingenzi mu rurimi twaritangiye urugero rw'umuteguro w'isomo ntangarugero. Ayo masomo yashyizwe ku mugereka w'iki gitabo kugira ngo akoroherewe gutegura n'andi ameze nka yo.

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatanu

- Gushungura ibitekerezo yumvise cyangwa yasomye uko bikwiye agaragaza ko yasobanukiwe n'ubutumwa.
- Kuvuga adategwa, atanga ibitekerezo bigaragaza uko yumva ibintu kandi atanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma adategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi rwakoreshejwe.
- Gusesengura no gutandukanya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.
- Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe akurikiranya neza ibitekerezo no guhanga yigana ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda.
- Kwandika ibitekerezo bye ku buryo bufututse no guhitamo ibyo avuga n'uburyo abivugamo bitewe n'icyo agamije n'abo abwira.
- Gutegura inama no kuyiyobora.
- Gusesengura imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro

Imbonerahamwe ngengabyigwa muri buri mutwe

Intangiriro

Iyi ngengabyigwa igizwe n'imitwe ikenda. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko ijyanye na wo kandi insanganyamatsiko yerekanwa n'imyandiko itandukanye. Iyo myandiko ifasha abanyeshuri kugira ubushobozi bwo gukoresha ururimi mu mvugo no mu nyandiko. Ni ukuvuga ko abanyeshuri bagira ubushobozi bwo kumva kuvuga, gusoma no kwandika. Buri mutwe kandi urimo ikibonezamvugo gifasha abanyeshuri kugira ubumenyi bwimbitse bw'imikoreshereze y'ururimi.

Imbonerahamwe ikurikira irabagaragariza insanganyamatsiko zinyuranye, imyandiko ijyanye na zo n'ikibonezamvugo, umubare w'amasomo, intego rusange kuri izo nsanganyamatsiko, ibikorwa by'abanyeshuri bituma bagira ubushobozi n'ubukeshya; ndetse harimo n'aho abanyeshuri bakorerwa ibikorwa byabo kugira ngo intego zigerweho. Ikindi kigaragaramo ni imfashanyigisho zibafasha kugera ku bushobozi nyabwo.

Umutwe wa 1: Umuco nyarwanda	Umubare w'amasomo: 42
Aho uherereye mu gitabo cy'umunyeshuri: Uruparuro rwa 1 kugera ku rwa 59	
Ingingo n'imyandiko zijyanye na zo	<ul style="list-style-type: none"> • Igisigo cy'ubuse (Babyirukanye ingoga mu gutamira) • Urwenya na byendagushetsa. • Ibyivugo by'iningwa. • Ibyivugo by'imyato. • Amazina y'inka (Inka ya Rumonyi)
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. Ndetse no mu nzu y'isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho	<ul style="list-style-type: none"> • Imyandiko y'ibisigo by'ubuse, urwenya na byendagushetsa, inkoranyamagambo, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho n'amafoto. • Ibyivugo by'iningwa, ibyivugo by'imyato, amazina y'inka, imyenda yabugenewe, inkoni, inkuyo, igitabo k'ikibonezamvugo n'icy'ubuvanganzo nyarwanda.
Ibikorwa bibera mu ishuri	<p>Umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutegura imfashanyigisho, gutanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora. <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya, kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya

	n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitozo n'isuzuma.
Ubushobozi bwigishijwe	<p>Kumva</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva Igisigo cy'ubuse (Babyirukanye ingoga mu gutamira), Urwenya na byendagumetsa, ibyivugo by'iningwa, ibyivugo by'imyato n'amazina y'inka (Inka ya Rumonyi) <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko, kuvuga no kuvuga amazina y'inka. Kungurana ibitekereza agereranya ibisigo by'ubuse n'urwenya na byendagumetsa. Kungurana ibitekerezo agaragaza umumaro w'ibisigo by'ubuse, urwenya na byendagumetsa mu mucu nyarwanda. <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gusomera mu matsinda igisigo cy'ubuse (Babyirukanye ingoga mu gutamira), Urwenya na byendagumetsa, ibyivugo by'iningwa, ibyivugo by'imyato n'amazina y'inka (Inka ya Rumonyi) <p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> Guhanga ikivugo no guhanga urwenya na byendagumetsa.
Ubumenyi bw'ururimi	<p>Amazina y'urusobe</p> <ul style="list-style-type: none"> Inshoza n'amoko by'amazina y'urusobe, uturango tw'izina ry'urusobe, amoko y'amazina y'urusobe, intego n'amategeko y'igenamajwi.

Ubuvanganzo	<ul style="list-style-type: none"> • Ibisigo by'ubuse. • Urwenya na byendaguzetsa • Ibyivugo • Amazina y'inka (Inshoza, imiterere, uturango n' akamaro mu muco nyarwanda, imvano, inganzo n' injyana.)
Inyunguramagambo	<ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. • Gusimbuza ijamba cyangwa itsinda ry'amagambo aciyeho akarongo andi bivuga kimwe.
Ihuriro n'andi masomo	<ul style="list-style-type: none"> • Amateka: Umuco nyarwanda.
Uburyo bw'imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> • Kwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,...
Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka. • Gukosora umukoro.
Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ya nyuma y'isomo • Umukoro wo guhanga urwenya n'ikivugo. • Isuzuma risoza umutwe
Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura igisigo cy'ubuse no kugitandukanya n'ibindi bisigo no kugihanga, gusesengura urwenya na byendaguzetsa no kubihanga, gukoresha urwenya mu busabane bwe n'abandi, gusesengura amazina y'urusobe, gusesengura amazina y'inka, ibyivugo by'iningwa n'iby'inyato. • Kuvuga adategwa, yubahiriza injyana, umugendo by'amazina y'inka n'ibyivugo no gukoresha amazina y'urusobe mu mvugo no mu nyandiko.

Umutwe wa 2: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda	Umubare w'amasomo: 14
Aho uherereye mu gitabo cy'umunyeshuri: Uruparuro rwa 60 kugera ku rwa 71	
Ingingo n'imyandiko zijyanye na zo	<ul style="list-style-type: none"> • Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda kuva mu gihe cya kera kugeza ubu. (Umwandiko: <i>Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda</i>)
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. Ndetse no mu nzu y'isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho	<ul style="list-style-type: none"> • Umwandiko uvuga ku burunganire n'ubwuzuzanye, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.
Ibikorwa bibera mu ishuri	<p>Umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutegura imfashanyigisho, gutanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora. <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya, kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitozo n'isuzuma.

Ubushobozi bwigishijwe	<p>Kumva</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko uvuga ku buringanire n’ubwuzuzanye. <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko, kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y’akamaro k’uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda. <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n’iyitsa no gusomera mu matsinda umwandiko “Uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda.” <p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> Guhina umwandiko “Uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda” mu mirongo itarenze cumi n’itanu.
Ubumenyi bw’ururimi	<ul style="list-style-type: none"> Amasaku mu nteruro z’urusobe: Imikoreshereze y’amasaku mbonezanteruro.
Ubuvanganzo	-
Inyunguramagambo	<ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. Gutanga imbusane z’amagambo aciyeho akarongo.
Ihuriro n’andi masomo	<ul style="list-style-type: none"> Ubumenyi mbonezamubano: Uburinganire n’ubwuzuzanye mu isomo.
Uburyo bw’imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> Ukwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,..
Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> Isubiramo ry’ibyo bize mu isomo riheruka. Gukosora umukoro.

Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ya nyuma y'isomo ku butinde n'amasaku • Isuzuma risoza umutwe
Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura umwandiko. • Gukora inshamake y'umwandiko yasomye. • Kwandika interuro z'urusobe agaragaza ubutinde n'amasaku. • Gusesengura igisigo cy'ubuse no kugitandukanya n'ibindi bisigo no kugihanga, gusesengura urwenya na byendaguzetsa no kubihanga, gukoresha urwenya mu busabane bwe n'abandi, gusesengura amazina y'urusobe, gusesengura amazina y'inka, ibyivugo by'iningwa n'iby'imyato. • Kuvuga adategwa, yubahiriza injyana, umugendo by'amazina y'inka n'ibyivugo no gukoresha amazina y'urusobe mu mvugo no mu nyandiko.
Umutwe wa 3: Ubuzima bw'imyororokere	Umubare w'amasomo: 28
Aho uherereye mu gitabo cy'umunyeshuri: Uruparuro rwa 72 kugera ku rwa 106	
Ingingo n'imyandiko zijyanye na zo	<ul style="list-style-type: none"> • Ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro (Ikinamico: <i>Mpana uwange yananira nti: "Ramvura ingoma wime"</i>)
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. Ndetse no mu nzu y'isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho	<ul style="list-style-type: none"> • Ikinamico ku buzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, ibikoresho by'iyumvabona, igitabo k'ikibonezamvugo,

	inkoranyamagambo n'ifashanyigisho zifatika.
Ibikorwa bibera mu ishuri	<p>Umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> Gutegura ifashanyigisho, gutanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora. <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya, kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitozo n'isuzuma. Gufata mu mutwe ikinamico no kuyikina bigana abanyarubuga.
Ubushobozi bwigishijwe	<p>Kumva</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva ikinamico ivuga ku buzima bw'imyororokere. <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko, Gukina ikinamico avuga yigana abakinamico. <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gusomera mu matsinda

	<p>ikinamico “Mpana uwange yananira nti: ”Ramvura ingoma wime”.</p> <p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> • Guhanga ikinamico.
Ubumenyi bw’ururimi	<ul style="list-style-type: none"> • Inyandiko nyejwi: Amajwi y’inyabumwe.
Ubuvanganzo	<ul style="list-style-type: none"> • Amateka y’ikinamico. Uturango tw’ikinamico. Amoko y’ikinamico. Ibice by’ikinamico
Inyunguramagambo	<ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura imigani yakoreshejwe mu mwandiko. Gusimbuza ijambo mu nteruro irindi bivuga kimwe.
Ihuriro n’andi masomo	<ul style="list-style-type: none"> • Ibinyabuzima: Ubuzima bw’imyororokere mu isomo
Uburyo bw’imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> • Ukwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,...
Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> • Isubiramo ry’ibyo bize mu isomo riheruka. • Gukosora imikoro.
Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ya nyuma y’isomo ku nyandiko nyejwi. • Imikoro. • Isuzuma risoza umutwe.
Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura ikinamico, gukina bigana abakinankuru, gukora ishushanyabikorwa ry’ikinamico yasomye no guhanga ikinamico.
Umutwe wa 4: Kubaka umuco w’amahoro	Umubare w’amasomo: 21
Aho uherereye mu gitabo cy’umunyeshuri : Uruparuro rwa 107 kugera ku rwa 127	
Ingingo n’imyandiko zijyanye na zo	<ul style="list-style-type: none"> • Ingingo zerekeye: Intandaro n’ingaruka z’amakimbirane. (Umwandiko: <i>Intandaro n’ingaruka z’amakimbirane</i>)

	<ul style="list-style-type: none"> • Ingingo zerekeye:Imiyoborere myiza, kwakira neza abakugana (Umwandiko: <i>Kwakira neza abakugana</i>) • Umuvugo ku miyoborere myiza. (Umuvugo: <i>Imiyoborere myiza</i>)
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y’ishuri. Ndetse no mu nzu y’isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho	<ul style="list-style-type: none"> • Umuvugo ku miyoborere myiza, igitabo k’ikibonezamvugo, imyandiko ivuga ku gukemura amakimbirane, amashusho ajyanye n’ibivugwa mu mwandiko, amakarita yanditseho urutonde rw’ibihekane by’Ikinyarwanda, inkoranyamagambo.
Ibikorwa bibera mu ishuri	<p>Umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutegura imfashanyigisho, gutanga amabwiriza y’ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y’abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitozo y’abafite intege nke bagenda buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora. <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y’isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya, kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya n’umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitozo n’isuzuma.

<p>Ubushobozi bwigishijwe</p>	<p>Kumva</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko n’umuvugo bivuga ku miyoborere myiza. <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko, kungurana ibitekerezo ku ihuriro riri hagati y’imiyoborere myiza no kwakira neza abakugana. <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n’iyitsa no gusomera mu matsinda umwandiko “Kwakira neza abakuganome” n’umuvugo “Imiyoborere myiza.” <p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> Guhanga iumuvugo.
<p>Ubumenyi bw’ururimi</p>	<p>Inyandiko nyejwi</p> <ul style="list-style-type: none"> Amajwi y’ibihokane. Inyandiko nyejwi mu magambo arimo ibihokane.
<p>Ubuvanganzo</p>	<p>-</p>
<p>Inyunguramagambo</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo ari mu mwandiko. Gusimbuza ijambo mu nteruro irindi bivuga kimwe.
<p>Ihuriro n’andi masomo</p>	<ul style="list-style-type: none"> Uburere mboneragihugu: Gukemura amakimbirane, uburenganzira bw’ikiremwanuntu, imiyoborere iciye mu mucyo. Ubumenyi Mbonezamubano: imiyoborere myiza, kwakira neza abatugana. Amateka: Amakimbirane n’intambara byaranze abatuye isi: Intambara ya Mbere n’iya Kabiri y’Isi, Intambara y’Ubutita, ... Iyobokamana: Ubumwe bw’amadini.

Uburyo bw'imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> • Ukwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,...
Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka. • Gukosora imikoro.
suzuma Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ya nyuma y'isomo ku nyandiko nyejwi. • Imikoro. • Isuzuma risoza umutwe. • Gusesengura umwandiko yasomye, guhanga umwandiko uhujwe uturango n'uwo yasesenguye kandi urimo ibitekerezo byunguruzanya no kwandika amagambo n'interuro birimo amajwi y'ibihekane mu nyandiko nyejwi. Gusesengura umuvugo, guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo no kwandika amagambo arimo ibihekane mu nyandiko nyejwi.
Umutwe wa 5: Kubungabunga ibidukikije	Umubare w'amasomo: 21
Aho uherereye mu gitabo cy'umunyeshuri : Uruparuro rwa 128 kugera ku rwa 139	
Ingingo n'imyandiko zijyanye na zo	<ul style="list-style-type: none"> • Imyandiko ku ngingo yerekeye ku byangiza ikirere n' imihindagurikire y'ibihe. (<i>Umwandiko: Ibidukikije, inkingi y'ubuzima</i>)
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. Ndetse no mu nzu y'isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho Ibikorwa bibera mu ishuri	<ul style="list-style-type: none"> • Imyandiko ivuga ku byiza bitatse u Rwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amafoto, firime, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

	<p>Umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutegura imfashanyigisho, gutanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora. <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya, kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitozo n'isuzuma.
<p>Ubushobozi bwigishijwe</p>	<p>Kumva</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko uvuga ku bidukikije. <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko, kungurana ibitekerezo ku mpamvu u Rwanda rwita cyane ku mashyamba, amazi n'ibishanga, inganda n'ibinyabiziga ndetse n'aho ikibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage gihurira he no kwangirika kw'ibidukikije (amashyamba, amazi, ikirere n'ubutaka, ...) <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatumaze

	<p>n'iyitsa no gusomera mu matsinda umwandiko "Ibidukikije, inking y'ubuzima."</p> <p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> • Guhanga umwandiko nsesengurabumenyi.
Ubumenyi bw'ururimi	<ul style="list-style-type: none"> • Inyandiko nyejwi: Kwandika nteruro mu nyandiko nyejwi. • Inyandiko nyemvugo
Ubuvanganzo	-
Inyunguramagambo	<ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura amagambo ari mu mwandiko. Gusimbuza ijambo mu nteruro impuzanyito yaryo iri mu mwandiko no kuzuza ijambo mu nteruro.
Ihuriro n'andi masomo	<ul style="list-style-type: none"> • Ubumenyi bw'isi: Imiterere y'u Rwanda. • Isomo ry'ubukungu: Uruhare rw'ubukerarugendo.
Uburyo bw'imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> • Ukwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,...
Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka. • Gukosora imikoro.
Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ya nyuma y'isomo ry'inyandiko nyejwi na nyemvugo. • Imikoro • Isuzuma risoza umutwe.
Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura umwandiko no gutahura uturango twawo, guhanga umwandiko mvugamiterere na nsesengurabumenyi no kwandika interuro zinyuranye mu nyandiko nyejwi na nyemvugo.

Umutwe wa 6: Gukunda Igihugu	Umubare w’amasomo: 21
Aho uherereye mu gitabo cy’umunyeshuri : Uruparuro rwa 140 kugera ku rwa 163	
Ingingo n’imyandiko zijyanye na zo	<ul style="list-style-type: none"> • Umwandiko ku ngingo yerekeye umuganda. (<i>Umwandiko: Umuganda mu Rwanda</i>) • Umwandiko ku ngingo yerekeye ubudehe. (<i>Umwandiko: Ubudehe si ubw’abadeshyi</i>)
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y’ishuri. Ndetse no mu nzu y’isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho	<ul style="list-style-type: none"> • Imyandiko itegura inama, imyandiko ku muganda/ubudehe, inyandikomvugo, amashusho ajyanye n’ibivugwa mu mwandiko igitabo k’ikibonezamvugo n’inkoranyamagambo.
Ibikorwa bibera mu ishuri	<p>Umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutegura imfashanyigisho, gutanga amabwiriza y’ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y’abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitozo y’abafite intege nke bagenda buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora. <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y’isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya, kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya n’umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitozo n’isuzuma.

<p>Ubushobozi bwigishijwe</p>	<p>Kumva:</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko ku budehe no ku muganda. <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko, kungurana ibitekerezo kuri gahunda yo gushyira abantu mu byiciro by’ubudehe no ku ngamba zikwiye gufatwa kugira ngo ubudehe bugere ku ntego zabwo. Gutanga ibitekerezo mu nama arimo cyangwa ayoboye. <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n’iyitsa no gusomera mu matsinda umwandiko “Umuganda mu Rwanda” no ku mwandiko “Ubudehe si ubw’abadeshyi”.
<p>Ubumenyi bw’ururimi</p>	<p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> Kwandika inyandikomvugo y’inama. Amazina y’amatirano: Itandukanyirizo riri hagati y’amazina y’amatirano n’amazina gakondo.
<p>Ubuvanganzo</p>	<p>-</p>
<p>Inyunguramagambo</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo ari mu mwandiko. Kuzurisha interuro amagambo no kwandika imbusane z’amagambo ari mu nteruro.
<p>Ihuriro n’andi masomo</p>	<ul style="list-style-type: none"> Amateka: Uburyo Abanyarwanda bafatanyaga bakanatabarana.
<p>Uburyo bw’imyigishirize</p>	<ul style="list-style-type: none"> Ukwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,...

Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka. • Gukosora imikoro.
Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitoto ya nyuma y'isomo ku mazina y'amatirano, inama n'inyandikomvugo. • Imikoro • Isuzuma risoza umutwe.
Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura umwandiko, gutegura inama no kuyiyobora, gukora inyandikomvugo y'inama yakurikiye no gukoresha mu buryo bunyuranye amazina y'amatirano no kuyasesengura.
Umutwe wa 7: Iterambere	Umubare w'amasomo: 42
Aho uherereye mu gitabo cy'umunyeshuri : Uruparuro rwa 164 kugera ku rwa 179	
Ingingo n'imyandiko zijyanye na zo	Umwandiko ku Iterambere: ingingo zerekeye umuco wo kuzigama (Inkuru ngufi: Izigamire Mitima)
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. Ndetse no mu nzu y'isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho	<ul style="list-style-type: none"> • Imyandiko ivuga ku muganda n'ubudehe, umwandiko w'inyandikomvugo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo.
Ibikorwa bibera mu ishuri	<p>Umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutegura imfashanyigisho, gutanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitoto y'abafite intege nke bagenda

	<p>buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora.</p> <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y’isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya, kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya n’umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitozo n’isuzuma.
Ubushobozi bwigishijwe	<p>Kumva</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko ku kuzigama. <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko, kungurana ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko: “Kuzigama ni umusingi w’iterambere rirambye” <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n’iyitsa no gusomera mu matsinda umwandiko <i>“Izigamire Mitima”</i>. <p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukora raporo. Guhanga inkuru ngufi ku nsanganyamatsiko yo kuzigama n’ibyiza byabyo.
Ubumenyi bw’ururimi	-
Ubuvinganaho	<ul style="list-style-type: none"> Inkuru ngufi <ul style="list-style-type: none"> Uturango tw’inkuru ngufi Imyubakire y’inkuru ngufi.
Inyunguramagambo	<ul style="list-style-type: none"> Gusobanura amagambo ari mu mwandiko. Kuzurisha interuro amagambo yo mu mwandiko no gukora interuro akoresheje amagambo yungutse.

Ihuriro n’andi masomo	<ul style="list-style-type: none"> • Ubukungu: Umuco wo kuzigama
Uburyo bw’imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> • Ukwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,...
Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> • Isubiramo ry’ibyo bize mu isomo riheruka. • Gukosora imikoro.
Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ya nyuma y’isomo. • Imikoro. • Isuzuma risoza umutwe.
Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura umwandiko, gusesengura inkuru ngufi, guhanga inkuru ngufino gukora raporo y’igikorwa runaka.
Umutwe wa 8: Itumanaho n’ikoranabuhanga	Umubare w’amasomo: 21
Aho uherereye mu gitabo cy’umunyeshuri : Uruparuro rwa 180 kugera ku rwa 201	
Ingingo n’imyandiko zijyanye na zo	Umwandiko ku “Itumanaho n’ikoranabuhanga”: ingingo zerekeye “Ikoranabuhanga mu iterambere” (<i>Umwandiko:Uwapfuye yarihuse</i>)
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y’ishuri. Ndetse no mu nzu y’isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho	<ul style="list-style-type: none"> • Umwandiko uvuga ku ikoranabuhanga, impapuro zinyuranye zo kuzuzwa, amashusho ajoyanye n’ibivugwa mu mwandiko, igitabo k’ikibonezamvugo n’inkoranyamagambo.
Ibikorwa bibera mu ishuri	Umwarimu <ul style="list-style-type: none"> • Gutegura imfashanyigisho, gutanga amabwiriza y’ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y’abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora

	<p>ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitoto y’abafite intege nke bagenda buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora.</p> <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y’isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya,
<p>Ubushobozi bwigishijwe</p>	<ul style="list-style-type: none"> • kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya n’umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitoto n’isuzuma no kuzuzza impapuro zabugenewe.
<p>Ubumenyi bw’ururimi</p>	<p>Kumva</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko ku ikoranabuhanga. <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko. <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n’iyitsa no gusomera mu matsinda umwandiko “Uwapfuye atarabona ikoranabuhanga mu iterambere yarihuse”. <p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> • Kuzuzza impapuro zabugenewe, ikemezo cy’amavuko, sheki,... <p>Inyunguramagambo:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Impuzanyito • Invugakimwe • Imbusane • Ingwizanyito • Impuzashusho

	<p>Amoko y'inyangingo:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Inyangingo yihagije • Inyangingo ngaragirwa • Inyangingo ihagitse • Inyangingo ngaragira (y'impamvu, y'uburyo, y'ikigombero, (...))
Ubuvanganzo	-
Inyunguramagambo	<ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura amagambo ari mu mwandiko. Kuzurisha interuro amagambo yabugenewe, gusimbuza mu nteruro amagambo yakoreshejwe mu mwandiko. Gukoresha mu nteruro impuzanyito, imvugakimwe, imbusane, ngwizanyito n'impuzashusho
Ihuriro n'andi masomo	<ul style="list-style-type: none"> • Ubukungu: Umuco wo kuzigama
Uburyo bw'imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> • Ukwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,...
Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka. • Gukosora imikoro.
Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ya nyuma y'isomo. • Ku nyunguramagambo no ku nyangingo. • Imikoro. • Isuzuma risoza umutwe.
Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura umwandiko, gukoresha mu mvugo no mu nyandiko interuro z'urusobe no gukoresha amagambo anyuranye yabugenewe.
Umutwe wa 9: Ibiyobyabwenge	Umubare w'amasomo: 21
Aho uherereye mu gitabo cy'umunyeshuri: Uruparuro rwa 202 kugera ku rwa 216	
Ingingo n'imyandiko zijyanye na zo	Umwandiko ku biyobyabwenge: ingingo zerekeye

	<p>“Ingaruka z’ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y’abantu.” <i>(Umwandiko: Ingaruka z’ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y’abantu)</i></p>
Aho amasomo abera	<ul style="list-style-type: none"> • Mu ishuri cyangwa hanze y’ishuri. Ndetse no mu nzu y’isomero abanyeshuri bakoreramo ubushakashatsi.
Imfashanyigisho Ibikorwa bibera mu ishuri	<ul style="list-style-type: none"> • Umwandiko uvuga ku bubi bw’ibiyobyabwenge, umwandiko urimo inshoberamahanga zitandukanye, amashusho ajyanye n’ibivugwa mu mwandiko, igitabo k’ikibonezamvugo n’inkoranyamagambo.
	<p>Umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutegura imfashanyigisho, gutanga amabwiriza y’ibigiye gukorwa, gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda, kugenzura imikoranire y’abanyeshuri mu matsinda, gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda, gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro, gutegura imyitozo y’abafite intege nke bagenda buhoro, gutanga isuzuma no kurikosora. <p>Abanyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukorera mu matsinda, gukora ubushakashatsi mu nzu y’isomero, kungurana ibitekerezo, no kubikusanya, kuvumbura ibyo biga bagafata imyanzuro, gutangaza ibyo bagezeho mu matsinda, gufatanya n’umwarimu gufata imyanzuro iboneye, gukora imyitozo n’isuzuma.

<p>Ubushobozi bwigishijwe</p>	<p>Kumva</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura amagambo akomeye no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko ku ngaruka z'ibiyobyabwenge. <p>Kuvuga</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha mu mvugo amagambo yungutse mu mwandiko, kujya impaka no kungurana ibitekerezo ku cyakorwa ngo abanywa ibiyobyabwenge basobanukirwe n'ikibazo k'ibinyobwa bitujuje ubuziranenge. <p>Gusoma</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gusomera mu matsinda umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu". <p>Kwandika</p> <ul style="list-style-type: none"> • Guhina umwandiko no gukoresha inshoberamahanga mu nshamake y'umwandiko.
<p>Ubumenyi bw'ururimi</p>	<p>Isesenguranteruro</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura interuro y'inyabumwe ku buryo bw'igiti.
<p>Ubuvanganzo</p>	<p>-</p>
<p>Inyunguramagambo</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura amagambo ari mu mwandiko. Kuzurisha interuro amagambo yabugenewe, gusimbuza mu nteruro amagambo yakoreshejwe mu mwandiko no gukoresha inshoberamahanga.
<p>Ihuriro n'andi masomo</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Imbonezamubano: Ububi bw'ibiyobyabwenge • Ubutabire: Imiterere y'ibiyobyabwenge. • Ibinyabuzima: Uko ibiyobyabwenge byangiza umubiri.

Uburyo bw'imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> • Ukwiga gushingiye ku ivumbura, gukorera mu matsinda manini, babiri babiri, umuntu ku giti ke, ishuri ryose, gukora ubushakashatsi mu isomero,...
Isubiramo	<ul style="list-style-type: none"> • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka. • Gukosora imikoro.
Isuzuma	<ul style="list-style-type: none"> • Imyitozo ya nyuma y'isomo. • Ku nshoberamahanga no ku iyiganteruro. • Imikoro. • Isuzuma risoza umutwe.
Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza ingaruka z'ibiyobyabwenge no gusubiza ibibazo bijyanye n'umwandiko, gukoresha mu nteruro inshoberamahanga no gusesengura interuro akoresheje uburyo bw'igiti.

1

Umuco nyarwanda (Umubare w'amasomo: 21)

1.1. Ubuvanganzo bwo muri rubanda

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura ibisigo by'ubuse, gusesengura urwenya na byengaguzetsa, guhimba urwenya na byendaguzetsa, guhimba urwenya na byendaguzetsa.
- Gusesengura amazina y'urusobe agaragaza ibiyaranga n'amoko yayo.
- Gusesengura amazina y'inka no guseruka mu ruhame yiyereka avuga amazina y'inka kandi yubahiriza injyana.
- Gusesengura ibyivugo by'iningwa n'iby'imyato, guhanga ibyivugo no kwivuga mu ruhame.
- Gusesengura amazina y'urusobe agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi. Umwandiko "Akamaro k'amashyamba"

1.1.1. Umwandiko: Babyirukanye ingoga mu gutamira

Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 1

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku bisigo by'ubuse, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo yababazaho:

- 1) **Ni iki mubona kuri iyi shusho?** Abagabo barya bacuranwa batangarirwa n'abana ndetse n'umubyeyi umwe w'umugore.
- 2) **Aba bagabo iyo witegereje amabondo yabo hari icyo akubwira?** Amabondo y'aba bagabo aragutse cyane.
- 3) **Mu migani nyarwanda no mu bitekerezo, bajya bavugamo umugabo wari ikirenga mu kurya, bamwita nde?** Mu migani nyarwanda no mu bitekerezo uwo mugabo bamwita Ngunda.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Babyirukanye ingoga mu gutamira", akabasaba kuwusoma bucece, abarangije bakazamura urutoki nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- 1) **Muri uyu mwandiko, haravugwamo ba nde?** Muri uyu mwandiko haravugwamo amazina y'ibikomangoma n'abatware babyirukanye ingoga mu gutamira.
- 2) **Ni iki kikwemeza ko abantu bavugwa mu mwandiko baba ari ba rutamizabiri cyangwa ba rwesamadongo cyangwa abanyenda nini?** Ingingo enye zirahagije. Gushyuhaguza ibihaza, kudahazwa n'agasate, kumiragura ubwoko bw'ibijumba bita kandore abivanga n'ibivuzo, kwegerezwa ibitoke n'ibijuma ugakomera kuri kandore n'ibivuzo,...
- 3) **Ni iyihe mpamvu ituma aba bagabo bacuranwa?** Ni ingeso babyirukanye y'ubusambo.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwumwe asoma imikarago mwarimu amweretse n'aho agarukira, bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe

asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo. Igihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agerageza kugenzura uko abanyeshuri bafite ubushake bwo kwitabira gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'amatsinda.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka

Inyunguramagambo

1. **Kwivuga:** Kuvuga izina ryawe.
2. **Gucuma amabondo:** Kuringaniza amabondo.
3. **Kubayagura:** Kuryana ipfa kandi uvundiranya.
4. **Gucisha ruguru:** Kuruka.
5. **Guhezera:** Kuba umuntu afite inda yagutse cyane bitewe n'umubyibuho cyangwa n'uko atwite.
6. **Guhunja:** Kurya ibintu bikocoka mu kanwa.
7. **Ingundu:** Ikimera gishibutse ku gishyitsi.
8. **Kwijana:** Gukora ikintu ushidikanya, gukora ikintu udashyizeho umwete.
9. **Kuvunjagura:** Kuvubata (gutamira byinshi kandi ukarya vubavuba).
10. **Igisoka:** Ikintu gitimbagura umuntu mu mubiri kikamutera kumererwa nabi, umuntu usanga abandi bameze neza akabatanya.
11. **Igisumizi:** Umuntu utwara iby'abandi ku ngufu cyangwa ku buryarya.
12. **Inyundo:** Urungi rw'amagufa bambaraho impigβΣ.
13. **Koreza:** Kubyara abana bakarumba bose, kwica abantu cyangwa ibintu ntihagire agasigara.
14. **Umuranzi:** Inyama batara hanyuma bakazibika.

15. Gutiga: Guha ibintu agaciro ubikomatanirije hamwe.

16. Inkubito: Imbaraga

17. Inkori: Udushyimbo duto duteye nk'iminyeganyege dukunze guhingwa muri za Nyamagabe, Rusizi na za Karongi.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiri babiri kugira ngo bakore umwitozo w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Abagera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryagezeho, nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

Ibibazo n'ibisubizo:

1. Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo akurikira:

- a) Guhakura umutsima
- b) Umusongozi
- c) Indubizi
- d) Guhunja

Igisubizo

- a) Umubyeyi iyo abonye umutsima yavugaga uhiye, arawuhakura akawukura mu cyungo akawushyira ku nkoko ategereje ko uta umwuka ngo agaburire abana.
- b) Bagaragaza Zakayo ni umusongozi ku ibagiro ryo mu Gakiriro ryubatse ku Gisozi n'umukozi wa hoteri Sharama.
- c) Uyu mwana utamira nk'abantu bakuru niyigira hejuru azaba amaze kuba indubizi mu kwikubira ibyatetswe byose.
- d) Inzara iyo yishe umuntu, ibyo bamuhaye byose bivangavanze arahunja, kurobanura ntiyabyitaho.

2. Buri jambo ritsindagiye risimbuze iryo bivuga kimwe riboneka mu mwandiko kandi usanishe neza interuro wahawe:

- a) Kampayana ngo yaba yarahuhuwe n'ivutu yatewe n'ibikeregete by'imitura.
- b) Aba bana koko babyirukanye imbaraga mu kubasha rukacarara.
- c) Kabutura yakurikije ingeso ya se.
- d) Rutamizabiri umiragura yokerwa ibisogi bishyushye ubutunguruza asangira ate na ba Kazehe?

Ibisubizo

- a) Kampayana ngo yaba yarahuhuwe n' **impishyi** yatewe n'ibikeregete by'imitura.
- b) Aba bana koko babyirukanye **inkubito** mu kubasha rukacarara.
- c) Kabutura **yakomye inkanda** ya se
- d) Rutamizabiri **utamirana ubusambo** ibisogi bishyushye ubutunguruza asangira ate na ba Kazehe?

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Uyu mwandiko ushobora kugira inyito y'umutwe urenze umwe, tanga ingero zaba umutwe.** Baryohewe ubudasigaza, ingufu za ba Rutamizabiri, irushanwa ry'abaryi, ifungura ry'ibutware,...
2. Shaka muri uyu mwandiko ingingo zisekeje usobanura n'impamvu zisekeje.
 - Gushyuhaguza ibihaza. Iyi ngingo irasekeje, kubona abana b'abatware, ibikomangoma n'abatware ubwabo bashyuhaguza, bacuranwa ibihaza, ntibisanzwe mu bantu biyubashye.
 - Kurira mu muvure uri imfura nzima, nta we bitasetsa abonye abantu basangirira mu muvure.
 - Kuvanga amazi n' imineke ukabimiragura nta soni ukomera ku bindi wariye.
 - Umuntu w'imfura afata ifunguro riyubashye, bityo rero kubona umuntu wirohamo amazi avanze n'imineke kandi abiryana ubusambo nta we bitasetsa.
 - Kurya kandore wiyubashye ukayivanga n'ibivuzo, ugakubitaho ibitoke n'umubanyi(amata) nta kuntu bitasetsa kuko ibi byose uramutse ubishyize mu nda sinzi niba wajya ubona uko winyagambura ku buriri, noneho kandi uri imfura,...
3. **Hari imyifatire y'umunyenda mbi igaragara mu mwandiko? Yivuge.** Imyifatire y'umunyendambi igaragara mu mwandiko harimo kugwa ivutu, gucisha ruguru ari byo bivuga kuruka, ndetse no guhemuka rwagati mu bandi (gusura mu rundi rungano cyangwa abavandimwe), kuba indubizi mu kurya, guhinduka rugara mu nzu, kutareka ngo imvuruge y'ibisogin'imitura y'ibishyimbo ngobihore,...
4. **Hari ibihemu bivugwa mu mwandiko. Bivuge.** Kwangwa na so ngo ni uko wamucuze impamba, kuba uri umwami nka Musinga ukagwa ivutu kugeza ubwo ucishwa mu misoto y'ibigega, kuguguna amagufa ntacyo wabuze kandi uri umutware cyangwa igikomangoma ni igihemu gikomeye kimwenogusurira abandi,...

5. Mu buse nta we batinya na busa. Bigaragaze utanga ingero mu mwandiko.

Nta we batinya koko. Iyo witegereje, usanga mu mwandiko abami nka Musinga batamutinya:

- Rutalindwa
Ati : “Ndi igisoka singihazwa n’agasate”,
Ndi umutware w’Ibisumizi
Ibyo mwumva ge nzigira mu Gisigari
Iyo bahinga mu Rukubye, na rwo rukoroha
Nkamenya guhangira inyama!
- Musinga yamiraguye imitura y’ibishyimbo
Bahutira ihene ku nda barakubita n’ububaya
Yaguye impishyi bacisha mu bigega

6. Ngo “Uyikura mu kabindi ikakuvana mu bagabo”. Sanisha uyu mugani n’ibikorwa by’umunyendambi. Ukomeza kwishinga ngo ibyo kurya biraryoshye, cyangwa se ugashaka gushira inzara ukarenza nk’abana , rimwe na rimwe ukavanga indyo zitandukanye kandi zitujuje ubuziranenge, ukagwara ivutu, ukagugarirwa byarimba ugacisha hasi no hejuru nk’uko mu mwandiko byagendekeye bamwe mu baterwa ubuse.

7. Tanga inama kuri ba rutamizabiri bashobora kuboneka mu bigero byose by’abantu. Ni byiza ko igihe cyose twabonye ibiribwa tumenya uburyo tubiteguramo n’ukuntu tuza kubirya tudakabije ngo tubiryane ubusambo, cyangwa ngo tubivangavange uko twiboneye dushaka no kubirira kubimara nk’abagiye kwimuka, ngo ni bo barya cyane.

8. Hari amazina y’abantu n’ay’ahantu avugwa mu mwandiko. Yashake muri iki kinyatuzu ujya iburyo, ibumoso, hasi cyangwa hejuru.

R	S	G	U	A	N	G	I	S	U	M
U	N	U	B	U	G	A	G	A	R	A
T	O	G	O	M	B	U	B	I	Z	Y
A	I	L	E	G	I	K	A	E	A	N
L	Y	M	U	H	I	G	I	R	W	A
I	U	S	I	B	I	L	A	G	I	K
N	D	U	G	A	R	K	O	K	O	P
D	J	M	D	S	H	E	G	A	M	A
W	S	H	A	R	A	N	G	A	B	O
A	G	A	S	H	A	M	U	R	A	S

1. Rutalindwa
2. Muhigirwa
3. Kigali
4. Gashamura
5. Sharangabo
6. Koko
7. Nduga
8. Bugagara
9. Musinga

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 4

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Gutahura uturango tw'umuco turi mu mwandiko.
- Gutahura uturango tw'ikeshamvugo twakoreshejwe mu gisigo
- Kugaragaza umuco wo kutaba igifura igihe aganira n'abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- 1) **Umwandiko duheruka kwiga wavugaga kuki?** Umwandiko w'ubushize wavugaga ku buse bwaterwaga abatware, abana b'ibikomangoma ndetse n'abami.
- 2) **Ni izihe ngaruka zagaragaye mu mirire ya bariya batware n'abandi bavugwa mu mwandiko?** Ingaruka zagaragaye harimo kugwa ivutu, kuruka, gusuragura rwagati mu bandi bahungu,...

Isomo rishya

Gukorera mu matsinda

Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda anyuranye n'ayo baheruka gukoreramo, akabasaba gusoma ibibazo byo gusesengura umwandiko biri mu gitabo cyabo ndetse no kubyandika ku kibaho kugira ngo n'abatwira niba bahari babisome.

Ingero z'ibibazo:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
2. Muri uyu mwandiko, ukurikije inyurabwenge, umuhanzi agamije gusebya abatwira? Sobanura
3. Garagaza uturango tw'ikeshamvugo umuhanzi yakoresheje muri iki gisigo.

Mu matsinda yabo, abanyeshuri bungurana ibitekerezo kuri ibyo bibazo, bakabishakira ibisubizo, mbere yo kubitangariza mu ruhamwe. Umwarimu anoza ibisubizo abanyeshuri batanga bikandikwa ku kibaho cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byo gusesengura umwandiko

1. **Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko:** gusetsa abateze amatwi, gutebya, gutera ububwira, gusebanya hatagambiriwe gutukana, gusabana,...
2. **Muri iki gisigo umuhanzi ntagambiriye gusebya abatwira.** Mu buzima busanzwe umuntu ashobora gusebya undi agambiriye gusetsa cyangwa gucyocyorana. Mu matorero yo mu Rwanda rwo hambere iyi nganzo yari yamamaye, uwo basebeje agakambya agahanga bakamwita umunyamusozi cyangwa igifura mu bandi bahungu.
3. **Tumwe mu turango tw'ikeshamvugo twakoreshejwe mu gisigo:**

Igereranya

Urugero:

Byose asa na cya Nyarwanda. Baramugereranya na Nyarwanda, ngo barasa.

Ihwanisha

Urugero:

Ahinduka rugara mu nzu.

Itizabumuntu

Urugero:

Cya gicuba k'i Bumbogo cyaramuka cyaje. Igcuba ntikigira amaguru ariko hano barakoresha inshinga kuza nk'aho ari umuntu.

Iyo ushishoje neza usanga muri iki gisigo harimo utundi turango tw'ikeshamvugo. Ahangaha umwarimu arareba niba ibisubizo byatanzwe n'amatsinda ari byo koko; araboneraho gufasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo batanze yibanda cyane cyane ku byo bubatse nabi.

Intera ya gatatu: Inshoza y'ibisigo by'ubuse

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 6

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutahura inshoza y'ibisigo by'ubuse.
- Gutahura uturango n'akamaro k'ibisigo by'ubuse.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

- (i) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Twize igisigo cy'ubuse "Babyirukanye ingoga mu gutamira".
- (ii) **Ni ki wungukiye muri iryo somo?** icyo nungukiye muri iri somo ni uko guterana ubuse kimwe no gusebanya hagambiriwe gusetsa, guhugura no gushimisha ari umuco mu buvanganzo bwari bumenyereye muri rubanda ku buryo uwarakaraga bamwitaga igifura mu bandi bahungu. Ikindi ni uko mu bisigo by'ubuse nta we batinyaga, yaba umutware ndetse n'umwami ntibamureberaga izuba.
- (iii) **Wasobanura impamvu ibisigo by'ubuse bigomba kwigwa mu mashuri?** Ibisigo by'ubuse bigomba kwigishwa mu mashuri kuko bituma abanyeshuri bamenyeraho ko kumwaza umuntu, kumutera ubuse cyangwa kumutera ububwira bitagomba kugira uwo bibabaza, ngo bibe byamutera kurakara. Kurakara mu rungano, rwagati mu bandi, yewe n'ahandi mu bandi bahungu ni ingeso igomba gucika niba hari abakirakazwa n'ubusa.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko “Babyirukanye ingoga mu gutamira” akababaza ikibazo gikurikira:

- **Ni uwuhe mwiharuko w’umwandiko mumaze kongera gusoma muwugereranyije n’indi mujya musoma?**

Urusekeje mu magambo, urashimishije kandi harimo n’ingingo zisebanya hatagambiriwe kugira uwo barakaza.

Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri guhera ku bisubizo by’icyo kibazo kugira ngo bakore ubushakashatsi ku bisigo by’ubuse. Mu matsinda yabo abarangira ibitabo bakwifashi-sha mu nzu y’isomero akabaha igihe cyo kubikora akabaha n’ibibazo byabafasha mu bushakashatsi bwabo.

Urugero rw’ibibazo yabaha byabafasha mu bushakashatsi bwabo:

- a) Igisigo cy’ubuse ni iki?
- b) Kirangwa n’iki?
- c) Kigira akahe kamaro?

Nyuma y’igihe umwarimu yageneye abanyeshuri abahuriza hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Umwarimu afatanyije n’abanyeshuri bungurana ibitekerezo bakanoza kandi bakuzuzura ibyavuye mu matsinda maze bikandikwa ku kibaho n’inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n’amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo. Umwarimu ashobora gukoresha itsinda rimwe, andi matsinda akajya atanga ibitekerezo cyangwa yuzuzura iby’iryo tsinda, bitewe n’ibyoyakoze.

Dore ingero z’ibyava mu bushakashatsi bakoreye mu matsinda:

Inshoza y’ibisigo by’ubuse

Abasesenguye neza ibisigo by’ubuse basanze bihimbitse, nk’ibisetso nde-tse birenze ibisetso bigasa n’ibisebanyo. Ni inganzo yaba yaravukiye mu matorero y’intore, aho wasangaga abantu biga kuvuga neza, bagacyocyorana ntihagire urakara; uwarakaraga mu biganiro bamwitaga igifura kitazi kuba mu bandi bahungu cyangwa akitwa umunyamusozi. Abantu batazi gutarama barakazwaga n’ibyo bisigobabita **ibifura**. Ubusanzwe ubuse ni umushyikirano w’abase n’abantu bo mu bwoko bubamarira urubanza ukarangwa no gushotorana no gutukana ariko ntibigire uwo birakaza.

Uturango n’akamaro k’ibisigo by’ubuse

Abahimbaga ibisigo by’ubuse, babaga bagambiriye gusetsa abandi bahungu. Mu basizi bazwi baba barakenetse inganzo y’ibisigo by’ubuse harimo Musenyeri Alegisi Kagame. Yaje guhimbazwa n’iyi nganzo y’ibisigo by’ubuse maze arayigana ahimba umuvugo muremure yakubiye mu gatabo yise “Indyoheshabirayi”. Muri ako gatabo Kagame atera ubuse umwami Mutara Rudahigwa n’abatware be. Ako gatabo kasohotse bakiriho ariko nta wamurakariye kuko bose bari bamenyereye iyo nganzo.

Kagame ararondora ubusambo bw’abatware ku nyama y’ingurube, aragaragaza abanyapolitiki bo hejuru (umwami n’abatware) ko ari abantu nk’abandi bashobora gucuranwa. Aragaragaza kandi ko no mu bwami hatakiri ibintu by’ibanga bituma ibihakorerwa bitamenyekana muri rubanda.

Ingero:

1. Ryumugabe abwira Kaberuka
Ati: “Uko iyo ngurube ifite ikinove
Nayitangira mu gitondo
Bukagoroba maze uruhande!”
Undi ati: “Ndaguhebye uri akanyanda!
Nge nayanzika mu museso
Nko mu mashoka inkono nkayeza!”
Mureganshuro abwira Katarwa
Ati: “Ifite aho yandutiye ibitari yo!
Uyimaze itera iminwa uburyohe
Ibyo akabigendera bigatinda”.
Undi ati: “Nagira ngo ntiwabibonye!
Cyane cyane iyo ugize Imana
Mu rugo bose bakayinena
Ukayibumbaho uri rukumbi!”
2. Ungabire inyama ya bane muri bo!
Mutara ati: “Imyanya sinyitanga
Kuko nshaka kuyikubira!”
Kigeri bahize na we yegamanye inturire
Kurya ari umwami yahawe intavurungwa
Ati: “Umunayu uyu ndawukunda bahungu
Mwese uko muri aha muwumparire
Mbatoye ibiseke!”

Igihangano cya Kagame Alegisi cyari gifite n'itego yo guhesha agaciro itungo ry'ingurube ryasuzugurwaga muri rubanda. Iyi nganzo yagiye itorwa na bamwe mu basomye umugendo w'ibyo Musenyeri Alegisi Kagame yagezeho mu "Ndyoheshabirayi", birabakundira nubwo hari abagiye bahuriramo n'utubazo. Mu bahiriwe n'inganzo y'ibisigo by'ubuse havugwamo Gasimba Faransisiko Saveri. Mu byo yahimbye harimo: "Ikivugo k'imfizi Bangaheza", "Isiha rusahuzi",...

Mu gutura ibisigo cyangwa kubivuga, nta cyo umusizi yari ahejwe kuvuga. Musenyeri Alegisi Kagame abyemeza yivuye inyuma ko nta musizi wagombaga kuzira ibyo yavuze. Ikindi ni uko ibisigo byari bigenewe guturwa umwami gusa. Nyamara ntibyabujije abasizi bamwe kujya batandukira bakaba batura ibisigo byabo abo bishakiye bigafatwa nko gusuzugura ku mwami, bakagwirirwa n'akaga kubera imyitwarire yabo. Yewe hari n'abagiye bazira ivuzivuzi ryabo; ibisigo byabo bitashimishije umwami. Ingero zikurikira zirabitsindagira.

Musare yarowe nabi n'umwami Kigeli Ndabarasa ndetse agarukira hafi yo gutangwa. Wakwibaza ngo byagenze bite? Umwami yari yarateye i Ndorwa arayitsinda ahashinga umurwa atinda kugaruka mu Rwanda. Abantu bagahora bagira bati: "None umwami wacu yazagwa mu mahanga byazagenda bite?" Abiru babibwira Musare na we ati: "Nzamubabariza". Ubwo yahimbye igisigo kitwa "Mbwire umwami uko abandi bami bantumye". icyo gisigo cyari giteye nk'aho ari ubutumwa yabwiwe n'abagabe n'abagabekazi babanjirije Ndabarasa, kikagira kiti: "Bategereje ko ucyura iminyango ukayibamurikira". Musare yageze aho arerura ati: "Ukwiye gutekereza ugataha ukajya gukora impamba yo kuzatura i Munanira". Umwami yumvise ko ashobora gutanga atarataha ati: "Ararogose". Baramufata bamugumisha aho ategereje gutangwa. Mbere yo kumutanga Ndabarasa atumiza Kibarake cya Musare amushinga guhimba igisigo cyo gusubiza se. Yahise ahimba igisigo yise "Batewe n'iki uburake?" Ariko kuvuga ngo barakajwe n'iki abo bami? Kimaze kuzura, Ndabarasa agifata mu mutwe atumiza Musare arakimubwira. Buri mwami mu bo Musare yari yaravuze cyamugeneraga igisubizo, hanyuma kikavuga uko ibihugu byose bigize u Rwanda byagiye bitsindwa bikagarurwa, kikarangira kigira kiti: "Nk'ubwo abo bami barambiwe n'uko ntuye i Ndorwa kandi narahagize u Rwanda?"

Barishaka wo mu Rusenyi (Kibuye), yemeye ko bamutura igisigo, Kigeli IV Rwabugili aramutanga arapfa. Umusizi kandi yagombaga guhora yitwararitse akavuga mu gisigo ke amagambo asingiza abami n'ingoma zabo.

Ruhinda rwa Kinyukura mu gisigo ke "Ndi umupfumu w'umwami", yatuye Mazimpaka, yaratandukiye yerekana ko azi amabanga y'ubwiru yerekeranye n'imirwa abami bazaturamo bamuta ku ngoyi. Nyuma ariko ngo baje guperereza basanga ntawamumeneye iryo banga bamuvana ku ngoyi, Mazimpaka amuca ku mwuga w'ubusizi.

Ngurusi mwene Karorero yabonye amakosa Kigeli Rwabugili yakoze ubwo yimikaga Rutarindwa utaragiraga nyina akamuha umugabekazi w'umutsindirano Kanjogera

kandi na we afite umuhungu waba umwami abimubwira mu gisigo “Urugo rugwije imbaga”, Rwabugili abyumvise ati: “Noneho si ugusiga ni ugusebanya”, amuta ku ngoyi, yumvise ingoyi imuriye yaka imbabazi mu gisigo “Ndi umuyoboke w’umwami”. Ntawashoboraga kwigira akami gato ngo ni uko ari umusizi, kugeza aho yivugira ibyo ashatse kandi bizagera ku mwami Nyirurwanda.

1.1.2. Umwandiko: Twisekere

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Igitabo cy’umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 8

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura amagambo akomeye ari mu rwenya na byendagumetsa.
- Gusoma imyandiko y’urwenya na byendagumetsa agaragaza isesekaza
- Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse no gusubiza ibibazo byo kumva urwenya na byendagumetsa.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gushishikarira no gushishikariza kuvuga basetsa bagamije kwigisha no gukosora.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri kirimo imyandiko ivuga ku rwenya na byendagumetsa, igitabo cy’umwarimu n’inkoranyamagambo

Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw’ikibazo yababaza aramutse akoresheje icyo mu buzima busanzwe:

Iyo iwanyu mutaramye mukunze gukora iki?

Aha, abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye nibagera aho umwe avuga ko batera urwenya cyangwa byendagumetsa, umwarimu araboneraho kubabwira ko bagiye gusoma imyandiko migufi irimo abantu batererwaho urwenya na byendagumetsa, abasabe kurambura ibitabo byabo ahari iyo myandiko abasabe kuyisoma

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari imyandiko, kuva ku wa mbere kugeza ku wa nyuma abasaba kuyisoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- 1. Ni ba nde bavugwa muri iyi myandiko?** Uhereye ku mwadiko wa mbere haravugwamo umugabo w'umusambanyi kabombo wirukaga yambaye ukuri. Mu mwandiko wa kabiri haravugwamo umugabo wagiye mu bwihereho yituma ahagaze. Umwandiko ukurikiyeho haravugwa umwana wanyaye se mu gutwi kubera ko yigishijwe nabi. Mu mwandiko wa kane hagaragaramo umusaza wagiye kwaka akazi yizeza abamukoresha ikizamini ko azi icyongereza, nyamara cyahe kiragatabwa. Mu mwandiko wa gatanu haravugwamo umugabo wakundaga akayoga, igihe asa n'utangiyeye kugira amikoro make akajya anywa gake, abamubajije akabajijisha ababwira ko yazivuyeho. Umwandiko ukurikiraho ntaho utaniye n'uwa gatatu. Umubyeyi yigishije umwana we nabi, aza kubona ingaruka zo kutavugisha ukuri. Umwandiko wa nyuma haravugwamo umugabo Rwakagorora wakubise mugenzi we urushyi, nyuma akaza kumwishyura mu cyayenge.
- 2. Muri rusange iyi myandiko yose hari icyo ihurizaho nk'ikita rusange. Ihuriye kuki?** Irasekeje cyane.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma imyandiko yose baranguruye bagaragaza isesekaza. Umunyeshuri umwe arajya ajya mu kimbo cy'umwe mu bakinarwenya na byendaguzetsa hamwe n'abandi bagenzi be basome basa n'abaganira kandi bakina neza mu mvugo y'urwenya hitaweho ikoreshamubiri, barangije abandi barajya babasimbura bityobityo.

Mu gihe umwarimu ashakisha abanyeshuri bakina basoma, aragenzura uko bitabira gushaka gukina no gusoma. Mu gihe basoma bakina aragenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo cyangwa se aho bakinnye nabi asabe abanyeshuri gukosora bagenzi babo.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe mu matsinda atandukanye. Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

Inyunguramagambo

1. **Umusambanyi kabombo:** Umusambanyi kabuhariwe, umuhehesi kimenyabose.
2. **Kuzimanira:** Guha umuntu icyo anywa n'icyo arya.
3. **Guha urwuya:** Kuryamana n'umugabo (bivugwa ku mugore wifuje kuryamana n'umugabo cyane cyane w'undi mugore).
4. **Ntibica ishati:** Ntibigoye na busa
5. **Ku y'ihenero:** Inzoga yahoraga ku musego w'uburiri; umugabo nyiri urugo yasomagaho iteka iyo yabaga agiye kuryama.
6. **Abyumva nk'ejo:** Abyumva mu buryo bwihuse.
7. **Kurambika inda ku muyaga:** Kwiruka ubutarora inyuma.
8. **Guhana yambu:** Gusuhukanya, kuramukanya.
9. **Rwanda nziza:** Ni umutwe w'indirimo yubahiriza Igihugu cy'u Rwanda.

Umwitoto w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiri babiri kugira ngo bakore umwitoto w'inyunguramagambo uri mu bitabo byabo. Abagera igihe bagomba gukora uwo mwitoto, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitoto. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryagezeho, nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora ibisubizo byatanze bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Uhereye ku nshoberamahanga "kurambika inda ku muyaga", tanga izindi zihuje inyito na yo.** (Kwiruka kibuno mpamaguru, kwiruka amasigamana, guca ibiti n'amabuye.)
2. **Hari imvugo zitiye mu ndimi z'amahanga zakoreshejwe muri izi nkuru. Zivumbure uzisobanure.** (Kweli bituma ntokerwa: kweli ni ijambo ry'igiswayile risobanura ukuri. Ni ukuri bituma ntokerwa. Muzehe uzi icyongereza? Muzehe ni ijambo na ryo rikomoye ku giswayire rivuga umusaza, umuntu usheshe akanguhe. Musaza uzi icyongereza?)

Ibibazo byo kumva urwenya na byendaguzetsa.

- 1. Ni ayahe mayeri uriya musambanyi kabombo yakoresheje kugira ngo agushe umugore wa mugenzi we mu mutego?** Amagambo y'amayeri. Harya kuvuga ko ari ugutaruka, igihe nagendeye sinigeze ndabukwa umusego w'uburiri bwanyu. Ushobora gusegura umugabo w'incuti y'umugabo wawe bigashoboka?
- 2. Uyu mugore ni umupfu mubisi wujuje ibyangombwa. Sobanura.** Nta mugore wemerewe guha urwuya umugabo utari uwe. Gutanga inzoga y'ihenero yagenewe umugabo we gusa akayitegeza uwo yise incuti yabo. Kuryamna n'umushyitsi ku buriri bw'umugabo we ni agasuzuguro gakabije.
- 3. Garagaza ubuhemu bw'uyu mugabo uvugwa mu nkuru ya mbere.** Gushuka umugore wa mugenzi we akamusambanya Kuryama ku buriri bw'incuti ye. Kunywa inzoga itamugenewe
- 4. Mu mibanire y'abantu, urabona imyandiko iteye itya ifite akahe kamaro?** Bene iyi myandiko ifitiye abantu akamaro, ibagira inama ikabakosora kandi ikanabashimisha.
- 5. Ikivugwa mu rwenya na byendaguzetsa ni ukuri? Sobanura.** Ntabwo ari ukuri, ibivugwamo ahanini ntibishoboka, ndetse usangabitanakwiranye n'aho bivugiwe cyangwa n'ubivuze. Ikigamijwe mu rwenya cyangwa byendaguzetsa ni uguzetsa, gushimisha, kugira inama no gukebura umuntu ngo yitwararike kuko adafashe ingamba zinoze yahura n'ingaruka zikomeye.

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura urwenya na byendaguzetsa

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 10

Intego zihariye:

Ahereye ku rwenya na byendaguzetsa yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu rwenya na byendaguzetsa.
- Gutahura ingingo zisekeje mu rwenya na byendaguzetsa.
- Gusobanura isomo riri mu rwenya na byendaguzetsa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma urwenya na byendaguzetsa kugira ngo bongere kwibuka ibyari bikubiyemo.

Isomo rishya

Gukorera mu matsinda

Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda anyuranye n'ayo bakoreyemo ubushize, akabasaba gusoma ibibazo byo gusesengura urwenya na byendaguzetsa biri mu gitabo cyabo ndetse no kubandikira ku kibaho kugira ngo n'abatwambira niba bahari babisome.

Ingero z'ibibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri buri mwandiko?
2. Ni izihe ngingo zisekeje ziri muri buri mwandiko?
3. Ni irihe somo ukuye muri buri mwandiko?

Mu matsinda yabo, abanyeshuri bungurana ibitekerezo kuri ibyo bibazo, bakabishakira ibisubizo, mbere yo kubitangariza mu ruhamwe. Umwarimu anozza ibisubizo abanyeshuri batanga bikandikwa ku kibaho cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandikira mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byo gusesengura urwenya na byendaguzetsa:

1. **Insanganyamatsiko zivugwa muri buri mwandiko:** Mu mwandiko yose insanganyamatsiko ivugwamo ni uguzetsa.
2. **Ingingo zisekeje zivugwamo:** Aha abanyeshuri baratanga ingero zinyuranye umwarimu arareba koko niba ari zo ngingo zisekeje ziri mu rwenya na byendaguzetsa.
3. **Isomo ryo mu rwenya na byendaguzetsa:** Abanyeshuri baratanga amasomo bavanyemo anyuranye umwarimu arabafasha kwanzura ko isomo ry'ingenzi ari uguzetsa ugambiriye gukosora abantu no kubigisha.

Intera ya gatatu: Inshoza y'urwenya na byendaguzetsa

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 10

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutahura inshoza y'urwenya na byendaguzetsa.
- Kuvuga uturango tw'urwenya na byendaguzetsa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'integanyanyigisho.

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

- a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Twasomye imyandiko y'urwenya na byendaguzetsa.
- b) **Havugwagamo iki?** Havugwamo inkuru zisekeje, izindi zirasebya zinenga imigenzereze ya bamwe mu bakina urwenya na byendaguzetsa.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma imyandiko y'urwenya na byendaguzetsa bari mu matsinda, akababaza ibibazo bikurikira:

- a) **Nyuma yo kongera gusoma iyi myandiko murasanga iteye ite?** Irasekeje kandi irasebanya.
- b) **Mukurikije imiterere y'imvugo n'ikivugwa muri iyi myandiko murabona iherereye mu buhe bwoko bw'ubuvanganzo?** Iherereye mu buvuganzu nyemvugo bwo muri rubanda.

Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri guhera ku bisubizo by'ibyo bibazo kugira ngo batahure inshoza y'urwenya na byendaguzetsa ndetse n'uturango twabyo. Umwarimu arasaba abanyeshuri gukorera mumatsinda. Kugira ngo amatsinda abashe kugera ku bisubizo bigamijwe, umwarimu abaha ibibazo bibafasha muri ubwo bushakashatsi.

Urugero rw'ibibazo yabaha byabafasha mu bushakashatsi bwabo no kungurana ibitekerezo:

1. Urwenya na byendaguzetsa ni iki? Tanga uturango n'akamaro byabyo?
2. Mutange izindi ngero z'urwenya na byendaguzetsa.
3. Ingingo z'ingenzi zibandwaho mu rwenya na byendaguzetsa ni izihe?

Abagenera igihe cyo kubikora. Nyuma y'igihe yabageneye, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Umwarimu afatanyije n'abanyeshuri bungurana ibitekerezo bakanoza kandi bakuzuzanya ibyavuye mu matsinda maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanyisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo. Umwarimu ashobora gukoresha itsinda rimwe, andi matsinda akajya atanga ibitekerezo cyangwa yuzuzanya iby'iryo tsinda, bitewe n'ibyo yo yakoze.

Dore ingero z'ibyava mu matsinda:

1. Inshoza y'urwenya na byendagusetsa

Urwenya na byendagusetsa ni inkuru zisetsa cyane ku buryo umuntu uzibariwe ababaye cyangwa arakaye acururuka. Izi nkuru hari ushobora kuzibarirwa zimuvuga nabi akarubira, akarya karungu, akaba yakwadukira abantu akabahutaza. Urwenya na byendagusetsa ni kimwe mu biranga umuntu warezwe, wabanye n'abandi. Ubwiwe izi nkuru akagaragara ubunyamusozi aba abuze akarango k'intore. Byendagusetsa ariko yo bavuga ko yenda gusetsa kuko mu by'ukuri bavuze ngo irashekeje mbere y'uko ibarwa ntawaseka iby'iyi nkuru igiye kuvugwa.

2. Uturango tw'urwenya na byendagusetsa

Urwenya rurangwa no kuba ari amagambo cyangwa imyifatire y'umuntu bisetsa abandi. Usanga mu mvugo umunyarwenya akoresha amagambo aterekeranye, cyangwa akavugishwa kubera impamvu iyi n'iyi ku buryo bisetsa abamwumva.

Byendagusetsa yo irangwa no kuba ari agakuru kagufi gasekeje, cyane kubera ko ibivugwamo bidashoboka, cyangwa bidakwiranye n'aho bivugiwe cyangwa n'ubivuze. Ari urwenya cyangwa byendagusetsa byose biba bigamije gusetsa no gushimisha abantu.

Intera ya kane: Kungurana ibitekerezo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 11

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Kugereranya urwenya na byendagusetsa.
- Gusobanura akamaro k'urwenya na byendagusetsa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

- 1. Ni irihe somo duheruka kwiga? Duheruka kwiga urwenya na byendagusetsa?**
- 2. Mbere yo kwiga urwenya na byendagusetsa ni uwuhe mwandiko twari twarize? Twari twarize igisigo cy'ubuse.**

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gukomeza kungurana ibitekerezo kuri iyo myandiko yombi, akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo cyo kungurana ibitekerezo.

Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ikibazo cyo kungurana ibitekerezo akanabasaba kucyandika ku kibaho kugira ngo n’abatumva bagisome.

Ingingo zo kunguranaho ibitekerezo:

1. Gereranya ibisigo by’ubuse n’urwenya na byendagushyamba.
2. Garagaza umumaro w’ibisigo by’ubuse, urwenya na byendagushyamba mu muco nyarwanda.

Umwarimu abwira abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w’ikiganiro uri buyobore icyo kiganiro mu ishuri ryose. Umwarimu abasaba kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo, kugeza bageze ku mwanzuro umwe bumvikanyeho.

Umwarimu yita cyane ku buryo abanyeshuri bahana amagambo, uburyo bitabira gutanga ibitekerezo, uko batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge ndetse n’uko bajora ibitekerezo bya bagenzi babo. Ashobora no kubanza kubaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo kuri ziriya ingingo kugira ngo babone kuzunguranaho ibitekerezo.

Urugero rw’umwanzuro bageraho:

Igereranya ry’ibisigo by’ubuse, urwenya na byendagushyamba.

Ibisigo by’ubuse	Byendagushyamba
<ul style="list-style-type: none"> • Inkuru yanditse ku buryo bw’umuvugo. • Bivuga ku mico n’imigirire by’umuntu. • Ibi bisigo byibasira abantu bari mu rugero rumwe baba abakuru cyangwa abato. • Hashobora kwibasirwa abatware n’abandi bantu bakomeye harimo n’umwami ntihagire urakara, ucitswe akarakara yitwa igifura. • Hakoreshwamo imvugo isebanya ariko igira abantu inama ibisetso • Nta ngeso n’imwe bishobora kwirengagiza mu muryango uwo ari wo wose. 	<ul style="list-style-type: none"> • Yandikwa mu buryo bw’indondore • Agakuru kagufi gasekeje cyane kubera ko ibivugwamo bidashoboka cyangwa se bidakwiranye n’aho bivugiwe n’ubivuze. • Ivuga ku mico n’imigirire by’umuntu. • Hashobora kwibasirwa abatware n’umwami ntihagire urakara, ucitswe akarakara yitwa igifura. • Hakoreshwamo imvugo isebanya ariko igira abantu inama ibisetso.

Akamaro k'ibisigo by'ubuse, urwenya na byendagusetsa mu muco nyarwanda:

Akamaro k'ibisigo by'ubuse, urwenya na byendagusetsa nta kandi uretse kwigisha, gukosora, kugira inama no gushimisha abantu bateze amatwi cyangwa batera urwenya na byendagusetsa ubwabo.

Intera ya gatanu: Guhanga urwenya na byendagusetsa

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 11

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Guhanga urwenya na byendagusetsa ku nsanganyamatsiko yihaye cyangwa yahawe no kuyivuga mu ruhame.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inyandiko zerekeranye n'urwenya na byendagusetsa.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamiye kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

1. **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Ni urwenya na byendagusetsa.
2. **Tanga ibisobanuro by'urwenya na byendagusetsa.** Urwenya na byendagusetsa ni inkuru zisetsa cyane ku buryo umuntu uzibariwe ababaye cyangwa arakaye yururuka, akaba yakwisekera.

Guhanga urwenya na byendagusetsa :

Umwarimu asaba abanyeshuri guhimba urwenya na byendagusetsa bari mu matsinda ya babiribabiri bashingiye ku nsanganyamatsiko bahawe cyangwa bihaye. Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona basomerwa insanganyamatsiko maze bagahitamo ibanogeye. Bo bahimba bigana ibyo bumvise.

Urugero rw'insanganyamatsiko

- a) Himba urwenya na byendagusetsa ku munyeshuri wafashwe mu kizamini anakira.
- b) Himba urwenya na byendagusetsa ufatiye ku nda nini, ubusambo, ubusambanyi,...

Nyuma yo gukora uyu mwitoto mu gihe cyagenwe, umwarimu asaba buri munyeshuri uhagarariye itsinda kujya imbere agasoma aranguruye kandi ashize amanga ibyo yafatanyije na bagenzi be guhanga; yarangiza umwarimu agasaba abanyeshuri kujora imiterere y'izo nzenya na byendaguzetsa n'uburyo byavuzwemo, cyanecyane bareba niba nta mvugo nyandaguzi iri muri izo byendaguzetsa zahimbiwe mu matsinda.

1.1.3. Izina ry'urusobe

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 11

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutahura izina ry'urusobe mu myandiko inyuranye.
- Gusobanura inshoza y'izina ry'urusobe.
- Kuvuga ubwoko bw'izina ry'urusobe.
- Kugaragaza uturango tw'izina ry'urusobe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo, n'ibindi bitabo by'Ikinyarwanda abanyeshuri basanzwe bakoresha mu ishuri.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko:

Mwarimu abwira abanyeshuri kwandika ku kibaho interuro zavuye mu mwandiko baheruka kwiga. Agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo aciyeho akarongo. Nyuma akababazaho ibibazo by'ubushakashatsi.

Urugero rw'interuro yabaha n'ibibazo yababaza:

1. **Umunyamabanga** nshingwabikorwa w'umurenge wa Akamahoro ni imbonera, aca imanza atajenjetse.
2. **Abagenzacyaha** baracyashakisha uwaroze Utamuriza ngo bamujyanire **abashinjacyaha**.
3. Mu **ikusanyamakuru** abagenzacyaha bakoze, **inyangamugayo** zabagaragarije ko Utamuriza yaba yararozwe **n'inyangabirama** ndetse na ba **rusahuriramunduru** akiri iwabo mu rugo.
4. icyaha nk'icyo **k'indengakamere**, **abacamanza** bagihana bihanukiriye; kwiruka wambaye ukuri!

Ibibazo by'ubushakashatsi

1. Ugereranyije n'amazina nyakimwe wize aya mazina ataniye he n'ayo mazina aciyeho akarongo?
2. Tanga inshoza y'amazina umaze gusoma no kwitegereza.
3. Vuga ibiranga aya mazina arobanuye mu nteruro wahawe utanga ingero.
4. Ugendeye ku byubatse ayo mazina, yatondeke ukurikije ubwoko bwayo.

Isesengura

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda akabasaba gukora ubushakashatsi kuri ibyo bibazo. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora, akabarangira ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero akabaha igihe cyo kubikora. Igihe cyo kumurika ibyavuye mu matsinda, mwarimu ahera ku itsinda rya mbere, hagakurikiraho irindi bityobityo kugeza yose arangiye.

Nk'uko bigenda n'ubundi, mu gihe bamurika mwarimu n'abanyeshuri bandi bagenda bunganira itsinda rimurika kugira ngo banonsore ibiri bwandikwe mu makayi y'abanyeshuri.

Nk'uko bigaragara iri somo ntiryakwigishwa umunsi umwe. Mwarimu ni we ugena igihe ryamara bitewe n'abo yigisha n'intege ababonana. Kandi agomba kuzirikana ababana n'ubumuga bwo kutabona. Igihe cyose akabasomera, akanatoza abanyeshuri kubitaho babasomera.

Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi bw'abanyeshuri:

Inshoza y'izina ry'urusobe

Iyo bavuze izina ry'urusobe twumva izina rishobora kugira uturemajambo turenze udusanze tw'izina nyakimwe. Iyo usesenguye izina ry'urusobe usanga rifite indomo ebyiri, indangazina ebyiri, ibicumbi bibiri cyangwa se ugasanga rifite indomo, indanganteko n'igicumbi, ariko rikagira n'ubundi bwoko bw'ijambo bwiyomekaho. Ubwoko bw'amagambo ashobora kwiyomeka ku izina nyakimwe rikabyara izina ry'urusobe hari ikinyazina, umusuma n'akabimbura gishobora kwihagika mu izina nyakimwe rikabyara izina ry'urusobe.

Amoko n'uturango by'izina ry'urusobe

Amoko y'amazina y'urusobe

Amazina y'urusobe tuyasangamo amoko atandukanye:

1. Amazina y'inyunge
2. Amazina y'akabimbura

3. Amazina y'umusuma
4. Amazina agaragaza amasano

Uturango tw'amazina y'urusobe:

Amazina y'inyunge

Inshinga yiyunga n'ijambo rikayibera icyuzuzo mbonera cyangwa nziguro.

Urugero:

Icyuzuzo mbonera: Umumenamabuye

Icyuzuzo nziguro: Umuvamahanga

a) Igice cya kabiri ari izina

Ingero:

Amatakirangoyi

Imvugoshusho

Abacamanza

Abashinjacyaha

umutegarugori

b) Igice cya kabiri ari ntera

Ingero:

Ubujyahabi

Umubagito

incamake

c) Igice cya kabiri ari imbundo

Ingero:

Umwigaguhuma

Indiragukinduka

d) Igice cya kabiri ari ikinyazina

Ingero:

Umuvandimwe

Ikimenyabose

Imberabyombi

Amaburakindi

e) Igice cya kabiri ari umugereka

Ingero:

Ikiryakare
Umugiranabi
Umugiraneza

Amazina y'akabimbura

Akabimbura ni akaremajambo kihagika imbere y'izina risanzwe mu rurimi bikabyara izina rishya.

1. Amazina y'ingereka

Uturango tw'amazina y'urusobe:

Amazina y'urusobe afite igice cya mbere gikomoka ku nshinga.

Inshinga yiyunga n'ijambo rikayibera icyuzuzo mbonera.

a) Igice cya kabiri ari izina

Ingero:

Amatakirangoyi
Imvugoshusho
Abacamanza
Abashinjacyaha
Umutegarugori

b) Igice cya kabiri ari ntera

Ingero:

Ubujoyahabi
Umubagito
incamake

c) Igice cya kabiri ari imbundo

Ingero:

Umwigaguhuma
Indiragukinduka

d) Igice cya kabiri ari ikinyazina

Ingero:

Umuvandimwe
Ikimenyabose
Imberabyombi
Amaburakindi

e) Igice cya kabiri ari umugereka

Ingero:

Ikiryakare
Umugiranabi
Umugiraneza

Amazina y'urusobe afite akabimbura.

Akabimbura ni akaremajambo kihagika imbere y'izina risanzwe mu rurimi bikabyara izina rishya.

Ingero:

Akabimbura -nya-kagira ingingo y'ikinyazina ngenera

Ikinyamateka	Umunyamakuru
Umunyamuryango	Umunyeshuri
Umunyenzara	

Akabimbura nyira- gafite ingingo isa neza n'iy'ikinyazina ngenera.

Ingero:

Nyirumuringa	Nyirimpuhwe
Nyirurugo	Nyiribambe

Akabimbura nyira- iyo kihagitse mu mazina bwite y'abantu kagira ingingo y'igitsina gore. Ingero zikurikira zirabigaragaza.

Ingero:

igikari: Nyirabikari
intabire: Nyirantabire
intama: Nyirantama

Akabimbura sa- cyangwa se- gafite inyangingo y'ikinyazina ngenera.

Iyo kihagitse mu mazina bwite usanga afite ingingo y'igitsina gabo kandi nta ndomo ayo mazina mashya agira.

Ingero:

Amahoro: Semahoro

Ubuho: Seburo

Umusure: Samusure

Akabimbura –ene- gafite ingingo nk'iy'ikinyazina ngenera.

Amazina bwite agafite akunze kuba ari amazina rusange. Gashobora kandi kongerera izina kihagitsemo ingingo igaragaza isano abantu bafitanye.

Ingero:

Imana: Benimana

ihirwe: Benihirwe

ikenewabo

Akabimbura -ka- kifitemo ingingo ivuga ngo"umugore wa".

Usanga kiganje mu mazina bwite y'igitsina gore. Zimwe mu ngero zikurikira zirabigaragaza:

amacumu: Mukamacumu

indera: Mukandera

urutamu: Mukarutamu

umuhire: Mukamuhire

Akabimbura -a- gafite ingingo y'ikinyazina ngenera.

Gakoreshwa cyane mu mazina bwite kandi amazina kihagitsemo nta ndomo agira.

Ingero:

inkazi: Kankazi

amagana: Rwamagana

Imana : Kamana

imanzi: Kamanzi

Amazina y'urusobe afatiye ku musuma –kazi

Umusuma ni akaremajambo kongerwa ku ijambo rishobora kubaho ridafite aka karemajambo –kazi. Uyu musuma ufite ingingo y'igitsina gore; ariko hari nubwo –kazi ivuga igitsina gabo.

Ingero:

Umupfakazi: (ashobora kuba umugabo cyangwa umugore wafushije uwo bashakanye).

Umunyarwanakazi

Umwamikazi
 Umuturanyikazi
 Umuririmbyikazi

Amazina y’urusobe afatiye ku musuma -azi

Ingero:

Ibitakazi
 Umugabazi,...

		bukwe	buja	rume	senge	Kuru(za)
Ng 1	Igitsina gabo	databukwe	databuja	Marume	masenge	Sogokuru(za)
	Igitsina gore	mabukwe	Mabuja	-	-	Nyogokuru(za)
Ng 2	Igitsina gabo	sobukwe	shobuja	Nyokorome	nyogosenge	Sogokuru(za)
	Igitsina gore	Nyokobukwe	nyokobuja	-	-	Nyogokuru(za)
Ng 3	Igitsina gabo	sebukwe	shebuja	nyirarume	nyirasenge	Sekuru(za)
	Igitsina gore	nyirabukwe	nyirabuja	-		Nyirakuru(za)

Ikitonderwa 1:

Amagambo y’urusobe yandikwa umujyo umwe. Gusa mu bisingizo, mu migani no mu mazina nteruro n’amagambo y’inyunge akabije uburebure, yandikwa atandukanyijwe agashyirwa mu twuguruzo n’utwugarizo.

Ingero:

- Umuhanurabinyoma, Rukemanganizi, Karahangabo, Karikumutima,... (aya ni amazina y’urusobe yanditswe umujyo umwe)
- Ubwo “Ishyikanya ku mubiri ya Rugema ahica” aba arashinze.
- Ubwo “ Rumenerangabo Ntarindwa ku mukondo wa Rukaburabimashi” ati: “Ba!”

Ikitonderwa 2:

- Akabimbura “so” kagira impindurantego “sho”. Urugero: shobuja.
- Akabimbura “se” gakomoka ku izina ise cyangwa se, kakagira inyito y’umuntu w’igitsina gabo ufite cyangwa se utunze nyakuvugwa. Akenshi ayo mazina aba ari bwite. Usanga gakora nka “nyira” ikomoka ku izina nyina.

Ingero: sebuja, serugo, sebatunzi

- Akabimbura “nya” gafitanye isano na “nyira”, kakaba gakora kuri ubu buryo:
Iyo -a- ya nya- ikurikiwe na i y’indomo cyangwa se y’indangahantu, iyo ndomo ishobora gutakara cyangwa zombi zikiyungamo - e- biturutse ku igenamajwi

Ingero:

- Umunyenzara (u-mu-nya-i-n-yara) a+i → e

Impugukirwa:

“nya-” ishobora kuba akabimbura nyifuzo iyo yiyunze n’inshinga iri mu mbundo.

Ingero: nyagutuma, nyakumanikwa, nyakubyara; ...

Akabimbura “nya-” gashobora kwiyunga n’ikinyazina cyangwa n’izina kagafata inyito yo guhamya (gutsindagira) ikivugwa.

Ingero:

Dore inzu nyanzu, abakobwa nyabakobwa; bariya bazaba abategarugori nyabo.

Akabimbura nya- gashobora kwiyunga n’izina kakagira inyito y’utunze cyangwa ufite nyakuvugwa.

Ingero:

Umunyamerwe, umunyamahanga, umunyabintu, umunyenzoga;...

- Akabimbura sa- gashobora gukora mu mazina nka Saruhara, Gasabwoya, Gasamagera, Sabato, Sakabaka,...

Umwitoto

Nyuma y’isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitoto uri mu bitabo byabo cyangwa undi yakwihitiramo ujyanye n’isomo kugira ngo asuzume ko intego z’isomo zagezweho. Uyu mwitoto buri munyeshuri awukora ku giti ke. Iyo igihe cyatanzwe kigeze abanyeshuri bawukosorera hamwe bakandika ku kibaho, igisubizo cyumvikanyweho. Umwarimu agasaba abanyeshuri babiribabiri gukosorana bagaragaza ibyo buri wese yakoze.

Umwitoto n’ibisubizo biwuherekeje.

1. **Uhereye ku mbonerahamwe ikurikira, shaka amazina atanu y’urusobe kuri buri bwoko hirengagijwe ayigeze kuvugwa mu ishuri.**

Urugero rw'igisubizo:

Insobeke y'izina	Ingero zisabwa
Inshinga + izina	ikinamico, abategarugori, umwihanduzacumu, iyigamajwi, umuhuzabikorwa,...
Inshinga + ntera	umubagito, incamake, ubujyahabi, mutimamuke, murindahabi,...
Inshinga + imbundo	indiragukinduka, umwigaguhuma, imparirwagutebuka, imbabazaguhiga imparirwakurusha,
Inshinga + ikinyazina	amaburakindi, imberabyombi, ikimenyabose, ubwirakabiri, ikiryabyose,...
Inshinga + umugereka	umugiraneza, umugiranabi, ikiryakare, amagepfo, amajyaruguru, ...

2. Mufatiye ku bwoko bw'amazina y'urusobe avuga amasano, mutange ingero ebyirebyiri kuri buri bwoko musobanura inkomoko.

Urugero rw' igisubizo:

- Akabimbura **ma-(maa)** gakomoka ku izina mama. Gafite inyito y'umuntu w'umugore kakarema amazina ateye atya: mabukwe, mabuja, marume, masenge;
- Akabimbura **nyoko** gateye nk'izina gakomokaho (nyoko). Inyito yako ni iy'umuntu w'igitsina gore ubyara uvugwa, ufite cyangwa utunze nyakubwirwa. Ingero zikurikira zirabigaragaza: nyogokuru, nyokobuja, nyogosenge;
- Akabimbura **nyira** gafite isano n'imiterere , n'inyito y'amazina nyina cyangwa nyiri. Gafite inyito y'umuntu w'igitsina gore ubyaye uvugwa cyangwa se utunze nyakuvugwa. Ingero: nyiramabano, nyirabukwe, nyiribyinshi, nyiriminega, nyirubwite;
- Akabimbura **data** gasangiye intego n'izina gakomokaho. Kagira inyito y'umuntu w'igitsina gabo ubyaye uvugwa kakarema amagambo ateye atya: databukwe, databuja;
- Akabimbura **so** gakomoka ku izina **sô** kakarema amazina nka sokuru, sobukwe, sobuja,...
- Akabimbura **se**: Sebukwe, Sekuru,...

1.2. Ubuvanganzo nyabami

Umubare w'amasomo: 21

1.2.1. Umwandiko Uri nde?

Intera ya mbere: Kumva no gusobanura ibyivugo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 17

Intego zihariye:

Ahereye ku byivugo yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma ibyivugo yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu byivugo.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva ibyivugo.

Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku byivugo by'iningwa n'iby'imyato, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkorany amagambo, <http://www.gakondo.com/2011/Kwivuga-cyangwa-Guterana> ubuse..

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma. Uretse amashusho, umwarimu ashobora no gutangira yivuga ubwe hanyuma akababaza ibibazo biganisha ku cyo amaze gukora icyo ari cyo. Nyuma ashobora kubwira abanyeshuri babiri cyangwa batatu babishaka kwivuga nk'uko na we amaze kubikora.

Urugero rw'ibibazo yababaza ku mashusho:

1. **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Hari abasaza batatu basa n'abizibukira nk'intore cyangwa abantu bivuga hamwe n'abategarugori babiri basa n'abatera impundu.
2. **Bariya basaza bafite ibihe bikoreho mu ntoki?** Ibikoreho bafite mu ntoki turabona ari ingabo n'icumu.
3. **Ese biriya bikoreho muvuga, biranga cyangwa bivuga iki mu muco nyarwanda?** Ni ikimenyetso cy'ubutwari, ni ibikoreho by'ingabo ku rugamba.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari imyandiko «Ibyivugo by'iningwa», akabasaba kuyisoma bucece ari na ko bagenda bandika amagambo akomeye, abarangije bakazamura urutoki nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. **Muri iyi myandiko musomye haravugamo iki muri rusange?** Hararavugwamo ibikorwa by'ubutwari ku rugamba.
2. **Urabona bameze bate?** Ndabona bizihwe; abagabo bakuze barimo bivuga, abategarugori bakabashyigikira batega amaboko kandi basa n'abatera impundu.
3. **Buri mwandiko, wirengagije buri mutwe w'umwandiko, utangirwa n'iyihe nshinga?** Utangirwa n'izina ry'igisingizo k'intwari yivuga.

Gusomera ibyivugo mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma ibyivugo no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva ibyivugo.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

Inyunguramagambo:

1. **Inshengeranamusango:** Nitabira igitaramo n'abandi bahungu
2. **Munyinya baharamba wa Ruhuta:** Mwene Ruhuta ababisha bashotora bakababwa, bakagerageza ariko ntibabashe kugira icyo bankoraho.
3. **Icumu narigemye mu gihumbi:** Namuteye icumu mu gihumbi.
4. **Ryanze gushira agahinda nenda intosho nkomaho:** nabonye adapfuye mfata ibuye rikomeye mpondaho.

5. **Ndi uwishe nkibwiruka wa Rubyigabakinzi:** Natangiye kwica ababisha nkiri muto, nagendaga mpigika abakinzi, abarwanyi badutwaza ingabo, badukingira ingabo igihe k'imirwano.
6. **Ndi uwishe nkiri muto wa Rutindamirambo:** Natangiye kwica kuva kera, nagiyeye nica ababisha batagira ingano.
7. **Rudaforera igitugu kimwe rwa Gitinywa:** Sinjya ndasana njenjetse, nkoresha ingufu zange zose
8. **Uruge rw'umutambya narutambitse mu byano:** Igitembo batwaramo imyambi nagihetse mu bitugu.
9. **Ibyuma mbimara umutasu:** Imyambi nyitera ababisha nyibamariramo nta kanya gashize.
10. **Rutikanga abatera iyebese rwa Mutana:** Utagira icyo atinya avuza akamo mwene Mutana (umuhanga w'umuheto).
11. **Bazira ubahaye ibitugu:** Bazira ubahunga, uwiruka abateye umugongo bamumerera nabi cyane.
12. **Ubitugiyeye arabanesha:** Ubarwanyije ashishikaye arabatsinda nta shiti.
13. **Rutajabukwa n'imitima:** Ntagira ubwoba na gato
14. **Ingamba zimisha imituku rwa Nyirimbirima:** imirwano ikomeye, ingabo zirwana.
15. **Ndi intwari Inkotanyi yamenye:** Ndi intwari izwi n'umwami. Inkotanyi ni izina ry'igisingizo cy'umwami Rwabugili.
16. **Yanshinze urugamba rukora amaraso:** Yampaye uburenganzira bwo kuyobora urugamba, ababisha turabatsemba.
17. **Rwampingane :** Igikomangoma, umuntu ukomeye ufite imbaraga.
18. **Rukaragandekwe:** Umuntu uzi gutera icumu, umuntu w'umurwanyii.
19. **Nangana n'ababisha:** Nzirana n'abanzi.
20. **Iyo duhuye ndarakara:** Iyo mpuye n'umubisha ndamwibasira, karwana na we nta mpuhwe.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze. Nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

Ibibazo n'ibisubizo:

1. Uzuza interuro zikurikira ukoreshye amagambo yabugenewe wungukiye mu gusoma ibyivugo.

- a) Intwari y'umukogoto itwara imyambi mu ruge/umutana
- b) Kampayana ka Nyantaba yagemye icumu umubisha mu gihumbi.
- c) Nge sinkangwa n'urugamba ngo ngire ubwoba, mu yandi magambo sinjabukwa n'imitima ingamba zimisha imituku.
- d) Abaswa batazi iby'urugamba, abanyamusozi nababereye ibamba karahava.
- e) Rwabugili yari umwami w'umurwanyu yiyita Inkotanyi.

2. Sanisha amagambo ari mu mpushya ebyiri agiye afite inyito zisa

Uruhushya A	Uruhushya B
Rukaragandekwe	Rukaburacumu
Umubisha	Umwanzi muhanganye
Umuhanga w'umuheto	Umukogoto
Umutambya	Umuheto
Inshengeranamusango	Intyoza mu bitaramo
Rwabugili	Inkotanyi

Ibibazo n'ibisubizo byo kumva ibyivugo

1. **Mu mwandiko wa mbere n'uwa kabiri abivuga birata iki?** Mu mwandiko ibiri ya mbere uwivuga arirata kuba umukogoto, umurasanyi ukomeye cyane watangiye kugarika ingogo akiri umwana muto. Mu mwandiko wa kabiri uwivuga yirata yongeraho ko yarwaniye ahitwa Hunga maze akitegereza ababisha agasanga kubatsinda bisaba kubarwanya ushimitse, ari nabyo yakoze akabakubita inshuro.
2. **Mu mwandiko wa gatatu uwivugamo ni muntu ki?** Uwivuga arirata kuba intwari n'umwami yamenye. Ni intwari y'ikirangirire itagira ubwoba urugamba ruhinye. Nta mubisha agirira impuhwe iyo arwana.
3. **Muri rusange iyi myandiko iravuga iki?** Irarata ibikorwa by'akataraboneka intwari yagaragaje ku rugamba irasana n'ababisha.

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura ibyivugo by'iningwa

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 18

Intego zihariye:

Ahereye ku byivugo yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza ingingo z'umuco ziri mu byivugo by'iningwa.
- Kugaragaza akamaro k'ibyivugo by'iningwa.
- Kugaragaza ikivugwa muri rusage mu byivugo.
- Gushishikarira kwivuga no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo:

- Mu isomo riheruka mwize iki?** Ubushize twasomye ibyivugo by'iningwa.
- Ibyivugo by'iningwa birangwa ni iki?** Ibyivugo birangwa no kwirata kurusha abandi gukora ibikorwa by'akataraboneka nko kwica ababisha benshi abatsinze mu itsimbiro, ...

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri kongera gusoma ibyivugo by'iningwa bari mu matsinda no kugerageza kubisesengura basubiza ibibazo byo gusesengura ibyivugo by'iningwa biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura ibyivugo by'iningwa akabasaba no kubyangurira ku kibaho kugira ngo n'abatunva niba bahari babisome.

Ibibazo:

- Garagaza ingingo z'umuco ziri muri iyo myandiko.**
- Ni iki kivugwa muri rusange muri iyo myandiko?**

Mwarimu abaha igihe cyo kubikora. Agendagenda areba uko bakora, ashishikariza bose gutanga ibitekerezo no gukora ubushakashatsi. Barangije buri tsinda rimurika ibyo ryagezeho. Mwarimu afatanije n'abanyeshuri bunganira buri tsinda banonosora ibyo ryakoze. Uhagarariye itsinda yandika ku kibaho ibyumvikanyweho bikandikwa mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

a) Ingingo z'umuco nyarwanda zigaragara mu byivugo by'iningwa:

Kurangwa n'ubutwari no kudahunga, guhiga no guharanira kuba mu b'imbere igihe cyose hari urubanza.

b) Ikivugwa muri rusange mu byivugo:

Haravugwamo ibigwi n'ibirindiro.

Intera ya gatatu: Inshoza y'ibyivugo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 20

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutahura inshoza y'ibyivugo.
- Gutandukanya ibyivuga by'iningwa n'ibyivugo by'imyato
- Kuvuga uturango tw'ibyivugo by'iningwa n'iby'imyato.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo n'integanyanyigisho.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamiye kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

(i) Ni irihe somo duheruka kwiga? Twasesenguye ibyivugo.

(ii) Ni izihe ngingo z'ingenzi zavugwagamo? Havugwagamo kwirata ibyo uwivuga yakoze cyangwa ibyo ashoboye gukora.

Umwarimu asaba abanyeshuri babiri cyangwa batatu kwivuga barangiza agatangiza isomo rishya.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma ibyivugo by'iningwa bari mu matsinda akababaza ibibazo bikurikira:

Ugendeye ku miterere y'iyi myandiko urabona ivuga iki? Irangwa n'iki?

Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri guhera ku bisubizo by'ibyo bibazo kugira ngo batahure inshoza y'ibyivugo by'iningwa ndetse n'uturango twabyo. Abarangira ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero akabaha igihe cyo kubikora cyagera akabasaba kuza kugaragaza ibyakorewe mu matsinda. Kugira ngo amatsinda abashe kugera ku bisubizo bigamijwe, umwarimu abaha ibibazo bibafasha mu bushakashatsi bwabo.

Urugero rw'ibibazo yabaha byabafasha mu bushakashatsi bwabo no kungurana ibitekerezo:

Ibyivugo ni iki? Byatangiye ryari? Bifite akahe kamaro? Birangwa n'iki? Ibyo byivugo umaze gusoma ni bwoko ki? Birangwa n'iki? Vuga ubundi bwoko bw'ibyivugo waba uzi uvuge n'uturango twabyo. Gereranya ibyivugo mu gihe cyashize no muri iki gihe.

Nyuma y'igihe yabageneye, umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Umwarimu afatanyije n'abanyeshuri bungurana ibitekerezo bakanoza kandi bakuzuzanya ibyavuye mu matsinda maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Inshoza y'ibyivugo

Ibyivugo ni ubuvanganzo nyarwanda bwahimbirwaga kurata ubutwari bw'ingabo. Nyiri ukwivuga yashakaga kugaragaza ubutwari yagize ku rugamba cyangwa umugambi yiyumvamo wo kuzaba intwari mu bihe bizaza, akihimbira ikivugo cyangwa agashaka ukimuhimbira, akagitwara kikagararamo ubutwari bwe. Ibyo bishakira kuvuga ko abagabo bose batari abahanga mu guhimba ibyivugo. Hariho intiti kabuhariwe zahimbiraga n'abandi ibyivugo. Mu Rwanda rwo hambere, umugabo nyamugabo, yarangwaga no kugira ikivugo ke.

Ibyivugo byatangiye ryari?

Biragoye kwemeza neza igihe ingeri y'ibyivugo yatangiye. Ikizwi ni uko bimaze igihe kitari gito. Abahanga bemeza ko byaba byarahozeho na mbere y'ingoma ya Ruganzu II Ndori.

Ibyivugo byari bifite kamaro ki?

Uretse kwirata ubutwari no kwitoza kuvugira mu ruhame, ibyivugo byagiraga umumaro wo kumara abandi ubwoba.

Uturango tw'ibyivugo

- a) Ibyivugo birangwa n'uko uwivuga yirata ubutwari yagize ku rugamba kandi agasingiza n'intwari ze.
- b) Ibyivugo birangwa n'ibigwi n'ibirindiro.

Ibigwi: Ni umubare cyangwa se amazina y'abandi nyiri ukwivuga yatsinze ku rugamba ndetse n'aho yabatsinze. Ubusanzwe ikigwi ni aho umuntu yiciye umwanzi.

Ibirindiro: Ni ibikorwa by'akataraboneka uwivuga yagaragariye ku rugamba nko kwimana no kugarukira ingabo bagenzi be (kuzirengera) gutahana iminyago, kwibasira abanzi...

Urugero: Mu kivugo "Rudaforera igitugu kimwe" twasomye mbere baratubwira uburyo nyiracyo yishe ababisha.

Uwivuga ashobora kubanza kuvuga izina rye agakurikizaho irya se hagati y'umukarago wa mbere n'uwa gatatu. Ayo mazina ashobora kuba nyayo ariko akenshi aba ari ibisingizo bya nyiri ikivugo cyangwa igisingizo ke gikurikiwe n'icya se. Mu kivugo hagati umuntu ashobora kugenda arobekamo ibindi bisingingo. Igisingizo gihuzwa n'ikindi hakoreshejwe ingenera akenshi kiba ari ikindi gisingizo cy'uwivuga. Hagati y'ibisingizo hashobora kujya inshinga "ndi"igihe uwivuga akurikiranya ibisingizo byinshi. Muri make, imiterere y'ibyivugo yubakitse ku buryo bukurikira:

1. Izina risingiza(igisingizo)
2. Ngenera (ya, wa,rwa, wa,...)
3. icyuzuzo (izina rya so cyangwa ry'ikitiriro)
4. Ndi (inshinga)
5. Ruhamwa (icyo ufitiye ubuhanga)
6. Ibikorwa wagize

Urugero:

1. Mugabo utera ababisha ubwoba, 2. wa 3.Rutajomwa 4. Ndi, 5.Umushakamba rwose, 6. Abatwara inyamuzozi narabagumiye, Rugarama rwa Gikore nabaye igisibya cy'umutsindo, Ruhamanya akomeretse ndamwimana, mwima Abahirika n'Abinika bari baje ari abaziro ndabahakanira ko ntamuharishwa n'ibyuma kandi twarabyirukanye, ndamusezerera arisindagiza. Abaje kutuvuna basanze umuheto w'inkaka wigenza mu nzira nk'ubukombe bw'intare aho Abashakamba twaremye intambara.

Mu byivugo, uwabaga yarambitswe impeta y'ubutwari na we yarabyirataga mu gihe yivuga. Izo mpeta zari izi zikurikira:

Umudende: icyuma kimeze nk'umukwege bambaraga mu ijosi. Umudende wambarwaga n'uwabaga yishe ababisha barindwi abatsinze ku rugamba.

Impotore: Ni umuringa w'umuzingira wabaga uteye nk'injishi y'inyabubiri yambaraga ku kuboko kw'iburyo. Yambikwaga uwabaga yarishe abanyamahanga cumi na bane abatsinze ku rugamba.

Gucana uruti: uwabaga amaze kwica ababisha makumyabiri n'umwe abatsinze mu itsimbiro (ku rugamba) yacanaga uruti rw'icumu rye, akaba asonewe kuzongera gusubira ku rugamba.

c) Mu byivugo kandi dusangamo amagambo yihariye akoreshwa.

Ingero:

Amakuza, iminega, injunga, bivuga amacumu mu byivugo.

Inkwaya, umuronko, umurego, umukore, bivuga umuheto mu byivugo.

Imisakura, intanage, ingobe, bivuga imyambi mu byivugo.

Isuri, imfuruta, impenzi, inkuku, umurera, bivuga ingabo mu byivugo.

d) Ibyivugo, kimwe n'izindi ngeri z'ubuvanganzo birangwa n'uturanga tw'ikeshamvugo dutandukanye nk'isubirajwi, isubirajambo, igereranya, iyitirira,

...

Amoko y'ibyivugo

Uretse utwivugo tw'abana (ibyivugo by'abahomvu), ibyivugo nyabyo byabaga birimo amoko abiri. Ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato.

a) **Ibyivugo by'iningwa:**

Ni ibyivugo bihimbitse neza ariko bigufi.

Ingero:

Amahomvu

Ndi umuhungu

Ndi umuziraguhunga

Nanze guhunga

Iwacu twaraye ubusa.

Inigwa

Urugero rwazo ni iriya myandiko twasesenguye:

Rutajabukwa n'imitima

Rudaforera igitugu kimwe

Inshengeranamusango

b) Ibyivugo by'imyato:

Ikivugo k'imyato ni ikivugo kirekire gifite ibika bibiri cyangwa birenzeho bita **imyato**. Uwivuga yitakuma afite icumu, asukiranya amagambo vuba vuba. Biba byiza iyo afite n'ingabo mu ntoki maze akivuga asa n'uwizibukira imyambi cyangwa amacumu y'umwanzi.

Umwato uteye nk'ikivugo kihariye ariko ukabamo ibitekerezo n'amagambo biwuhuzwa n'iyindi. Ibyo ni nk'ingingo iba yafatiweho. Ibyivugo by'imyato byadutse mu Rwanda ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro.

Uwadukanye guhimba ibyivugo by'imyato ni Muvubyi wa Mutemura, wo mu mutwe w'Abakemba mu rugerero rw'i Munyaga rwari rukumiriye inkiko y'i Gisaka. Iyo witegereje neza usanga hari inzira ebyiri Muvubyi yaba yarahereyeho yadukana iyo mihimbire:

- a) Ingabo z'i Gisaka barasanaga zitwaga Abatishumba zari zifite ibyivugo byabo birebire byasumbaga iby'Abanyarwanda.
- b) Mu Rwanda hari amazina y'inka yasemo imivugo; Muvubyi rero ashobora kuba yaribukijwe n'uburebure bw'ibyo byivugo by'Abanyagisaka, agashaka kubigana ngo ahimbe ibirebire, ndetse akabatebya yiganiramo n'amazina y'inka.

Nyuma ye, uwabanje kumukurikiza agahimba na we iby'imyato yabaye Rwabigugu rwa Kanyaruguru wo mu itorero Uburunga II ryo mu mutwe w'Abakemba. Ibyivugo by'imyato ntibyahimbwaga n'ubonetse wese, byari umurimo w'abahimbyi b'intiti. Barihimbiraga ubwabo, bagahimbira n'abandi babisabye cyangwa bakabihimbira kubitura umwami n'abatware babo. Umuhimbyi w'ibyivugo wabaye ikirangirire mu gukorera abandi mu ngata kubera kubura igihe cyangwa impano yo guhimba yarabihishe ni Biraro bya Nyamushanja uzwi kuba yarahimbye ikivugo gisingiza umuheto wa Kigeri IV Rwabugili kitwa "Inkatazakureka ya Rugombangogo".

Ikitonderwa:

Uretse rero ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato, tubona n'ubundi bwoko bw'ibyivugo twakwita ko ari ibyivugo by'impuruture. Ibyo byivugo ni birebire. Mu byashyizwe mu mikarago hari ibigeza ku mikarago nka Magana abiri, kandi ntibigabanyijemo ibika. Hakoranyijwe byinshi kandi abahanga bemeza ko ari bimwe mu byivugo bihimbitse neza.

Uko bigaragara, ingoma ya gikoronize yaciye intambara mu miryango, yewe ikoma no mu nkokora u Rwanda rwakundaga gutera amahanga, ibyivugo bisigara mu biganiri byo gushyenga nk'uko bijya bigenda mu misango ya kinyarwanda, aho umuntu agenda yitaka yibeshyera ku manywa y'ihangu imbere y'imbaga kuko aba atavuga mu by'ukuri ubutwari yagize ku rugamba. Ikindi ni uko buri Munyarwanda wese yagombaga kugira ikivugo. Iteka uwajyaga gusoma ku ntango, yagombaga kubanza ikivugo. Hari akaririmbo bateraga, nyuma ukabona kuroha ikivugo cyawe. Dore uko ako karirimbo katangiraga: Nyundo we! Uri inyundo, uri inyana ya Rukara rwa Ruyange, uri inyundo. Yewe runaka(bakamuvuga mu izina) cyo ngwino uvuge icyo wamariye abandi bahungu uri inyundo....(bashaka buri wese bakamushoza)

Urugero:

Nyamubangira inkwaya gukiza inkomeri
Wa rudakomerwa
Umuheto udashoboka
Mu makuba ungana ubukaka
N'ubukombe bw'impunga
Wahinduye impenzi ibihengeri,
Nawihutanye ngana induru
Bandangiye nyir'isuri
Nsanga yayitambitsemu imparage
Ngo impambara z'imitimba
Zitaza kuyitobora;
Nyigimbyemo imambo hagati
Ntiyasigarana inkunga
Inkurazo zimwivugiramo;
Umutanazi twari kumwe
Aramushinyagurira abonye ashanya
Ku rubango rw'amabano
Atakibasha kwizigura
Inzira yayiyogoje umutuku
Ari ibitenga bimuvamo
Umuvumba w'inkaba
Ukanuka mu gihumbi,
Akumbagara mu gihandagaza
Ati: "Wamenyereye kwiyubikira imiko
Rutsimburamakuza yihitiye mu mikore
N'aho wayibambikaho urutare
Nta cyatuma utayitobora;"
Wakamuturutse mu ruhanga
Kandi uzi ko ari umukogoto,
Henga ibikoko bigusigarane mu gasozi.

Intwari byahamye
 Ya rwuhiramisakura
 Ndi isibo y'abatabazi
 Simbangamira abatasi;
 Banteje inka zananiye abaswa
 Bandirimbye mu itorero
 Mu kwikora njyana umuheto
 Nywubanye umuhanga ku rugamba
 Nihandagaza aho rukomeye;
 Nywurasiyemo ukomeye
 Nywukundira kudahusha;
 Wumvise urw'ababisha
 Uhinduka ishema risa;
 Ni uwamenyereye kutitazwa
 Utoza imyambi gusohoka
 Abawumvise amatakangwe
 Bati: "Iyo nkwaya yanze gukuramo
 Ni iya curankamba yaruremye."

Ibyivugo bya kera n'iby'ubu

Aho insanganyamatsiko y'urugamba imariye gutakaza igihe cyayo, Abanyarwanda batangiyeye guhanga ibihangano bijya kugirana isano n'ibyivugo ariko atari byo. Havutse kandi n'iby'ubu twita amayingabyivugo (ibyivugo ku nzara, ku nyamaswa, kuri ruswa, ku mbeba, ...).

Ibyivugo kera	Ibyivugo ubu
Icyavugwaga ni ibigwi n'ibirindiro.	Havugwa ibyiza umuntu yakoze cyagwa yagezeho.
Ibyivugo byari ubuvanganzo nyemvugo nyabami bushingiye ku ntambara.	Ni ubuvanganzo nyemvugo cyangwa nyandiko buvuga ku bintu bitandukanye.
Byitwaga ibyivugo.	Ubu ni ibyivugo cyangwa amayingabyivugo.
Gukunda Igihugu ukakirwanira. Ibikorwa by'ubutwari ku rugamba. Ubuhanga ku rugamba. Ubwitange ku rugamba.	Hari insanganyamatsiko zitandukaye.

Intera ya kane: Guhanga ikivugo k'iningwa

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 25

Intego zihariye:

Ahereye ku byivugo yasesenguye, umunyeshuri arashobora:

- Guhanga ikivugo k'iningwa ku nsanganyamatsiko yihaye cyangwa yahawe no kwivuga mu ruhame.
- Kujora ikivugo k'iningwa yumvise cyangwa yasomye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inyandiko zerekeranye n'ibivugo, ingabo n'icumu.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

- Ni irihe somo duheruka kwiga?** Ni ibivugo by'iningwa.
- Ibyivugo by'iningwa ni iki?** Ikivugo ni umuvugo urata ubutwari, cyangwa akamaro k'umuntu cyangwa k'ikintu cyangwa inyamaswa. Bakivugamo ibikorwa byabaye n'ibitarabaye.

Guhanga ikivugo k'iningwa:

Umwarimu asaba abanyeshuri guhimba ikivugo k'iningwa cyo mu gihe tugezemo kigaragaza ibikorwa bagezeho. Uwo mwitoto kandi awubaha nk'umukoro wo mu rugo kuko batahanga ikivugo mu gihe gito baba bafite. Abanyeshuri babana n'ubumuga bwo kutabona bo bahimba bigana ibyo bumvise.

Urugero rw'insanganyamatsiko

Hanga ikivugo wirata ibyiza wakoze cyangwa wagezeho, maze ukivuge imbere ya bagenzi bawe ugaragaza isesekaza.

Nyuma yo gukora uyu mukoro, umwarimu asaba buri munyeshuri kujya imbere akivuga ikivugo yahanze yarangiza kukivuga umwarimu agasaba abanyeshuri kujora imiterere yacyo n'uburyo yakivuze.

1.2.2. Amazina y’inka: Inka ya Rumonyi

Intera ya mbere: Kumva no gusobanura umwandiko

Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 25

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma neza izina ry’inka yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza.
- Gusubiza ibibazo byabajijwe ku izina ry’inka.
- Gukoresha neza amagambo yungukiye mu izina ry’inka.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, igitabo k’ikibonezamvugo n’integanyanyigisho.

Imitangire y’isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho abanziriza izina ry’inka “Inka ya Rumonyi” ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo bibafasha kuvumbura isomo bagiye kwiga.

Ingero z’ibibazo n’ibisubizo:

- Ni iki mubona kuri iri shusho?** Turabona inka enye n’umushumba.
- Izo nka ziteye zite?** Izo nka ni ndende kandi ifite amahembe maremare. Murabona izo nka ari bwoko ki? Izo nka ni inyambo.
- Muratekereza ko umugabo uri imbere yazo ari gukora iki?** Aha abanyeshuri basubiza byinshi: ari kuzivugira amahamba, ari kuvuga amazina y’inka.

Umwarimu abwira abanyeshuri uwo mugabo ari kuvuga amazina y’inka maze akaboneraho kubamenyesha ko bagiye kwiga amazina y’inka abasabe kurambura ibitabo byabo ahari izina ry’inka “Inka ya Rumonyi”

Gusoma bucece:

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece izina ry’inka “Inka ya Rumonyi”. Kubera ko “Inka ya Rumonyi” ari ndende, umwarimu aragabanya uwo mwandiko mo ibice, buri gice agihe abagisoma. Iyo barangije gusoma, umwarimu ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

1. **Ni iyihe nteruro igenda igaruka muri uyu mwandiko?** Ni “Ingoro y’umwogabyano”
2. **Vuga byibura amazina abiri y’uturere (ahantu) tuvugwamo.** Nyarubuye, Murambi, Mwima,...
3. **Igice gisoza iri zina ry’inka kitwa gite?** Kitwa umusibo

Gusoma baranguruye

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma izina ry’inka “Inka ya Rumonyi” umwumwe, igika ku gika, baranguruye ijwi kugeza rirangiye. Umwarimu akurikirana uko basoma akosora aho bajijinganyije, aho basomye barya amagambo cyangwa batubahiriza utwatuzo, iyitsa n’injyana.

Inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora amatsinda. Umwarimu agabanya izina ry’inka mo ibice bingana n’amatsinda abanyeshuri bakoze. Umwarimu aha buri tsinda igice risoma kigashakamo amagambo akomeye kandi bakagerageza kuyashakira ibisobanuro bakoresheje inkoranya cyangwa ibitabo byabo. Kubera ko mu izina ry’inka habamo amagambo akomeye, abanyeshuri ntibabikora mu gihe k’isomo, ahubwo babikora mu gihe cyabo cyo kwihugura, bakazabimurika mu isomo rizakurikiraho, buri tsinda rikagaragaza ibyo ryakoze, abandi banyeshuri bayobowe n’umwarimu bakagorora ibisobanuro byatanzwe bikandikwa ku kibaho n’inyuguti zigaragara kandi umwarimu asaba umunyeshuri umwe kubisoma n’ijwi riranguruye kugira ngo afashe abatumba neza ndetse n’abatabona niba hari abari muri iryo shuri.

Urugero rw’inyunguramagambo

1. **Inka ya Rumonyi:** Ni iyo mu bushy bw’Ingeri zo mu mutwe “Umuhizi” (Amagaju)
2. **Nyirigira:** Umwami
3. **Guhangura imbizi:** Kugororera Imbizi, kuziha ingororano.
4. **Urw’intwari rukarema:** Intwari zikarema ingamba(zikajya ku mirongo).
5. **Zigataha ishakaka:** Zikahitangirana imbaraga.
6. **Ayo makombe ntayashishwe:** Muri izo ntware zose nta n’imwe yajijinganiye ngo ite gahunda, ite umuronko kubera ubwoba.
7. **Zigashengera zose nta yo bashize amarora:** Zigatarama(zikiyereka)zose nthagire n’imwe bumva barambiwe kuyitegereza.
8. **Zikamurikanwa n’ingoma:** Bakazerekana ari ko n’ingoma zivuga.
9. **I Rubengera:** Ni muri Karongi hubatswe ubungubu itorerwa ry’Abapersibiteriyeni Hahoze hubatswe umurwa wa Kigeri Rwabugili.

10. **Ni iz'iruguru zose:** zose ziramenyereye.
11. **Mbonye urugori rugoga:** Ndabona urugori rubengerana (ikimenyetso ko zose zabyaye ubuheta)
12. **Zibamo rugombangogo:** Zitegekwa n'intwari yishe ingogo nyinshi ku rugamba. Rugombangogo ni interuro y'ikivugo cy'umutware w'Ingeri.
13. **Reka aratire Ibihogo:** Reka abwire Ibihogo.
14. **Atahije izamamaje:** Aragiye ituma ziba ibyamamare zose.
15. **Iz' i Mbuye:** Ni Ingeyo. Umutware w'Ingeyo wari n'Umutware w'ingabo zitwaga uruyange; yari atuye i Mbuye ho muri Muhanga.
16. **Ushinge icumu mu ngeri:** Wicare witegereze ubushyo bw' Ingeri.
17. **Iy'ingoga:** Izirusha guhagurukana imbaraga ijya ku rugamba.
18. **Inkerarubanza:** Ihora yiteguye imirwano. Urubanza ni intambara.
Iy'ingondo: inziza cyane kubera ko ikebye imanzi.
19. **Imbib:** Inka nziza, zifite umubiri ucyeeye.
20. **Zisesuyeho:** Zendeyeho, zifatiyeho ari ku butwari ari no ku bwiza.
21. **Imparuzo:** Ubwiza buvanze n'ubushongore bw'ikirenga.
22. **Ikirezi:** Ubundi ni umutako w'akantu kera bambaraga mu ijosi. Aha bivuga ikintu kiza cyane, (urwererane); ni inka iziruta ubwiza. Ni isumba izo mu Muhozi zose.
23. **Uribagizwa:** Ushimishwa. Ikintu k'iribagizwa ni ikintu kiza, cy'urunyenyeri rubengerana, rutera ibishashi.
24. **Umwana Sentama:** Rutishereka rwa Rwanyonga wari umutware w'Uruhimbaza rwaremwe ku bwa Yuhi wa IV Gahindiro.
25. **Gukaguka:** Ni uguhaguruka vuba na vuba.
26. **Itiro:** Ni umutwe wundi w'injambo.
27. **Ateretsemo:** Atunzemo. Ubundi bavuga ko umuntu ateretse imfizi. Aha ni ukuvuga ko atunze injambo y'indatwa yitarura izindi nkuko mu bushyo imfizi usanga yitaruye inka zose.
28. **Rwesa:** Bifatiye ku inshinga "kwesa" isobanura gutura hasi, gucura inkumbi, kwica icyo wishe ntigisambe.
29. **Rukaza:** Gukaza icyuma, icumu ni ukuryongeramo ubugi.
30. **Kuvuna impuruza:** Kwitaba ingoma ihuruza ingabo ku rugamba.
31. **Nkubito:** umuntu cyangwa ikintu bigira inkubito, biba bifite ibakwe, bihaguruka ntakuzarira.
32. **Mpabuka:** Ntibivuga ikintu gihabuka kubera gukuka umutima, ahubwo ni igihagurukana ingoga, imbaraga.
33. **Amarebe:** Ni ijambo rifite inyito eshatu:
 - Ibicu by'urwererane mu ijuru ry'urubogobogo.
 - Ibimera byo mu mazi usanga bishishe.

- Ibintu bikeye, bibengerana ubwiza. Iyi nyito ya gatatu ni yo umwisi yakoresheje.
- 34. **Amaribori:** Umubiri mwiza ushishe ufite utuntu tujya kumera nk’udusitari. Ni akarangabwiza.
- 35. **Ingondo yakebwe mu rwirungu:** Utubara twera tuvanze n’utundi tw’umukara.
- 36. **Urwano:** Umwanya wo hagati y’ijosi n’urutugu uremetse neza.
- 37. **Bagakuka mu muhigo:** Bakareka ibyo guhiga.
- 38. **Rwimirankuku:** Ni inka ya Rumonyi yigizayo inkuku.
- 39. **Ibatunge:** Ibategeke.
- 40. **Bazegamire:** Bazisunge.
- 41. **Rugemanduru amacumu:** Iyitaba induru ihagurukanye amacumu.
- 42. **Guhata imberera:** Gutsindagira akuma gafatanya uruti n’ikigembe kugira ngo ridakuka igihe batera icumu. Gukwikira cyane.
- 43. **Impundazo:** Umwenge w’imbuga ugenewe gusesekamo uruti (gukwikiramo uruti) cyangwa igice cy’uruti gisongoye binjiza mu mbuga. Hano ni icyo gice cy’uruti.
- 44. **Abayavugutira:** Abavuguta umuvuba kugira ngo umuriro wo mu ruganda wake cyane ibyuma bacura bidapfuba.
- 45. **Ikiramo:** Ireme cyangwa ubukomere bw’icyuma. Icumu, umuhoro bidafite ikiramo bicika ubusa. Iyo bavuga ko umuntu afite ikiramo aba afite imbaraga. Guha umuntu ikiramo ni ukumuha ibintu bimutera imbaraga. Ikibindi gifite ikiramo ni ikibindi gikomeye kubera ko bashyizemo insibo ikomeye.
- 46. **Inyundo ntiyayakiranya:** Inyundo iyateranya neza ntiyayasigamo utuntu tw’imitutu, yarayanogeye.
- 47. **Akaba impogazi:** Akaba manini
- 48. **Mu ntagara:** Aho babika amacumu.
- 49. **Bayigimba umurishyo:** Bayikubita umurishyo: bayiha umurishyo
- 50. **Isibe:** inyabwoba.
- 51. **Impombo ntirushye ihaca:** Iy’intege nke ntigerageze kuhanyura.
- 52. **Amakenke:** Amacumu akwikiye mu nti zihuhuye, batera zigahemba zikavunika kuko nta buremere.
- 53. **Uw’inkokora nke:** Umuntu ugafite ibizigira, udafite imbaraga mu maboko.
- 54. **Zayaharaze urugina:** Zayasize amaraso ku rugamba, zarayicishije cyane.
- 55. **Zaje ziyatendeje:** Zaje ziyahese (ikimenyetso cy’uko zayicishije).
- 56. **Amacumu y’impangare:** Amacumu akomeye cyane.
- 57. **Mparara:** Ni umucuzi wabayeho ku ngoma ya Kigeri wa IV Rwabugili. Yari atuye muri Gicumbi mu kibaya cya Rutagara munsu y’umusozi wa Remera ya Humure. Gukaza ni ugutyaza.

58. **Bamaze kuyandura:** Bamaze kumena ubugi bwayo (kubutyaza neza).
59. **Insengamihigo:** Ni ubundi bushyo bw'Umuhozi bwabyawe n'Ingeri.
60. **Kubuza:** Guceceka ngo ubanze witegereze, ubanze utekereze.
61. **Intumwa ihangara amanywa:** Intumwa igenda umunsi wose nta guhagarara.
62. **Izimura mu biraro:** Izivana mu biraro (aho zabaga).
63. **Abura iyo asesa:** Iyo asubiza inyuma, iyo avana ku murongo.
64. **Zanyuriye Rubanda:** Zashimishije Rubanda.
65. **Ku Munini wa Gishari:** Ni muri Rwamagana.
66. **Ndimbira zirataha:** Ndimbira ziza kwiyereka. Ndimbira bwari ubundi bushyo bw'Umuhozi.
67. **Umutana w'inkoni:** Ni igitembo batwaramo udukoni two kwiyereka mu birori by'inyambo.
68. **Kuzesereza:** Iyo umushumba yiyereka imbere y'inka azivuga amazina akora kimwe n'uwiyereka imbere y'intore. Iyo asimbutse agakubita agakoni hasi bavugako yeshe uruti. Ni uburyo bwo guhimbaza.
69. **Inkoni ikirirwa isabira:** Inkoni ikirirwa yivuzza, bazesereza.
70. **Rwiyamwa:** Umuntu abandira biyama, bagendera kure kubera urugomo cyangwa amarere yo gushoza intambara.
71. **Ziga ingoga:** Izindi nka zigiraho imbaduko, umwete.
72. **Yarukubitiye umucuzi:** Yaruhaye umucuzi.
73. **Arukatire icyuma:** Arucurire icyuma.
74. **Amaramu:** Amazi batera icyuma kugira ngo gihore iyo bari mu ruganda. Hano ni uguhoza icumu ryashyushye cyane kubera imirwano.
75. **Rubahina umurumango:** Rubatera kwiriranwa inyota bakayirarana.
76. **Kurumanza amacibiri:** Kwiriza inka zitanyoye.
77. **Kurembere imuroha:** Gukubita icumu rirerire.
78. **Yabakuye imirambi:** Yabambuye ku mbaraga imyanya yabo yo kuhira. Umurambi ni umwanya buri muntu ushoye inka aba yafashe. Uwatanze undi umurambi (umwanya) ni we ubanza, ariko urushije undi imbaraga ashobora kumucaho. Ubwo aba akomase (arwanye inkomati, asagaye).
79. **N'iyi ibagiriye isoni:** N'iyi ibapfuye agasoni, n'iyi ibababariye.
80. **Bayisenga:** Bayihendahenda.
81. **Zaheje:** Zimiriye, zabujije kugaragara.
82. **Ab'i Nawe:** Abashumba b'i Nawe (umurambi wo muri Rwamagana, hamwe n'i Rubona na Mabare). Hari urwuri rwa Niboye.
83. **Zaciwe urubanza:** Zakiranuwe.
84. **Uruhehemure:** Ikintu kiza cyane gifite isuku n'umucyo.
85. **Zabumbuje:** Kubumbuza ni ukugenda wihuta kandi ugendera ku ntambwe zisa n'izibaze.

86. **Umwami utabangira:** Utajijiganya mu bikorwa.
87. **Inkindi z'Abashakamba:** Umutware w'Abashyakamba.
88. **Ku y' imberera:** Ku macumu akwikiye cyane .
89. **Ku mpitira:** Ku nti z'amacumu zikomeye cyane kubera ko zimaze igihe, zitadigadiga.
90. **Ku mbuga:** Si ukuvuga aho banika , ni imbuga y' icumu
91. **Rukomera bigembe:** Ikubitisha ibigembe
92. **Rugomwa:** Indwanyi itagira ibambe .
93. **Rukabura imigereka:** Itera intwaro igeretse ku ntware z' ingenzi.
94. **Inyamibwa baririkiye hose:** Indatwa baririmba hose.
95. **Gupfa nta kibariro:** Gupfa ukenyutse .
96. **Rutagwabiza iminega:** Itajya ipfusha ubusa na rimwe amacumu yayo: ntihusha na rimwe.
97. **Rwa mugabo nyirigira:** Ikomoka ku ntware izisumba,yigize (itagendera ku zindi).
98. **Imbizi:** Ni impakanizi y'ubushyo bw'Ingeri. Imbizi n'Ingeri bihuje inyito isobanura kugusha mu mazi rwagati.
99. **Isanganizwa ingoma:** Isanganizwa imirishyo y'ingoma bayirata kubera gutsinda.
100. **Amariza y'Impeta:** Impeta zibyaye ubwa kabiri. Impeta ni umutwe w'inyambo wahozeho, hanyuma ukavugwa n'Umuhazi. Aho bavuga Umuhazi wumva Impeta, aho bavuze impeta ukumva Umuhazi.
101. **Inyamibwa rwema:** Intwari y'ikirangirire (ni interuro y'ikivugo cy Mutara wa II Rwogera)-isa n'umwami Rwogera.
102. **Ikitwa nyirazo:** Ikaba umutware wazo.
103. **Iziba ziteretse inyamibwa:** Kuko zimitse intwari itagira aho igayitse.
104. **Bakubuye imanzi:** Batatse imanzi, kera abagabo bicishaga imanzi mu gituzo no ku maboko, byari imitako. Gukubura imanzi ni uguca imanzi.
105. **Izamuje:** Ni ubushyo bwo mu mutwe w'Ingeyo(Ibihogo)
106. **Rukaka:** Ni interuro y'ikivugo cya Rwakageyo se wa Rwabigwi wari umutware w'Izamuje.
107. **Basanze zigaramye:** Basanze ari ibigarama; atari inyambo; atari n'inkuku;ibigwari.
108. **Baziguruka amahembe yabageza i Nyarubuye:** Basanga nta mahembe atunganye yatuma bajya mu myiyerekano i Nyarubuye (mu mpiga ya Kigali ahari umurwa wa Kigeri wa IV Rwabugili).
109. **Ni bwo bazitanze:** Ni bwo bazeguye berekana ko baretse imihigo.
110. **I Murambi:** Umusozi wo mu magepfo ya Muhazi ho mu Buganza.
111. **I Mwima:** Hafi y'I Nyanza ahari umurwa w'Umwami.

112. **Kwambara inkoba:** Kwambara imitako yo gutungukana mu myiyereko. Bayambikaga Inyambo zigiye kumurikwa mu birori. Inkoba ni imikoba babaga baraharazeho amasaro.
113. **Amashyo y'i Rukara:** Ayo mashyo ni ay'Uruyenzi n'Inyangamitsindo; zikaba izo mu Bihogo.
114. **Ikina n'ingoma y'indamutsa:** Ijya mu bicu (isimbuka) ikina n'umurishyo w'ingoma iramutsa.
115. **Umurishyo uhumuriza:** Umurishyo ukurikiyeho; uherekeza.
116. **Umutagara w'ibihubi:** Urusobe rw'imirishyo.
117. **Amariza y'i Ntora:** Inka zibyaye uburiza z'i Ntora (muri Gasabo). Gisozi yitwa Ntora. Ntora yiswe Gisozi kuva aho Cyirima II Rujugira ahatangiye (ahapfiriye). Hakoze ishyano hitwa Gisozi ubwo. Iryo zina ni nk'irituka uwo musozi.
118. **Abaririmba impanzi:** Abarata intwari baziririmba; abasingiza intwari.
119. **Abazereka Intamati:** Abazimurikira Intamati (Ni Muhamyangabo wa Byabagabo wari umutware w'ingabo z'Abashakamba; akaba ubwo n'Umutware w'Umuhazi). Intamati ni interuro y'ikivugo cya Muhamyangabo.
120. **Imana zicyuye:** Ubuhoro; amahirwe; ishya zizanye.
121. **Ingabo zidahomboka:** Ingabo zidahunga –Ingabo zihombotse ni iziruka kubera ubwoba, zigahunga zitazi iyo zijya.
122. **Zikavogera imbizi:** Zikambuka uruzi (uruzi ruvugwa ni Nyabarongo). Inyambo ziturutse i Murambi mu burasirazuba, zigiye kwiyereka umwami kuko yari mu burengerazuba bwa Nyabarongo.
123. **Umwimirizi:** Ugenta imbere y'inka akazihagarika cyangwa akazibuza kugenga zirukanka.
124. **Icyamamare k'inyambo:** Inyamibwa, indatwa yo mu nyambo.
125. **Mu cyoko:** Ahantu kure nk'aho imvura ituruka.
126. **Cyareretsemo inyamibwa:** Cyahagazwemo n'indatwa zizira amakemwa.
127. **Zigahimbaza isibo:** Zikishima umuvuduko.
128. **Zigashingana Kigese:** Zigaterera Kigese.
129. **Zikabyukurutsa Ingabe:** Zigahagurutsa ingoma y'ingabe ikazirangaza imbere.
130. **I Nyamagana ya Mutakara:** Ni mu Ruhango.
131. **Zigashingira indamutsa imyato zayigiriye:** Zigatangira kwibwira ingoma y'indamutsa ibikorwa byagatangaza yayikoreye. Indamutsa yari ingoma y'ibwami, iyo yavugaga yabaga imenyeshyeje rubanda ko umwami atangiye imibonano, iyo yabaga itaravuga ntawashoboraga kugira icyo abaza umwami n'iyi yabaga amubona.

- 132. Aho ni mu igisha ryazo:** Ubwo ni mu gihe zigisha (zigiye aho ubwatsi busigaye baziteganyirije mu gihe k'impeshyi).
- 133. I Bwishaza:** Ni Akarere ko muri Huye.
- 134. Ntayirasohorerwa inda:** Nta n'imwe irata umwanya wayo ngo isubizwe inyuma.
- 135. Ku kirwa:** Ni ku kirwa kitwa Murwa kiri mu Kivu hakurya ya Nyamasheke, cyari urwuri rw'Umuhuhozi.
- 136. Zigahindukirana ishya:** Zikava kuri icyo kirwa zimeze neza, zikeye.

Umwitoto w'inyunguramagambo:

Nyuma yo gusobanura amagambo akomeye umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bagakora umwitoto w'inyunguramagambo ukurikira, uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo umwitoto urangiye umwarimu ahitamo itsinda rimwe rikajya kumurika ibisubizo ryumvikanyeho andi matsinda afatanije na mwarimu akabafasha kunonosora ibisubizo bikandikwa ku kibaho.

Umwitoto n'igisubizo

A) Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo aciyeho akarongo andi bivuga kimwe aboneka mu mwandiko kandi usanishe neza.

1. Mu Rwanda rwo hambere nyirigira yaricaga agakiza. (umwami)
2. Maribori arakuze bihagije yarambiranye kurebwa. (yashize amarora).
3. Kamanzi azi kwitegereza, abonye umubyeyi uteze urugori rubengerana. (Rugoga)
4. Mbe Kampayana ka Nyantaba ko ubadukanye imbaraga, wikanze iki? (ingoga)
5. Umunyeshuri utajjiganya mu bikorwa ashimwa na bese. (utabangira)
6. Tera ibyo byuma amazi akonje tubicure bidakabije ubushyuhe. (Amaramu)
7. Rumaziminsi yakenyutse akiri muto, rwamuhushye. (yapfuye nta kibariro).
8. Uyu muhoro wacitse kubera kubura ireme. Mwawuguze mbabwira! (ikiramo).
9. Rudahigwa yabaye intwari y'ikirangirire ubwo yemeraga kubatizwa. (inyamibwa rwema).
10. Ko muhindukiye muhimbawe cyane, mwakiriwe bishimishije? (muhindukiranye ishya).
11. Mbese turasurwa n'abayenzi bahe ko numva urusobe rw'imirishyo Imena amatwi? (umutagara w'ibihubi).

B) Muri iri zina ry'inika, harimo amagambo avuga ubwiza cyangwa uturango tw'ubwiza, yavuge. Amagambo avuga ubwiza cyangwa uturango tw'ubwiza hari ingondo, ikirezi, amarebe, amaribori, inkoba, inyamibwa, imbibi, imparuzo, uruhehemure, imanzi.

Ibibazo byo kumva umwandiko

- 1. Uhereye ku mashusho n'ikivugwa, uyu mwandiko ni bwoko ki?** Uyu mwandiko ni ikivugo k'inika.
- 2. Ese mu by'ukuri inka irivuga? Sobanura.** Inka ntiyivuga ahubwo hano bigaragara ko hari umuntu uyihagarariye wivuga mu kigwi cyayo.
- 3. Vuga amazina nibura atanu y'ahantu havugwa muri iri zina ry'inika?**
 - a) I Rubengera (Kibuye), aha hoze umurwa wa Kigeli IV Rwabugili
 - b) I Mbuye (Muhanga), hari hatuye umutware w'Uruyange.
 - c) I Nawe (mu cyahoze ari Bicumbi). Hari urwuri rwa Niboye.
 - d) I Nyarubuye, mu mpinga ya Kigali; hari umurwa wa Kigeli IV Rwasbugiri.
 - e) I Murambi, mu magepfo ya Muhazi mu Buganza
 - f) I Mwima, hafi y'i Nyanza, hari umurwa w'umwami.
 - g) I Rukara, hari amashyo y'inika.
 - h) I Ntora, aha ni ku Gisozi ya Kigali.
 - i) I Nyamagana ya Mutakara, ni mu Ruhango ya Muhanga mu Ntara y'Amagepfo.
- 4. Izina ry'umwami uvugwa muri uyu mwandiko ni nde?** Izina ry'umwami uvugwa muri uyu mwandiko ni Kigeli IV Rwabugili.
- 5. Buri gice cy'uyu mwandiko kiri gusozwa n'interuro imwe isa hose. Ni iyihe?** Interuro imwe isa hose igenda isoza buri gice cy'uyu mwandiko ni Ingoro y'umwogabyano.

Intera ya kabiri: Gusesengura inganzo y'amazina y'inika

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 36

Intego zihariye:

Ahereye ku izina ry'inika yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura imvano y'inganzo y'amazina y'inika.
- Gusesengura inganzo y'amazina y'inika.
- Kugaragaza umwanya w'inganzo y'amazina y'inika mu buvanganzanyarwanda.
- Gutahura inshoza y'amazina y'inika.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’ubuvanganzo nyarwanda kirimo amazina y’inka.

Imitangire y’isomo

Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma izina ry’inka “ Inka ya Rumonyi” akabasaba kwitegereza imiterere yaryo. Umwarimu arahera aho ababwire ko bagiye gusesengura inganzo y’amazina y’inka, mbese ko bagiye kwiga ibijyanye n’amazina y’inka byose.

Gusesengura inganzo y’amazina y’inka

Umwarimu arafasha abanyeshuri gukora amatsinda hanyuma abasaba kujya mu isomero gukora ubushakashatsi ku bijyanye n’amazina y’inka. Umwarimu arabaha ibibazo bibafasha mu bushakashatsi bwabo.

Urugero rw’ibibazo yabaha bibafasha gukora neza ubushakashatsi:

Mu matsinda, muvuge inshoza y’umwandiko mumaze gusoma. Mukore ubushakashatsi ku mvano y’amazina y’inka, umwanya inganzo y’amazina y’inka ifite mu buvanganzo nyarwanda, imiterere y’amazina y’inka n’ubundi bumenyi bunyuranye bujyanye n’inganzo y’amazina y’inka.

Arabarangira ibitabo bibafasha mu nzu y’isomero abahe igihe cyo kubikora nikigera abasabe kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo abafashe kubinonosora byandikwe ku kibaho no mu makayi yabo.

Urugero rw’ibyava mu bushakashatsi:

Imvano y’inganzo y’amazina y’inka.

Mu Rwanda rwa kera inka yari ifite agaciro gakomeye cyane. Inka yari ikimenyetso cy’ubukire, ni yo yari ifaranga ry’ubu, ni yo yari ipfundo ry’ubuhake. Iyo wahakwaga ugacyura igihe bakakugororera, bavugaga ko ucyuye umunyafu cyangwa se ko ucyuye ubuhange ugabanye bwa mbere kwa shobuja. Tuzi neza ko ubuhake bwarambye mu Rwanda nta handi bwari bushingiye usibye ku nka. Ubuhake rero bwahambiraga umuja kuri shebuja ugasanga baribereye nk’akaremo n’umuse, umugaragu akitwa umuntu wa shebuja, akamwirahira igihe cyose amushima kumuhaka. Ubuhake bwavunnye benshi kugeza babuvugiyeho. Bamwe bati: “Ubuhake burica; ubuhake bujya kukwica buguca iwanyu; ubuhake bwananiranye bukukisha umugabo ikijyaruguru”. Ariko na none hari abo bwatoneshaga bakagashira nka Gashamura bati: “ubuhake bwa cyane bukunyaza mu ngoro”. Ubuhake kandi bwateraga ubwibombarike, bati: “Iyo ubuhake bwateye hejuru uratendera”. Ariko

kandi ngo uwafataga nabi abagaragu yarabigayirwaga; umugaragu wahemukiraga shebuja yaragayikaga. Uwabaga ahatse abagaragu yagombaga kubagoboka bari mu byago. Umugaragu na shebuja babaga bafitanye ubumwe bwafatiye ku nka, ari magara ntunsige. Iyo ubwo bumwe bwazagamo agatotsi ku mugaragu, shebuja yaramunyagaga, naho byaba biturutse kuri shebuja, umugaragu akamwimura akajya gukeza ahandi.

Intwari yo ku rugamba yagororerwaga inka ikitwa **inka y'ubumanzi**. Ubaye ikigwari na we ku rugamba yatangaga **ikiru k'inka**, iyo nka **ikitwa inka y'imirindi** kuko yahunze urugamba, agatererana bagenzi be. Inka yungaga inshuti, uwahemukiye undi mu bintu bikomeye akamuha ikiru k'inka. Inka yahuzaga inshuti n'imiryango kuko abahanaga inka babaga babaye icuti magara.

Inka bayikwaga umugeni. Umusore wabaga adafite amikoro yo kubona inka yashoboraga **gutenda**, agakora imirimo izahura n'icyakwitwa agaciro k'inka kugira ngo umukobwa wa naka yakunze amwegukane. Umukwe mukuru ati: "Turabakwera umunani cyangwa se mudutegeke ikindi". Umusore wabaga yaraye arongoye baramubyukurukirizaga inka zikamukamirwa. Mu itwikurura ry'umugeni bazanaga amata. Inka yari ifite akamaro kanini mu mucu w'Abanyarwanda. Umubyeyi yarabyaraga bajya kumuhemba bakazana amata. Umwana iyo yashyinguraga se cyangwa sekuru yahabwaga **inka y'inkuracyobo** (inkuramwobo). Umwana washyinguraga nyina cyangwa nyirakuru byitwaga gukamira nyina cyangwa nyirakuru. Mu mihango yo kwera hazagamo ibyerekeye kujya ku kibumbiro, hakazamo n'ibyo guha amata abana b'uwatabarutse. Mu ndamukanyo z'abanyarwanda dusanga abantu bifurizanya gutunga bati: "Gira inka, amashyo", usubiza ati: "Amashyo ngore!"

Nta Munyarwanda wakwiyibagiza ko mu byo abanyarwanda bafatiragaho bagena ibihe by'umunsi, inka yari ifitemo uruhare runini. Dore nawe baravugaga bati:

- Inka zivuye mu rugo: aho ni nko mu masaa moya;
- Inka zikamwa: aho ni nko mu masaa moya n'iminota 15, ubwo zibazikamirwa ku nama;
- Inka zahutse: aho ni nka saa mbiri;
- Inyana zahutse: aho ni nka saa mbiri zirengaho duke;
- Inyana zitaha: nko mu masaa yine;
- Mu mashoka: nko mu masaa saba;
- Inka zikuka cyangwa mu makuka: nko mu masaa munani;
- Inyana zisubira iswa: nko mu masaa kenda;
- nka zihinduye: nko mu masaa kumi;
- Inyana zitaha: nka saa kumi n'imwe;
- Inka zitaha: nka saa kumi n'ebiri n'igice;
- Inka zikamwa: nko mu masaa moya.

Uwagendera kuri ibi byose byavuzwe haruguru, ntiyatangazwa no kubona haravutse ubuvanganzo bufatiye ku nka. Ibyo byagiye bigaragarira mu:

- **Amahamba:** indirimbo zaririmbwaga n’abashumba bacyuye inka. Izo ndirimbo zirazwi mu Rwanda hose;
- **Amabanga** cyangwa **amahindura:** indirimbo abashumba baririmbaga inka zirisha, zitaha, batarazikata inkoni ngo ziboneze zitahe;
- **Inzira:** indirimbo zaririmbirwaga inka mu gihe zabaga zigana amabuga cyangwa ibibumbiro;
- **Indama:** indirimbo baririmbaga mu gihe inka zabaga zibyagiye ahantu, bazishoye amabuga cyangwa ibibugazi. Izo ndirimbo hari ubwo zaririmbwaga mu minsi mikuru, bamurika inka. icyo gihe abagore n’abakobwa bahimbazaga izo ndirimbo baziha amashyi;
- **Ibyisigo:** indirimbo zo mu gihe cyo kudahira. Basingizaga amazi ahiye hamwe n’inka zabaga zayashotse;
- **Imyama (imyoma):** indirimbo zaririmbwaga mu gihe k’impeshyi, inka zigisha (zigana ahari ubwatsi).

Inshoza y’inganzo y’amazina y’inka

Amazina y’inka yagereranywa n’ibyivugo by’inka. Inka z’inyambo batangiye kuzirata cyane mu mivugo kuva kera, ariko imihimbire y’amazina y’inka yaje kwamamara ku ngoma ya Yuhi Gahindiro ahagana mu mwaka wa 1800. Kuva icyo gihe ni bwo abahanga mu byo kwita inka abisi batangiye kurebera inka mu bwenge, bakaziremesha ingamba. Inka baziremyemo imitwe bakayirwanisha. Buri mutwe wari ubangikanye n’umutwe w’ingabo nk’uko bigaragarira kuri iyi mbonerahamwe.

Umutwe w’ingabo	Umutwe w’inka	Ingoma waremeweho
1. Abanyansanga	Insanga	Gihanga
2. Abakaraza	Imirishyo	Ruganzu Bwimba
3. Abariza	Ibirayi	Cyilima Rugwe
4. Abadaheranwa	Inshya z’i Remera	Mibambwe Mutabazi
5. Abadaheranwa	Inka i Rwanda	Ruganzu Ndoli
6. Abashakamba	Umuhozi	Mibambwe Gisanura
7. Abazirakubingwa	Ibinda	Yuhi Mazimpaka
8. Ababanda	Imitagoma	Yuhi Mazimpaka
9. Indara	Amarebe	Yuhi Mazimpaka
10. Nyaruguru	Inkondera	Cyilima Rujugira
11. Nyakare	Ibyiza	Cyilima Rujugira
12. Imbanzamihigo	Abazatsinda	Cyilima Rujugira
13. Abarima	Nyamumbe	Cyilima Rujugira

14. Indirira	Inyamuteri	Cyilima Rujugira
15. Abakemba	Imisugi	Kilima Rujugira
16. Ababito	Inkungu	Kigeli Ndabarasa
17. Imvejuru	Inkabuzima	Kigeli Ndabarasa
18. Abashumba	Umuriro	Kigeli Ndabarasa
19. Abatanguha	Mpahwe	Kigeli Ndabarasa
20. Abakwiye	Amahame	Mibambwe Sentabyo
21. Impara	Impara	Mibambwe Sentabyo
22. Intaganzwa	Uruyenzi	Yuhi Gahindiro
23. Uruyange	Ingeyo	Yuhi Gahindiro
24. Inzirabwoba	Indirikirwa	Mutara Rwogera
25. Abahirika	Urugaga	Kigeri Rwabugili
26. Abarasa	Ingaju z'i Sakara	Kigeri Rwabugili
27. Abashozamihigo	Ingaju z'iRwamaraba	Kigeli Rwabugili
28. Impamakwica	Ingaju z'i Giseke	

Buri mutwe wabaga ufite ibyiciro bitatu by'inka:

- **Amashyo y'inka yaremwe n'umutware w'ingabo**, amwe ari ay'inkuku \ andi ari ay'inyambo.
- **Amashyo y'abakomeye** bari abatunzi bo mu mutwe w'ingabo.
- **Inka z'imbata**. Izo zari inka za rubanda bo mu muri uwo mutwe w'ingabo. Inka ntizari ingabane, ni izo umuntu yabaga yarihaheye ku giti ke. Izi nka bazitaga kandi inka z'ibiti.

Muri izi nka zose izo umwisi yitaga ni inyambo. Abisi barwanishaga Ibihogo (ubushyo bwaremwe butowe mu Rwanda) n'Amagaju (ubushyo bwaremwe butowe mu minyago ivuye mu mahanga nko mu Ndorwa cyangwa Ankole). Umwisi yabaga agiye kwita nk'ubushyo bwo mu mutwe w'Ibihogo akabuteza umutware w'Inyambo, akabuteza umutahira n'abarenzamase bo mu bushyo bw'Amagaju. Umwami n'umutware w'ingabo, umwisi yirindaga kubateza inyambo cyangwa kubitirira kuko ibyo byari ukubapfobya no kubahinyura.

Umutware w'inyambo nubwo umwisi yashoboraga kumwitirira yari umutegetsu ukomeye. Yashyirwagaho ngo agenge inyambo zose zo mu mutwe w'inka uyu n'uyu. Ubwo butegetsu yaburagaga umwana we, bakagenda basimburana mu bisekuruza byabo. Umutware w'ingabo na we yashoboraga kunyagwa ingabo, akaba anyagiweko n'umutwe w'inka bibangikanye. Umutware w'inyambo we ntiyanyagwaga; yari ashinzwe guhora yorora inyambo, akagenda azongera mu ibangurira ry'inkuku ku mfizi z'inyambo. Bwari ubumenyi umuryango we ushinze ku ngoma zose.

Akamaro ko kwiga amazina y'inka

Birashoboka ko hari umuntu wakwibaza icyo kwiga amazina y'inka byaba bimaze muri iki kinyejana turimo, aho abantu benshi bahibikanyiranye kumva ibirebana n'itumanaho, ndetse n'ikoranabuhanga. Reka twemere ko muri ibi bihe ndetse n'ibizaza ntawuzongera kujya mu byo kwita inka. Ariko kumenya ubuhanga bukubiye mu nganzo iyi n'iyi ya kera nta cyo byishe, ndetse ni byiza rwose kumenya umurimo wa ba sogokuru. Bifite akamaro ku muntu washobora gucengera neza iyo nganzo, hanyuma yamara kumucengeramo na we akaba yafatiraho akayikoresha mu bundi buryo. None se Musenyeri Alegisi Kagame amaze kuryohesha, gucengera no gucengerwa n'inganzo y'amazina y'inka, sibwo yayishingiyeho ahimba *“Umuririmbi wa Nyiribiremwa”* n' *“Indyoheshabirayi”*?

Byongeye kandi uwashaka kumenya ubuhanga bw'abahanzi ba hano mu Rwanda ntanage akajisho kuri iyi nganzo y'amazina y'inka, ngo arebe ubuhanga bw'intodeke zipimye indinganire yaba atakaje byinshi. Abashakashatsi bitaye ku nganzo y'amazina y'inka harimo uwitwa Faransisi Yuwaneti (Francis Jouannet), asobanura neza ko ubuhanga bw'intondeke zipimye ntaho ryakunze kuboneka muri Afurika uretse mu Rwanda. uwashaka kubucukumbura yasoma igitabo kitwa *Prosodologie et phonologie non linéaire*, 1985, p.73. Niba tudashatse kubyitaho ntaho twaba dutaniye na ba bandi bambara ikirezi ntibamenye ko cyera cyangwa wa wundi w'umutunzi uba umworo w'amata.

Nta gushidikanya mu mazina y'inka harimo ubuhanga bw'inshoberabuvivi. Uretse ubwo buhanga bw'intondeke zipimye, usangamo injyana n'iminozanganzo ishingiyeye ku isubirajambo, ari iy'isubirajwi; usangamo gukoresha ijambo ryabugenewe; usangamo uburyo bwo gukoreshamo imibangikanyo; usangamo imizimizo myinshi itandukanye n'icyo abisi ubwabo bita **ingaruzo**. Ni ijambo rishingiza cyangwa se interuro y'amagambo asingiza abami muri rusange cyangwa ingoma, hakaba n'asingiza umwami uyu n'uyu, ibikorwa bye cyangwa amatwara ye. Uwashaka rero kumenya imyifatire y'Abanyarwanda bo hambere, agashaka kumenya ibyo babaga bimirije imbere, nta yindi soko yavomamo ubwo bumenyi uretse kubusanga mu mazina y'inka. Ubutwari n'umurava birasingizwa, ubupfura no kwanga umugayo bikamamazwa kandi ibi ni bimwe mu by'ingenzi biranga indangagaciro y'uwagombye kwitwa Umunyarwanda.

Imiterere y'amazina y'inka n'ubwiza bwayo

Injyana

Mu mazina y'inka, abisi bavumbuye inganzo ishingiyeye ku ipima rigendera ku kabangutso. Ni ukuvuga imikoreshereze y'ubutinde bw'inyajwi. Wakwibaza uti: “Bapimye bate amagambo?” Reka tugendere kuri uru rugero kugira ngo dushobore kubyumva.

Rutiimiirwa ziri mu mihigo

Iyo witegereje ubona muri uyu mukarago ko umugemo wa mbere ubangutse, uwa kabiri n' uwa gatatu ikagira ubutinde bunimbitse, ikurikiyeho yose ntigire ubutinde. Akabangutso kakaba gahwanye n'inyajwi ibangutse, naho inyajwi inimbitse ikagira utubangutso tubiri. Uru rugero tumaze kubona rubara utubangutso 12. Abasesenguye amazina y'inka babyitondeye basanze:

Hari mazina y'inka agizwe n'imikarago ifite utubangutso 9.

Urugero: Inka ya Rumonyi

Ru-ta-gwa-a-bi-z(a) i-mi-ne-ga	= 9
(I)nku-ba ze-e-sa mu bi-ho-go	= 9
Rwa-a mu-ga-bo nyi-ri-gi-ra	= 9
(I)mbi-z(i) i-sa-a-nga-ni-zw(a) i-ngo-ma	= 9
N'u-mu-ga-be w'i- Ru-yu-u-mba	= 9
(I)ki-i-se-e-su-u-r(a) i-mbi-bi...	= 9

Hari agizwe n'imikarago ifite utubangutso 10

Urugero: Inka y'i Nyanza

Ru-ti rwu-u-hi-r(a) i-sa-ha-a-ha	= 10
(I)nga-bo zi-ho-me-re-r(a) i-mpu-u-nzi	= 10
Rwa-a-ma-nywa ya ru-ge-ma-ha-bi	= 10
(I)nka-bu-ra-no y'i-mpi-i-nga-a-ne	= 10
Ya ru-ka-ni-ka-ndo-o-ngo-o-zi	= 10
(I)ra-zi-me-na zi-ga-ku-bi-ta	= 10
Zi-gi-tu-ru-ka mu ki-re-e-re...	= 10

Hari agizwe n'imikarago ifite utubangutso 12

Urugero:

1. Inka ya Nkusi

Rwi-ya-mi-ri-ra yu-u-hi-r(a) i-mbu-ga	= 12
(I)nku-ba zi-hi-i-ndu-r(a) a-ba-nya-bi-ho-go	= 12
Rwa-a Mi-ri-i-ndi ya si-i-mu-go-mwa	= 12
(I)ma-a-na ya-re-my(e)i-nya-mi-bwa y'i-mpe-t a	= 12
Nti-i-be-h(o) u-ru-gi-i-ng(o) u-yi-hi-nyu-ra	= 12
Ya-ma-ra ku-yi-gi-r(a) i-nta-yo-be-ra-na...	= 12

2. Inka ya Rugina

Ru-kwe-e-re-e-ra i-mbu-ga y'i-ndi-i-nzi	= 12
(I)nku-ba zi-ka-ru-ru-ka mu-u ndu-u-ru	= 12

Rwa-a Ndi-ri-ma ya Ru-bu-ra-ma-nywa	= 12
(I)me-ne-ra-ba-swa i-ti-i-ca i-nda-ga-no	= 12
Nti-i-shyi-ki-i-rwe n'a-a-b'i-i Nde-ra	= 12
Nti-i-be mu ru-ga-a-mba rw'I-ndi-i-nda	= 12
Nti-ba-yi-bwi-i-re I-nde-nga-mi-ma-ro	= 12
Ya-ma-ra kwi-i-twa ndi-i-nda-u-ya-ba-zwe	= 12
(I)ndi-ri-ki-rwa zi-ka-yi-ba-ho i-nya-na	= 12
(I)nya-mi-bwa ba-ka-yi-ta Nye-e-ma-zi	= 12

Ikitonderwa:

Mu ibara ry'utubangutso, iyo inyajwi ebyiri zikurikiranye, iya mbere iburizwamo kandi inyajwi itangira umugemo ntibarwa nk'uko bigaragara ku majwi yagiye ashwirwa mu dukubo.

Ubwiza bw'amazina y'inka bushingira ku buhanga bwo gukurikiranya ibitekerezo no ku **isubirajwi**, ku **isubirajambo**, ku **mibangikanyo**, ku buryo bwo **kugenekereza**, ndetse no **kureshyesha intondeke**. Mu mazina y'inka bahagikamo ijambo cyangwa injyano z'amagambo zigize ibisingizo. Igisingizo muri ubu bwoko bw'ubuvanganzo bw'amazina y'inka kitwa **ingaruzo**, mu bisigo igisingizo bakakita **indezi**.

Inka ya Ruganji

Ingaruzo, iyo bacutsa inka ya Ruganji bagira ngo:

Rutimirwa ziri mu bihigo
Intwari zimaze kubona umugaba
Rwa Mugabo w'imaramwaga
Insengamihigo y'ishema muri zo
Ya Rushikanurandongozi.

Iminozanganzo

1) Isubirajwi n'isubirajambo

Iyo bavuze isubirajwi twumva uburyo umuhimbyi agenda akoresha amajwi asa mu mihimbire ye. Muri make, twumva ko ari amajwi agenda agaruka kenshi haba mu magambo cyangwa mu nteruro.

Urugero ku isubirajambo:

Zivuga mu Rubumba rw'inyambo
Zivuga i Masaka ya Mibirizi
Zivuga mu Ruhango rw'ibwami
Zivuga i Nyarurama ya Nyanza
Zivuga i Nyarubuye ya Mwendu

Iyo bavuze isubirajambo bigaragarira ku magambo amwe n'amwe agenda agaruka. Ari isubirajwi, ari isubirajambo byombi bituma izina ry'inka cyangwa umuvugo muri rusange ugira icyanga bityo ibivugwa bigafatika vuba. Ibi byombi ni bimwe mu bishimangira injyana.

Urugero ku isubirajwi

Rwavuye i Rusheshe

Rwiharaze isharankima.

Rwabaye igishami

2) Imibangikanyo cyangwa ubutegane

Ni uburyo umwisi akurikiranya imikarago nibura ibiribiri ifite icyo ihuriyeho haba ku kivugwa cyangwa ku misusire.

Imibangikanyo y'imisusire ishingiyeye ku myubakire

Urugero:

Inka ya Rumonyi

Rukaraga ku mpitira

Rukaraga ku mpini

Rwogesha ku mbuga

Rwanika ku ntagara

Rushita ku y'imerera...

Iyo turebye izi ntondeke dusanga zubatse kimwe, amagambo y'ubwoko bumwe agiye aba mu mwanya umwe.

Imibangikanyo ishingiyeye ku kivugwa cyangwa ingingo.

a) Umubangikanyo wisobanura

Intondeke ya kabiri isubira mu ngingo y'intondeke iyibanjirije.

Urugero: Inka ya Rumonyi

Kurya irihoza mu rugina

Imbuga yaryo iratukura

Ntagera mu ntagara

Ahora akina mu ntoki...

b) Umubangikanyo w'inshyamirane

Ingingo dusanga mu ntondeke ya kabiri iba ishyamiranye n'iyi mu ntondeke ya mbere. Uwo mubangikanyo uboneka mu ngeri nyinshi z'ubuvanganzo. Uwo

mubangikanyo hari ubwo uba ushingiyeye ku iyemeza n'ihakana bigiye mu buryo bw'inshinga. Hari ubwo uba ushingiyeye ku ibusana ry'amagambo gusa.

Urugero 1: Ihakana n'iyemeza

Si ay'ingimbi iterura
Ni amajunga ntabashika
Si inkiko utura iruhande
Ni inkuba zitaha i Nyarubuye.

Urugero 2: Ibusanya ry'amagambo

Ugiye bagushishira
Uzagaruka bagushishimuye
Ugiye uri Muhimpundu
Uzagaruka uri Muhinduru
Ugiye uri igisabo
Uzagaruka uri igisambo
Ugiye uri ingwa yera
Uzagaruka uri imbwa yiba.

c) Umubangikanyo wuzuzanya:

Usanga intondeke ya mbere igenda isobanurwa n'iya kabiri ndetse n'iyikurikiye.

Urugero: Inka ya Rumonyi

Abogeza inkuba zesa
Bakubwire iy'ingondo
Imbibi ziseseyeho
Wihagire imparuzo

Amazina y'inka akubiyemo ubuhanga bwinshi, aho usanga umwisi ashobora guhitamo amagambo ajyanye n'icyo ashaka kuvuga cyangwa se akaba yakoresha igereranya. Kimwe no mu byivugo no mu bisigo, amazina y'inka na yo agira amagambo yihariye; amwe muri yo ni aya akurikira:

Impanzi: intwari

Intarizi: inenge;

Gucutsa: kwita inyamba y'inyamibwa izina rya mbere;

Ingaruzo: igisingizo cyo mu izina ry'inka;

Ikigondo: ihembe ry'inka;

Impamagazo: igika cya mbere cy'umuzinge;

Inkobwa: inka itari ikimasa;

Umusibo: igika cyo mu musozo w'izina ry'inka gisingiza inyamibwa yonyine;

Gusibira: kuvuga impakanizi

Umuzinge: izina ry'inka rigizwe n'imivugo;

Kugogomera: kwimya kw'imfizi;

Kuvuta: kwikiriza bavuzza urusaku.

3) Igereranya:

Igereranya rikoresheya cyanecyane mu mazina y'inka, aho amacumu y'indatwa bayagereranya n'amacumu y'abantu. Igereranya rishobora gushingira ku magambo yumvisha cyangwa agusha ku gisobanuro. Hashobora gukoreshwa icyungo ngereranya nka, inshinga gusa n'icyungo na.

Urugero: Inka ya Rumonyi

Ikaba mu mariza y'impeta

Igasa n'inyamibwa rwema

Ni yo macumu adahemba (atavunika)

Nk'inti z'abanyamahanga.

Byumvikane neza, kuva aho u Rwanda rubaye Repubulika, inyambo ntizongeye kwitabwaho cyane ngo zibe zamurikwa cyangwa ngo ziratwe bikabije nk'uko byahozze mbere. Ibyo kuzihimbira amazina bisa n'ibizimiye, ahubwo amazina yari yaratowe na bamwe muri rubanda cyangwa abisi ubwabo bakajya bayavuga mu mutwe bateraniye mu birori. Ijambo umwami ryayazagamo, abantu batinyaga kurivuga bakarisimbuza Perezida cyangwa rwose bakaricaho.

Amwe mu mazina y'abisi bamenyekanye

Hagiye habaho abisi b'intamenyekana, bitewe n'uko babaga badafite ubuhanga bukaze bwo gutuma amazina bitaga ahimbaza abayumva. Iyo mpamvu yagombaga gutuma abayafashe mu nteruro badatinyuka kuyogeza. Abisi b'abahanga bamenyekanye mu myitire y'amazina y'inka harimo aba bakurikira:

Izina ry'umwisi	Ingoma yabayeho
1. Nkibiki	1. Gahindiro
2. Mugaragu	2. Gahindiro n'ya Rwogera
3. Bwarike bwa Mahanane	3. Gahindiro, Rwogera, n'ya Rwabugili
4. Bukombe	4. Rwogera, na Rwabugili
5. Bikungero bya Murema	5. Rwogera, na Rwabugili
6. Ndangamira ya Muyobokeye	6. Rwabugili
7. Mareba	7. Rwabugili
8. Rukazambuga rwa Serupfura	8. Rwabugili, asaza ku ya Rudahigwa
9. Rudakeneshwa rwa Bikungero	9. Rwabugili n'ya Musinga
10. Ndibiyariye	10. Musinga n'ya Rudahigwa
11. Nyagahungu	11. Rudahigwa
12. Sebikara Mariko	12. Rudahigwa

Abisi ni ikiciro k'intiti ariko icyo baba barusha izindi ntiti ni uko bo bihariye ubuhanga bw'umwimerere bwo guhimba nta cyo bahereyeho cyabaye. Bahanze igitekerezo cyo gutuma inka ziba abarwanyi nk'aho zifite ubwenge; bakaba kandi barakenetse itonde ripimye.

Bitewe n'ubuhanga bwabo, Nkibiki, Ndangamira na Bikungero bafite injyana bihariye zikaba zitwa hakurikijwe amazina yabo.

- **Injyana Bi:** igizwe n'utubeshuro 12
-u-u-u-u =12
- **Injyana Nki:** igizwe n'utubeshuro 10
- -u- -u =10
- **Injyana Nda:** igizwe n'utubeshuro 9
- u- u-u =9

Bene izi njyana ni zo bita fatizo naho injyana yungirije iba ipanzwe uko bashatse ku buryo yuzuza utubeshuro twa ngombwa ariko tudatondetswe dutyo.

Abasesenguye neza iby'aba bisi ngo bose ntibari bahwanyije ubuhanga. Musenyeri Alegisi Kagame wasesenguye inganzo zabo yitonze avuga ko bariya ikenda ba mbere ukuyemo Rukazambuga, ari bo bari bafite inganzo ityaye. Avuga ko Rukazambuga yapfaga gucurikiranya amagambo, ntashodekanye amabango agusha hamwe. Ndibiyariye na Nyagahungu na bo ngo ntibari shyashya. Sebikara Mariko ngo ni we wari ubijemo neza, abifitiye ubwenge; gusa ngo yaje bikendera. Sebikara we ngo yaba yarise izina rimwe risa atabanje kwitegereza imihimbire y'izina ry'inka ngo akurikize amategeko yaryo. Undi mwisi ushyirwa mu majwi ni Rucakatsi; yise inka ebyiri ariko ngo na we byari bimaze kugaragara ko impano yo kwita imucumbamo ikibatsi, ko amatwara ye ashobora kumugeza heza. Bivugwa ko higeze kubaho undi mwisi witwa Ruburika rwa Mukotanyi wo ku ngoma ya Musinga, ariko we nta zina na rimwe rye ryashoboye kuboneka, cyakora ngo yise ubushyo bwitwa Intaganira, bwo mu mutwe w'Izimanye(iryo zina ni ukubangura bashaka kuvuga Izimanye –na- Mibambwe).

Umwisi w'inka ya Rumonyi: Ndangamira ya Muyoboke , mumenye biruseho.

Ndangamira ya Muyoboke yari umwisi uzimbukiwe cyane n'ubwisi bw'amazina y'inka. Yabaye intiti bitavugwa mu nganzo y'ubusizi, yumvaga inganzo ye, injyana ye; mbese ibye byose byari bifite umwihariko kuko yari atandukanye cyane n'abandi bisi babayeho mu mateka y'abisi.

Hari ubwo umwami Kigeli Rwabugili yamutegetse kwita inka ya Terera, uwo Ndangamira atangira umurimo we, arangije imivugo itanu ararwara araremba; umwami abonye bitinze, ategeka uwitwa Rukazambuga, na we w'umwisi, gusoza

izina ry'inka ya Terera. Ubwo yongeraho imivugo ibiri harimo n'imivunano. Ndangamira ngo aho akiriye yasuzumye izina ryasojwe na Rukazambuga yumva umusozo watanze usa n'ukwanjitse udahwitse, nibwo ngo Ndangamira anenze imisozereze y'iryo zina ry'inka ya Terera yogeraho uwe yizeraga ko unozze ukurikije inganzo y'amazina y'inka.

Bivugwa ko Ndangamira yari yaratwawe n'inganzo y'amazina y'inka ku buryo yajyaga ayikinamo abyishakiye cyangwa babimusabye. Hari ingero zagiye zitangwa n'abasesenguye cyane inganzo ya Ndangamira. Dufate ingero zikurikira:

Inka ya Kanyamashokoro: yari inka y'inkuku y'umugabo Nzigiyiye. Iyo nka ngo ikaba yarakamwaga cyane. Umugore wa Nzigiyiye witwaga Nyirakayogera asaba Ndangamira ngo ayimusingirize. Ndangamira yabyitabiye yumva aguye ahashashe mu nganzo ye.

Inka ya Ruzirabwoba: yari inka y'inkungu baturiyiye Kigeri Rwabugili ahitwa i Ruhama rwa Kayenzi ho mu Ndorwa, ivuye mu minyago. Bavuga ko kari agaka kiburungushuye. Umwami asaba bose kuyimurekera ngo hatagira uyimusaba. Ndangamira ayibonye na we arayirata by'amashyengo.

Inkuku y'ikirezi: Ni inka ya Ndangamira yahonotse muryamo, ni ukuvuga iyarwaye umuze hanyuma ikawukira. Ndangamira yarayise.

Inshyamba ya Ndangamira: Ni inka ya Ndangamira yabaye inshyamba ya Muryamo, ni ukuvuga itigeze ifatwa n'umuze wa muryamo. Ndangamira na yo yarayise mu mashyengo.

Imyororere y'inyambo

Kugira ngo inyambo zigwire mu Gihugu, umutware w'inyambo yafataga:

- Inkuku + imfizi ikabyara **ibigarama**
- Ibigarama + imfizi ikabyara **inkerakibumbiro**
- Inkerakibumbiro + imfizi ikabyara **imirizo**
- Imirizo + imfizi ikabyara **ingegene**

Igegene ni yo nyambo yuzuye. Ingegene cyangwa inyambo yuzuye yabaga ari inka ifite umubyimba muremure.

Ubwo bumenyi umuntu yakwibaza uko bwari buteye. Mu by'ukuri ubwo bumenyi bwari mu buryo bubiri:

- a) Uburyo bwo kubangurira inka z'inkuku ku mfizi y'Inyambo;
- b) Uburyo bwo kubangurira Inyambo z'ingegene ku mfizi y'Inkuku zikabyara ingegene.

Kumenya inyambo yuzuye

Inyambo zari zifite umubyimba muremure. Nyamara umuntu yakwibaza icyatumaga bazikunda. Bazitozaga uko zigenda maze bakazimurika mu birori bityo ntizihungabane. Ariko kandi ubu bwo biraruhije kugira ngo umuntu abyumve.

Uko bitaga inyambo

Iyo inyambo zamaraga kubyara uburiza, umutahira yatimiraga umwisi akaza akitegereza ubundi iz'ingenzi muri zo akazita akaziha **inshutso** yarangiza agataha bakamuha inka y'intizo ikamwa, yamara kuyitekesha akayisubizayo. Mu myitire y'inka icyo bita **inshutso** ni nk'igisingizo cy'inyambo zibyaye inshuro imwe gusa. Igisingizo kandi cyabaga gifite nk'imikarago 15. Maze umwisi agashyiraho impakanizi igenda igaruka. Iyo za nyambo zamaraga kubyara ubuheta barongeraga bagatumira umwisi ngo agire icyo yongeraho ku nshutso maze akaza akita indatwa muri izo mpeta akayisingiza.

- Inshutso ya mbere ikitwa **impamagazo**
- Igisingizo cya kabiri kikitwa **impakanizi**
- Ibindi bisingizo bikitwa **imivugo**
- Igisingizo cya nyuma kikitwa **umusibo** cyangwa **imivunano**. Umusibo ni kuri ya ndatwa yonyine, naho imivunano ni ku ishyo ryose.

Ikitonderwa: Igice kigenda kigaruka mu izina ry'inka (umukarago) kitwa impakanizi y'umuzinge.

Imitegekere y'inyambo

Umwami ni we wari umutware w'inyambo mukuru, hagakurikiraho umutware w'ingabo, agakurikirwa n'umutware w'inyambo, hakaza umutahira, hagaheruka umurenzamase.

Umwami: yari nyiri Igihugu bityo akaba yari ku mutwe wa byose.

Umutware w'ingabo: yari umukuru w'umutwe w'ingabo kandi akaba yari hejuru y'umutware w'inyambo

Umutware w'inyambo: yabaga ari umuntu ujijutse, akaba yarashyirwagaho ngo agenge inyambo zo mu mitwe iyi n'iyi. Ubwo butegetsu yaburagaga umwana we bugakomeza kuba uruhererekane. Ntiyashoboraga kunyagwa kuko yari ashinzwe imyororerere y'inyambo. Nyamara umutware w'ingabo we yashoboraga kunyagwa ingabo.

Umutahira: we yabaga ari umunyacyubahiro baremeraga ubushyo bw'inyambo bwo mu mutwe uyu n'uyu w'inka, akawubwiriza akawuragira. Umutahira yashoboraga guhabwa inkoni y'ubushumba (kumuziturira); bamuhaga inka

(ubushyo). Byakorwaga bazitura inyana mu kiraro bakazimuha bakanamuha inkoni y'ubushumba. Iyo inka zamaraga kuba amabuguma, umutware w'inyambo yazeguriraga umutahira zikaba ize bwite. Na we yarazigumanaga akaziha abo ashaka. Umutahira rero yabaga ari mu rwego rw'abashumba b'inyambo. Ubushyo yabaga ashinzwe iyo bwazazaga bamuremeraga ubundi bushyo cyangwa bakaburemera umwana we w'umuhungu.

Abarenzamase: Bo bari nk'abakozi bari bashinzwe kwirirwa inyuma y'inka (bubakaga ibiraro, bacaga ibyarire) kandi bakaba barashyirwagaho n'umutahira.

Ukuvukira rimwe k'ubushyo bw'inyambo z'ingegene.

Ubushyo bw'inyambo bwabyariraga rimwe, agatsinda bwabaga bwaravukiye rimwe. Uko kuvukira rimwe byagendaga bite? Amashashi y'inyambo yararindaga, ntibahereko babangurira irinze yose, ahubwo bakazihorera zikarinduka. Aho bazashakira ko zibangurirwa bakazishora ku iriba rihye.

Iriba rihye ni iriba ry'amazi y'urwunyonyu rukaze, maze inka iryuhwaho igahodoka. Guhodoka bivuga kugira icyokere mu mubiri kiyitera ubuzinukwe bw'amazi ya bene iryo riba rihye; igihe ikifitemo ubuhodoke wayishora ku mazi ahiye ikayanga, ahubwo ikishakira amazi asanzwe y'umugezi, kugira ngo ihoshe icyo cyokere yiyumvamo. Ubwo bavuga ko iryo riba rihotora(iyo inka zinywaho zigahodoka). Ubuhodoke bwamaraga iminsi myinshi, ndetse bikageza no ku kwezi, no ku mezi abiri. Iriba ryarushaga ayandi kuba rihye baribwirwaga n'iminsi rihotora.

Iyo nka buhiye, niba yakamwaga, imara gukuka ku iriba rihye ikagira iyayumo, ni ukuvuga kumira amata, ikagabanya umukamo cyane. Nyamara, uko ubuhodoke buyigabanyukamo, ikangishira. Kwangishira bivuga kugenda yongera umukamo. Kwangishira si iby'amazi ahiye gusa; n'iyi inka zirishije uruhira, igisigati cyangwa ubwatsi bwinshi bwiza, na bwo zirangishira. Iyo rero iby'uguhodoka birangiye, ubushyo bwose bwuhwe ya mazi ahiye, bwarindiraga icyarimwe; ubwo bakazibangurira, zikazabyarira rimwe.

Hari igitekerezo kiza cya bene ayo mariba ahiye. Ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro, igihe yari atuye i Murinja ho ku Mayaga ubu ni mu Ntara y'Amajyepfo, bagiye impaka z'amariba atambukije ayandi gushya. Gahindiro rero atumira amakoro y'amazi y'amariba y'Igihugu cyose. Amakoro yayo mazi amaze kugera i Murinja, bafukura ibibumbiro inyuma yo ku karubanda (akarubanda ni umuharuro w'ibwami aho buri muntu wese yashoboraga kwigendera uko ashaka, ntihagire umubuza). Baje gusogongeza inka ku mazi yashyizwe mu bibumbiro byose, barazahura zirahangaza. Igihe cy'amashoka kigeze, baza kuzuhira kuri bya bibumbiro, ariko barazireka zihitiramo. Zose ziza zisibanira amazi yo mu **Rushya rwa Nyamirango**,

iriba ryo mu Bwishya (ubu ni muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo), izihabuze umwanya zisanga **iriba rya Mupfu** ryo mu Bunyambiriri; izihabuze umwanya zinywa ku rya Ngugu ryo mu Mutara. Izibuze umwanya kuri ayo ngayo zanga kunywa ku yandi ahubwo zigaruka kurwanira umwanya kuri ayo uko ari atatu. Bityo zica urubanza ko iriba ryo mu **Rushya rwa Nyamirango** riyaruta yose, hagataho **Mupfu na Ngugu**.

Hari icyo tutagomba kwitiranya; iriba rihye ryitwa **“imbuga”** cyangwa **“ibuga”**, iridahiye nk’aho hose mu gihugu bapfaga kuhira inka, ryitwaga **“urwoyo”**. Amariba ahiye barayahagurukiraga, bagakora urugendo ruraza nzira ndetse n’iminsi ibiri ikaba yashyika umuntu agishakisha ahaboneka iriba rihye. Urwo rugendo rujya kuhira inka kure byitwa **“kurekera”**, abarukoze bayoboye inka zabo bakitwa **“abarekezi”**. Niba ari urugendo ruraye ijoro rimwe, bashoboraga gusiga inyana, zikarara ukubiri na za nyina; ibyo bikitwa **“kurara iragwe”**. Habagaho ubwo inka icika nijoro ishaka iyayo ibyo bikitwa **guhomora**. Amariba ahiye bayashakiraga n’akandi kamaro: ngo yavuraga inka indwara zimwe na zimwe, ariko izabimenyerejwe buri mwaka zabibura zikagubwa nabi, zigasogobwa (zikazongwa).

Inka zahirwaga mu ki amariba ahiye, kugira ngo zibangurirwe ku mpeshyi zizabyare mu itumba, zibone ubwatsi bwinshi ku mvura. Nanone inka yabyaraga mu ki, mu minsi ya mbere ntiyakamwaga: bayiragiraga mu bwatsi bw’inkome bubonetse bwose. Nyamara iminsi ya mbere yo kuyihemba yararangiraga igasigara yanamyeye, irisha hamwe n’izindi, bikayizahaza igakurizamo kurwara muhekenyi. Aborozi ba kera rero, abari bazi uburyo bw’imyororere y’inka, ntibabanguriraga inka zabo mu gihe kizahurirana n’uko zibyara mu ki.

Ni byiza kwibuka ko hari itegeko ryo kweza amariba imvura y’itumba ivuye hasi; mu kwezi kwa Kamena kamena amasekuru. Kweza amariba ni ukuyavanamo amazi yose, iriba bakararisukura, bakabona kuryuhiraho. Iriba ritejewe itumba rivuye hasi, bari bazi ko ritera muhekenyi mu nka. Uwo murimo wo kweza amariba kimwe no kuyafukura mbere, byari bitegetswe abafite inka bose, bonyine; uwanze kubijyamo bakamukoma iryo riba ntazashobore kuryuhiraho. Iriba riteze ryitwa **“umugwira”**, n’amazi yaryo arimo umwanda akitwa **“umugwira”**.

Hariho amariba ya kera cyane yategekwe n’abatware bayagabanye, abaje kuhira bakabanza kubatura. Nyamara amariba menshi ntiyagiraga umutware w’ibuga. Habanzaga kuhira uwatanze abandi gufata amazi, abandi bakaza gukurikirana uko bagiye bahamusanga. Uwajyaga gufata amazi, yazindukaga kare cyane, akarema igicaniro ku iriba, bwamara gucya akadahira. Umwanya wa buri muntu wo kuhira witwaga **umurambi**. Habaga ubwo haza umuntu w’ikinyamaboko agashaka guhuguza abandi umurambi wabo, bakarwana. Kurwanira amazi byitwaga **gukomata**, ari byo byenderaho rya jambo ngo inkomati.

Ibindi byavugwa ku nka

Inka mu Rwanda rwo hambere zajyaga mu myiyereko cyanecyane inyambo. Zaherekezaga umwami n'abatware mu mitambagiro. Si mu Rwanda honyine bakunze inka, nko mu Buhinde bayigize ikigirwamana ndetse n'Abaromani baririmba inka mu bisigo byabo.

Tugarutse mu Rwanda, twavugaga ko inka zari zifite uko baziterura amazina bahereye ku ruhu rwazo. Haba izo bita **ibihogo, igitare, isine** (yashoboraga kuba ari isine koko cyangwa ari umukara), **igaju, ubugondo** (umweru n'ibihogo), **ikibamba** (umukara n'ibyeru binini), **umusengo, urwirungu, uruvuzo, urusa** (bugufi gusa n'igaju), **inziga, inyamanya**, n'andi mabara.

Abanyarwanda kandi bashoboraga guha amazina inka bafatiye ku buryo ziteze amahembe. Ingero zikurikira zirabikomozaho:

- Inkungu: nta mahembe ziba zifite;
- Ingorore: amahembe agororotse;
- Urukoro: amahembe areba imbere;
- Umuhino: aminuriye inyuma ariko mato;
- Inkondogoro: yenda guhura ariko ntabe maremare cyane;
- Urukomane: amahembe abusanye;
- Ikigarama: agaramye ataminuriye inyuma;
- Ikibinda cyangwa urushara: aminuriye inyuma kandi manini;
- Intenderi cyangwa indegarege: inkungu zifite uduhembe duto dutendera.

Inka mu Rwanda yari ifite imihango, imigenzo n'imiziririzo. Tutabitinzeho, iyo usanze umushumba cyangwa undi mutunzi akama, hari invugo yihariye bakoresha basubirikanya mu kiganiro cyabo.

Umushumba ahereza shebuja inkoni, shebuja ati: "Cyura amashyo", umugaragu ati: "Cyurirwa amagana".

Umushumba ahereza shebuja injishi, ati: "Akira injishi", shebuja ati: "Uzuza", umushumba ati: "Uzurizwa".

Umushumba yakirira shebuja amata ati: "Akira amata", shebuja ati: "Irakamwa nk'umwami". Ibi byakorwaga na buri wese wakiriye amata.

Uwazakenera ibirebana n'imihango, imigenzo n'imiziririzo yazasoma igitabo cya Nyakwigendera Musenyeri Aloyizi Bigirumwami. (Mgr BIGIRUMWAMI, A., 2004, *Imihango n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*, Diocèse de Nyundo, quatrième édition.)

Imyitozo

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo cyangwa undi yakwihitiramo ujyanye n'isomo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo buri munyeshuri awukora ku giti ke. Iyo igehe cyatanzwe kigeze abanyeshuri bawukosorera hamwe bakandika ku kibaho, igisubizo cyumvikanyweho. Umwarimu agasaba abanyeshuri babiribabiri gukosorana bagaragaza ibyo buri wese yakoze.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo

1. Erekana impamagazo, impakanizi, imivugo n'umusibo mu izina ry'Inka ya Rumonyi.
2. Garagaza impakanizi y'umuzinge, ugaragaze n'ikikwemeza ko ari yo.
3. Umwisi w'inka ya Rumonyi ni nde? Yabayeho ku ngoma ya nde?

Ibisubizo:

- 1) Impamagazo ni ukuva ku mukarago (Rutagwabiziminega) kugeza ku mukarago (Ko abona inzira akiriramo). Impakanizi ni ukuva ku mukarago (Ikina n'ingoma y'indamutsa) kugeza kumukarago Rwabugili ateretsemo) Imivugo ni ukuva ku mukarago (Ndirikirwa undebe unyurwe) kugera ku mukarago (Ntibazabona izirimo). Umusibo ni ukuva ku mukarago (Rwogeshya ku y'imbibi) kugera ku mukarago (Imbizi bacurangiramo)
- 2) Impakanizi y'umuzinge ni (ingoro y'umwogabyano). Ni uko ari wo mukarago ugenda ugaruka inyuma ya buri gice.
- 3) Umwisi w'inka ya rumongi ni ndangamira ya muyoboke.

1.2.3. Izina ry'urusobe

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 52

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusesengura izina ry'urusobe.
- Kugaragaza amategeko y'igenamajwi yakoze mu mazina y'urusobe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri kuvuga amoko anyuranye y'amazina y'urusobe babonye, akabasaba gukora ubushakashatsi bagerageza kuyashakira intego no kuyagereranya n'amazina nyakimwe bize mu myaka yashize..

Isesengura:

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba kujya gukora ubushakashatsi kuri icyo kibazo. Abaha igihe cyo kubikora cyagera akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda yabo akabafasha kubinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makaye yabo.

Amazina y'inyunge

Amazina y'inyunge afite igice cya mbere gikomoka ku nshinga. Inshinga yiyunga n'ijambo rikayibera icyuzuzo mbonera.

a) Igice cya kabiri ari izina.

Izina ry'urusobe	Uturemajambo/intêgo	Amategeko y'igenamajwi
Amatakirangoyi	a-ma-tak-ir-a- ø -n-goyi	-
Imvugoshusho	i-n-vug-o- ø - ø -shusho	n → m/-v
Abacamanza	a-ba- ci-a- ø -n-manza	i → ø /-J; n → ø/-m
Abashinjacyaha	a-ba shinj-a- ø -ki-aha	i → ø /-J; ky → cy mu
Unutegarugori	u-mu-teg-a- ø -ru-gori	nyandiko isanzwe.

b) Igice cya kabiri ari ntera:

Ubujyahabi	u-bu-gi-a-ha-bi	i → y/-J; gy → jy mu nyandiko isanzwe.
Umubagito	u-mu-ba-ki-to	k → g/-GR
Inshamake	i-n-ci-a- ø -ma-ke	i → ø /-J

c) Igice cya kabiri ari imbundo

Umwigaguhuma	u-mu-ig-a-ku-hum-a	u → w/-J; k → g/-GR
Indiragukinduka	i-n-ri-ir-a-ku-kind-uk-a	r → d/n-; k → g/-GR

d) Igice cya kabiri ari ikinyazina

Umuvandimwe	u-mu-vu-a-ø-n-da-i-mwe	u → ø /-J; a → ø /-J
Ikimenyabose	i-ki-meny-a-ba-o-se	a → ø /-J
Imberabyombi	i-n-ber-a-bi-o-mbi	n → m/-b; i → y/-J
Amaburakindi	a-ma-bur-a-ø-ki-ndi	-

e) Igice cya kabiri ari umugereka:

Ikiryakare	i-ki-ri-a-kare	i → y/-J
Umugiranabi	u-mu-gir-a-nabi	-
Umugiraneza	u-mu-gir-a-neza	-

Amazina y'urusobe afite akabimbura.

Akabimbura ni akaremajambo kihagika imbere y'izina risanzwe mu rurimi bikabyara izina rishya.

Ingero:

1. Akabimbura -nya-kagira ingingo y'ikinyazina ngenera

Ikinyamateka: i-ki-nya-ø-ma-teka

Umunyamuryango: u-mu-nya-ø-mu-ryango

Umunyenzenza: u-mu-nya-i-n-yara a + i → e

Umunyamakuru: u-mu-nya-ø-ma-kuru

Umunyeshuri: u-mu-nya-i-i-shuri a + i → e

2. Akabimbura nyiri/nyira- gafite ingingo isa neza n'ikinyazina ngenera.

Ingero:

Nyirumuringa: nyiri-u-mu-ringa; i → ø /-J

Nyirurugo: nyiri-u-ru-go; i → ø /-j

Nyirimpuhwe: nyiri-i-n-huhwe; i → ø /-J; n → m/-h; mh → mp mu nyandiko isanzwe.

Nyiribambe: nyiri-i-ø-bambe; i → ø /-J

Akabimbura nyira- iyo kabimburiye amazina bwite y'abantu kagira ingingo y'igitsina gore. Ingero zikurikira zirabigaragaza.

Ingero:

Igikari: i-ki-kari; k → g/-GR; nyirabikari: nyira-ø-bi-kari

Intabire: i-n-tab-ir-e; nyirantabire: nyira-ø-n-tab-ir-e

Intama: i-n-tam-a; nyirantama: nyira-ø-n-tam-a

3. **Akabimbura sa- cyangwa se- gafite inyangingo y'ikinyazina ngenera.**
Iyo kihagitse mu mazina bwite usanga afite ingingo y'igitsina gabo kandi nta ndomo ayo mazina mashya agira.

Ingero:

Amahoro: a-ma-horo; semahoro: se- \emptyset -ma-horo

Ubuho: u-bu-ro; sebuho: se- \emptyset -bu-ro

Umusure: u-mu-sure; samusure: sa- \emptyset -mu-sure

4. **Akabimbura -ene- gafite ingingo nk'iy'ikinyazina ngenera.**

Amazina bwite agafite akunze kuba ari amazina rusange. Gashobora kandi kongerera izina kihagitse ingingo igaragaza isano abantu bafitanye.

Ingero:

Imana: i- \emptyset -mana; benimana: ba-ene-i- \emptyset -mana; a \rightarrow \emptyset /-J; e \rightarrow \emptyset /-J

Ihirwe: i- \emptyset -hir-w-e; benihirwe: ba-ene-i- \emptyset -hir-w-e; a \rightarrow \emptyset /-J; e \rightarrow \emptyset /-J

Ikenewabo: i-ki-ene-u-a-ba-o; i \rightarrow \emptyset /-J u \rightarrow w/-J;

a \rightarrow \emptyset /-J

5. **Akabimbura -ka- kifitemo ingingo ivuga ngo "umugore wa"**

Usanga kiganje mu mazina bwite y'igitsina gore. Zimwe mu ngero zikurikira zirabigaragaza.

Amacumu: a-ma-cumu \rightarrow mukamacumu: mu-ka- \emptyset -ma-cumu.

Urutamu: u- ru-tamu \rightarrow mukarutamu : mu-ka- \emptyset -ru-tamu

Indera: i-n-rera \rightarrow mukandera: mu-ka- \emptyset -n-rera; r \rightarrow d/n-

Umuhire: u-mu-hir-e \rightarrow mukamuhire: mu-ka- \emptyset - mu-hir-e

6. **Akabimbura -a- gafite ingingo y'ikinyazina ngenera;**

Gakorehwa cyane mu mazina bwite kandi amazina kihagitse nta ndomo agira.

Ingero:

inkazi: i-n-kar-yi \rightarrow ka-a- \emptyset -n- kar-yi; r+y \rightarrow z

amagana: a-ma-gana \rightarrow rwamagana: ru-a- \emptyset -ma-gana; u \rightarrow w/-J

imana : i- n-mana \rightarrow kamana: ka-a- \emptyset -n-mana; n \rightarrow \emptyset /-m; a \rightarrow \emptyset /-J

imanzi: i-n-manzi: n \rightarrow \emptyset /-m; kamanzi: ka-a- \emptyset -n-manzi a \rightarrow \emptyset /-J

- 1.2. **Amazina y'urusobe afatiye ku musuma -kazi.**

Umusuma ni akaremajambo kongerwa ku ijambo rishobora kubaho ridafite aka karemajambo -kazi. Uyu musuma ufite ingingo y'igitsina gore; ariko hari nubwo -kazi ivuga igitsina gabo.

Ingero:

Umupfakazi: u-mu-pfu-a-kazi; u→ ø /-J (ashobora kuba umugabo cyangwa umugore wapfushije uwo bashakanye).

Umunyarwandakazi: u-mu-nya- ø -ru-and-a-kazi; u→ w/-J

Umwamikazi: u-mu-ami-kazi; u→ w/-J

Umuturanyikazi: u-mu-tur-an-yi-kazi

Umuririmbyikazi: u-mu-ririmbyi-kazi

Amazina y'urusobe afatiye ku masano y'abantu

		bukwe	buja	rume	senge	Kuru(za)
Ng 1	Igitsina gabo	databukwe ø - ø -data-ø- bu-ko-e	Databuja ø- ø -data- ø - bu-ja	Marume ø- ø - ma- ø-ø- se-n- gi-e	-	Sogokuru(za) ø - ø -so-ko- ø -kuru
	Igitsina gore	mabukwe ø - ø-ma- ø- bu-ko-e	Mabuja ø- ø- ma- ø - bu-ja	-	masenge ø - ø -ma- ø - ø - senge	Nyogokuru(za) ø - ø-ny oko- ø - kuru
Ng 2	Igitsina gabo	sobukwe ø - ø -so- ø - bu-ko-e	sobuja/ shobuja ø - ø -so- ø - bu-ja	Nyokorome ø - ø nyoko- ø-rome	-	Sogokuru(za) ø - ø -soko- ø- kuru
	Igitsina gore	Nyokobukwe ø - ø nyoko- ø -bu-ko-e	nyokobuja ø - ø -nyoko- ø - ø -bu-ja	-	nyogosenge ø - ø -nyoko- ø - ø -se-n- gi-e	Nyogokuru(za) ø - ø -nyoko- ø -kuru(za))
Ng 3	Igitsina gabo	sebukwe ø - ø -se- ø -bu-ko-e	s e b u j a / shebuja ø- ø - se- ø - bu-ja	nyirarume ø - ø -nyira -rume	-	Sekuru(za) ø - ø- se- ø- kuru(za)
	Igitsina gore	nyirabukwe ø - ø nyira- ø - ø -bu-ko-e	nyirabuja ø - ø nyira- ø - ø -bu-ja	-	nyirasenge ø - ø -nyira- ø - ø - se- n-gi-e	Nyirakuru(za) ø - ø -nyira- kuru(za)

Ikitonderwa:

1. Amagambo y'urusobe yandikwa umujyo umwe. Gusa, mu bisingizo, mu migani no mu mazina nteruro n'amagambo y'inyunge akabije uburebure, yandikwa atandukanyijwe agashyirwa mu dukubo.

Ingero:

- Umuhanurabinyoma, Rukemanganizi, Karahangabo, Karikumutima (Umujyo umwe)
 - Ubwo “Ishyikanya ku mubiri ya Rugema ahica” aba arashinze. (Atandukanijwe)
 - Ubwo “ Rumenerangabo Ntarindwa ku mukondo wa Rukaburabimashi” ati: ”ba!” (Atandukanijwe)
2. **So** igira **sho** y’impindurantego. **Urugero:** shobuja.
3. Akabimbura se gakomoka ku izina ise cyangwa se, kakagira inyito y’umuntu w’igitsina gabo ufite cyangwa se utunze nyakuvugwa. Akenshi ayo mazina aba ari bwite. Usanga gakora nka nyira ikomoka ku izina nyina.

Ingero: Sebuja, Serugo, Sebatunzi;

4. Akabimbura nya gafitanye isano na nyira, kakaba gakora kuri ubu buryo:
Iyo akabimbura **-a-** ka **nya-** gakurikiwe na i y’indomo cyangwa se y’indangahantu, iyo ndomo ishobora gutakara cyangwa zose zombi zikiyungamo **-e-**.

Ingero:

- Umunyagisaka: u-mu-nya- ø -ki-saka; k→ g/-GR
- Umunyenzoza: u-mu-nya-i-n-yoga; a+i→ e; y→ z/n -
- Umunyarwanda: u-mu-nya- ø -ru-and-a; u→ w/-J
- Iriyagahera: i-ri-gi-a- ø -ka-her-a; i→ y/-J; gy→ jy mu nyandiko isanzwe; k→ g/-GR

Impugukirwa:

nya- ishobora kuba akabimbura nyifuzo iyo yiyunze n’inshinga iri mu mbundo.
Ingero: nyagutuma, nyakuramba, nyakubyara; ...

Akabimbura **nya-** gashobora kwiyunga n’ikinyazina cyangwa n’izina kagafata inyito yo gutsindagira.

Ingero:

Dore inzu nyanzu, nyabakobwa; bariya bazaba abategarugori nyabo.
Akabimbura ngenera nya- gashobora kwiyunga n’izina kakagira iyito y’utunze cyangwa ufite nyakuvugwa.

Ingero: umunyamerwe, umunyamahanga, umunyabintu, umunyenzoza;...

-Akabimbura sa- gakora mu mazina nka Saruhara, Gasabwoya, Gasamagera, Sabato, Sakabaka;...

Umwitozo

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo cyangwa undi yakwihitiramo ujyanye n'isomo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo buri munyeshuri awukora ku giti ke. Iyo igehe cyatanzwe kigeze abanyeshuri bawukosorera hamwe bakandika ku kibaho, igisubizo cyumvikanyweho. Umwarimu agasaba abanyeshuri babiribabiri gukosorana bagaragaza ibyo buri wese yakoze.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Sesengura amagambo akurikira ugaragaza uturemajambo dushoboka n'amategeko y'igenamajwi yakoze: a)nyogokuru, b)mabukwe, c) nyirinkwaya, d) sobuja, e) sebatunzi, f) nyirabizeyimana, g)rwanamiza, h) rwankubebe.

Ijambo	Uturemajambo	Amategeko y'igenamajwi
a) Nyogokuru	$\emptyset - \emptyset - \text{nyoko} - \emptyset - \text{kuru}$	-
b) Mabukwe	$\emptyset - \emptyset - \text{maa} - \emptyset - \text{bu} - \text{ko} - \text{e}$	$o \rightarrow w / -J$
c) Nyirinkwaya	$\text{nyir}(\text{i}) - \text{i} - \text{n} - \text{kwaya}$	$a \rightarrow \emptyset / -J$
d) Sobuja	$\emptyset - \emptyset - \text{so} - \emptyset - \text{bu} - \text{ja}$	-
e) Sebatunzi	$\text{see} - \emptyset - \text{ba} - \text{tung} - \text{yi}$	$g + y \rightarrow z$
f) Nyirabizeyimana	$\text{nyira} - \emptyset - \text{ba} - \text{izer} - \text{ye} - \text{i} - \emptyset - \text{mana}$	$a \rightarrow \emptyset / -J; e \rightarrow \emptyset / -J$
g) Rwanamiza	$\text{ru} - \text{a} - \text{anamir} - \text{y} - \text{a}$	$u \rightarrow w / -J; r + y \rightarrow z$
h) Rwankubebe	$\text{ru} - \text{a} - \emptyset - \text{n} - \text{kubebe}$	$u \rightarrow w / -J$

2.3. Inshamake

Umunyeshuri asigaranye ko:

- Ibisigo by'ubuse basanze bihimbitse nk'ibisetso ndetse ngo birenze ibisetso bigasa n'ibisebanyo. Ni inganzo yaba yaravukiye mu matorero y'intore, aho wasangaga abantu biga kuvuga neza, bagacyocyorana ntihagire urakara. Abahimbaga ibisigo by'ubuse, babaga bagambiriye gusetsa abandi bahungu.
- Urwenya na byendagusetsa ari inkuru zisetsa cyane ku buryo umuntu uzibariwe ababaye cyangwa arakaye yururuka. Byendagusetsa ariko yo bakavuga ko yenda gusetsa kuko mu by'ukuri bavuze ngo irashekeje mbere y'uko ibarwa nta waseka iby'iyi nkuru igiye kuvugwa.

- Ikivugo k'iningwa ari ikivugo kigufi kirangwa n'ibigwi (amazina y'abantu intwari yishe n'aho yabiciye), n'ibirindiro (ibikorwa bigaragaza ubutwari bwe.)
- Ikivugo k'imyato ari ikivugo kirekire gifite ibika bibiri cyangwa birenzeho bita imyato. Uwivuga yitakuma akorera icumu, asukiranya amagambo vuba vuba. Uwabaga intwari ku rugamba yaragororerwaga, akambikwa umudende, impotore cyangwa se agakorerwa umuhango ukomeye wo gucana uruti.
- Amazina y'inka yagereranywa n'ibyivugo by'inka. Inka z'inyambo batangiye kuzirata cyane mu mivugo kuva kera, ariko imihimbire y'amazina y'inka yaje kwamamara ku ngoma ya Yuhi Gahindiro ahagana mu mwaka wa 1800.
- Amazina y'urusobe ari amazina ashobora kugira uturemajambo turenze udusanze tw'izina nyakimwe (D-RT-C). Iyo usesenguye amazina y'urusobe usanga afite indomo ebyiri, indangazina ebyiri, ibicumbi bibiri cyangwa se ugasanga afite indomo, indanganteko n'igicumbi, ariko akagira n'ubundi bwoko bw'ijambo bwiyomekaho.

Umukoro: Kwiyungura imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n'umutwe wa mbere w'umuco nyarwanda. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko y'umuco nyarwanda.

Urugero rw'imigani batanga:

1. Agahugu umuco akandi umuco.
2. Imandwa z'abatindi zigira iyazo mirindi.
3. Ubamba isi ntakurura.
4. Agaseke k'umutima ntikajyana umwasama.
5. Amacumu y'inda ntashira igorora.
6. Amaso yaburiye nyirayo amwereka ingwe.
7. Amenyo mabisi aseka ayumye azayasanga.
8. Amiringire y'igikeri yakibujije umurizo.
9. Igisate cy'umutsima ntigishira ishitagurwa.
10. Imana yerekeza aho umugome ari na we ngo arayobya uburari.
11. Impigi z'umugabo ni izimwegereye ijosi.
12. Impundu zagupfubiye zirutwa n'induru zaguhiriye.
13. Inda igutoza kuba gito, hato akaba ari yo ikujya imbere.
14. Ingeso ntipfa hapfa nyirayo
15. Umugabo uhaze ikivuge ntabura ikivugo,...

2.4. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 57 - 59

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura igisigo cy'ubuse no kugitandukanya n'ibindi bisigo no kugihanga.
- Ubushobozi bwo gusesengura urwenya na byendaguzetsa no kubihanga.
- Ubushobozi bwo gukoresha urwenya mu busabane bwe n'abandi.
- Ubushobozi bwo gusesengura amazina y'urusobe.
- Ubushobozi bwo gusesengura amazina y'inka, ibyivugo by'iningwa n'iby'imyato.
- Ubushobozi bwo kuvuga adategwa, yubahiriza injyana, umugendo by'amazina y'inka n'ibyivugo.
- Ubushobozi bwo gukoresha amazina y'urusobe mu mvugo no mu nyandiko.

Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko

Inyunguramagambo:

A. Sobanura ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira

Ijambo/Itsinda ry'amagambo	Ibisobanuro
Ku ntare z'inyabutatu	Ku mashyiga, amashyiga y'amabuye
Abatura ibishyito	Asa nujya gusinzira, ahunyiza kubera ibitotsi
Inkono ivuga	Ikibindi cyari kigenewe gutekwamo gusa
Umuhana	Umuryango w'ahandi
Inzira	Indirimbo zaririmbirwaga inka mu gihe zabaga zigana amabuga cyangwa ibibumbiro; indirimbo zaririmbirwaga inka mu gihe zabaga zigana amabuga cyangwa ibibumbiro.
Imyoma	Indirimbo abashumba baririmbaga inka zirisha, zitaha, batarazikata inkoni ngo ziboneze zitahe.

Amahindura	Indirimbo baririmbaga mu gihe inka zabaga zibyagiye ahantu, bazishoye amabuga cyangwa ibibugazi. Izo ndirimbo hari ubwo zaririmbwaga mu minsi mikuru, bamurika inka. icyo gihe abagore n'abakobwa bahimbazaga izo ndirimbo baziha amashyi.
Acyura ubuhange	Agabana ubwa mbere kwa shebuja
Koma inkanda	Kurikiza ababyeyi/ umubyeyi
Kwambara umwenda wa adamu	Kwambara ubusa

- B. Koresha aya magambo mu nteruro igaragaza ko wumva igisobanuro gihuje n'umwandiko: gutindura, kwavura, guca urwa Mbehe.
Gutindura: Munywe aya mata ari mu cyansi muyamaremo ngiye kucyoza **Kwaavuura:** Kanyana arasobanura amavuta mu mata, rero mwe mukabyita ko arimo yavuura.
Guca urwa Mbehe: Mu gukiranura abantu si byiza kubacira urwa Mbehe.
- C. Vuga ijambo riri mu mwandiko risobanura kuvugisha ukuri kwambaye ubusa. (Gusasa inzobe.)
- D. Andika imbusane y' amagambo aciyeho akarongo mu nteruro ikurikira uyakuye mu mwandiko kandi uyisanishe neza.
- Murebe kure, burya **ibibengerana** byose si **byiza**. (Murebe kure, burya ibyijimye byose si **bibi**.)

Ibibazo byo kumva umwandiko

- (i) **Vuga imiterere y'Abanyarwanda muri make?** Abanyarwanda barangwan'umutuzo n'amahoro.
- (ii) **Ni iki cyarangaga abana bo hambere?** Barangwaga no kwigira ku bantu bakuru umuco nyarwanda.
- (iii) **Niiki kivugwa abana bigiraga ku bantu bakuru?** Ni umuco nyarwanda wo gutarama, basakuzan'ibindi.
- (iv) a) **Uhereye ku mwandiko, kunywa inzoga ahanini si byiza. Sobanura?** Si byiza kuko bishobora gutuma abayihaze bagirana amakimbirane.
- b) **Tanga imigani itatu ibigaragaza unayisobanure.** Inzoga uyikura mu gacuma ikagukura mu bagabo (unyoye inzoga nyinshi bishobora gutuma ahemuka mu bandi), Inzoga ni mucyurabuhoro inyobwa n'imfura igasiba indi (bishaka kuvuga ko atari byiza kunywa inzoga nyinshi, ni ngombwa

kwitondera kunywa inzoga nyinshi.), inzoga yoshyana ubutwari rwarema ikagutererana (iyo umuntu yanyoye inzoga yiyumvamo ko afite imbaraga ariko atari ko bimeze.)

- (v) **Vuga ibintu bine bihuzâ abantu, ibitaramo mu ngo bakabikerensa.**
ibisakuzo, ibyivugo, inyoma, inzira,...

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura umwandiko

(i) **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?**

- Umuco karande w'Abanyarwanda.

(ii) **Ni izihe ngingo nkuru zivugwa muri uyu mwandiko?**

- Ibitaramo by'abanyarwanda
- Imyambarire y'abanyarwanda
- Gukemura amakimbirane kw'Abanyarwanda
- Ibitokoza umuco w'Abanyarwanda

(iii) **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**

- Ni byiza kurobanura, tukamenya ibikwiye mu muco w'Abanyarwanda, indangagaciro na kirazira ntitugomba kubita hirya ngo tunyane n'ibyaduka gusa. Uwataye umuco aba yataye ubumuntu, aba yataye ubunyarwanda, aba abuze indangagaciro ya Ndi umunyarwanda.

(iv) **Gereranya umuco nyarwanda wo mu Rwanda rwo hambere n'uw'ubu uhereye ku kivugwa mu mwandiko?**

Kera	Ubu
Barataramaga	Bibera mu tubyiniro
Bajyaga mu matorero	Bibera ku mbuga nkoranyambaga
Bajyaga mu mbohero	Baba ku ishuri
Barambaraga bakikwiza	Bambara ibiterasoni : gupoketa, amahenure,...
Barivugaga	Ntabwo bazi kwivuga, babyiga mu ishuri gusa
Bavugaga amazina y'inka	Wibeshye ugatebya no kukurega birashoboka.
Baratebyaga	Nta mazina y'inka bazi babyiga mu ishuri gusa.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura izina ry'urusobe.

1. Sesengura amagambo atsindagiye unagaragaze amategeko ry'igenamajwi yakoreshejwe aho bishoboka.

U Rwanda rwacu rwahoranye umuco wo gutabarana, kwicara bagasasa inzobe bagakemura ikibazo gikomereye umuryango runaka. Nta **bacamanaza** cyangwa se **abashinjacyaha** n'**abagenzacyaha** b'umwuga babagaho. Umukwe wagomeraga **nyirabukwe** bashoboraga kwiherera ikibazo bakakijyaho impaka,

bakagicooca bakagikemura nk' **abavandimwe**. Uwaburanaga n' **umunyenzara** yabaga agwishije irya mugani kuko ubujyahabi bw'uwazahajwe n'inzara bwatumaga yifuza ibya mirenge; ntiyashoboraga kumva **amatakirangoyi**; ku bwe yumvaga wabambwa akakuzungura mu byawe noneho akifuza kuba nka ya **ndiragukinduka** itajya ihaga inkori z'i Bwerankori. Abafite ba **shebuja** na ba nyirabuja bashoboraga kubagura babuze ubwishyu.

Ijambo	Uturemajambo	Amategeko yakoze
Bacamananza	a-ba-ci-a-ø -n-manza	i→ø /-J; n→ø /-m
Abashinjacyaha	a-ba-shinj-a-ø -ki-aha	i→y/-J; ky→cy mu nyandiko isanzwe
Abagenzacyaha	a-ba-gend-y-a-ø -ki-aha	d+y→z; i→y/-J; ky→cy
Nyirabukwe	ø - ø -nyira- ø -bu-ko-e	mu nyandiko isanzwe
abavandimwe	a-ba-vu-a-ø -n-da-i-mwe	o→w/-J
Umunyenzara	u-mu-nya-i-n-yara	u→ø /-J; a→ø /-J
Amatakirangoyi	a-ma-tak-ir-a-ø -n-goyi	a+i→e; y→z/n-
Ndiragukinduka	n-ø-ri-ir-a-ku-kind-uk-a	
Shebuja	ø - ø -se- ø - ø -bu-ja	r→d/ n-; i→ø /-J; k→g/-GR s → sh kubera ishushisha

2. Uherye ku ijambo-bukwe, vuga andi magambo aremye amazina y'urusobe afatiye ku masano y'abantu, ukore imbonerahamwe yayo.

		bukwe	buja	rume	senge	Kuru(za)
Ng 1	Igitsina gabo	databukwe	Databuja	Marume	-	Sogokuru(za)
	Igitsina gore	mabukwe	Mabuja	-	masenge	Nyogokuru
Ng 2	Igitsina gabo	sobukwe	shobuja	Nyokorome	-	Sogokuru
	Igitsina gore	Nyokobukwe	nyokobuja	-	nyogosenge	Nyogokuru
Ng 3	Igitsina gabo	sebukwe	shebuja	nyirarume	-	Sekuru
	Igitsina gore	nyirabukwe	nyirabuja	-	nyirasenge	Nyirakuru

Gusuzuma ubushobozi bwo guhimba umwandiko

Himba ikivugo k'iningwa cyujuje ibyangombwa kitarengeje imirongo cumi n'itanu.

(Ahangaha igihe k'ikosora, umwarimu azasuzuma neza niba ikivugo umunyeshuri yashoboye guhanga cyubakiye ku nsobeke iranga ibyivugo by'iningwa, amagambo y'indobanure n'utudi turango twabonye mu ishuri. Ikindi umwarimu azigomwa ashake umwanya age atumaho buri mu nyeshuri amugaragariza aho yatebye mu guhanga kwe. Nyuma azatange akaganiro kihariye ku byo yabonye abanyeshuri batubahirije, ashime n'abakoze neza.)

2.5. Imyitozo nsindagirabushobozi

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.

Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo si yo kamara, umwarimu ashobora no gutegura indi yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitozo

- Ku bafite ibibazo ku buvanzano umwarimu abategurira ibibazo ku bisigo by'ubuse, urwenya na byendagumye no kumazina y'inka.
- Ku bagaragaje ibibazo mu kibonezamugomo umwarimu abategurira amazina y'urusobe akabasaba kuyashakira uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu guhanga umwarimu abasaba kongera guhanga ikivugo gikurikije insobeke y'ibyvugo, akanabasaba gutandukanya amoko y'ibyvugo.

2

Uburinganire (Umubare w'amasomo: 14)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko no gukosora umwandiko yasomye uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- Kwandika interuro z'urusobe ashyiramo ubutinde n'amasaku.

2.1. Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 60 kugera ku rwa 64)

Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma. Uretse amashusho, umwarimu ashobora no kwifashisha ibibazo bindi.

Urugero rw'ibibazo

- (i) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Abafundi b'abagabo bane n'abagore batatu, undi umwe ari hasi asunika ingorofani, undi aravanga isima.
- (ii) **Aba bantu barihe kandi bameze bate?** Aba bantu bari kubaka inzu. Abafundi b'abagabo bane n'abagore batatu, babiri bahereza undi yubaka ari ku gikwa yubaka.
- (iii) **Ese murabona hari ubufatanye bafite?** Barabufite. Abagabo bari ku bikwa bubaka hamwe n'abagore, abandi na bo barahereza amatafari ndetse umugore umwe aravanga isima, undi arasunika ingorofani iriho amatafari.

Umwarimu aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda". Umwarimu abasaba kuwusoma bucece, bagenda bandika amagambo akomeye kugira ngo bataza guta umwanya mu gihe k'inyunguramagambo. Nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

1. **Ni ryari abantu bavuga ko hari ubwuzuzanye?** Iyo umugore cyangwa umwe mu bashahanye buri wese yumva ko agomba kuzuzanya na mugenzi we mu mirimo yose y'urugo, buri wese agakora imirimo imureba ariko byaba na ngombwa akumva ko imirimo ya mugenzi we aramutse ayishoboye yayikora yumva adategereje ibihembo.
2. **Ukurikije umwandiko umugore yahoranye ubwisanzure?** Sobanura. Umugore nta bwisanzure yigeze agira. Mu mwandiko baratugaragariza ko kuva kera na kare yari azwiho kuba umuzezwa nzu, ko akazi k'umukobwa cyangwa umutegarugori ari ukwibera mu bikari, agatozwagukora imirimo yo mu rugo no kwitegura kuba Mugorenejo.
3. **Ni akahe kamaro k'ubwuzuzanye n'uburinganire?** Abantu barafatanyaga batitaye uko Imana yabaremye waba umugore cyangwa umugabo, buri wese areba umurimo yashobora cyangwa mukagabana ibikorwa ku buryo buri wese yumva anyuzwe n'ibyo yakoze, ntawe ubangamiye mugenzi we.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira

mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'amatsinda.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe kandi muri gahunda. Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda, uhagarariye buri tsinda akavuga ibyo bagezeho anandika ku kibaho.

Umwarimu afatanyaga n'abanyeshuri kunonosora ibya buri tsinda; ibisubizo byemejwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka

Inyunguramagambo

Gusobanura amagambo akomeye

1. **Uruhimi:** Agatanda gatunganije neza baterekaho amata.
2. **Kuvuza uruhindu:** Kuboha ibyibo ukoresheje uruhindu.
3. **Kubuganiza amata:** Gusuka amata mu gisabo.
4. **Impumbu:** Umugore cyangwa umukobwa utazi gucunda.
5. **Inumbiri:** Igisabo kinini cyane.
6. **Kuzira inka:** Kujya mu mihango y'ukwezi ku gitsina kobwa.
7. **Guha undi urwuya:** Kuryamana na we mukaba mwakorana imibonano mpuzabitsina.

Umwitoto w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitoto uri mu bitabo byabo. Abagenera igihe bagomba gukora uwo mwitoto, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitoto. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze. Nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

Ibibazo n'ibisubizo:

Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo akurikira nk'uko asobanura mu mwandiko: a) Kuzira inka, b) Impumbu, c) Inumbiri, d) Guha urwuya.

1. **Kuzira inka:** Ndabona Muhundwasuku yatangiye kuzira inka nagira ngo utangire umukangurire ibirebana n'ubuzima bw'imyororokere ejo wa musore wa Binyoni atazamutera inda kubera uburangare no kutabimenya.
2. **Impumbu:** Abategarugari babaga bataravukiye mu butunzi bagashakira imuhana bagawaga kuba impumbu, gucunda byarabihishe kuva bakivuka.
3. **Inumbiri:** Umutegarugari utagaburiwe imbiga y'amateke ngo akomere, biragoye kugira ngo yigabize inumbiri, kujya ayishyigura igisabo acunda bisaba ingufu z'umubiri watamiye.
4. **Guha urwuya:** Nyiramataza muka Rukari yishinze amashyamba ya Ngara amusomya ku y'ihenero amuha n'urwuya, hashize iminsi umugabo Rukari yamusenze izuba riva.

Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:

1. **Tandukanya uburinganire n'ubwuzuzanye**

Uburinganire	Ubwuzuzanye
Uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'Igihugu mu mahoro no mu butabera busesuye	Uburyo ibitsina byombi bigira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'Igihugu mu mahoro no mu butabera busesuye.

2. **Ari umwana w'umuhungu cyangwa w'umukobwa, ugomba kwitabwaho cyane ni nde?** Bose bagomba bakwitabwaho kimwe
3. **Vuga inshingano ebyiri z'abagabo n'ebiyiri z'abagore zahindutse uko ibihe byagiye bihinduka.**

Ku bagore	Ku bagabo
Ubu abagore bubaka amazu, batwara imodoka, barakanika, bafata ibyemezo,...	Ubu barera abana, barateka, batera intabire aho bishoboka,...

4. **Subiza yego cyangwa oya.**

- a) Ibintu bitandukanya umugabo n'umugore bijyanye n'ibitsina, ni kamere y'uko baremwe, ntibihinduka. Ibijyanye n'ubwuzuzanye bishyirwaho n'abantu kandi bigahinduka bitewe n'igihe, ahantu n'umuco. (**Yego**)

- b) Imirimo myinshi isa n’aho yagenewe abagore cyangwa abagabo, ni iyagenwe n’umuco aho kugenwa n’imiterere kamere y’umuntu. Kubera iyo mpamvu, ikaba ishobora guhindurwa. **(Yego)**
 - c) Abagabo n’abagore bashobora kurenganywa no kugaragarizwa icyubahiro ku buryo butandukanye. **(Oya)**
 - d) Nta mugore ukama inka. **(Oya)**
 - e) Abagabo ntibagira ubwoba. **(Oya)**
5. **Abagore bahinduye amateka. Muri iki gihe bigaragarira he?** Mu nzego zitandukanye z’imirimo, mu mashuri ubu abana b’abakobwa biga ibyo bashaka, bigana n’abasaza babo aho bishoboka hose, mu nzego z’ubutegetsu n’ahandi hashobora gufatirwa ibyemezo usanga umubare w’igitsina gore utubutse,...

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy’umunyeshuri kuva ku rup. rwa 64)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza ingingo z’ingenzi n’iz’ingereka ziri mu mwandiko no gusubiza ibibazo byimbitse ku mwandiko.
- Gusobanura isomo ry’ingenzi akuye mu mwandiko.
- Gukora inshamake y’umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’izindi nyandiko zivuga ku buringanire n’ubwuzuzanye.

Imitangire y’isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw’ibibazo yababaza n’ibisubizo:

1. **Mu isomo riheruka mwize iki?** Ubushize twasomye umwandiko “Uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda”.
2. **Uburinganire n’ubwuzuzanye birangwa n’iki?** Birangwa n’ubufatanye muri byose, buri wese akarangiza inshingano ze ntawubangamiye undi.
3. **Gukorera mu matsinda**

Umwarimu arabwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda ya banebane no kugerageza kuwusesengura basubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko uri mu bitabo by'abanyeshuri. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko. No kubyandika ku kibaho kugira ngo abatumva, niba bahari babisome.

Ibibazo:

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko?
2. Kuri wowe uyu mwandiko uguhaye irihe somo?
3. Ubushobozi buvugwa bw'umugore n'umugabo ni ubushobozi buteye bute?
4. Tanga ingingo zigaragaza uburyo abana b'igitsina gore bari barapinagajwe kuva kera na kare.
5. Sobanura neza ibyagezweho kugira ngo abari n'abategarugori bacike ingoyi y'ubukandamizwe muri uru Rwanda rwa bene Kanyarwanda.

Mwarimu abaha igihe cyo kubikora. Agendagenda areba uko bakora akangurira ashishikariza bose gutanga ibitekerezo no gukora ubushakashatsi. Barangije buri tsinda rimurika ibyo ryagezeho. Mwarimu afatanije n'abanyeshuri bunganira buri tsinda banonosora ibyo ryakoze. Uhagarariye itsinda yandika ku kibaho ibyumvikanyweho bikandikwa mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda

1. **Ni izihe ngingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko?**

Ingingo z'ingenzi	Ingingo zungirije
Uburinganire n'ubwuzuzanye	Ubusumbane mu Rwanda rwo hambere. Imirimo yagenewe abagore Imirimo yagenewe abagabo Ivangura ry'ibitsina,...

2. **Kuri wowe uyu mwandiko uguhaye irihe somo?**

Abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu bose barashoboye; igihe bazaba bashyize hamwe bazagera ku iterambere rirambye. Kugira ngo bigerweho mu mucyo hagomba kuzuzanya mu nshingano za buri wese.

3. **Ubushobozi buvugwa bw'umugore n'umugabo ni ubushobozi buteye bute?**

Ubushobozi buvugwa ni:

- Ikizere cyubaka agomba kwigirira;
- Ubushobozi bwo kugira icyo ukora nko kwiga, kubaka, kwigisha;
- Ubushobozi bwo kubana n'abandi buhereye kuri cya kizere wigirira kikagutera kubaha abandi no kubahana.

4. Tanga ingingo zigaragaza uburyo abana b'igitsina gore bari barapyinagajwe kuva kera na kare.

a) Mu rwego rw'uburere, uburezi n'umuco:

- Yagombaga kuba imuhira agenewe kuba umugore na nyina w'abana;
- Batozwaga kuba ba mutima w'urugo, aho amashuri aziye bize batinze;
- Aho bigiye nabwo bashyizwe mu mashuri abaha amasomo abateguraira kuzaba ababyeyi beza, bacunga neza urubyaro n'imirimo yo mu rugo;
- Abacikishirije hagati amashuri yabo ku mpamvu zitandukanye ntibagire uburenganzira bwo kuba bagaruka igihe bagiriye ubushobozi;
- Abahungu wasangaga ari bo bahabwa amahirwe yo kwiga bitwaje ko umwana w'umukobwa ari umwa w'imuhana, aho ashakira akungura indi miryango;
- Amashami yigirwamo amasomo y'ubuhanga yigwaga n'abahungu;
- Mu rwego rw'ubukungu n'umutungo:
- Ntibagiraga ijamba ku mutungo w'ingo kandi ntibagire n'uruhare nk'urw'abasaza babo mu mutungo w'umuryango;
- Nta burenganzira bwo gukungahara no kuba batunga ibintu byabo bwite, nta burenganzira ku minani no mu kuzungura ibintu by'ababo;
- Nta mutungo bwite bagiraga, nta kazi gahemberwa umushahara, nta n'ibikorwa byabazaniraga amafaranga bagiraga;

b) Mu rwego rw'amategeko:

- Nta mugore cyangwa umwari w'i Rwanda wari ufite ubumenyi ku mategeko amurenge cyangwa se amurenge,
- Nta mugore cyangwa umwari wari ufite ubumenyi ku mategeko amubangamira cyangwa amupyinagaza; iyo yabaga ahohoterwa nta tegeko ryari rihari ngo ryubahirizwe rimurenge,
- Nta tegeko ry'izungura ndetse n'irirebana n'iminani ryarenge umwari n'umutegarugori w'i Rwanda.

c) Mu rwego rw'ubutegetsi na poritiki:

- Nta mugore cyangwa umwari ntibagaragaraga neza ku rubuga rw'ubutegetsi na poritiki,
- Nta nzego zifatirwamo ibyemezo abantu b'igitsina gore bagaragaramo mu buryo bugaragara,
- Nta washoboraga gutinyuka kwiyamamariza cyangwa gupiganira kwinjira mu nzego z'ubuyobozi na poritiki;

5. **Sobanura neza ibyagezweho kugira ngo abari n’abategarugori bacike ingoyi y’ubukandamizwe muri uru Rwanda rwa bene Kanyarwanda.** Abana b’ibitsina byombi barerwa kimwe nta busumbane bugenderewe.

Intera ya gatatu: Guhina umwandiko no kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 65)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Guhina umwandiko ahereye ku ngingo z’ingenzi z’umwandiko.
- Gutanga ibitekerezo ku kamaro k’uburinganire mu Rwanda.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’izindi nyandiko zivuga ku burunganire n’ubwuzuzanye.

Imitangire y’isomo

Isubiramo

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko “Uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda” umwumwe kugira ngo bongere bawiyibutse.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Ababwira gusomera umwandiko mu matsinda. Abwira abanyeshuri guhina umwandiko “Uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda” bahereye ku ngingo z’ingenzi. Nyuma y’igihe yabageneye, umwarimu ahuriza hamwe abanyeshuri, buri tsinda rikageza ku bandi incamake y’umwandiko. Umwarimu afasha abanyeshuri kunoza inshamake ikandikwa ku kibaho, abanyeshuri na bo bakayandika mu makayi yabo.

Guhina umwandiko

Urugero rw’inshamake: Uburinganire n’ubwuzuzanye mu Rwanda

Kuva kera Abanyarwanda ntibagiye biyumvisha neza agaciro baha igitsina gore. Uko imiryango igenda yiyubaka mu iterambere, abantu bagenda biyungura ubwenge bwo kugaragaza no kubona ko umuntu w’igitsina gore afite ubushobozi nk’ubw’umuntu w’igitsina gabo. Aho bigeze ubu, abana b’abakobwa bigana n’ab’abahungu nta pfunwe; abakuru b’ibitsina byombi bashobora kujya mu nzego zifata ibyemezo no mu mirimo itandukanye aho usanga mu Nteko Ishinga Amategeko bafitemo ubwiganze bushimishije.

Nta mwana w'umukobwa ukivutswa amahirwe yo kwiga ngo ni uko yatwaye inda. Amategeko yaravuguruwe ku buryo ufite ubushake akomeza amashuri. Kuzungura no gufata ijamba mu ruhamu ku muntu w'igitsina gore byarimitswe amategeko arabashimangira. Imirimo nko kubaka, kubaza, gukanika n'ibindi igitsina gore ubu cyabigize umwuga; uhohotewe aravuga akarenganurwa. Umugabo utarajyaga mu gikoni yumvise ko ari ngombwa, yewe no kurera abana mu rwego rw'uburinganire n'ubwuzuzanye ku mpande zombi hari igikombe cy'ubwumvane mu kuzuzanya no kuringanira mu buzima bwa buri muni.

Kungurana ibitekerezo

Umwarimu aribukiranya n'abanyeshuri imyifatire y'abantu bungurana ibitekerezo: kubaha igitekerezo cya mugenzi wawe, kwandika icyo mumaze kumvikanaho kandi gifite ireme, kwirinda urusaku, gutanga ibitekerezo ntawuvunisha abandi. Umwarimu ararema amatsinda ane y'abahungu n'abakobwa bavanze; amatsinda ya mbere abiri aragibwamo n'abashyigikiye icyo insanganyamatsiko ivuga, amatsinda ya kabiri abiri aragibwamo n'abari buze gutanga ibitekerezo binyuranya n'icyo insanganyamatsiko ivuga. Umwarimu arakurikirana uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo byabo n'uko bubaha ibitekerezo bya bagenzi babo. Nyuma yo kurangiza gutanga ibitekerezo binyuranye muri ya matsinda abanyeshuri b'abanditsi muri buri tsinda barasomera mu ruhamu ibitekerezo byatanzwe, umwarimu afatanyije n'abanyeshuri bandike ku kibaho ibitekerezo bifatika baza kwandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibitekerezo byatangwa:

- Gufashanya mu iterambere ry'urugo,
- Kuzamura Igihugu muri demokarasi,
- Kubahana mu muryango,...

2.2. Amasaku mu nteruro z'urusobe

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 65

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura inshoza y'amasaku
- Gusobanura amategeko agenga ubutinde n'amasaku mu nteruro y'urusobe
- Kwandika amasaku akurikiza amategeko agenga ubutinde bw'imigemo n'amasaku ku nteruro y'urusobe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika interuro ku kibaho, akabasaba kuzitegereza, akababazaho ibibazo bituma bakora ubushakashatsi ku masaku mu nteruroz'urusobe.

Urugero rw'interuro n'ibibazo by'ubushakashatsi yababaza:

1. Umusore n' umukobwa bambikanye impeta.
2. Nyiri ibitugu binini ntarengwa n'imijugujugu.
3. Amazi y'abashyitsi.
4. Yagiye mpiru na nyoni.
5. Yagiye nk'Abagesera.

Ibibazo:

Mukurikije imivugirwe y'izo nteruro murumva ari ayahe masaku yaje mu myanya atari asanzwemo? Kubera iki? Mushake andi masaku mbonezanteruro atagaragajwe n'izo nteruro.

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma izi nteruro bitonze biyumvisha neza aho ubutinde bw'imigemo n'amasaku bikwiye kujya. Urugero rw'ibiteganywa kubonwa n'abanyeshuri:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, kwitegereza no kuvuga aho babona impiduka zabaye. Nyuma y'igihe cyagenwe buri tsinda riragaragaza ibyo baboneye hamwe mu matsinda. Abanyeshuri bunganiwe n'ubugororangingo bw'umwarimu barafatira hamwe umwanzuro w'ibyo bandika mu makayi.

Amwe mu mabwiriza agenga amasaku mu nteruro z'urusobe aza kwandikwa bivuye mu matsinda ni aya akurikira:

Amasaku mbonezanteruro

1. Iyo ibinyazina ngenera n'amagambo **nyiri** n'ibyungo na/ **nka** bibanjirije amagambo adafite indomo ariko afite isaku ku mugemo wa gatatu, cya kinyazina na **nyiri** ibyungo **na/nka** bituma haza isaku nyejuru ku mugemo wa mbere w'iryo zina. Iyo ayo magambo akurikiwe n'amagambo adafite amasaku, ntagihinduka. Nyamara iyo amazina akurikira afite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri ariko riri ku nyajwi ya kabiri y'ubutinde, haza isaku nyejuru ku mugemo wa mbere.

Ingero:

Isûka ya Rûgorî.

Muriindwâ aje nka Mûsigî.

Karêera na Mugabo baragiiye.

Abo nî Kamaâri na Rûga mba.

2. Iyo umugemo wa mbere ufite isaku nyejuru nyesi ntagihinduka. Nyamara iyo iryo jambo rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri, iryo saku ririmuka rikajya ku mugemo ubanza.

Ingero:

Inkâ ya Rwango.

Butamwâ na Mbôgo nî mu Rwaanda.

3. Ikinyazina ngenera n'ingenera **nyiri** n'ibyungo **na /nka**, iyo bikurikiwe n'ijambo rifite inyajwi bifata indomo y'iryo zina kandi bigafata isaku nyejuru.

Ingero:

Ibiryô by'ûmugabo.

Nyirî ûbwêenge aruta nyirî uburyô.

4. Iyo izina rikurikiye ya magambo afite isaku nyejuru nyesi ku mugemo wa kabiri, indomo yaryo igira isaku nyejuru nyesi.

Ingero

Amagî y'ûumwâana arahâri.

5. Iyo ikinyazina ngenera gifashe indomo kandi gikurikiwe n'ijambo ridafite isaku nyejuru umugemo wa mbere w'iryo zina ufata isaku nyesi nyejuru.

Ingero :

Iby'uûwo mwâana nî byiizâ.

Iz'aâho haantu ziraomera.

Amasaku ahoraho mu nteruro kuko yo atajya aba ay'integuza, aba ku magambo yayo :

Ingero :

6. Akaremajambo mu ndemo ihakana kagaragara mu nshinga «ta» akenshi kagira isaku nyejuru, iri saku ntirigira integuza kandi rihoraho.

Ingero :

Kut gêend nî bibî.

Kud kur bituruka ku miriîre mibî.

7. Ikinyazina mbanziriza n'ikinyazina ngenga kigaragaza ahantu (mwo/mo, ho,yo) bihorana isaku nyejuru ku gicumbi kimwe n'akajambo « ko ».

Ingero :

Iby bary nî ibi.
H bakoreesha indy yuuzûye.
Avuze k tugeend tukajyam .
Twaavuuyey mu git ondo.

Umwitozo

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo cyangwa undi yakwihitiramo ujyanye n'isomo kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo buri munyeshuri awukora ku giti ke. Iyo igihe cyatanzwe kigeze abanyeshuri bawukosorera hamwe bakandika ku kibaho, igisubizo cyumvikanyweho. Umwarimu agasaba abanyeshuri babiribabiri gukosorana bagaragaza ibyo buri wese yakoze.

Umwitozo n'ibisubizo:

Soma kandi wandike izi nteruro ugaragaza ubutinde n'amasaku ugabanya ibinyetso:

1. Uwiba ahete aba abwiririza uwo mu mugongo.
2. Rubaya na Muhura biregeranye.
3. Iby'uwo muhungu tuzabireba ejo.
4. Udakora ntakarye kandi ntagasabirize.
5. Nyiri umuringa iyo aje utega ukuboko.
6. Maraba na Kigali ni imigi y'u Rwanda.
7. Ntakibyara nk'intare n'ingwe.
8. Yavuyeyo amahoro, ntiyakomeretse.
9. Uzatemberere ku musozi wa Ndiza.
10. Kuri Huye ya Burera ni heza.

Ibisubizo

1. Uwiiba ahêetse aba abwiiriza uwô mu mugôngo
2. Rubaya na Mûhuûra bireegeranye.
3. Iby'uûwo muhuûngu tuzaabireeba ejô.
4. Udâkorâ ntaâkarye kaândi ntaâgasabirize.
5. Nyirî ûmuriînga iyô ajê utega ukubôko.
6. Maraaba na Kîgalî nî imigî y'û Rwaanda.
7. Ntaakiîbyaara nk'iintâre n'ingwe.

8. Yavuuyeyô amahôro, ntiyakomeretse.
9. Uzâateembêerere ku musôzi wa Ndîiza.
10. Kurî Huuye ya Bûtare nî heezâ.

2.3. Inshamake

Umunyeshuri asigaranye ko:

- Uburinganire ari uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'Igihugu mu mahoro no mu butabera busesuye naho ubwuzuzanye akaba ari ubufatanye bugaragarira mu mirimo umuntu gore yunganiranamo n'umuntu gabo ku buryo buri wese abarizwa ku gikorwa cyangwa umurimo runaka mu bwubahane.
- Ibintu bitandukanya umugabo n'umugore bijyanye n'ibitsina, ni kamere y'uko baremwe, ntibihinduka. Ibijyanye n'ubwuzuzanye bishyirwaho n'abantu kandi bigahinduka bitewe n'igihe, ahantu n'umuco.
- Imirimo myinshi isa n'aho yagenewe abagore cyangwa abagabo, ni iyagenwe n'umuco aho kugenwa n'imiterere kamere y'umuntu. Kubera iyo mpamvu, ikaba ishobora guhindurwa.
- Amagambo ashobora guhinduka mu mivugirwe bitewe n'imiterere y'interuro. Bityo ijamba rishobora kugira isaku cyangwa ubutinde aho bitari biri. Ubwo butinde n'ayo masaku ni byo byitwa amasaku mbonezanteruro.

Umukoro: Kwiyungura imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'umutwe wa kabiri w'uburinganire n'ubwuzuzanye. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko.

Urugero rw'imigani batanga:

- **Ababiri bajya inama baruta umunani urasana:**
Abantu bashyize hamwe, buzuzanya mu nshingano zabo, ntaho bahuriye n'abirwa mu matiku no mu ntambara z'urudaca. Umugore n'umugabo bashyize hamwe baba magirirane.
- **Ukurusha umugore aba akurusha urugo:** Umugore afite akamaro kanini, ni we mutima w'urugo. Umugabo wubatse aba afite byinshi arusha abadafite abagore.
- **Umugabo w'ubwenge n'umugore w'ubwena iyo bweze bagura imyuko ibiri:** Umugore n'umugabo iyo buzuzanya bagera kuri byinshi.
- **Urugo rwubaka babiri:** Nta mugabo umwe kandi ibintu ni magirirane. Mu rugo, ni ngombwa ko umugore n'umugabo bafatanyaga, bitabayeho ibyo urugo rwasenyuka.

- **Utumviye se na nyina yumvira ijeri:** Ababyeyi bombi bafite inshingano zo kwita ku bana babo. Iyo hari umwana usuzuguye ntiyumvire umwe muri abo babyeyi bombi agaca ku miburo n'izindi nama bamugiraga ahanini ahura n'akaga,...

2.4. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa kabiri

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 67

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
- Gukora inshamake y'umwandiko yasomye.
- Kwandika interuro z'urusobe agaragaza ubutinde n'amasaku.

Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

Ibibazo byo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko.

Inyunguramagambo

1. Sobanura aya magambo:

- Uburinganire:** uburyo buha amahirwe angana umugore n'umugabo cyangwa abantu b'ibitsina byombi:hungu na kobwa ku buryo ntawe utsikamira undi mu bintu banganyamo ubushobozi.
- Ubwuzuzanye:** Uburyo mu rugo umugore n'umugabo bitabira gufatanya no kujya inama mu byo bakora byose, buri wese akuzuzainshingano ze nk'uko bikwiye.
- Inkwenene:** uguseka umuntu wivuye inyuma, umunyenye cyangwa umunenga kuba akora ibi n'ibi.
- Ubutuna:** Amarira ava mu maso akumira inyuma yayo.
- Ikubagahu:** bya vuba na bwangu nta karuhuko, ikimirana rya shishi itabona
- Gutera utwatsi:** kutumva ibyo bakubwira, kurekera iyo ntiwumve na gato.
- Kubaha urw'amenyo:** kubaseka, kubisekera nk'aho ntacyo bakora.
- Kwicira isazi mu jisho:** gusonza ukabura icyo ukora kubera gucika integerkurenga inkombe: kurenga ihaniro, gukwira hose, kugera kure.
- Kurenga inkombe:** Kugera kure kubi.

2. Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo wungukiye mu mwandiko avuga kimwe n'atsindagiye:

- (i) Kamariza **afatanya** n'umugabo we mu kuzuza inshingano zo kurera abana bibarutse. (yuzuzanya)
- (ii) Umutegarugori utiyubashye usanga rubanda **bamuseka cyane** kubera guta agacu k'umuco w'imfura. (bamuha inkwenene)
- (iii) Amahano yakoze **yabuze igaruriro**, kubiceceka byababereye ikinanira. (yarenze inkombe)
- (iv) **Agahinda** afite kamushenguye umutema ku buryo no kugira icyo ashya ku munwa byamuyobeye. (ishavu)
- (v) Yagiye **shishi itabona** ntacyo atubwiye ku byabaye ku baturanyi be bibaniraga mu bwuzuzanye busesuye. (ikubagahu).

3. Andika amagambo ari mu mwandiko asobanura atya:

- (i) Ukuba ikintu kigeze mu ididaniro. (**kurimbanya**)
- (ii) Gushakira umugore ku wundi. (**guhariana**)
- (iii) Gukora iyo bwabaga, uko ushoboye kose. (**kwiharahara**)

4. Koresha amagambo akurikira mu nteruro: ubuharike, umuganji.

- (i) Ubuharike bukwiye kwamaganwa na Leta ndetse n'urubyiruko kuko buzana amakimbirane mu miryango.
- (ii) Umuganji wa Musanabera yitwa Rugwiro.

Ibibazo byo kumva umwandiko:

- (i) **Ni nde ushinze iterambere ry'umuryango?** Ni buri wese mu rugo.
- (ii) **Ni iki Kamariza na Cyubahiro bakoze ngo barwanye ubukene ?** Batse inguzanyo, barahinga barorora batera imbere.
- (iii) **Ese babigezeho?** Sobanura impamvu. Babigezeho. Kubera gushyira hamwe, gufatanya no kujya inama muri byose ni byo byabafashije kugera ku ntego bari bariyemeje.
- (iv) **Imibereho ya Cyubahiro na Kamariza bayikeshaga iki abantu batari bazi?** Gushyira hamwe, kuzuzanya nokumva buri wese afite inshingano zimureba agomba kuzuza mu mucyo.
- (v) **Abana ba Cyubahiro na Kamariza ni ba nde?** Barezwe bate? Kiza na Ishimwe. Aba bana barezwe neza kugeza ubwo basinga amashyirahamwe yo kurwanya marariya no kubungabunga ibidukikije, baza no kujya kwiga za kaminuza zo mu mahanga kubera ubuhanga bwabo, ...
- (vi) **Sobanura mu magambo make imibanire y'abana ba Cyubahiro na Kamariza.** Abana ba Cyubahiro na Kamariza babanaga mu bumwe n'ubufatanye burangwa n'ikinyabupfura, iteka barwana ishyamba ryo gutera imbere.

- (vii) **Ese hari ikigaragaza ko Ntambara na Nyiranuma bari kuba bifashije ?** Ni uwuhe mugani w'Ikinyarwanda wabacira urebye uko Bakamariza babayeho? Iyo bacika ku ngeso y'ubusinzi, bakamenya kuzigama duke bakoreraga, bakitabira umurimo uko bikwiye bakajya inama y'uko bagomba kwita ku rubyaro rwabo baba barateye imbere. Umugani muntu yabacira :Utinze azanyagwa ni umushumba w'inda, inda igutoza kuba gito hato ikaba ari yo ikujya imbere, inzoga uyikura mu kabindi ikagukura mu bagabo, inzoga ni mucyurabuhoro, iteme umugabo azambuka aritinda agitunze...
- (viii) **Iyo abana ba Nyiranuma na Ntambara bajyaga mu ngo z'abaturanyi babo, bababwiraga iki?** Ese ibyo bavugaga byari byo ?Abana barabahahanaga bababwira ko batabishingiye kubera ko ababyeyi babo bibera mu tubari kandi bakarangwa n'ubusinzi. Bavugiragaho neza ngo ntibabagaburira kandi mu kanya barajya gusozaho icyayi n'umugati .Ibyo bababwiraga ntibyari ukuri kuko ababyeyi babo bari baratwawe n'inzoga, kumenya abana batabikozwa.
- (ix) **Bamaze gusezererwa ku kazi, ni iki bakoresheje mu mafaranga y'imperekeza? Kuki birukanywe?** Amafaranga y'imperekeza ntacyo bayakojeje uretse kuyasesera mu nzoga. Birukanwe ku kazi kubera imyitwarire mibi bagaragaje ku kazi no hanze muri rubanda.
- (x) **Ni iki Cyubahiro na Kamariza bakoreye Keza?** Baje gusanga arembye, yafashwe n'umusonga batumuza ipikipiki bamujyana kwa muganga
- (xi) **Ni ikihe gikorwa cy'ubutwari Nyiranuma na Ntambara bakoze imbere y'abaturage bagenzi babo?** Basabye Imana imbabazi n' abaturage mu ruhame, bahiga gusenyerera umugozi umwe.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura umwandiko

- (i) **Andika ingingo z'ingenzi n'izingereka tubona muri uyu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
Akamaro k'ubwuzuzanye Akamaro k'uburinganire	Ubufatanye mu rugo Kumenya inshingano zawe Kwitabira umurimo birafasha Uburere buruta ubuvuke,...

- (ii) **Muri uyu mwandiko haravugwamo kwera no kwirabura. Ni iyihe mihango yindi yajyanaga no gupfa.** Indi mihango yagendanaga no gupfa hari gusahura, gupfunya, gukaraba,
- (iii) **Muri uyu mwandiko batubwira ibyerekeye Itsinda «Ryita ku bidukikije» urumva ryaba rishinzwe iki?** Kubungabunga ibidukikije, kubifata neza ukumva utabyonona ahatari amashyamba agaterwa, ahahanamyeye hagacibwa imiringoti no gutera ibyatsi bifata ubutaka ku matarasi ; ahari ubutaka bubi bugafumbirwa, abaragira ku misozi bagakangurirwa kubicikaho kuko bitera isuri n'ubutayu.

- (iv) **Sobanura uko umutwe w'uyu mwandiko uhura n'ibivugwamo.** Cyubahiro na Kamariza bakoze uko bashoboye bashaka inguzanyo, barahinga barorora, bashyira abana mu ishuri. Ibi byose babikoraga babanje bajya inama, mu bitekerezo bakuzuzanya nta mahane bityo batera imbere.
- (v) **Ni irihe somo ry'ubuzima bwa buri munsu wakwigira kuri iyi miryango yombi? Ese ni uwuhe muryango wakubera urugero?** Isomo nkuyemo ni uko ubufatanye, kuzuzanya no kuzuza inshingano za buri wese ari inkingi y'iterambere rirambye. Umuryango nafataho ikitegererezo ni uwa Cyubahiro na Kamariza.

Ubushobozi bwo kwandika interuro z'urusobe agaragaza ubutinde n'amasaku.

Shyira amasaku n'ubutinde ku nteruro zikurikira ugabanya ibimenyetso:

- (i) Ukurusha umugore akurusha n'urugo. (Ukûrusha umugorê akurusha n'ûrugô.)
- (ii) Nta mupfumu wipfuma. (Ntaa mupfumû wîipfûma.)
- (iii) Nta bworo buramata nk'ubw'ikirenge. (Nta bwôoro buramâta nk'ûbw'ikireenge.)
- (iv) Kora ndebe biruta vuga numve. (Kora ndeebê biruta vuga nuumvê.)
- (v) Ibya Mukomakara byatwawe na Mukomarume. (Ibyâ Mukômakâra byatwaawe na Mûkomarume.)
- (vi) Nta mugabo umwe, abantu ni magirirane. (Ntaa mugabo umwê. Abaantu ni magirîrane.)
- (vii) Mpana uwange yananira nti: "Ramvura ingoma wime". (Mpana uwaangê yananîra nti: Raamvura ingoma wiimê.)
- (viii) Umukobwa washimye urugo aryama aheneye iwabo. (Umukoôbwa washiiimyê urugô aryaama ahêneye iwaâbo.)
- (ix) Inda igutoza kuba gito hatô ikaba ari yo ikujya imbere. (Inda igutoza kubâ gitô hatô ikaba ari yô ikûjya imbere.)
- (x) Uburinganire n'ubwuzuzanye ni inkingi ya mwamba. (Uburiînganire n'ûbwuûzuzanye nii inkiîngi ya mwaamba.)

Ubushobozi bwo guhina umwandiko.

Hina umwandiko wahawe ku buringanire n'ubwuzuzanye bwo nkingi ya mwamba mu mirongo itarenze cumi n'itanu.

Ahangaha umwarimu azareba ko abanyeshuri bakoze incamake neza bibanda ku bitekerezo nyamukuru.

Urugero :

Uburinganire n’ubwuzuzanye ni inkingi ya mwamba.

Cyubahiro na Kamariza bagize igitekerezo cyo kwaka inguzanyo bafite intego yo kwizamura. Bamaze kuyibona barahinze barorora bashyira abana mu ishuri, barahirwa baba n’abahanga. Aba bana baje gushinga n’amatsinda harimo irishinzwe kurwanya marariya n’iryo kubungabunga ibidukikije. Abaturanyi ba Cyubahiro ari bo Ntambara na Nyiranuma bo bahoraga mu tubari, iteka ugasanga basinze batitaye ku bana babo. Nyuma Ntambara n’umugore we baje kwirukanwa ku kazi kubera imyitwarire mibi. Umwe mu bana ba Ntambara na Nyiranuma yaje kwitaba Imana yishwe n’umusonga biturutse ku burangare bwabo. Nyuma yo gushyingura, Ntambara n’umugore basabye imbabazi rubanda n’Imana, bafata ingamba yo gusenyerera umugozi umwe. Urugo ni urwa babiri, ibintu ni magirirane.

2.5. Imyitozo nsindagirabushobozi

- Mu gihe umwarimu arimo gukosora ibyo abanyeshuri basubije ku mwitozo w’isuzumabushobozi, aragenda atahura ikigero cy’ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize maze abashyire mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n’ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y’abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n’imyitozo bakora. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

Urugero rw’imyitozo yabaha:

Ku bafite ikibazo cy’ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko umwarimu ababaza ibibazo byimbitse ku nsanganyamatsiko y’uburinganire n’ubwuzuzanye.

Ku bafite ikibazo cy’amasaku mbonezanteruro, umwarimu abaha uwundi mwitozo wo gushyira amasaku ku nteruro z’urusobe zinyuranye.

Urugero:

Wubahiriza ubutinde n’amasaku, andika izi nteruro z’urusobe zinyuranye.

1. Cyangwa mu bikorwa rusange nk’umuganda, bituma hakorwa byinshi kandi mu gihe kimwe. (**cyâangwâ mu bikorwâ rûsaânge nk’ûmugaanda, bituma hâkorwa byiînshi kaândi mu gihe kimwê.**)
2. Ni mugihe kandi kuko uguhuriza hamwe kw’ibitsina byombi kwihutisha iterambere. (**Ni mu gihe kaândi kukô uguhûuriza hamwê kw’ibitsîna byôombî kwiihuutiisha iteerambere.**)

3. Aho utubari n'ifaranga byadukiye, abagabo bakomeje kudaha abagore uruhare mu micungire y'umutungo wo mu rugo. (**Ahô utubari n'ifaraanga byaadûkiye, abagabo baâkomeje kudâha abagorê uruhâre mu micuûngire y'ûmutûungo wô mu rugô.**)
4. Umugabo nk'uyu wigize indakoreka, aba yahariye imirimo y'ubuhinzi abo bagore. (**Umugabo nk'uûyu wiîgize indâkoreka, aba yahariye imirimo y'ûbuhîinzi abo bagorê.**)
5. Imyumvire nk'iyi y'abagabo batekereza ko ari abatware ntibafatikanye n'abo bashakanye irashaje. (**Imyuûmvire nk'iîyi y'âbagabo bateekêreza kô arî abatwaâre ntibâfatikanye n'âabô baâshaakanye irashâaje.**)
6. Yewe n'umugore wifatiye agashinge cyangwa ibinini bituma asamira igihe yabyiteguye, ugasanga, ugasanga bene abo bagabo bararakaye. (**Yeêwe n'ûmugorê wiifâtiye agashiingê cyâangwâ ibiniîni bitumâ asâmira igihe yabyiîteguuye, ugasanga beêne abo bagabo bararaakaye.**)
7. Abahungu n'abakobwa bose bariga bakaminuza, bagahurira ku isoko ry'umurimo. (**Abahuûngu n'âbakoôbwa bôose bariîga bakamînuza, bagahuurira ku iisokô ry'ûmurimo.**)
8. Kuba abagore n'abagabo baturiza hamwe imbaraga zabo mu mashyirahamwe n'amakoperative. (**Kubâ abagorê n'âbagabo bâhaturiza hamwê imbâragâ zâabo mu mashiîrahâmwe n'âmakoperatiive.**)

3

Ubuzima bw'imyororokere (Umubare w'amasomo: 28)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura ikinamico, gukina ikinamico no guhanga ikinamico ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere.
- Kwandika amajwi y'inyabumwe mu nyandiko nyejwi.

3.1. Ikinamico: Mpana uwange yananira nti: “Ramvura ingoma wime”

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 72 kugera ku rwa 85)

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku kinamico yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo, iyitsa n'isesekaza.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva ikinamico.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo ikinamico ivuga ku buzima bw'imyororokere, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu arambura igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro ruriho ikinamico Mpana uwange yananira nti: “Ramvura ingoma wime” agasaba abanyeshuri kwitegereza amashusho ariho, nyuma akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Murabona iki kuri aya mashusho?** Umugabo n'umugore bari ku rukiniro.
2. **Abo bantu mubona, abakuru bafite iyihe myifatire?** Umugore aratangana n'umugabo we akikiye agahinja, umugabo akanuye amaso nk'umusinzi kabombo arasuma gufata umugore we mu ijosi.
3. **Abana bo murabona bameze bate?** Uduhungu tubiri n'udukobwa tubiri bose bambaye udushwagi tw'imyenda dukurura nyina agatenge akenyeye.
4. **Aba bana barutanwa bate witegereje ikigero cyabo?** Aba bana bigaragara ko ari intahekana.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku buzima bw'imyororokere, abasabe kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

Gusoma bucece

*Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko **Mpana uwange yananira nti: "Ramvura ingoma wime"** akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.*

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo:

1. **Muri iyi kinamico haravugwamo abakinankuru b'ingezi. Vuga amazina yabo.** Abakinankuru b'ingenzi ni Rubundakumazi Yubu: umutware w'urugo. Avuga uburimi, atuye mu mudugudu wa Kaze Shenge. Ni umugabo w'igikwerere ugeze mu myaka 41 na Nyinawumuntu Sara: Umugore wa Rubundakumazi Yubu. Ari mu kigero k'imyaka 45.
2. **Vuga imitere y'abo bakinnyi b'ingenzi.** Rubundakumazi Yubu ni umutware w'urugo. Avuga uburimi, atuye mu mudugudu wa Kaze Shenge. Yokamwe n'ingeso mbi, ahora ataha yasinze intonganya ari zose. Nyinawumuntu Sara: Umugore wa Rubundakumazi Yubu. Ni umugore witonda cyane wabujijwe amahwemo n'umugabo we. Yabyaye abana b'indahekana kugeza kuri Karenzo.
3. **Hari umukinnyi usa nushyigikiye umugabo wasaritswe n'ubusinzi. Uwomukinnyi ni nde?** Uwo mukinnyi ni Nyiragitariro. Uyu mukecuru akunda gusangira na Rubundakumazi. Na we ni umusinzi, nta nama yagira umuntu.
4. **Abakinnyi batanga amasomo ku buzima bw'imyororokere ni ba nde?** Vuga imico yabo. Abo bakinnyi ni: Binama Angelo: umujyanama w'ubuzima ku rwego rw'umudugudu wa Kaze Shenge. Ahora akangurira abaturage kuboneza no kuringaniza urubyaro. Wibabara Anita: uhagarariye akagoroba k'ababyeyi mu mu dugudu wa Kaze Shenge. Asanzwe ari umuforomokazi w'umwuga ku Kigo Nderabuzima cya Nyinawimana. Ni umubyeyi ujya inama zubaka.

5. **Umuryango uvugwa muri iyi kinamico wabyaye abana benshi. Tanga amazina abigaragaza neza.** Amazina abigaragaza hari Nyampeta, Nyabyenda, macumu. Misago, Karenzo n’abandi.
6. **Hari ingingo itsindagira ko nyiri urugo uvugwa mu mwandiko yaba yari umuhehesi. Iyo ngingo ni iyihe?** Uyumuryango urera umwana Rubundakumazi yabyaye hanze ari we Mpinganzima Rasherri.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwe arajya asoma mu izina ry’umukinnyi umwe, undi na we akine mu kigwi cy’umukinnyi runaka bityo btyo kugeza umwandiko w’ikinamico urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo ndetse n’aho usoma atigana umukinnyi mu magambo. Umwarimu ajenzura uko bitabira gushaka gusoma, agahwiturira gusoma abagaragaza ubushake buke.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by’amagambo akomeye kandi basubiza n’ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agendagenda mu matsinda ajenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe. Nyuma y’iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye nyuma bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw’ibisubizo by’ibibazo byava mu matsinda:

Inyunguramagambo

Gusobanura amagambo akomeye

1. **Akabyiniriro:** Izina ry’irihimbano bita umuntu
2. **Imfizi y’akarere ka Sodoma na Gomora:** Umuntu uzwiho ubusambanyi imihanda yose.
3. **Amuhanure:** Amugire inama.
4. **Gushinga akavumu:** Gushinga urugo.
5. **Akagoroba k’ababyeyi:** Umwanya abagore n’abagabo babishaka bahisemo mu Mudugudu kugira ngo bungurane ibitekerezo ku bitagenda mu ngo batuyemo.
6. **Amahane arahuna:** Amahane arashira.

7. **Imikizi:** Uburakari bukabije.
8. **Kuba urujyo:** Gusaza bigera aho bakugereranya n'ikibindi cyamenetse.
9. **Igikomomo:** Ikintu gishaje cyane kitagifite isura.
10. **Kuvuga aya ndongo:** Kuvuga amgambo aterekeranye.
11. **Gutera rwaserera:** Gutera amhane ugakabya.
12. **Kuzinduka iya marumba:** Kuzinduka kare cyane, kuzinduka iya rubika.
13. **Agatabiko ku mugongo w'ingona:** Urumogi, kanabisi, ikiyobyabwenge banywa nk'itabi.
14. **Guta ibintu iburenga:** Kukubwira ntiwumve, kubwira intumva.

Umwitoto w'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo akomeye umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bagakora umwitoto w'inyunguramagambo ukurikira, uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo umwitoto urangiye umwarimu ahitamo itsinda rimwe rikajya kumurika ibisubizo ryumvikanyeho andi matsina afatanije na mwarimu akabafasha kunonosora ibisubizo bikandikwa ku kibaho.

Umwitoto n'igisubizo cyawo:

A. Imigani ikurikira isobanura iki mu mwandiko?

1. **Ubwenge buzanye n'imvi buramira ibyagitse:** gutanga inama cyangwa gutekereza neza bitangira kare.
2. **Ukize ubusore arabubagira:** mu busore habamo imitego myinshi, ugize Imana akayisimbuka arishima.
3. **Uko imvura ihinze siko igwa:** uko abantu bashyira ingufu ku kintu runaka siko gikorwa.
4. **Urugiye kera ruhinyuza intwari:** ukora amakosa kera uagenda uyarakoka kera kabaye ukayagwamo.

B. Simbuza ijamba ritsindagiye irindi bivuga kimwe wungukiye mu mwandiko.

1. **Yatubeshye bikomeye,** hashize akanya turikubura. (Yatubeshye ikirari kiruma)
2. Yabyutse **yasinze** kurusha uko mwamubonye ejo. (Yabyutse yaborewe)
3. Nabonye na rya ryori **ryatangiye kuvuna amavi** da! (Ryatangiye kujya mu mihango ya gikobwa/kigore.)
4. Umukobwa **watangiye kujya mu mugongo** aba yakuze, ni byiza yitwararitse ku buzima bwe. (Watangiye kuzira inka.)
5. Umuhungu na we **wahinduye ijwi** ni ukumuba hafi. (wabaye ingimbi)

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Ni ibihe bimenyetso bigaragaza ko umwana w’umukobwa yabaye umwangavu?** Kuja mu mihango, kumera amabere, gucya ku ruhu, kwiyitaho, kubyibuha amatako, kumera inshakwaha, insya,...
2. **Ni ibihe bimenyetso bigaragaza ko umwana w’umuhungu yabaye ingimbi?** Kuniga ijwi, kumera ubwanwa, inshakwaha, insya n’impwempwe no kwirotaraho.
3. **Vuga ingaruka zishobora kugwira umwangavu utitaye ku kumenya ubuzima bw’imyorokere.** Gutwara inda imburagihe kandi itateganyijwe, kwandura indwara zifata imyanya myibarukiro, gukena, kwicwa n’isoni n’agahinda, gutangira kurera kandi nawe ukiri umwana, urupfu n’ibindi.
4. **Ni akahe kamaro k’akagoroba k’ababyeyi?** Mu kagoroba k’ababyeyi abantu bafata umwana wo kuganira ku bibazo bitandukanye biri mu miryango. Iyo bishobotse bagasasa inzobe, hari ibibazo ababyeyi bashobora kwikemurira no kujya inama zubaka ubuzima bwabo, cyane cyane nk’ingamba bafata ku birebana n’iterambere ryabo n’iry’Igihugu muri rusange.
5. **Inama n’amabwiriza arebana n’ubuzima bw’imyorokere twabisanga he?** Uretsemu kagoroba k’ababyeyi, inama n’amabwiriza arebana n’ubuzima bw’imyorokere twabisanga ku bigo Nderabuzima no ku bajyanama b’ubuzima muri buri midugudu.
6. **Ni ngombwa kuganira n’urubyiruko ku buzima bw’imyorokere. Sobanura utarondogoye niba uhamanya n’iki gitekerezo.** Ni ngombwa kuko kugira ubumenyi ku buzima bw’imyorokere bifite akamaro kanini. Bifasha kwirinda ingaruka aho ziva zikagera zaterwa n’ubumenyi buke ku buzima bw’imyorokere.

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 86

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kuvuga ingingo z’ingenzi dusanga mu mwandiko.
- Kuvuuga no gusobanura uburyo bwo kuboneza urubyaro buboneka mu Rwanda.
- Kurondora akamaro ko kuboneza urubyaro ku bagore, abana, ku muryango no ku Gihugu muri rusange.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri n’ibindi bitabo bivugaga ku buringanire n’ubwuzuzanye cyangwa imbuga za interineti.

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- (i) Umwandiko twize ubushize wavugaga kuki?** Ubushize twize umwandiko uvuga ku buzima bw'imyororokere.
- (ii) Iyo bavuze ubuzima bw'imyororokere mwumva iki?** Twumva kumenya bihagije imikorere n'imihindagurikire y'imyanya myibarukiro, ingaruka n'amakuba dushobora guhura nazo mu gihe tuyikoresheje nabi cyane cyane mu gihe kidakwiye.
- (iii) Ni akahe kamaro ko kumenya neza imikorere y'imyanya yacu myibarukiro?** Bidufasha kwirinda ingaruka zishobora kugwirira umuntu kubera ubumenyi buke ku buzima bw'imyororokere. Muri izo ngaruka harimo kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ndetse na SIDA, kimwe no kokamwa n'ishavu n'agahinda ko kuba warabyaye imburagihe kandi ukabyara nta bushobozi, utariteguye. Hari n'abashobora gutera inda bagatangira gutanga indezo batarabona ubushobozi kandi bakiri n'abana.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko biri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibyo bibazo akabasaba no kubandika ku kibaho kugira ngo niba harimo abatwumva neza babisome ku kibaho.

Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ibisubizo byabyo.

1. Tanga ingingo dusanga muri uyu mwandiko.

- Akamaro k'akagoroba k'ababyeyi,
- Ibibi by'ubusinzi,
- Kwirinda kubyara indahekana,
- Gusenyera umugozi umwe,
- Kumenya urubyaro,
- Kumenya inshingano nk'umubyeyi,
- Kugira ishyamba ryo gutabara abaturanyi,
- Umutekano ni ingenzi,...

2. Rondora akamaro ko kuboneza urubyaro ku bagore, abana, ku muryango no ku gihugu.

a) Ni byiza ku mugore kubera ko:

- Abyara umubare w'abana we n'umugabo bashobora kurera.
- Ashobora kwirinda kubyara indahekana hagaca nibura imyaka ibiri hagati y'inda n'indi.
- Iyo abyaye akarera abana bake, ubuzima bwe buba bwiza kurusha ubw'ubyara indahekana, ntahore yumva ananiwe.
- Abona umwanya wo kwita kuri buri mwana.
- Ntibimugora cyane kubonera abana be indyo yuzuye kandi ihagije.
- Agira imbaraga zo gukora, haba ari mu kwikorera cyangwa mu kazi ahemberwa.
- Abona umwanya wo gufatanya n'abandi no kuzuzura inshingano ze aho atuye.
- Yumva afite ikizere ko abana be nawe ubwe bazagira ubuzima bwiza bw'ejo hazaza.
- Abona akanya ko gufatanya n'umugabo guteza umuryango wabo imbere.

b) Ni byiza ku mugabo kubera ko:

- Ashobora kugaburira urugo rwe neza.
- Abona umwanya wo kwita kuri buri mwana.
- Ashobora kuzigama amafaranga yo guteza imbere umuryango we.
- Abona umwanya wo kwita ku muryango we no gufatanya n'abandi, akuzuzura inshingano ze aho atuye.
- Ashobora gukora ashya umutima hamwe, akagira ubuzima bwiza.
- Ashobora gushyira abana be mu ishuri.
- Yumva afite uikizere ko abana be, umugore, na we ubwe bazagira ubuzima bwiza bw'ejo hazaza.

c) Ni byiza ku mwana kubera ko:

- Abyarwa n'umubyeyi ufite ubuzima bwiza.
- Ashobora kubona amashereka amuhagije akaba ari yo amutungira mu mezi ya mbere atandatu y'ubuzima bwe.
- Ashobora kwitabwaho akerekwa urukundo n'ababyeyi be bombi.
- Ashobora gukura abona indyo yuzuye kandi ihagije.
- Afite amahirwe yo gukurana ubuzima buzira umuze.
- Akurana ikizere cyo kwiga neza no kuzakura yiyongerera bwo kubaho neza.

d) Ni byiza ku muryango no ku gihugu muri rusange:

- Umuryango muto biraworohera gushyira abana bawo mu ishuri, nabo bakazabona ubushobozi bwo kuzita ku miryango yabo;
- Umuryango muto ugaburira abantu bake, usagura amikoro yo gukora ibindi, nko kwishyura amafaranga y'ishuri, ayo kugura ibitabo, ay'ingendo, ayo kugura imyenda, kwita ku buzima nk'ubwisungane mu kwivuzan'ibindi;
- Mu muryango waboneje urubyaro, umugore n'umugabo bagira ubuzima buzira umuze, abana babo ntibapfe bakiri bato;
- Mu gihugu gifite abantu bagereranyije n'ubukungu bwacyo, amahirwe yo kubona akazi ariyongera;
- Kuboneza urubyaro bituma na Leta yoroherwa mu gutanga serivisi rusange nk'amavuriro, amashuri, amashanyarazi, amazi n'imihanda. Ibi bituma imirongo idakabya kuba miremire mu mavuriro no mu bitaro, amashuri akarushaho kuba meza hari abana bake muri buri cyumba k'ishuri, imihanda ikubakwa indi igasanwa.

3. Vuga usobanura uburyo bwo kuboneza urubyaro buboneka mu Rwanda.

Hariho uburyo butatu bw'ingenzi bwo kuboneza urubyaro: uburyo bw'igihe kigufi, uburyo bw'igihe kirekire n'uburyo bwa burundu. Muri ubu buryo harimo ubwa kijyambere n'ubwa kamere. Mu kuboneza urubyaro hashobora gukoreshwa agakingirizo, inshinge, ibinini, uburyo kamere n'urunigi. Agapira ko mu kaboko, agapira ko mu mura n'uburyo bwa burundu aho umubyeyi w'umugore cyangwa umugabo ahitamo gufunga urubyaro burundu.

4. Gereranya imyitwarire ya bamwe mu banyarubuga n'ubuzima busanzwe bw'aho utuye. (Umwarimu arareba niba abanyeshuri batanga ingero zihuye n'ibyavuzwe mu ikinamico)

Intera ya gatatu: Inshoza y'ikinamico

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 86

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutahura inshoza y'ikinamico.
- Kuvuga uturango tw'ikinamico.
- Kuvumbura ibice by'ikinamico.
- Kuvuga muri make amateka y'ikinamico.
- Kugaragaza amoko y'ikinamico n'ibice biyigize.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’ubuvanganzo nyarwanda n’integanyanyigisho.

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw’ibibazo yabaza:

- 1. Ni irihe somo duheruka kwiga?** Twasomye ikinamico ku buzima bw’imyororokere.
- 2. Havugwagamo iki?** Havugwamo inkuru y’umugabo Rubundakumazi n’umugore we Nyinawumuntu. Umugabo yahoranaga amahane adakama, ari umusinzi ugeretseho n;ingeso y;ubusambanyi. Baje kwigishwa imburagihe ku buzima bw;imyororokere. Mu muryango wa Rubundakumazi bari bafite abana benshi babayeho nabi. Bamwe bari baragiye kwangara kubera kubura imibereho. Abari mu rugo bacanaga inshuro na nyina kugira ngo babone ibibatunga.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko w’ikinamico bari mu matsinda, akabasaba kuyisoma bitegereza imiterere yayo.

Isesengura

Numa yo kongera gusoma ikinamico, umwarimu asaba abanyeshuri kugerageza kuyikoraho ubushakashatsi mu nzu y’isomero, akabarangira ibitabo bifashisha akabaha n’ibibazo bibafasha muri ubwo bushakashatsi bwabo.

Urugero rw’ibibazo yabaha byabafasha mu bushakashatsi bwabo no kungurana ibitekerezo:

Nyuma yo gusoma iyo kinamico, mugerageze gutahura inshoza yayo, uturango twayo n’amoko yayo ndetse munakore ubushakashatsi ku misesengurire yayo, amako yayo no ku mateka y’ikinamico.

Abaha igihe cyo kubikora cyarangira akabasaba kugaragaza ibyavuye mu matsinda agafatanyana na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Urugero rw’ibyava mu matsinda:

Inshoza y’ikinamico

Ikinamico ni umukino ushingiyeye ku gikorwa abantu berekanira imbere y’abandi, abantu bihindura ukundi, bagerageza gusa na bo cyangwa ibyo bakina haba mu mvugo, mu mico no migirire kandi bagamije gushimisha abababona rimwe na

rimwe bagaherwamo inyigisho zishobora kuba intandaro yo gukira bimwe mu bikomere by'umutima umuntu agendana buri muni cyangwa gukemura bimwe mu bibazo bihora biziritse bagenzi bacu mu miryango natwe ubwacu tutiretse. Ikinamico ishobora kukunyweshya umuti urura ukakubera urukingo ruzima rwo guca ukubiri n'ikitwa ingeso mbi zose zoreka imbaga y'abantu mu migirire no mu bikorwa by'urukozasoni. Ikinamico ni ikigega k'ikoraniro ry'ingeri z'ubuvanganzo zitandukanye, kuko ikinamico ubwayo atari ingeri y'ubuvanganzo.

Mu ikinamico, abakinnyi bashobora gutebya, gusakuza, guca imigani, kuririmba, guhoza abageni n'abana, kuvugira inka, yewe n'abahigi bashobora kuzitura intozo zabo nyuma amahigi bakayaroha. Ikinamico ni akayobera. Usibye akamaro ko gushimisha abayireba, irigisha abantu bakanyurwa. Ikinamico iravura; ikuramo abantu ububabare baba bafite, ikagerageza na none gukemura bimwe mu bibazo baba bafite ku mutima.

Uturango tw'ikinamico

Urukiniro cyangwa akabugankuru.

Urukiniro cyangwa akabugankuru ni aho abakinnyi bakinira umuseruko uyu n'uyu. Umuhanzi ahitamo urukiniro akanagaragaza uko ruri bube ruteye. Akabugankuru gakinirwaho igice cyose cy'umukino. Tuvuga umuseruko iyo hari umukinnyi mushya winjiye mu rukiniro cyangwa igihe hari usohotse mu rukiniro. Mu makinamico avugirwa kuri tereviziyo cyangwa kuri radiyo, si ngombwa ko urukiniro rurangiriraho igice cyose cy'umukino kuko ho biba byoroshye kubikora. Mu mikino yerekanwa ntabwo washobora kwerekana abantu bari mu Kiriziya ngo mu kanya wongere uberekane baryanye imbere y'imbaga ibarebera kandi ari mu gice kimwe. Ahangaha byagusaba kubanza gufunga umwenda ugategura akandi kabugankuru. Amategako y'ikinamico avuga ko bafunga umwenda gusa iyo igice cy'umukino kirangiye.

Umutwe w'ikinamico

Umutwe w'ikinamico mwiza uba ari mugufi kandi uteye amatsiko. Insanganyamatsiko rusange igomba kuba ifitanye isano n'umutwe wahisemo, biba byiza iyo usomye umutwe adahise yumva neza ibikubiye mu ikinamico yawe.

Mu ikinamico nyarwanda cyanecyane, usanga amazina y'abakinankuru ashushanya imico yabo, uko bateye n'uko bitwara, ku buryo wumva izina ukaba umenye imico yabo, uko bateye n'uko bitwara ku buryo wumva izina ukaba umenye igitekerezo rusange.

Ingero:

Izina ry'umukinankuru	Ikimuranga
Rubundakumazi	Ubusinzi, amahane, kuboneza urubyaro ntabikozwa
Binama	Ajya inama, agira umuhati wo kunga abakimbiranye
Bigora	Akunda kujya impaka no kubaza ibibazo bigoye mu kagoroba k'ababyeyi.
Nyiragitariro	Akunda akarwa, asangira na Rubundakumazi.

Bene ubu buryo, abahanga mu mihimbire y'ikinamico bemeza ko atari uburyo bwiza bwo guha amazina abakinnyi kuko butuma umusomyi cyangwa ureba ikinamico atayigirira amatsiko. Si ngombwa ko izina byanze bikunze rivuga imiterere n'imyifatire y'umukinnyi. Uburyo bwiza ni ukubaha amazina asanzwe, imyitwarire yabo ikaza kugaragara mu bikorwa byabo igihe bakina.


Mu ikinamico hakoreshwa imvugo ijyanye n'umwanya bari gukina ndetse inajyanye naho bari gukinira.

Urugero:

Uzasanga nk'umuntu wize agenda avanga mu byo avuga indimi z'amahanga, mayibobo we uzamwumva avuga ngo: "Jombaho mwana", amacensi n'ibindi. Ikinyarwanda gisanzwe usanga gikoreshwa ahanini n'abahinzi n'aborozi, abakecuru n'abasaza. Iyo unyarukiye mu migi, usanga bakoresha uruvangitirane rw'indimi; Ikinyarwanda n'icyongereza, ikinyarwanda n'igiswayire cyangwa se ikinyarwanda n'igifaransa. Abasirimu n'abitwa ko bize na bo ni uko. Usangabagenda bavanga ikinyarwanda n'indimi z'amahanga. Umuhanzi mwiza rero aba agomba kubyubahiriza agaha abakinnyi imvugo n'imyitwarire basanzwe bafite mu buzima busanzwe bwa buri muni.

Ishushanyabikorwa mu ikinamico.

Ibikorwa bigaragara mu ikinamico bishingira ku bakinnyi cyanecyane b'imena. Abakinnyi b'imena bafatanyije n'abungirije bayobora imigendekere y'ibikorwa mu ikinamico kugeza ku ndunduro y'ikinamico. Bityo rero nk'uko mu nkuru ngufi cyangwa ndende umusesenguzi ashobora gushushanya ibikorwa yifashishije igishushanyo giteye gitya:



- **Nyiri ubwite:** ni bo ikinamico iba ishingiyeho. Aba bassobora ku ntego bagamije cyangwa ntibayigereho.
- **Ugenerwa:** ni umuntu wese waba afite inyungu ukurikije ikivugwa mu ikinamico.
- **Abafasha:** ni abakinamico cyangwa ibindi bintu bishobora gutuma nyir'ubwite cyangwa ba nyir'ubwite mu ikinamico bagera ku kigamijwe cyangwa ntibakigereho ariko byagaragaye ko ba nyir'ubwite bari bashyigikiwe.
- **Ugenera:** ni umuntu cyangwa ikintu gituma nyir'ubwite agira intego runaka mu ikinamico.
- **Ikigamijwe:** ni intego abakinamico b'ingenzi baba bahawe n'umuhimbyi w'ikinamico.
- **Imbogamizi:** ni abakinamico cyangwa ibintu bishobora kubangamira umukinnyi cyangwa abakinnyi b'imena kugera ku ntego cyangwa ku kigamijwe.

Impugukirwa:

Mu ikinamico birashoboka ko ibikorwa byagenda bikurikiranye nk'uko byagiye biba mu nyabihe yabyo. Ibi si ihame. Bitewe n'ubuhanga bw'umuhanzi w'ikinamico hari ubwo usanga ibikorwa bidakurikiranye uko byagiye biba mu mateka yabyo.

Amateka y'ikinamico.

Biragoye kwemeza neza amateka y'ikinamico kubera ko icyo twakwita ikinamico nyayo kitazwi neza. Hari ibimenyetso bihamya ko umukino runaka ari ikinamico. Dufatiye ku ikinamico y'i Burayi, umukino wanditse ukurikiza amategeko y'inyabutatu: ubumwe bw'igikorwa, ahantu n'igihe, hagatandukanywa abakinnyi n'abarebyi. Bityo, abasesengura amateka y'ikinamico nyarwanda basanga bitakorohera umuntu kwemeza neza ko Afurika, u Rwanda by'umwihariko rwabayemo ubugeni bw'ikinamico. Ariko nubwo Abanyarwanda batari bazi kwandika, bari bafite umwimerere wo guhimba no gutora ibintu mu mutwe bitabagoye. Nta gushidikanya rero ko Abanyarwanda bari barahiriwe n'iyonganzo batokobwa burundu ku ikinamico.

Uko bimeze kose, abahanga bemeza ko ikinamico yatangiranye no kubaho kwa muntu. Uko umuntu yabaga mu bitare abeshejweho no gusoroma imbuto z'ishyamba

no gutungwa n'inyama mbisi z'inyamaswa z'umuhigo, ibyo byose babifataga mu buzima busanzwe nk'ikinamico. Nyuma ya Yezu/Yesu, mu ntangiriro ya Kiriziya, ku munsu mukuru wa Noheri, bakinaga imibereho ya Yezu/Yesu mu duce dutoya bigakereza abagenzi. Ndetse ngo ku bemera Pasika, bakinaga ububabare bwa Yezu/Yesu Kirisitu. Mu Rwanda, twakwemeza ko habagaho ikinamico gakondo, aho wasangaga abanyarwanda, abiru bubahiriza inzira yo kwimika umwami hakaba ibirori bikomeye, kimwe n'izindi nzira zubahirizwaga ibwami: Inzira y'umuganura, inzira ya kivu, y'ishora, ya rukungugu,... Habaga iyo ba sogokuru bagira batya bakerekeza mu gicumbi, mu ndaro z'abakurambere bagaterekera byo kwiyambaza abakurambere, abashishoje iby'ikinamico bavuga ko imihango yose ijyana n'amadini gakondo byafatwa nk'ubwoko bw'ikinamico. Imisango y'ubukwe, kubyukurutsa, gucyuza umuhigo no kwirahira, iminsi mikuru yo gucana uruti, guhana inka; gutumirana abantu barabyina, bagasabana, ufata ijambo akarifata, bityo bityo abantu bakishima, kimwe n'utudi dukino two kwidagadura tubarirwa mu ikinamico gakondo.

Aho abazungu bagereye mu Rwanda, habayeho igihe cyo kwigana ikinamico z'i Burayi. Abagannye ishuri bagiye babona imiterere y'ikinamico y'i Burayi. Niba hakinwe moriyeri (Molière), Koruneye (Corneille), Rasine (Racine) cyangwa Sheyikisipeya (Shakespeare), indorerenzi mu mashuri zagendaga zikubita agatoki ku kandi bafite ishyaka ryu kwigana ikinamico babonye kandi biyumviye.

Mu maseminari, inkuru n'intoza aho bitaga cyanecyane kwigisha indimi byagaragaye ko zaje ku isonga. Ikinamico yujuje ibisabwa yatangiriye i Burayi, muri Afurika itangirira mu mashuri yo muri Afurika y'Uburenerazuba. Amashuri yamenyekanye cyane kuba yaragize uruhare rukomeye mu guteza imbere ikinamico nyafurika harimo Ishuri ryitiriwe Wiriyamu ponti (William Ponty) ryari ryubatse mu kirwa cya Gore, hafi y'i Dakari ryari ryarashinzwe na Sharire Beyari (Charles Béart) umuhanga mu kwigisha ikinamico, mu mwaka wa 1930. Irindi shuri rizwi ni "Ecole Primaire Supérieure de Bingerville" ho muri Kotedivuwari (Côte d'Ivoire), ryashinzwe mu 1913. Amashuri nk'aya rero ntayo twigeze tugira muri Afurika y'ibiyaga bigari. (*Nkejabahizi, J.-C., 2005, Ubuvanganzo nyarwanda. Inkuru ndende n'Ikinamico, Butare, U. N. R.*)

Mu Rwanda, ikinamico ya mbere mu Gihugu cyose yabonetse mu mwaka wa 1954. Ubwo bugeni bwatangiranye n'uwitwa Saverio Nayigiziki mu mukino yise "L'optimiste", aho yatangaga ikizere ko ibintu byose bishoboka. Ikinamico yanditse mu rurimi rw'Ikinyarwanda yagaragaye mu Rwanda ni iy'uwitwa Mubashankwaya mu mwaka wa 1968 yitwa "Diyosezi y'Imvejuru izigondera Seminari?". Nyuma y'icyo gihe ikinamico yakwiriye mu mashuri, cyane cyane ay'Abihaye Imana. Ikinamico zagiye zigaragara, zakomozaga ku ngingo nyinshi zo mu buzima busanzwe: urukundo, umuco, uburezi n'uburere, intambara y'ibya kera n'iby'ubu, amajyambere n'amafaranga. Usibye izi ngingo zagiye zibandwaho hari n'abanditsi bagiye banenga imyifatire itaboneye ya mwarimu cyangwa y'umunyeshuri. Twizere ko hazaduka n'izindi ngingo zizibandwaho n'abanditsi b'ikinamico nk'uko i Burayi bahinduye bakihimbira ikinamico yo kuzubara n'iy'imibereho.

Ku ngingo zibandwagaho mu ikinamico gakondo z'ingenzi ni umwanya ukomeye umwami yari afite mu mibereho y'Igihugu (umuco,ubukungu n'ubutegetsi). Umwami yari Nyagasani, yari yubashywe byegereye Imana, atandukanye n'umuntu tuzi, afite itegeko ryo kwica no gukiza "jus gladii". Umusizi wo hambere witwa Semidogoro ya Gasegege yabigaragaje mu gisigo cyeye "Umwami si umuntu" yagiye yerekana ko umwami ari hagati y'Imana n'abantu, ko ari we umenya Imana na we abantu akaba ari we bashobora kumenya gusa. Akomeza avuga ko umwami akamirwa n'Imana na we agakamira abantu, ubuzima akaba ari we babukeshya. Dore amwe mu mabango y'icyo gisigo nk'uko agaragara mu nyandiko "Ibitaramo ku mateka y'u Rwanda. Igitabo cya 1" ya Kagiraneza Zefirini:

Umwami uyu si umuntu
 Mwebwe bantu yahaye inka
 Aba umuntu atararorwa [.....]
 Yee ni ukuri
 Uwanze kuba umuntu aba umwami
 Umwami ga ho ni we Mana
 Agahaka abantu!
 Yee si umuntu ni umwami!
 Umwami uyu ntawe umwigera Ngo aha yubatse.
 Narahageze i Zina-wenyine
 Imana ntibona mu ijabiro umu!
 Nsanga ari we Mana twambaza!
 Indi Mana ni we uyizi
 Tubona Ngendo twebwe! [.....]
 Umwami si umututsi
 Ntabe kandi na Munyiginya
 Ni umusumba asumba abantu
 Agasumba n'abisumbuye
 Abigize bakuru aho basumbana
 Akabasumba na bo!

Izindi ngingo ni izikoma ku muryango. Kubaho nta maboko, nta muryango ukomeye ufite, uri nyakamwe byari ishyano rya Gashyantare. Iyo umuryango wagucaga cyangwa ukaguha akato byari ikibazo gikomeye kuko nta wagombaga kugucira akari urutega. Umuryango rero washoboraga gufata ibyemezo bidakuka, ntawushobora kubivuguruza.

Abanyarwanda kandi ntibatangwaga no gushakisha ishema n'ubutwari bifatiye ku ntambara z'urudaca zahoraga zishyamiranya Abanyarwanda n'izindi mpugu. Umunyarwanda w'ukuri yarangwaga no kudahara ishema, akaba yanapfira kurihararira. Bati: "Wanga kumenera Igihugu amaraso, imbwa zikayanywera ubusa". Gutozwa kwishitura ubugwari byari mu ntego z'ibanze amatorero yibandagaho. Amazina nka Muzigangabo, Mugabwambere,...agaragaza icyari kigambiriwe bita amazina. Ingingo ya nyuma ni irebana n'iyobokamana y'abanyarwanda. Kuva

aho Kiriziya imenyekanishije Ivanjiri, idini gakondo ryagiye rishyamirana n’idini mvaburayi ryahinduye byinshi mu mibereho y’Abanyarwanda. Ibibazo byagiye bigaragara byagiye bicocwa binyujijwe mu ikinamico zitandukanye.

Amoko y’ikinamico

Kugena ingeri cyangwa amoko y’ikinamico ntibikomeye cyane, cyane iyo witayeho ahantu ikinirwa cyangwa se inzira icishwamo kugira ngo igere ku bayumva cyangwa abayireba. Hashingiwe ku hantu ikinamico ibera n’inzira ica kugira ngo igere ku bayikinirwa cyanwa abayireba, usanga ikinamico irimo amoko abiri: **ikinamico yo kuri radiyo no kuri tereviziyo n’ikinamico yo ku kabugankuru.**

a) Ikinamico yo kuri radiyo no kuri tereviziyo.

Igomba kuba ngufi kandi igitekerezo kigasesengurwa kigashira inyuma. Iyi kinamico ikinwa n’abantu bake bishoboka, bitagenze bityo byayobya abayikurikirana. Ishobora kugira ibice byinshi bigakinwa mu gihe kinyuranye. Mu mukino wo kuri radiyo wirinda gukoresha imvugo isa n’iyerekana ibintu kubera ko ababa bakurikiye umukino baba bumvisha amatwi batabona ibikorwa n’abakinnyi. Utegura ikinamico yo kuri radiyo yirinda gusaba gukoresha ibikoresho abona ko biruhije cyane. Ari hanze, ari no ikinamico yo kuri radiyo yatangiranye n’Itorerero Indamutsa ahagana mu mwaka wa 1983 ryari rifite intego yo gukosora no kwigana ikinamico zabonekaga icyo gihe.

b) Ikinamico yo ku kabugankuru.

Iyi kinamico yo hanze mu cyumba cyabugenewe ikinwamo n’abantu benshi. Ukurikije ikivugwa ishobora kuba ngufi cyangwa ndende.

Ikigereranyo hagati y’ikinamico yo kuri radiyo na tereviziyo n’ikinamico yo hanze

Ibyibandwaho	Ikinamico yo ku kabugankuru	Ikinamico yo kuri radiyo na tereviziyo
Aho umukino werekanirwa	Inzu yabugenewe	Radiyo (sitidiyo)
Uko ubutumwa bwakirwa	Amaso (kureba)	Amatwi (kumva)
Abakinnyi n’abo bakinira	Amaso ku maso (uburyo buboneye)	Bamwe bari kure y’abandi (Uburyo buziguye)
Isano y’abakinnyi n’abo bakinira.	Isangirabiganiro hagati y’abakina, abareba bateze amatwi kandi bashobora kujora ako kanya.	Inzira imwe itega amatwi ibiganiro by’abakina Gukurikira bumva gusa radiyo na tereviziyo
Ubwitabire bw’abakinirwa	Gukurikira umukino bareba kandi bumva.	Kugezwaho amakuru bumva batabona
Ingaruka ku bakinirwa	Ukwidagadura bumva bareba	

Iyo usesenguye neza ubu bwoko bw'ikinamico ukibanda cyane ku kivugwa, ku butumwa bugenewe abumva bagakurikira ikinamico kuri radiyo na tereviziyo cyangwa se abakinirwa ikinamico amaso ku maso kandi bakurikiye babyitayeho, usanga ikinamico yagenwa mu ngeri zinyuranye zikurikira:

1. Ikinamico y'amateka

Iyi kinamico igerageza gucukumbura amateka ya Afurika, ikarata cyangwa igashimagiza intwari n'ibihangange byanditse amazina yabyo mu murungu nyafurika cyangwa mu mu ryango nyarwanda. Iyi kinamico yerekana ko ubukolonize ari bwo bwapinagaje Abanyafurika, ko mbere Kazungu ataraza bari bameze neza, ko aho Abanyaburayi baziye bononnye Abanyafurika by'umwihariko Abanyarwanda bidasubirwaho.

2. Ikinamico y'iyobokamana

Muri Afurika, by'umwihariko mu Rwanda habaga imihango yo kuragura, guterekera, kubandwa n'ibindi byose bijyana no kwibuka cyangwa kwiyambaza Imana y'I Rwanda. Ikinamico uzumva ifatiye ku idini ryaba ari gakondo cyangwa amadini n'amatorero ariho muri iki gihe, uzayishyire muri iki kiciro k'ikinamico y'iyobokamana.

3. Ikinamico nyirizina

Iyi ngeri y'ikinamico irasa neza ku buzima n'imibereho ya buri muni y'abantu. Iyi kinamico ntitana no gukomoza ku bibazo bihora iteka bibangamiye muntu mu mimerere no mu migirire ye cyanecyane ibimuvutsa umudendezo, amahoro, umutuzo n'ibyishimo. Iyo bavuze amajyambere muri iyi ngeri y'ikinamico, bavuga ya yandi yihuta ariko akagira byinshi ahutaza harimo imibereho isanzwe na zimwe mu ndangagaciro nzima z'umuco. Biba urwitwazo, bamwe bakavuga ko ibyadutse byose ari iby'ingoma ya ba Gashakabuhake. Abakoroni cyangwa se ba Kazungu. Turamenye rero gushungura, tureke guhobera ibije byose ngo aha ni amajyambere tuzaniwe na Kazungu!

Iyo usesenguye neza ubu bwoko bw'ikinamico ukibanda cyane ku kivugwa , ku butumwa bugenewe abumva bagakurikira ikinamico kuri radiyo cyangwa se abakinirwa ikinamico amaso ku maso kandi bakurikiye babyitayeho, usanga ikinamico yagenwa mu ngeri zishyika umunani.

4. Ikinamico ya poritiki

Ubutumwa buba bugenderewe muri iyi ngeri y'ikinamico ni ukwikoma cyane cyane abazungu, bakaba bagomba kurwanywa abantu bivuye inyuma kuko bakolonije Afurika bakayisubiza inyuma. Iyi kinamico yibasira kandi abategetsi b' Afurika bigize indakoreka. Muri iyi kinamico umuhanzi ahamagarira rubanda guharanira uburenganzira bwabo, demukarasi n'ukwishyira ukizana k'umuturagihugu;

hakagaragazwa ko nta muntu ukwiye kugaraguzwa agati, ko ntabasumba abandi imbere y'amategeko.

5. Ikinamico y'imibereho

Gahunda zose umuntu agira yibaza cyane ku buzima bwe, uko ariho ababarira mu isi, uko abona isi nk'umuhemu uhebuje abahemu bandi, kuba yarabuze aho arigitira mu isi atuyemokubera ibibazo bitandukanye. Gahunda ziteye agahinda zituma umuntu yiheba akumva isi yararangiye kuyivamo ; mbese ku bwe akumva yarapfuye ahagaze; ibi bitekerezo ni byo usanga bikubiye muri ubu bwoko bw'ikinamico. Hari abanditsi babaivuzeho kennshi, ibitekerezo byabo biramamara nka A.Camus, J.G iraudoux, Annouilh

6. Zamwibasiye.

Byumvikane neza ko izivugwa hano ari imana. Muri ubu bwoko bw'ikinamico abakinnyi bahabwa imico n'imyifatire idasanzwe; ikindi nuko imvugo na yo iba yihariye mu bice byayo byose uko bikurikirana. Abakinnyi bakuru bagomba kuba ari abantu bo mu rwego rwo hejuru, abanyacyubahiro, nyuma kubera amakosa yabo abagaragaraho, ibyago bikabibasira bakagwirirwa nabyo. Ibyo byago ugasanga ari nk'akagambane k'imana zibasiye abakinnyi nyamukuru mu ikinamico. Usanga aba bakinnyi nta ruhare baba bagize mu byago byabo.

7. Interabitwenge.

Ingeri y'iyi kinamico ishingiyeye gusa ku gushushanya umuntu mu mico nomumyifatire yo muri rubanda rwa giseseska, imico yo ku rwego rwo hasi ugereranyije n'uko yagombye kumera. Ahangaha usanga umuntu nta kinyabupfura kimuranga, kwiyubaha no kwihesha agaciro byaramubereye nk'akamizwe n'ingwe. Ibi ntibigaragara mu gukora ibibi gusa ahubwo usanga ibyinshi bisekeje bikarundura bikagera no mu buteye ishozi mu ruhame. Abakinnyi usanga bambaye ibintu bibahishe mu maso kimwe n'ibindi bice by'umubiri ku buryo usanga umuntu afite iminwa nk'iya mununi, urutwe rwabaye runini, ibirenge nk'ibya Nyamuryabana, amatwi nk'ay'inzovu. Muri iyi kinamico umuntu yitesha agaciro n,icyubahiro yari asanganywe nko kwimyira ugasiga ku myenda, ku rukuta ruteye irange, n'ibindi.

Abanyarwanda bo babona ubu bwoko bw'ikinamico ari ubw'abana cyangwa se bwaragenewe abana. Ibi biratwibutsa ko nta mpamvu yo kutibuka inzira umuntu yacyemo mu buto bwe kuko amateka yacu atwigisha byinshi. Guseka biruhura benshi kandi bitera kuramba. Ni nde wanze kurambura imbavu yisekera kubera ko bamwibukije ibikorwa bya cyana! Kureba ikinamico y'interabitwenge si ishyano, ababishoboye nababwira iki "Dore urukwavu dore umuhigi!.

8. Ikinamico yo kuzubara

Nkejabahizi, J.-C., (Ubuwanganzo nyarwanda. Inkuru ndende n'Ikinamico, Butare, U. N. R. 2005), yita "kuzubara" kugira ibitekerezo bivuguruzanya n'inyurabwenge, umutima n'ubupfura. Bityo rero, ikinamico yo kuzubara ishyira ahagaragara ukwiheba n'ubwoba by'umuntu ubona rwose ko ubuzima bwe buri mu icuraburindi rikabije. Muri iyi ngeri y'ikinamico umuntu agaragaza ko atazigera amenya icyo ari cyo, kamere ye nyayo yumva isa n'iyatakaye, akagaragaza ko atazi impamvu yaje mu isi y'abariho kandi ko adategereje n'umuntu wazamutoza amategako y'uko akwiye kwitunga no kubaho.

Ibice by'ikinamico

Ikinamico nyinshi zizwi zigira ibice bitatu. Mu gice cya mbere usanga ari nk'igice cy'umwirondoro no kugaragaza muri rusange imiterere y'abakinnyi n'inshamake y'ibikorwa bizagaragara mu ikinamico yose. Mu gice cya kabiri ni ipfundo ry'ikinamico. Muri iki gice ibintu biba bitangiye gusobanuka, abakinnyi bakuru bigaragaje kimwe n'abungirije. Igice cya gatatu habonekamo ikemuka ry'ikibazo cyari kiraje ishingira umukinnyi mukuru. Muri iki gice ikibazo gishobora gukemuka cyangwa kikaburirwa umuti, abasomyi, abatega amatwi kimwe n'ababa babirebera ku byuma bigaragaza amashusho bakaguma mu rungabangabo bibaza ikizakurikiraho. Iyo bigenze bitya, umukino urangira ugiteye amatsiko. Ku birebana n'ibice bigize ikinamico ntawashidikanya ko hari ikinamico yagira ibice bibiri cyangwa bine bitewe n'umuhanzi uwo ari we n'icyo agamije.

Umwitoto w'ubumenyi ngiro

Nyuma yo kwiga ibijyanye n'ikinamico, umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasubiza ikibazo cyo guhanga kiri mu gitabo cyabo.

Ikibazo:

- a) Mu matsinda anyuranye muhanga ikinamico ku nsanganyamatsiko ivuga ku ngaruka zo kurya ibitujuje ubuziranenge.
- b) Mufate mu mutwe ikinamico mwahanze muyikine mwigana imiterere y'abanyarubuga.

Uyu mwitoto umwarimu arawuha abanyeshuri nk'umukoro bagomba kumarana igihe yabageneye bazawumurike nyuma. Buri tsinda rizafata mu mutwe umukino ryahanze maze riwukine imbere y'abandi kandi bafite ibikoresho byose bizawukenewambo.

Ingingo yagenderaho agenzura ko bahimbye neza ni nk'izi zikurikira:

- Kugaragaza uburyo ibiribwa bitujuje ubuziranenge byangiza ubuzima bw'ababifata.
- Uburyo abacuruza bene ibyo biribwa cyangwa ibinyoba bahombya Leta kubera kudasora, ...

3.2. Inyandiko nyejwi (Amajwi y'inyabumwe)

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 95

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura inshoza y'ijwi.
- Gusobanura ijwi ry'inyabumwe icyo ari cyo.
- Kugaragaza amajwi y'inyabumwe.
- Kwandika amajwi y'inyabumwe mu nyandiko nyejwi no kuyakorera imbonerahame.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo, integanyanyigisho n'izindi mfashanyigisho zifatika zishobora gutanga amajwi (ifirimbi n'ingoma.)

Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku bintu bisakuza, bimwe araba abifite mu ishuri age akomaho cyangwa abivuze agende abaza abanyeshuri icyo bumva:

Urugero rw'ibibazo:

- (i) **Mu ruturuturu mubwirwa n'iki ko bushobora kuba bugiye gucya?** Urusaku rw'inanyi.
- (ii) **Ku minsi mikuru bavuzaga ingoma, iyo zisuka mwumva iki?** Urusaku rw'umurishyo w'ingoma.
- (iii) **Ifirimbi iyo bayivugije mwumva iki?** Urusaku rw'ifirimbi.
- (iv) **Iyo umuhinzi akubise isuka ku ibuye wumva iki?** Urusaku rw'isuka irangira.
- (v) **Ko nkomye amashyi mwumvise iki?** Urusaku rutewe n'amashyi ukomye.

Nyuma y'ibibazo bitandukanye ku bintu hafi ya byose bitanga urusaku ku buryo butandukanye abanyeshuri, umwarimu arabwira abanyeshuri ko urwo rusaku bumva ari amajwi atandukanye bari kumva. Umwarimu arabwira ko indimi nazo zigira amajwi atandukanye abamenyeshe ko bagiye kwiga amajwi y'Ikinyarwanda.

Isesengura

Umwarimu arasaba abanyeshuri gukorera mu matsinda anyuranye abasabe kugerageza gutahura inshoza y'ijwi, amajwi y'Ikinyarwanda y'inyabumwe no gukora ubushakatsi bwo kuvumbura imivugirwe yayo, bagaragaza imbonerahamwe y'imivugirwe yayo ndetse n'uko amajwi y'inyabumwe yandikwa mu nyandiko nyejwi. Arabaha igihe cyo kubikora anabarangire ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero.

Iyo igihe yabageneye kigeze abasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo bakabinonosorera hamwe na we mu ishuri bikandikwa ku kibaho no mu makaye yabo.

Urugero rw'umwanzuro w'ibyava mu bushakashatsi:

1. Inshoza y'ijwi

Ijwi ni urusaku ruturuka ku bintu bikomanyeho. Ariko aha amajwi twibandaho ni ashingirwaho mu mvugo z'abantu. Abahanga bagerageje uburyo bayageza ku bandi batabumva kubera ko batari kumwe cyangwa mu nyandiko. Kugira ngo babigereho, buri jwi barigeneye ikimenyetso kimwe cyangwa kirenze kimwe kirihagarariye ari cyo inyuguti. Buri kimenyetso muri byo kitwa inyuguti. Amajwi ni menshi cyane ariko bene ururimi bagiye bihitiramo ayo bakeneye kugira ngo bashyikirane hagati yabo. Birumvikana ko ahangaha ari ho hantu h'ibanze indimi zitandukanira.

2. Amajwi y'inyabumwe

Amajwi y'inyabumwe y'ikinyarwanda agabanyijemo ibice bitatu ari byo inyajwi, ingombajwi n'inyerera.

a) Inyajwi

Inyajwi ni amajwi asohoka mu ntangamajwi hatagize ikiyatega mu mivugirwe yayo.

- Dukurikije aho zivugirwa tuzisangamo ibice bitatu:

Inyajwi z'imbere: zivugwa ururimi rwiheze maze isonga yarwo ikishinga imbere y'ishinya y'amenyo yo hepfo, naho umugongo warwo ukegera urusenge rw'akanwa. Izo nyajwi ni [i] na [e]

Inyajwi zo hagati: zivugwa ururimi rwirambuye gato mu kanwa kandi inzasaya zirambuye neza maze igasohokera hagati mu kanwa. Mu kinyarwanda, inyajwi yo hagati ni [a].

Inyajwi z'inyuma: zivugwa ururimi rwiteruye rukegera inyuma y'ishinya n'amenyo yo hepfo, umugongo warwo ukiheta wegera mu nkanka. Izo nyajwi ni: [o] na [u]

- Dukurikije uko zivugwa dusanga zigabanyijemo ibice bitatu:

Imfunge cyangwa inyajwi zo mu rwego rwa mbere: zivugwa akanwa kifunze buhoro. Izo nyajwi ni [i] na [u].

Impinayatu cyangwa inyajwi zo mu rwego rwa kabiri: zivugwa akanwa gafunguye buhoro. Izo nyajwi ni [o] na [e]

Inyatu cyangwa inyajwi yo mu rwego rwa gatatu: ivugwa akanwa gafunguye birambuye. Iyo nyajwi ni [a].

- **Dukurikije imikorere y’iminwa yombi mu mivugirwe y’inyajwi, dusanga zigabanyijemo ibice bibiri:**

Imbumbure: zivugwa iminwa yombi yikweze ikigira inyuma kandi ntiyibumbe. Izo nyajwi ni [i, e, a].

Imbumbe: zivugwa iminwa yikweze ikigira imbere kandi ikirema nk’uruziga. Izo nyajwi ni [o] na [u].

Ubutinde bw’inyajwi

Abasesenguye neza ururimi rw’ikinyarwanda bemeza ko iyo hitaweho ubutinde bw’inyajwi mu mivugire yayo iyo ayo majwi yandikwa usanga ateye ku buryo bukurikira:

Inyajwi ibanguka yandikwa inshuro imwe:

[i]: [iri]

[u]: [uyu]

[e]: [emera]

[o]: [omora]

[a]: [amara]

Inyajwi itinda yandikwa inshuro ebyiri:

[ii]: [yiiriwe]

[uu]: [yuurira]

[ee]: [yeegamiye]

[oo]: [yoomoye]

[aa]: [waawe]

Ikitonderwa:

Iyo dukurikije ubutinde bw’inyajwi n’imiterere y’amasaku, Ikinyarwanda usanga gifite inyajwi mirongo itatu. Hitaweho imikorere y’amasaku, inyajwi zizandikwa ku buryo bukurikira:

Isaku nyesi: [i],[ù],[è],[ò],[à]: [ùmùrìrò], [àmèzèzè]

Isaku nyejuru: [î],[û],[ê],[ô],[â]: [îsî], [ùmûvû]

Amasaku y’inyunge:

Nyesi ndende: [ii],[ùù],[èè],[òò],[àà]: [ùmùrìzò]

Nyejuru ndende: [îî],[ûû],[êê],[ôô],[ââ]: [àβâ t^hîzè]

Urwunge nyejuru nyesi: [îi],[ûù],[èè],[òò],[ââ]: [imâànà]

Urwunge nyesi nyejuru: [îî],[ûû],[èè],[òò],[ââ]: [ùmùhîrè]

Imbonerahamwe y'imivugirwe y'inyajwi.

Iyi mbonerahamwe ikurikira ikozwe hakurikijwe aho inyajwi zivugirwa, uko zivugwa, hakurikijwe kandi n'ubutinde.

Aho zivugirwa	Imbere		Hagati		Inyuma	
	Ibanguka	Itinda	Ibanguka	Itinda	Ibanguka	Itinda
Uko zivugwa						
Imfunge	[i]	[ii]			[u]	[u u]
Impinayatu	[e]	[ee]			[o]	[o o]
Inyatu			[a]	[aa]		

Kubera ko byatuma imbonerahamwe y'imivugirwe y'inyajwi iba nini cyane, imiterere y'amasaku ntiyitaweho.

Umwitoto

Kugira ngo agenzure ko intego z'isomo zagezweho, umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitoto uri mu gitabo cyabo buri wese ku giti ke, nyuma bagakosorera hamwe ibisubizo bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara.

Urugero rw'umwitoto n'igisubizo:

1. **Inyajwi ni iki?** Ni amajwi asohoka umwuka utazitiye na gato mu ntangamajwi.
2. **Tandukanya inyuguti n'ijwi.** Inyuguti ni ibimenyetso abantu bihitiramo kugira ngo bihagararire amajwi mu nyandiko, naho ijwi ryo ni urusaku rw'ibintu byose bikomanyeho.
3. **Dukurikije umwanya zivugirwaho n'uburyo zivugwa, inyajwi zikurikira zitaniye he?** [ì],[ù],[è],[ò],[à]. Reba mu mbonerahamwe.
4. **Dukurikije ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku, Ikinyarwanda usanga gifite inyajwi zingahe?** Usanga zigeze kuri mirongo itatu.

b) Ingombajwi

Ingombajwi ni amajwi yitabaza inyajwi kugira ngo avugike neza. Bamwe mu bahanga mu by'indimi basesenguye neza ingombajwi bagiye bifashisha ingingo zikurikira: imikorere y'akanwa, imikorere y'imvumba z'amajwi, aho zivugirwa ndetse n'uko zivugwa.

Imikorere y’akanwa

Dukurikije imikorere y’akanwa, ingombajwi zigabanyijemo amoko abiri: inyamazuru n’inyakanwa

1. Inyamazuru

Iyo zivugwa umwuka uva mu bihaha uca mu kanwa nomu mazuru. Ingombajwi z’inyamazuru ni [m], [n], [ŋ], [ɲ].

Impugukirwa:

Iyi nyamazuru [ŋ] iboneka gusa mu bihekane ng: [ŋg], mw: [mŋ], nw:[nŋw], nyw: [ŋw] cyangwa [ɲŋw]. no muri [ŋk]

2. Inyakanwa

Iyo zivugwa umwuka uva mu bihaha uca mu kanwa gusa. Ingombajwi z’inyakanwa ni [p], [β], [t], [d],[k], [g], [f], [v], [s], [z], [ʃ<], [ʃ], [ʒ], [h], [r].

11.2. Imikorere y’invumba z’amajwi

Dukurikije imyirangirire y’invumba z’amajwi, ingombajwi zigabanyijemo amoko abiri: inkatuzi n’indagi.

1. Inkatuzi

Iyozivugwa umwuka uca mu ngoto ukanyeganyeza invumba z’amajwi ku buryo imyirangirire yazo yumvikana. Ni yo mpamvu bamwe banazita indangira. Izo [β], [d], [g],[v], [ʒ], [z]

2. Indagi

Iyo zivugwa umwuka ntuhita neza mungoto, bityo ntunyeganyeza cyane invumba z’amajwi ku buryo imyirangirire yazo itumvikana bihagije. Ni yo mpamvu izo ngombajwi banazita intârâangîira. Ni izi zikurikira: [p], [t], [s], [ʃ<], [ʃ], [k], [f], [h].

11.3. Uko zivugwa

Dukurikije uko zivugwa, hari amoko atatu y’ingombajwi: impatu, inkubiyi n’inkomeza bamwe bita intakomwa.

1. Impatu

Iyo zivugwa babanza bafunga intangamajwi (imyanya bakoresha bavuga) maze umwuka ugasohoka ubanje kunigwa ku buryo ijwi risohoka risa n’irituritse. Ni izi zikurikira:

Inyamazuru zose: [n], [m], [ɲ], [ŋ].

Inyakanwa: [p], [β], [t], [d], [k], [g].

2. Inkubyi

Iyo zivugwa begeranya intangamajwi ariko ntibayifunge, bityo umwuka ugasohoka utabanje kunigwa ariko ugasa n'uwikuba ku ntangamajwi. Ni izi: [f], [v], [s], [z], [ʒ].

3. Inkomeza (intakomwa)

Iyo zivugwa umwuka usohoka mu ntangamajwi utagize ikiwukoma munzira. Ni izi: [r], [h], [ʃ], [ʒ].

Dukurikije aho zivugirwa, ingombajwi zigabanyijemo amoko ane: inyamunwa, inyesongashinya (inyamenyo), inyarusenge n'inyamaraka.

1. Inyamunwa

Iyo zivugwa iminwaigirauruhare runini mu misohokere yazo. Inyamunwa zigabanyijemo amatsinda abiri: inkomanyaminwa n'inyamwinyo.

- Inkomanyaminwa: iyo zivugwa iminwa yombi ikomanaho. Inkomanyaminwa ni izi zikurikira: [p], [β], [m].
- Inyamwinyo: iyo zivugwa umunwa wo hepfo ukoma ku menyo yo haruguru. Ni izi zikurikira: [f], [v].

2. Inyesongashinya

Iyo zivugwa isonga y'ururimi ikora ku menyo n'ishinya byo haruguru. Ni izi: [t], [d], [n], [s], [z], [r].

3. Inyarusenge

Iyo zivugwa zisohokera mu rusenge rw'akanwa. Inyarusenge zigabanyijemo amatsinda atatu:

- Inyarusenge z'imbere: iyo zivugwa isonga y'ururimi ikora ku gice k'imbere cy'urusenge rw'akanwa, inyuma y'ishinya y'amenyo yo haruguru. Ni izi: [ʃ], [ʒ].
- Inyarusenge zo hagati: iyo zivugwa ururimi ruritera rukegera igice cyo hagati cy'urusenge rw'akanwa maze ingombajwi zikaba ari ho zisohokera (hejuru y'umugongo w'ururimi). Ni izi: [ʃ], [ʒ].
- Inyankanka: Iyo zivugwa ururimi ruriteramaze igice cyarwo k'inyuma kigakora ku gice k'inyuma cy'urusenge rw'akanwa (inkanka). Ni izi: [k], [g].

4. Inyamaraka

Iyo zivugwa isohokera mumaraka: ntivugirwa mu kanwa ahubwo isa n'isohokera mu mvumba z'amajwi rwagati. Inyamaraka ni imwe: [h].

Imbonerahamwe y'imivugirwe y'ingombajwi

	Inyamunwa		Inyesonga		Inyarusenge		Inyama-maraka
	Inkoma-nyaminwa	Inyam-mwinyo	shinya (Inyamenyo)	Imbere	Ha-gati	Inyuma	Inyama-maraka
Inyama-zuru	[m]		[n]	[ŋ]			
	[p], [β]		[t], [d]			[k], [g]	
Inyaka-nwa							
Inkubyi		[f], [v]	[s], [z]		[ʒ]		
Inkomeza			[r]	[ʃ<]	[ʃ]		[h]

Inyerera

Inyerera ni amajwi usanga imivugirwe yayo iri hagati y'iy'inyajwi z'imfunge n'iy'inyajwi zitwa inkubyi. Inyerera ni ebyiri: [y] na [w]

Aho zivugirwa

Dukurikije aho zivugirwa usanga ziteye ku buryo bukurikira:

Tuzifashe nk'aho ari inyajwi:

- [y]: ivugirwa imbere nka [i] bityo ikitwa inyerera y'imbere.
- [w]: ivugirwa inyuma nka [u] bityo ikitwa inyerera y'inyuma.

Tuzifashe nk'aho ari ingombajwi:

- [y]: ivugirwa mu rusenge rw'akanwa bityo ikitwa inyerera y'inyarusenge.
- [w]: ivugirwa mu nkanka bityo ikitwa inyerera y'inyankanka.

Impugukirwa:

Aho zivugirwa honyine harahagije kugira ngo umuntu ashobore gutandukanya inyerera. Inyerera [y] ishobora kwandikwa [j] dukurikije itonde nyejwi mpuzamahanga cyangwa ikandikishwa [y] dukurikije itonde nyafurika.

Inyandiko nyejwi n'inyandiko isazwe

Inyandiko isanzwe ni inyandiko umuntu ubonetse wese wigishijwe itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda n'imyandikire y'Ikinyarwanda ashora gushyikiranamo n'undi akoresheje inyandiko, nta majwi yandi avanze uretse ayo abenerurimi bumvikanyeho.

Inyandiko nyejwi: Iyi nyandiko ni iya gihanga, aho usanga ikoreshwa n'abize bagacengera iyigamajwi ari rwo rwego rw'iyigandimi (buhanga buzobera mu

gusesengura indimi) rusesengura amajwi yose aboneka mu rurimi urwo ari rwo rwose. Hari ibigomba kwitabwaho munyandiko nyejwi:

- Bandika amagambo yose bayafatanyije kandi batagabanya ibimenyetso, kandi ibyo bandika byose bijya hagati y'udusodeko [].
- Bandika amajwi yose yumvikana iyo bayavuze.
- Bandika bashyiraho amasaku y'integuza ndetse n'amasaku yose nyese.
- Inyandiko nyejwi y'ingombajwi zikurikira igomba kwitonderwa: [p], [t], [k], [g].

[p], [t]: iyo zivugwa wumva zihakanye n'ingombajwi y'inkomeza [h]. Kubera iyo mpamvu inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [p^h], [t^h].

Ingero:

itabi = [ìthàâβì], ipera= [ìp^hèèrà].

[k]: iyo ikurikiwe n'inyajwi [a] wumva buri gihe ihekanye n'inkomeza [h]. Kubera iyo mpamvu inyandiko nyejwi yayo igomba kuba iteye itya: [kh]. **Ingero:** ikara= [ìk^hàrà], ikama = [ìk^hàmà].

- [k], [g]: iyo zikurikiwe n'inyajwi [i] na [e] wumva buri gihe zihakanye n'inyerera [y] ([j]). Inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [ky], [gy]. **Ingero:** ikigega= [ìkyìgyègà], kera= [kyèèrà].
- [k], [g]: iyo zikurikiwe n'inyajwi [u] na [o] wumva buri gihe zihakanye n'inyerera [w]. Inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [kw], [gw]. **Ingero:** kogosha = [kwòògwòfà], kugura = [kwùgwùrà]

Imbonerahamwe y'ingombajwi n'inyerera mu nyandiko isanzwe n'inyandiko nyejwi.

Inyandiko isanzwe			Inyandiko nyejwi
m	n	ny	[m], [n], [ŋ]
b	d	g	[β] cyangwa [b], [d], [g]
p	t	k	[p], [t], [k]
v	z	j	[v], [z], [ʒ]
f	s	sh	[f], [s], [ʃ]
r	shy	h	[r], [ʃ ^h], [h]
	y	w	[y]/[j], [w]

Ikitonderwa

1. Biragaragara ko hari ijwi c ritagaragara muri iyi mbonerahamwe. Iri jwi rifatwa nk'ijwi ry'igihekane ryandikwa mu majwi abiri, bityo rikandikwa ritya: [tʃ].
2. Ijwi [b] rikoresha mu bihekane gusa naho ahandi hagakoreshwa [β].

Urugero: umucaca= [ùmùtʃààtʃà], umucucu= [ùmùtʃùùtʃù].

Umwitoto

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitoto uri mu gitabo cyabo buri wese ku giti ke, nyuma bagakosorera hamwe ibisubizo bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara.

Urugero rw'umwitoto n'ibisubizo:

1. **Andika itonde ry'inyugu z'Ikinyarwanda mu nyandiko nyejwi.**

[a], [β] / [b], [d], [d], [e], [f], [g], [h], [i], [ʒ], [k], [m], [n], [o], [p], [r], [s], [t], [u], [v], [ʃ], [ʒ], [ʃ<], [y]/ [j], [w], [z].

2. **Andika interuro zikurikira mu nyandiko nyejwi:**

Ishyari rikoresha amafuti, utarizi rimukoraho. [ɪʃ<âririkwòrèèʃàmàfùt^hùt^hârizi rìmùkwòràhò]

3.3. Inshamake

Umunyeshuri asigaranye ko:

- Ikinamico ni umukino ushingiyeye ku gikorwa abantu berekanira imberey'abandi, bihidura ukundi bakagerageza gusa n'abo bigana, cyangwa ibyo bakina haba mu mvugo, mu mico, mu migirire,... kandi bagamije gushimisha abababona rimwe na rimwe bakabaheramo n'inyigisho.
- Ikinamico ubwayo si ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda, inyandiko z'ikinamico ni zo ngeri y'ubuvanganzo nyarwanda.
- Mu gukina ikinamico, uhitamo abakinnyi akanabatoza agomba kubahiriza uko umuhanzi yagaragaje umukinnyi yifuza gukina umuntu uyu n'uyu agomba kuba ateye.
- Uburyo bwiza bwo guhitamo amazina y'abakinnyi ni ukubaha amazina asanzwe, imyitwarire yabo ikaza kugaragara mu bikorwa byabo igihe bakina. Kubaha amazina agaragaza imyitwarire yabo si byiza kuko bidatuma usoma cyangwa ureba cyangwa yumva umukino atagira amatsiko.
- Umuhanzi mwiza w'umuhanga, agerageza guha abakinnyi be imvugo ijyanye n'umwanya bari gukina ndetse n'aho bakinira.
- Akabugankuru cyangwa urukiniro ni aho abakinnyi bakinira umuseruko uyu n'uyu. Umuhanzi ahitamo akabugankuru akanagaragaza uko karaba kubakitse.

- Mu Kinyarwanda iyo basesengura amajwi y'inyabumwe banyura inzira ebyiri z'ingenzi, ari zo uburyo n'umwanya w'imivugirwe. Ibyiciro bitatu: inyajwi, ingombajwi n'inyerera.
- Inyerera ni ebyiri: [y] na [j] na [w],
- Ingombajwi ni makumyabiri n'imwe:[m], [n],
- [\mathcal{N}], [s], [β]/ [b], [d], [g], [p], [t], [k], v, [z], [ʒ], [f], [s], [ʃ], [r], [ʃ[^]], [h], [y]/ [j], [w].
- Mu nyandiko nyejwi y'amajwi bandika amajwi yose ashobora gusohoka mu myanya ntangamajwi kandi n'ibimenyetso byose bikandikwa, nta kugabanya ibimenyetso bibaho.
- Hari amajwi y'inyabumwe agizwe n'amajwi abiri cyangwa atatu:sh=[ʃ], shy=[ʃ[^]].
- Hari amajwi y'inyabumwe agomba kwitonderwa mu nyandiko nyejwi. Ayo majwi ni [p], [t], [k], [g].

Umukoro: Kwiyungura imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'umutwe wa gatatu w'ubuzima bw'imyororokere cyangwa ijyanye n'ubuzima muri rusange. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko.

Urugero rw'imigani batanga:

- **Kubyara ni ugusubiza ingobyi imugongo:** Aha bishaka kuvuga ko mu muco nyarwanda batifuzaga kubyara umwana umwe.
- **Amagara aramirwa ntamerwa:** Aha bishaka kuvuga ko ubuzima bw'umuntu yakagombye kububungabunga.
- **Amagara araseseka ntayorwa:** Aha bishaka kuvugako iyo ubuzima bugucitse buba bugucice; ni ngombwa kububungabunga.
- **Akatara amagara barahaha/ baja ku isoko:** Nta cyo wabona ugura ubuzima.

3.4. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 103

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura ikinamico.
- Ubushobozi bwo gukina bigana abakinankuru.
- Ubushobozi bwo gukora ishushanyabikorwa ry'ikinamico yasomye.
- Ubushobozi bwo guhanga ikinamico.
- Ubushobozi bwo kwandika mu nyandiko nyejwi amajwi y'inyabumwe.

Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora

akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

Ibibazo byo gusuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko

Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo cyangwa itsinda ryayo wifashishije umwandiko.

- (i) **Bakoma inkanda:** Bakurikiza imico, imigenzereze y'ababyeyi.
- (ii) **Gucurangira abahetsi:** Kubwira intumva.
- (iii) **Kuzira inka:** Gutangira kujya mu mihango.
- (iv) **Amayusi:** Amabere mato agitangira kumera.
- (v) **Rugabishabirenge:** Umuntu utanga atitangiriye itama, utanga byose.
- (vi) **Guhamagara inyana:** Guhombana amatama, kunanuka amatama agahombana.
- (vii) **Kubondora:** Guha umuntu ibimutunga kugira ngo akire inzara yari yaramuzahaje.

2. Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo ahatsindagiye.

- (i) Ndakugira inama nyuma **ukazirengagiza**. (ukazita i Burenga)
- (ii) Abantu **bapfuye** ni benshi bishwe na cya cyago SIDA. (bafumbiye iminaba).
- (iii) Muhozi **yapfuye atabyaye**. (yahambanywe ikara)
- (iv) Bihira **yakize cyane** arenza igipimo.
- (v) **Kùuguumbira** uwo wahemukiye. (gusaba).
- (vi) Maharane **yazamuye amahane** akubitwa iz'akabwana. (yazuye ibyikamize).

3. Ubaka interuro zumvikana neza zikoreshejwemo amagambo akurikira:

- (i) **Kuranza:** Ubwatsi bwarabuze inka ziraranza amata arabura ikaragiro rirahomba.
- (ii) **Guhonda inguri:** Inzara yarateye abantu bahonda inguri, kimari bazimara mu ntoki.
- (iii) **Gutanduza:** Abashonji batanduza imigozi y'ibijumba, imirondorondo babonye bagapfa kurya iyo.
- (iv) **Kwifuza ibya Macigata:** Bizagwira acinya inkoro ibutware yifuza ibya macigata, gutunga byinshi by'ubusa bizamukoraho.
- (v) **Guhonda intozi:** Muri rumanurimbaba abantu bahonze intozi, barya ubusa ababubuze baripfira.

Ibibazo byo kumva umwandiko

- (i) **Ni irihe hame ryatumye Terimbere abyara abana benshi?** Ihame yashingiyeho ni iriboneka muri Bibiliya rigira riti : "Mubyare, mwororoke mwuzure isi, muyitegeke."
- (ii) **Iryo hame ryokamye abana be. Sobanura.** Abana bamwe bigize ibirara, babyara imburagihe bitwaje ko kubyara ari umurage ukomoka kuri Bibiliya.
- (iii) **Umwe mu bana ba Terimbere yari afite umutima. Uwo ni inde?** Uwo ni Nagahire. Yari afite impano yo kugira bandi inama kuva ku bana kugeza ku bakambwe; yari umwana uzi gusobanura neza ibirebana n'ubuzima bw'imyororokere, kubyara abo dushoboye kurera,...
- (iv) **Abana ba Terimbere bitwaye nabi ni bangaha?** Sobanura ubavuga. Abana ba Terimbere bitwaye nabi ni Bahire, Mfabakuze, Nyabyenda na Nyamwasa. Bahire yohokeye i Kigali aricuruza, agaruka yararwaye cya cyago kitwa SIDA. Mfabakuze na we yavuye iyo yari yaragiye kuraya azanywe n'imodoka arwaye.
- (v) **Kubyara abana benshi kwa Terimbere kugaragarira he?** Bigaragarira mu mazina yateruraga Nyabyenda, Nyamwasa na Karenzo.
- (vi) **Hari abana ba Terimbere bapfuye bakiri bato. Bavuge amazina, icyo bazize.** Nyabyenda na Nyamwasa bapfuye bakiri bato bapfa bazize SIDA n'uburagaza.
- (vii) **Hari indwara zivugwa mu mwandiko zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye. Zirondore.** Mburugu, imitezi, kandidoze, n'uburagaza.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura umwandiko

- (i) **Vuga ingingo z'ingenzi ziboneka muri uyu mwandiko.**
 - Ubuzima bw'imyororokere
 - Ibimenyetso biranga ingimbi
 - Ibimenyetso biranga ingimbi
 - Ibibi byo kutamenya imihindagurikire y'umubiri wacu
 - Ingaruka z'ubusambanyi.
- (ii) **Nagahire yari umwari w'umutima, bigaragarira he?** Bigaragarira mu nama yagiraga abantu b'ingeri zitandukanye kandi na we ubwe akazikurikiza.
- (iii) **Abana ba Terimbere batakurikije inama bagirwaga, byabagendekeye bite?** Bapfuye bakiri bato, abandi baba indaya za Kigali igihe zitahukiye ziza amagara yabo agerwa ku mashyi.
- (iv) **Hari ibimenyetso bigaragaza ko Bahire yaba yari arwaye SIDA. Ni ibihe?** Bahire yari yarananutse cyane angina n'umunyereri, amabuno angina n'intobo, n'umusatsi waracuramye.
- (v) **Bahire yatahutse bigenze bite?** Insoresore zagwaniye iwe nuko umwe mu bashinzwe umutekano watabaye abonye amuzi afata ingamba yo kumushyikiriza umuryango we.

(vi) **Inkozi z'ibibi zigomba kujya gutura mu murwa kwa Hadesi. Uremeranya n'iyi ngingo?** Sobanura. Hadesi ni umwami w'ikuzimu. Sinemeranya n'iyi ngingo; inkozi z'ibibi zigomba guhanwa n'amategeko, abahamwe n'icyaha bakakiryozwa ariko kwifuza ko bapfa ntiwaba ari umuti urambye. Akamuga karuta agaturo. (Aha umwarimu azareba icyo abanyeshuri basubije).

(vii) **Garagaza ibimenyetso biranga:**

- a) **Ubwangavu:** Ibimenyetso biranga ubwangavu: gutangira kujya mu mihango, kumera amabere, kumera incakwaha, kubyibuha amabuno n'amatako, isuku itavaho n'ibindi.
- b) **Ubugimbi:** Ibimenyetso biranga ubugimbi: kuniga ijwi, kumera insya, kumera incakwaha, kumera impwempwe, kumera ubwanwa, gutangirakwiroteraho n'ibindi.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi ku kibonezamvugo

1. Kora imbonerahamwe igaragaza uburyo bw'imivugirwe n'aho ingombajwi z'Ikinyarwanda zivugirwa.

Imbonerahamwe y'imivugirwe y'ingombajwi

	Inyamunwa		Inyesonga		Inyarusenge		Inyama-maraka
	Inkoma-nyaminwa	Inyam-mwinyo	shinya (Inyamenyo)	Imbere	Ha-gati	Inyuma	Inyama
Inyama-zuru	[m]		[n]	[ŋ]			
	[p], [β]		[t], [d]			[k], [g]	
Inyakanwa							
Inkubyi		[f], [v]	[s], [z]		[ʒ]		
Inkomeza			[r]	[ʃ<]	[ʃ]		[h]

2. **Ingombajwi [k] na [g] zihuriye ku ki? Zitaniye ku ki? Zose ni inyakanwa z'inyarusenge z'inyuma. Aho zitandukaniye ni uko [k] ari indagi naho [g] ikaba indangira.**

3. **Andika izi nteruro mu nyandiko nyejwi:**

- i. Voma vuba uze tuzamuke buriye, ejo iwacu batazabura amazi yo kubobeza imigozi kuko bafite abakozi bazabubakira urugo.

[vòòmàvûβûzê t^hùzààmùk^hèβùrîîʒéʒîwàâtʃùβât^hàzààβûrâmâazîô kwùβòβèèzìmìgwôzìkwùkwòβàfî thâβâkwôziβàzààβùùβâkyîrùrgwò]

- ii. Umunyeshuri usoma ibitabo ajijuka vuba. [ùmù^ŋèèʃùùrùsòmìβî^hàβàʒî ʒùùk^hàvùβâ]

Ikibazo gisuzuma ubushobozi bwo guhina umwandiko.

Hina umwandiko wahawe mu mirongo itarenze cumi n'itanu.

Urugero rw'inshamahe ku guhina umwandiko.

Terimbere yabyaye abana batora imvugo yemeza ko abantu bagomba kororoka bakuzura isi kandi bakayitegeka. Abana ntibazuyaje imvugo bayitwara nk'irangamuntu ku mufuka. Hatarashira iminsi abitwa Nyabyenda na Nyamwasa baba bitabye Imana batarabona akera ku kibero. Hadaciye kabiri, Bahire avunura aturuka iya Kigali yarokamwe na SIDA. Iwabo baramubonye basa n'abakubiswe n'inkuba. Mukuru we Mfabakuze na we yaje amagara ye agerwa ku mashyi. Ababyeyi babuze icyo babondoza kuko mu rugo hahoraga umukanda. Umukobwa umwe wa Terimbere witwa Nagahire ni we wari indamyi mu bana bose yabyaye. Yahoraga yitwararitse agira bene nyina na basaza be inama ku buzima bw'imyororokere ariko baranga barohoka bibera indaya, basaza be bapfa bazize SIDA kandi Nagahire uyu nta we atasobanuriye ibirebana n'ubuzima bw'imyororokere nuko bagombye kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye.

3.5. Imyitozo nsindagirabushobozi

- Mu gihe umwarimu arimo gukosora ibyo abanyeshuri basubije ku mwitozo w'isuzumabushobozi usoza uyu mutwe wa gatatu, aragenda atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize maze abashyire mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitozo yabaha:

Ku bafite ikibazo cy'ubushobozi bwo kumva no gusesengura ikinamico no kuyikorera ishushanyabikorwa, umwarimu abashakira akandi gakinamico akababaza ibibazo bindi.

Ku bafite ibibazo mu guhanga agakinamico, umwarimu abagera undi mwanya bagahimba ku nsanganyamatsiko bumvikanyeho.

Ku bafite ikibazo kwandika amagambo mu nyandiko nyejwi, umwarimu abaha uwundi mwitozo wo kwandika interuro zigizwe n'amajwi y'inyabumwe.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo byayo.

Andika mu nyandiko nyejwi izi nteruro zikurikira zigizwe n' amajwi y'inyabumwe.

Interuro	Inyandiko nyejwi
Yewe waranasaze!	[jèèwèwârânâsâzè!]
Usigaranye akarimi gasize umunyu.	[ùsìgàrà ɲàkârimìgasiizùmùù ɲù.]
Aho ni ubuhoro?	[àhônùùβùhòrò?]
Usabe uruhushya.	[ùsâβùrùhùf<à.]
Inama ni iyo.	[înâàmânîijò.]

4

Kubaka umuco w'amahoro (Umubare w'amasomo: 21)

4.1. Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko, guhanga umwandiko akurikiranya neza ibitekerezo bye yifashishije insanganyamatsiko yerekeye umuco w'amahoro.
- Kwandika amajwi y'ibihekane mu nyandiko nyejwi.

4.1.1. Umwandiko: Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 107

Interera ya mbere: gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kwitabira gusoma no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo yababazaho:

1. **Ni iki mubona kuri iri shusho?** Abagabo batanu n'abagore batatu.
2. **Abo mugabo barakora iki?** Babiri barashinga imbago z'umurima, abandi iruhande barashyamiranye byo kurwana bapfa ko batera imbago nabi.
3. **Hari umugabo uri kumwe n'abo bagabo bandi, ese murabona ameze ate?** Uwo mugabo ashaka kurambura akaboko hagati yabo agira ngo boye gukomeza amahane.
4. **Hari abagore se bangahe?** Hari abagore batatu na bo babuza abo bagabo gushyamirana.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku makimbirane akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "**Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane**", akabasaba kuwusoma bucece banandika amagambo akomeye, abarangije bakazamura urutoki nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko, nyuma y'igihe yababwiye. Aha yibuka kwita ku batabona neza no ku batumva neza akabaha ubufasha bukenewe kugira ngo badasigara inyuma nko kubicaza imbere n'ibindi.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

1. **Muri uyu mwandiko, haravugwamo iki?** Muri uyu mwandiko haravugwamo ibitera amakimbirane.
2. **Umuntu ufasha abandi gukemura amakimbirane bamwita bate?** Umuntu ufasha abandi gukemura impaka bamwita umuhuza.
3. **Ni uruhe ruhare rw'ubuyobozi mu gukemura amakimbirane no kuyarinda abaturage?** Uruhare rw'ubuyobozi mu gukemura amakimbirane ni ukutabogama, kubaka ikizere ndetse no kuyakumira ataraba bigisha kandi bahugura.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'amatsinda.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho, mbere yo kubishyira mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka

Inyunguramagambo

a) Gusobanura amagambo:

1. **Intandaro:** Impamvu cyangwa inkomokoy'ikintu cyangwa impamvu ikintu cyangwa ikintu iki n'iki kuba cyangwa kubaho; imvano.
2. **Igitandaro:** Ijambo ryo guhiga rivuga umwaku.
3. **Amakimbirane:** Ukutumvikana kw'abantu bagahora bacagagurana, igûgu, amapigâne.
4. **Guhwika:** Gutuma ikintu gihwama cyangwa gica bugufi; iyo bavuga umuntu, kurangiza ibiribwa cyangwa ibinyobwa mu kanya gato, korera, gutema. Kwisumbura mu miterere cyangwa mu migenzereze ku buryo bugana ku bwifuzwa.
5. **Guhwikwa:** Kwibwa n'agatotsi ugasinzira. Urugero: Mu kanya ibyo uvuze simbyumvise nari mpwitswe.
6. **Guhigama:** Kwitambika imbere y'ikintu cyangwa y'umuntu ukamubuza kugera ku cyo yashakaga, kuberereka.
7. **Guca iminyururu:** Kwigobatora icyakubangamira, nk'agahato cyangwa agahato.
8. **Umunyururu, umunyororo:** Ikiziriko gikoze mu twuma dusobekeranye; igihe umuntu amara afunzwe.
9. **Kunera umunyururu:** Kuba uri mu buroko kubera igihano.
10. **Karande:** Uruhererekane
11. **Gusenyerera umugazi umwe:** Guhuza umugambi.

12. **Umusemburo:** Ibyo bateza inzoga y'ikigage kugira ngo ishye.
13. **Guteka umusemburo:** Kuwutegura; gukorwa n'inzoga vuba; kurakazwa n'ubusa.
14. **Gusuzugura:** Kudaha agaciro umuntu cyangwa ikintu.
15. **Kunegura:** Kuvuga inenge cyangwa imyitwarire mibi y'umuntu.
16. **Gukiranura:** Gukiza abashyamiranye bashaka kurwana.
17. **Kubogama:** Gukikira ukuri ukaba warengera uwaba arenganya undi.
18. **Nyangamugayo:** Umuntu udahemuka.
19. **Igitugu:** Ubutegetsu bwa kiboko.
20. **Umuhuza:** Ateranya.
21. **Kwigomwa:** Kwihangana ukagira ibyo ureka.
22. **Guhora:** Kugira icyo ukora ku muntu cyangwa ku nyamaswa cyangwa ku kintu ubiziza impamvu iyi n'iyi.
23. **Guhora:** Kwiyaka by'umubiri, kuzinga iminkanyari, kunanuka ubitewe n'ubusaza cyangwa indwara cyangwa umuze; guhoondooka. Gutanga ikintu ho ihooro ngo bakwambutse cyangwa bakwambukirize ibintu mu bwato. Gutanga amafaranga ku biro bya gasutamo kugira ngo ibicuruzwa ushaka gusohora cyangwa kwinjiza bitambuke cyangwa byinjire. Nudahoora ibintu byawe bizahera muri gasutamo.
24. **Kujya imunanu:** Kurwana kw'abantu bagundagurana.
25. **Gusiragira:** Kujya ahantu ugakurikiranya inshuro nyinshi, gucuragana, kubyinagira, kudihiriza.
26. **Indezo:** Ikintu k'ishimwe, k'igihembo, umuntu aha uwamurereye umwana kugeza igihe akuriye; icyo umuntu aha umurerera umwana akakimutungisha.
27. **Kugora:** Gukomerera umuntu cyangwa ikintu cyangwa kumurushya.
28. **Kwidagadura:** Gukora ibyo ushaka bikunzezeza nko gukina, kubyina, ...
29. **Guteganya:** Gushyira ibintu kuri gahunda kugira ngo ubikore cyangwa bikorwe.

b) Imyitozo y'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo akomeye umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'ubumenyingingiro bwo ku nyunguramagambo akabasaba kuwukora mu matsinda ya babiribabiri. Usibye amagambo yo mu mwitozo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, umwarimu ashobora no guha umunyeshuri andi magambo ashatse ari mu mwandiko. Uretse kuyakoresha mu nteruro kandi ashobora no kubaha umwitozo wo kugaragaza impuzanyito cyangwa gushaka interuro zisobanura kimwe n'izo yabahaye bazikuye mu mwandiko. Ikigamijwe hano ni ugusobanukirwa neza umwandiko n'ubumenyingingiro ku byo bungukiyemo.

Urugero rw'umwitozo n'igisubizo:

- 1. Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo akurikira : gusiragira, gukimbirana.**
 - Aba bantu bahora basiragira ku murenge.
 - Umuntu uhora akimbirana, abantu baramwirindi.
- 2. Simbuza ijambo (amagambo) ryanditse mu mukara tsiri, irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko.**
 - a) Uru rubanza rwabaye inkomoko y'urwango hagati ya Kamana na Barigira. (Uru rubanza rwabaye intandaro y'urwango hagati ya Kamana na Barigira)
 - b) Ejo Kamana yibwe n'agatotsi arasinzira maze abazura bamwiba ibikoresho by'ubwubatsi. (Ejo Kamana yarahwitswe maze abazura bamwiba ibikoresho by'ubwubatsi.)
 - c) Mukamusoni yahawe inka yo kurera umwana yabyaranye na Rwubusisi. (Mukamusoni yahawe inka y' indezo na Rwubusisi.)
- 3. Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri urikuye mu mwandiko:**
 - a) Uyu ni wa mugabo wahisemo kwitwa bihemu. (inyangamugayo.)
 - b) Ibi byabaye byabaye iherezo by'amakimbirane. (Intandaro.)
- 4. Uzuzurisha iyi nteruro amagambo avuye mu mwandiko.**
 - a) Aba bagabo bakeneye kugira ngo amakimbirane yabo ahoshe. (umuhuza)
 - b) Bwa butegetsi bwa (Hitireri) Hitler bwari ubutegetsi bw'..... kuko bwarenganyaga abantu. (igitugu)

Ibibazo byo kumva umwandiko

- 1. Tanga ingero z'ubwoko bw'ibibazo by'ingenzi biboneka mu makimbirane.** Ibibazo bikomoka ku bwicanyi, ibibazo by'imirima n'amasambu, ibibazo by'umutungo, amahugu no kwambura, ibibazo bikururwa no gushaka abagore benshi n'ibindi.
- 2. Andika inkomoko z'amakimbirane.** Imiyoborere mibi, imyumvire ya politiki kandi itandukanye, ubukene (abasangira ubusa bitana ibisambo), amacakubiri, ubunebwe, ubujiji, inda nini na ruswa, imiturire mibi, abapfakazi benshi n'abana batiga,...
- 3. Tanga uburyo bujyanye n'ingero, ihohotera ryigaragarizamo.**

Ihohoterana mu bikorwa	Ihohoterana mu magambo	Ihohoterana mu myifatire
Kurwana	Gutongana	Gusuzugura
Kwica	Gutukana	Kunigana abandi ijambo
Gusinda	Guseka abadndi	Kurimanganya (gukoresha uburiganya)
Gufata ku ngufu	Kubeshya	Guhimana
Kubabazanya agashinyaguro	Kunegura	
	Gusebanya	
	Kujoga	
	Kumwaza	
	Gutera urubwa.	

4. Sobanura uburyo amakimbirane ashobora gukemurwamo.

- Kumenya imiterere n'imvano nyakuri y'amakimbirane,
- Guhuza abafitanye amakimbirane no kubunga,
- Kubahiriza amategeko ariho no kuyifashisha hakemurwa amakimbirane,
- Kumenya no gushyira mu bikorwa amahame y'ubuyobozi bwiza,
- Guhugura abantu bose ku buryo bwo kwikemurira amakimbiranne,

5. Ni izihe ndangagaciro zigomba kuranga ukemura amakimbirane?

- Kutabogama,
- Kugira ibanga,
- Gutega amatwi no kumva,
- Kumenya kuyobora igikorwa
- Kwirinda kugira ibyo akekera cyangwa ahanya undi,
- Kwirinda kunegura no gufata ibintu uko utabibwiwe,
- Kumenya kwihangana no kwigomwa,
- Kuba afitiwe ikizere n'impande zishyamiranye,
- Kumenya kugena igihe gihagije kandi kitarambiranye, ...

6. Ni izihe mpamvu zishobora kubangamira ikemurwa ry'amakimbirane?

Zimwe mu mpamvu zishobora gutuma amakimbirane mu baturage atabonerwa umuti:

- Abayobozi bamwe bashyira inyungu zabo bwite aho kwita ku kazi bashinzwe,
- ari abakoresha ikenewabo,
- ikimenyane n'ubucuti bagatinda gufata ibyemezo,
- gushaka kumvisha abo batavuga rumwe,
- kwaka no gutanga ruswa, kwanga kwiteranya,
- ubushishozi buke, ...

7. **Ni izihe ngaruka ziterwa n'amakimbirane? Sobanura utarondogora.** Inzika zidacika ziranga abantu bahora bishishanya, urupfu ruturutse ku bantu bananiwe kwiyunga uciye undi urwaho akamuhitana, kwimuka uhunga uwo mutavuga rumwe, inzara itera abantu birwa mu matiku batagira icyo bikorera;...

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 110

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.
- Gutahura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko;
- Gutahura isomo riri mu mwandiko.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashishikarira kurwanya amakimbirane no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo bivuga ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro cyangwa imbuga za interineti.

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma; bikabafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Umwandiko twize ubushize wavugaga kuki?** Umwandiko wavugaga ku ntandandarwo n'ingaruka z'amakimbirane.
- b) **Ni izihe ngaruka z'amakimbirane?** Ingaruka z'amakimbirane ni ubukene, ubujiji ndetse n'imfu.

Isomo rishya

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zivugize ndetse n'isomo bakuyemo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bikabafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko maze bakabiganiraho bari mu matsinda yabo.

Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Andika insanganyamatsiko usanga muri uyu mwandiko.
2. Sobanura ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
3. Ni irihe somo wakura muri uyu mwandiko?

Umwarimu agezura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda. Aho biri ngombwa agatanga ubufasha ku babumusabye. Iyo barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abasaba kumurika ibyo bakoreye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, abanyeshuri bafashwa n'umwarimu kunonosora ibisubizo byatanzwe maze bakabona ibisubizo bikwiye bandika ku mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda:

1. Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko:

Insanganyamatsiko iri muri uyu mwandiko ni inkomoko, ingaruka n'ukuntu amakimbirane yakemuka.

2. Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko:

- Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko ni izi zikurikira :
- Igisobanuro cy'amakimbirane;
- Inkomoko y'amakimbirane n'uko yigaragaza;
- Uko yakemurwa, indangagaciro z'umuhuza;
- Ingaruka zituruka ku makimbirane.

3. Isomo riri mu mwandiko:

Isomo nkuye muri uyu mwandiko ni uko nkwiye kwirinda icyateza amakimbirane kuko adindiza iterambere. Bityo rero ni ngombwa ko nange ngira uruhare rwo gukumira no guhosha amakimbirane kuko ashobora no gutwara ubuzima bw'abantu.

Intera ya gatatu: Ihangamwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 110

Intego zihariye:

- Gusobanura insanganyamatsiko yahawe.
- Kwandika umwandiko ufite ingingo zifatika kandi zikurikiranye neza;
- Kujora umwandiko wahanzwe na bagenzi be.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo bivuga ku ntambara zabaye ku isi yose cyangwa firime.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Uwarimu abaza abanyeshuri umwandiko baheruka kwiga, ibyo bimufasha gutuma bahuza insanganyamatsiko n'amateka yabayeho nko mu ntambara z'isi yose.

1. **Ni uwuhe mwandiko muheruka kwiga?** Umwandiko duheruka kwiga ni uvuga ku ntandaro n'ingaruka z'amakimbirane.
2. **Ni ayahe makimbirane yaranze isi ku mugaragaro?** Amakimbirane akomeye yaranze isi ni intambara eshatu.
3. **Izo ntambara ni izi ni izihe?** Izo ntambara ni Intambara ya Mbere y'Isi Yose, iya Kabiri y'Isi Yose n'iyindi yiswe iy'Ubutita.

Guhanga umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye guhanga umwandiko ku ngingo ijyanye n'umuco w'amahoro. Asaba abanyeshuri gusoma ikibazo cyo guhanga uwandikokiri mu bitabo byabo no kucyandika ku kibaho kugira ngo n'abatwumva bagisome niba bahari. Bitewe n'uko iryo somo rishobora kutarangira uwo munsu, umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kuwukora akabasaba kuzawuzana akawukosora areba niba harimo ibitekerezo binyuranye bivugaga ku kungaruka zinyuranye z'intambara n'uko zakwirindwa.

Umwarimu aramutse abonye afite abanyeshuri benshi cyane ku buryo gukosora iyo myandiko byatinda, yabasaba kuzayikora mu matsinda ikaba mike.

Nyuma yo gukosora iyo myandiko umwarimu ayisubiza abanyeshuri yagiye yandikaho ibyo yashimyemo n'ibyo yanenzemo kandi akanabereka uburyo bwo kubikosora.

Urugero rw'ingingo zagaragara muri iyo myandiko:

- a) **Igitera intambara:** Ingengabitekerezo ya ba mpatsibihugu, ubukungu (gushaka amasoko), kwagura imipaka, ubutegetsi bw'igitugu,...
- b) **Ingaruka z'intambara:** Kuzahara k'ubukungu, kwangirika kw'ibidukikije kubera ubumara bw'ibisasu, indwara n'imfu z'abantu, ubuhunzi,...
- c) **Uko zakwirindwa:** Kwamagana ibitekerezo bya ba mpatsibihugu, gushyiraho no kubahiriza imiryango igamije ubufatanye mu bukungu, kudakumira ubucuruzi no gusangira umutungo w'isi, kwamagana icurwa ry'ibisasu bya kirimbuzi,...

4.1.2. Inyandiko nyejwi (Amajwi y'ibihokane)

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 111

Intego zihariye:

- Kugaragaza amagambo afite amajwi y'ibihokane.
- Kwandika mu nyandiko nyejwi ibihokane by'Ikinyarwanda.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amakarita y'ibihokane by'Ikinyarwanda.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

- Ni irihe somo duheruka kwiga?** Twize umwandiko «Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane»
- Ni ki wungukiye muri iryo somo?** Namenze ko amakimbirane ashobora gutuma abaturage basubira inyuma kubera gusenya ibyo bagezeho kugeza aho bamburanye n'ubuzima.

Isomo rishya: Inyandiko nyejwi: amajwi y'ibihokane

Kuvumbura ibihokane

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza igika cya mbere cy'umwandiko baherutse kwiga maze akabasaba guca akarongo ku bihokane bigaragara mu magambo agize umurongo wa mbere w'igika cya mbere cy'uyu mwandiko. Ahangaha, umwarimu arasaba umwumwe kujya guca akarongo ari nako asoma ijamba aciyeho akarongo kandi agenzure ko harimo ijwi ry'ighekane.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arasaba abanyeshuri, mu matsinda yabo, kwitegereze ibihokane biri mu gika cya mbere cy'umwandiko «Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane» maze abasabe kugerageza gutahura inshoza y'ighekane, n'imihehanire y'ibihokane by'Ikinyarwanda no kwandika amajwi yose bumva iyo babisomye. Arabaha igihe cyo kubikora abarangiye ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero kugira ngo bakore ubushakashatsi batahure imihekanire y'amajwi y'Ikinyarwanda no kurondora ibindi bihokane by'Ikinyarwanda bagerageze kugaragaza amajwi yabyo yose yumvikana iyo babisomye.

Iyo igihe yabahaye kigeze abasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo akabafasha kubinonosora bikandikwa ku kibaho mbere yo kubyangandika mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda y'ubushakashatsi :

1. Inshoza y'igihekane

Igihekane ni ijwi ry'inyunge ryandikishwa inyuguti (ingombajwi cyangwa inyerera) ebyiri cyangwa nyishi. Niba **G** ari ingombajwi, **N** ikaba ari inyerera, mu Kinyarwanda amajwi y'ibihekane ashobora guhekana kuri ubu buryo:

G.G.: ingombajwi + ingombajwi

G.N.: ingombajwi +inyerera

G.G.N.: ingombajwi +ingombajwi + inyerera

G.G.N.N.: ingombajwi + ingombajwi +inyerera +inyerera

G.N.N.: ingombajwi +inyerera + inyerera

2. Imihekanire y'amajwi y'Ikinyarwanda

Amajwi shingiro y'Ikinyarwanda ntahekana uko abonye akurikiza amategeko bityo ibihekane bikaboneka mu mirwi (ibyiciro) itandukanye bitewe n'uko ingombajwi zihakana hagati zacyo cyangwa se zikiyunga n'inyerera.

Amategeko y'imihekanire y'ingombajwi

Hari itegeko rusange rivuga ko:

Ingombajwi izo ari zo zose zihakana n'ingombajwi z'inyankanka zitaburabura bihuje uburyo bw'imivugirwe. Ingombajwi y'inyarusenge y'inyuma [**k**] ihekana n'ingombajwi z'indagi bihuje uburyo bw'imivugirwe [**p**]: [**pk**]. Izindi ndagi iyo zihakanye n'inyarusenge y'inyuma [**k**] bitanga ibihekane bitabaho bikaba ngombwa kwitwerereza inyerera [**w**] cyangwa [**j**]: [**tkw**], [**ƒkw**], [**ƒ^ˆkw**], [**skj**]. Inyarusenge y'inyuma [**k**] ishobora guheka n'inyerera [**w**] cyangwa [**j**]: [**kw**], [**kj**]. Mu Kinyarwanda ingombajwi zihuje umwanya w'imivugirwe ntizishobora guhekana ariko ingombajwi y'inyamaraka [**h**] n'inyerera y'inyuma cyangwa y'inyankanka [**w**] zirahekana: [**hw**] Ingombajwi z'indangira zihakana n'inyarusenge y'inyuma [**g**] bihuje uburyo bw'imivugirwe: [**bg**], [**vg**]. Ibindi bihekane byo muri uyu murwi bigomba kwitwerereza inyerera y'inyuma [**w**] kugira ngo bivugike: [**dgw**], [**zgw**], [**rgw**], [**Ƴgw**], [**gw**]. Indangira ntizitwerereza inyerera y'imbere [**j**] mu irema ry'ibihekane kereka gusa [**rg**] na [**g**] bitanga [**rgj**] na [**gj**].

Umurwi wa gatatu ugizwe n'ibihekane bisa n'aho bigengwa n'irengayobora ku itegeko rusange. Hari ibihekane bine (4): bibiri bikomoka kuri [**p**] na [**f**], ibindi bibiri bikomoka kuri [**b**] na [**v**]. Izo ngombajwi z'inkomanyaminwa [**p**] na [**b**]

n'inyamwinyo [f] na [v] zihékana n'igihékane kigizwe n'inyarusenge z'inyuma ziyunze n'inyerera y'imbere [kj] na [gj] bigatanga ibihékane [pkj], [fkj], [bgj], [vgj]. Umurwi wa kane ugizwe n'ibihékane bikomoka ku ngombajwi z'inyamazuru. Muri ibyo bihekane bikomoka ku ngombajwi z'inyamazuru kandi bikurikiza itegeko rusange ikibaho mu kinyarwanda ni [mŋ] . Ibindi kugira ngo bibeho mu mvugo y'Ikinyarwanda byitwerereza inyera y'inyuma bityo hakabaho : [nŋw], [ɲŋw]/[ŋw]. Umurwi wa gatanu urimo ibihékane bigengwa n'itegeko rivuga ko ingombajwi zishobora guhekana n'inyamazuru rizibanjirije mu mivugirwe. [mf], [mv], [nt], [nf^h], [nz], [nf],...

Irengayobora:

1. Ingombajwi z'inyamazuru [n] na [m] uretse ko zihékana n'ijwi ry'inyamazuru y'inyarusenge y'inyuma [ŋ] bihuje uburyo bw'imivugirwe zishobora no guhekana n'inyamazuru y'inyarusenge [ɲ] bigatanga ibihékane [nɲ] na [mɲ].
2. Indagi z'inyamunwa [p] na [f] zishobora guhekana bigatanga [pf]. Indagi y'inyesongashinya [t] ishobora guhekana n'iy'inyesongashinya [s] cyangwa n'inyarusenge [ʃ] bigatanga [ts] na [tʃ].

Ikitonderwa: hari abanditsi bagaragaza mu mwanya wa [n] na [m] ijwi ry'inyamazuru rikoresha ryandikwa ritya [N] kuko bo bagaragaza ko ritandukanye n'ingombajwi z'inyamazuru ari zo [n], [m] na [ɲ].

3. Imyandikire y'amajwi y'ibihékane mu nyandiko nyejwi

Inyandiko isanzwe	Inyandiko nyejwi
1) mb	1) [mb]
2) nd	2) [nd]
3) ng	3) [ŋg]
4) mp	4) [mph]
5) nt	5) [nth]
6) nk	6) [ŋkh]
7) mv	7) [mv]
8) nz	8) [nz]
9) nj	9) [nʒ]
10) mf	10) [mf]
11) ns	11) [ns]
12) nsh	12) [nʃ]
13) pf	13) [pf]
14) ts	14) [ts]
15) c	15) [tʃ]
16) my	16) [mɲ]
17) nny	17) [nɲ]
18) by	18) [bgj]
19) jy	19) [gj]

20) py	20) [pkj]
21) ty	21) [tkj]
22) cy	22) [ky]
23) sy	23) [skj]
24) ry	24) [rgj]
25) mw	25) [mŋ]
26) nw	26) [nŋw]
27) nyw	27) [$\mathcal{N}_{\eta w}$]/ [ŋw]
28) bw	28) [bg]
29) dw	29) [dgw]
30) gw	30) [gw]
31) tw	31) [tkw]
32) kw	32) [kw]
33) zw	33) [zgw]
34) jw	34) [ʒgw]
35) fw	35) [fkw]
36) sw	36) [skw]
37) shw	37) [ʃkw]
38) rw	38) [rgw]
39) shyw	39) [ʃ<kw]
40) hw	40) [hw]
41) mby	41) [mbgj]
42) ndy	42) [ndgj]
43) njy	43) [ŋgj]
44) mpy	44) [mpkj]
45) nty	45) [ntkj]
46) ncy	46) [ŋkj]
47) mvy	47) [mvgj]
48) nsy	48) [nskj]
49) pfy	49) [pfkj]
50) mbw	50) [mbg]
51) ndw	51) [ndgw]
52) ngw	52) [ŋgw]
53) mpw	53) [mpkh]
54) ntww	54) [ntkw]
55) nkww	55) [nkw]
56) mvww	56) [mvg]
57) nzww	57) [nzgw]
58) njww	58) [nʒgw]
59) nsww	59) [nkw]
60) nshw	60) [nʃkw]
61) tsw	61) [tskw]
62) cww	62) [tʃkw]
63) myww	63) [m \mathcal{N}_w]
64) byww	64) [bgjw]
65) mbyww	65) [mbgjw]

Ibisobanuro:

Igihekane kimwe mu nyandiko isanzwe no mu nyandiko nyejwi gihuriye ku mubare umwe. Urugero: Umubare 63 uragaragaza uko ugihekane myw cyandikwa mu nyandiko isanzwe no mu nyandiko nyejwi.

Umwitoto

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitoto uri mu gitabo cyabo buri wese ku giti ke, nyuma bagakosorera hamwe ibisubizo bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara.

Urugero rw'umwitoto n'ibisubizo:

1. Subiza ibibazo bikurikira:

- a) **Amajwi shingiro y'Ikinyarwanda ahekana uko abonye?** Oya, ntahekana uko abonye kuko akurikiza itegeko.
- b) **Amajwi shingiro y'Ikinyarwanda ahekana ate?** Ingombajwi izo ari zo zose zihékana n'ingombajwi y'inyankanka itaburabura bihuje uburyo bw'imivugirwe”.
- c) **Andika irengayobora rigendana n'itegeko rigenga imihekanire y'ingombajwi z'inyamazuru. Tanga ingero.** Iryo rengayobora ni: Indagi y'inyamunwa[p] ishobora guhekana n'indagi y'inyamwinyo[f] bigatanga [pf]. icyo gihekane kibaneka nko mu ijambo [îpfûundo]. Indagi y'inyamenyo[t] ishobora guhekana n'indagi y'inyesongashinya[s] cyangwa n'indagi y'inyarusenge [f], bigatanga[ts] na [tj]. Ingero: [ts] [umûtsî] [tj] [gwûtîira].

2. Andika itegeko rusange rigenga imihekanire y'amajwi shingiro y'Ikinyarwanda.

3. Andika mu nyandiko nyejwi aya magambo:

Indwara [îndwâàrà]	Kuvumbywa [kwûrûûmbgjà]
ngweba [îngééâ]	Umwaga [ûmñââgâ]
Nzajya kuri Gishwati [nzââgjàkwûrîgî]kwâàtî]	Ingurube [îngwûrûbè]
Arakunzwe [ârâkwûûnzgwè]	Inkware[îñkhââre]

Ikitonderwa: Mu Kinyarwanda mu nyandiko nyejwi ushobora kugaragaza amasaku nyesi cyangwa ntuyagaragaze. Ni yo mpamvu haruguru tutayagaragaje.

4.2. Imiyoborere myiza

(Umubare w’amasomo: Amasomo 21)

Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umuvugo, guseruka mu ruhamwe avuga ashize amanga, guhanga umuvugo ugaragaramo ikeshamvugo ku nsanganyamatsiko yerekeye umuco w’amahoro
- Kwandika amagambo mu nyandiko nyejwi.

4.2.1. Umwandiko: Kwakira neza abakugana

(Igitabo cy’umunyeshuri kuva ku rup. rwa 115)

Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n’iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kwitabira gusoma no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n’inkoranyamagambo.

Imitangire y’isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw’ibibazo:

- (i) Ni iki mubona kuri iri shusho?** Hari abagabo n’abagore bagenda berekeye ku biro by’umurenge.
- (ii) Ku murenge ho murahabona iki?** Hari umuntu wambaye neza.
- (iii) Muratekereza ko yaba ashinzwe iki?** Ashobora kuba ashinzwe kwakira ababa bifuza kubonana n’abayobozi.

Umwarimu ahera kuri ibyo bisubizo akabasha akabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko wo “Kwakira neza abakugana”, akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko “Kwakira neza abakugana”, akabasaba kuwusoma bucece banandika amagambo akomeye, abarangije bakazamura urutoki nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko, nyuma y’igihe yababwiye. Aha yibuka kwita ku batabona neza no ku batumva neza akabaha ubufasha bukenewe kugira ngo badasigara inyuma nko kubicaza imbere,...

Urugero rw’ibibazo yababaza:

- (i) Muri uyu mwandiko, haravugwamo iki?** Baratubwira umuyobozi mwiza uwo ari we n’uburenganzira bw’umuturage.
- (ii) Umuntu ufasha abandi gukemura amakimbirane bamwita bate?** Umuntu ufasha abandi gukemura ibibazo bamwita umuyobozi mwiza “Bandeberaho”.
- (iii) Ni uruhe umuyobozi mwiza agira mu kwimakaza umuco w’amahoro?** Uruhare rw’ubuyobozi mwiza ni ugushimangira umuco wa demukarasi, uburenganzira bw’umuturage kandi agashyira imbere uburenganzira bw’umuturage.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by’amagambo akomeye kandi basubiza n’ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n’umubare w’amatsinda.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye n’ahari ngombwa.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho, mbere yo kubishyira mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka

Inyunguramagambo

Gusobanura amagambo

1. **Kurengana:** Kuzira ubusa cyangwa kubeshyerwa.
2. **Impungenge:** Inkeke, umutima uhagaze, ubwoba, igishyika umuntu terwa n'ikintu abona ko gishobora kumukururira ibyago.
3. **Kwifata impungenge:** Kugira igishyika, kugira umutima uhagaze.
4. **Guhiga:** Guhaya, kubwira cyangwa kuratira abandi icyo ubarusha. Kurusha abandi mu irushanwa, gusezeranya umuntu, umuzimu, imandwaicyo uzamuha aramutse agukoreye icyo wifuza. Kuvuga k'umusambi; kugaragaza amabere by'inka ifite amezi makuru.
5. **Rugwirorusa:** Umuntu wakirana abandi umutima utuje, udafite umunabi cyangwa umushiha.
6. **Iteme:** Ikiraro abantu bambukiraho kugira ngo bave hakurya y'umugezi, y'uruzi bagere hakuno.
7. **Inshingano:** Ikintu cyangwa umuntu baha umuntu ngo akiteho ke kuzahungabana.
8. **Kugaruka:** Gusubira ahantu wari uvuye.
9. **Amahane:** Imiterere y'umuntu ituma yanduranya; umuco wo umuntu atemera icyo abandi bamubwira.
10. **Gutera amahane:** Kugira imvururu.
11. **Kubunza umutima:** Kuba utekereza ibintu byinshi ariko ntihagire icyo wegukira.
12. **Gutema ishami ry'igiti wicayeho:** Kwihemukira.
13. **Indagizo:** Icyo utunze kitari icyawe, igishobora kukuvaho nyiracyo igihe cyose agishakiye.
14. **Gushinga imizi:** Gukomera cyane.
15. **Guca bugufi:** Kwiyoroshya kugira ngo bose bakwibonemo.
16. **Kwesa imihigo:** Kugera ku cyo wahigiye kugeraho, kugera ku cyo urusha abandi kandi wakibabwiye.
17. **Indatwa:** Ikibasumba, udasumbwa.

Umwitoto w'inyunguramagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo basubize umwitoto w'inyunguramagambo ugaragara mu gitabo cyabo. Iyo barangije asaba itsinda rimwe kugaragaza ibyo bakoze andi matsinda afatanije na mwarimu akabinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

1. **Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo akurikira:** kwesa imihigo; indatwa; indagizo.

- Iyo hashize igihe tujya kwesa imihigo tuba twarahize tugitangira akazi.
- Wa muhungu wa Kagabo yabaye indatwa mu bandi; ntawujya amauhiga.
- Inka Rugwiro atunze ni indagizo; nibyara azayisubiza Kabagambe.

2. **Simbuza ijambo ryanditse mu mukara tsiri irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko.**

- a) Uyu muyobozi wacu akunda kwiyoroshya. (guca bugufi)
- b) Imiyoborere myiza ikwiye gukomera cyane. (gushinga imizi)

3. **Huza amagambo ari iburyo n'imbusane zayo ziri ibumoso**

a) Impungenge	1. Ikigwari
b) Gutera amahane	2. Kwikakaza
c) Kubunza umutima	3. Ikizere
d) Guca bugufi	4. Kugwa neza
e) Indatwa	5. Gutuza

Igisubizo: a = 3; b = 4; c = 5; d = 2; e = 1

Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1. **Kuki umuturage agira impungenge z'umuyobozi kandi aba yararahiriyeye inshingano afite?** Ni uko hari ubwo usanga hari umuntu warenganye umuyobozi abibona kandi hari ibyo bamwe mu bayobozi badashyira mu bikorwa barabihigiye imbere y'ababatoye.
2. **Ukurikije umwandiko, imiyoborere myiza ni iyihe?** Imiyoborere myiza ni ubuhuza abayobozi n'abayoborwa kandi buri wese akamenya uburenganzira bwe n'inshingano ze. Imiyoborere ni iyimakaza ubuyobozi bwiza, ukuzuzanya mu bitekerezo hagamijwe iterambere ry'Igihugu.
3. **Ni ryari imiyoborere myiza izagerwaho?** Izagerwaho igihe abaturage bazaba bafite uburenganzira bwo kwishyiriraho abababahagarariye binyuze mu matora, bakanagira uruhare n'uburenganzira bwo gukurikirana imikorere yabo no kubagira inama. Ni igihe kandi abaturage bashobora kubakuraho cyangwa kubasimbuza igihe bibaye ngombwa nk'igihe batashoboye kuzuza inshingano zabo.

4. **Imiyoborere myiza igira amahame. Tanga ingero enye.** Demokarasi, kuzuzanya, kwicisha bugufi, kugena no kubahiriza ibyo ushinzwe.
5. **Ukurikije umwandiko «demokarasi» ni iki? Ukurikije umwandiko «demokarasi» ni iki?** Abahanga basobanura ko demokarasi ari ubutegetsibwa rubanda, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage kandi bugakurwaho n'abaturage.
6. **Mu mwandiko, erekana amazina agaragaza umuyobozi myiza.** Mu mazina agaragaza umuyobozi mwiza harimo : Rugwirorusa, Bandebereho.
7. **Ni irihe zina riteye ipfunwe mu mazina avuga umuyobozi udakwiye?** Izina rigayitse riteye ipfunwe ni Kanyamahane.

Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 117

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.
- Gutahura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko;
- Gutahura isomo riri mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma; bikabafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Umwandiko twize ubushize wavugaga kuki?** Umwandiko ku kwakira neza abakugana.
- b) **Ni izihe ngaruka zo kwakira nabi abagana ubuyobozi?** Ingaruka z'imiyoborere mibi ni uko abaturage ibibazo byabo bitabonerwa umuti maze bikaba byabatera no gukura ikizere ku bo batoye.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zivugize ndetse n'isomo bakuyemo.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugirango niba hari n'abatumva neza babisome. Abasaba kubisubiza bari mu matsinda akabagera iminota yo kubikora.

Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Garagaza insanganyamatsiko iri muri uyu mwandiko.
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?
3. Ni irihe somo wakura muri uyu mwandiko?

Umwarimu ajenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda. Aho biri ngombwa agatanga ubufasha ku babumusabye. Iyo barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abasaba kumurika ibyo bakoreye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, abanyeshuri bafashwa n'umwarimu kunonosora ibisubizo byatanzwe maze bakabona ibisubizo bikwiye bandika ku kibaho no mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

1. **Insanganyamatsiko iri muri uyu mwandiko.** Insanganyamatsiko ziri muri uyu mwandiko ni ukwakira neza abatugana cyane cyane abadukeneye kuko ari byo biranga imiyoborere myiza yo shingiro ry'iterambere.
2. **Ingingo z'ingezi zivugwa mu mwandiko.** Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko : kudasohozwa inshingano bitera impungenge; imiyoborere myiza ni iteme ritera iterambere; imiyoborere myiza igira amahame igenderaho; ubuyobozi ni indagizo ni yo mpamvu umuyobozi agomba guca bugufi kandi akaba gikwira.
3. **Isomo ryo mu mwandiko.** Isomo nkuyemo ni uko ubuyobozi ari indagizo kandi bushinzwe guhuza abantu no gusigasira ubumwe n'iterambere.

Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 118

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko no kubihuza n'igihe tugezemo
- Gutinyuka kuvugira mu ruhamwe adategwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bawiyibutse baze kungurana ibitekerezo ku ngingo iwukubiyemo bibuka neza ibivugwamo. Nyuma yo gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gukomeza bungurana ibitekerezo ku bijyanye n'ubudehe akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo cyo kunguranaho ibitekerezo.

Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu bitabo byabo. Uwo mwitozo bawusomamu ijwi riranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona babashe kuwumva bakanawandika ku kibaho. Uyu mwitozo ukorerwa mu itsinda ry'ishuri ryose. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo uyobora ikiganiro. Mbere yo gutangira ikiganiro babanza kwibukiranya uko ikiganiro nyunguranabitekerezo gikorwa. Bayobowe n'umuyobozi w'ikiganiro, buri munyeshuri agenda avuga igitekerezo ke, umwanditsi akacyandika, nyuma bakaza kujonjoramo ibitekerezo bikwiye, bakabinononsora bafatanije na mwarimu, bikandikwa ku kibaho.

Ikibazo n'urugero rw'ingingo zishobora kugaragara mu bisubizo:

1. Sobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.
2. Hari amashimwe avugwa mu mwandiko ahabwa umuntu witwaye neza.
3. Ayo mu muco nyarwanda yitwaga impeta z'ubutwari. Izo mpeta ziri mu byiciro bingahe? Bihuze n'ibya kera.

Igisubizo

1. Bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko ni imihigo no kuyesa abantu bose bafite ibyo bemeye imbere y'ababatoye bakagaragaza ko babigezeho; baba batarabigezeho bagasobanura impamvu noneho abandi bakabagaya (bagamije guca umuco wo kudahana) cyangwa bakabashima. Kubahana hagati y'abayoborwa n'abayobozi bajya inama bagamije amahoro n'iterambere ry'abaturage baharanira ubumwe bw'Abanyarwanda.
2. **Amashimwe ahabwa uwitwaye nzeza (aya kera n'ay'ubu)**

Kera	Ubu
Gucana uruti	Imanzi
Impotore	Imena
Umudende	Ingenzi

4.2.2. Kwandika mu nyandiko nyejwi amagambo arimo ibihokane

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 118

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza amagambo afite amajwi y'ibihokane.
- Gusobanura uburyo bwo kwandika amagambo arimo ibihokane mu nyandiko nyejwi.
- Kwandika amagambo arimo ibihokane mu nyandiko nyejwi.
- Gushishikarira kwandika amagambo arimo ibihokane mu nyandiko nyejwi no kubitinyura abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro zivuye mu mwandiko akabasaba gushakamo amagambo arimo ibihokane binyuranye no kubigaragaza.

Isesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda atarengeje abanyeshuri batandatu, akabasaba gukora ubushakashatsi ku myandikire y'amagambo arimo ibihokane mu nyandiko nyejwi.

Kugira ngo bakore umurimo wimbitse abaha ikibazo kibayobora mu bushakashatsi bwabo abarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha mu nzu y'isomero akabaha igihe cyo kubikora.

Urugero rw'ikibazo yabaha:

Murondore ibihokane byose by'Ikinyarwanda, mutange urugero rw'ijambo kuri buri gihekane munagerageze gutahura uko bandika amagambo mu nyandiko nyejwi.

Iyo igihe yabahaye kigeze asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo ku majwi y'ibihokane agafatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi bw'abanyeshuri:

Amagambo arimo ibihokane

Inyandiko isanzwe	Inyandiko isanzwe	Inyandiko isanzwe	Ingero Inyandiko nyejwi
Mb	[mb]	Amakimbirane	[àmàkjiĩmbiĩrànè]
Mp	[mp ^h]	Impamvu	[ĩmp ^h àámvù]
Mv	[mv]	Imvano	[ĩmvàànò]
Mf	[mf]	Imfunguzo	[ĩmfùũngwùzò]
Nd	[nd]	Induru	[ĩndũũrù]
Nt	[nt ^h]	Intara	[ĩnt ^h àârâ]
Nz	[nz]	Inzangano	[ĩnzààngànò]
Ns	[ns]	Nsabira	[nsàßirà]
Ng	[ng]	Imiryango	[ĩmĩrgjààngwò]
Nk	[nk ^h]	Inkaba	[ĩnk ^h àßà]
Nj	[nj]	Injijuke	[ĩnjĩjũũkjè]
Nsh	[nʃ]	Inshuro	[ĩnʃũrò]
Nshy	[nʃ ^ˀ]	Inshyushyu	[ĩnʃ<ũũʃ<ũ]
Pf	[pf]	Umupfakazi	[ùmũpfààk ^h àzì]
Ts	[ts]	Idahwitse	[idáhwiĩtsè]
C	[tʃ]	Amacakubiri	[àmátʃààkwũßìrì]
My	[m ^ɲ]	Imyanda	[ĩm ^ɲ ààndà]
By	[bgj]	Ibyago	[ĩbgjààgò]
Py	[pkj]	Gupyonda	[gwũpkjòòndà]
Sy	[skj]	Gusya	[gwũskjà]
Nny	[n ^ɲ]	Innyo	[ĩn ^ɲ ò]
Jy	[gj]	Amujyambere	[àmàgjààmbeèrè]
Ty	[tkj]	Ityazo	[ĩtkjààzò]
Ry	[rgj]	Araryarya	[àràrgjààrgjà]
Cy	[kj]	Icyuma	[ĩkjũùmà]
Mw	[mŋ]	Umwanzi	[ùmŋàànzi]
Nw	[nŋw]	Umunwa	[ùmùnŋwà]
Nyw	[ɲŋw]/ [ŋw]	Aranywa	[àràŋwà]
Bw	[bg]	Ubwanwa	[ùbgàànwà]
Dw	[dgw]	Ruramudwinga	[rùrààmùdgiingà]

Rw	[rgw]	Kurwana	[kwùrgwàànà]
Gw	[gw]	Azagwa	[àzààgwà]
Pw	[pk ^h]	Kizacapwa	[kjàààtʃàpk ^h à]
Tw	[tkw]	Gutwara	[gwùtkwààrà]
Kw	[kw]	Kwendereza	[kwèèndèrèzà]
Vw	[vg]	Yahovwe	[jààhòòvge]
Zw	[zgw]	Azahazwa	[àzààhààzgwà]
Jw	[ʒgw]	Ikijwangajwanga	[ikjìʒgwààʒgwààngà]
Fw	[fk ^h]	Igufwa	[ìgwùfk ^h à]
Sw	[skw]	Ruswa	[rùskwà]
Shw	[ʃ<kw]	Kurushwa	[kwùrùʃ<kwà]
Shyw	[ʃ<kw]	Kubeshywa	[kwùʃèèʃ<kwà]
Hw	[hw]	Amahwa	[àmáhwà]
Mby	[mbgj]	Imbyino	[ìmbgjìnò]
Mpy	[mpkj]	Impyisi	[ìmpkjìsì]
Mvy	[mvgj]	Yarahomvye	[jàràhòòmvgjè]
Ndy	[ndgj]	Indyarya	[ìndgjààrgjà]
Nty	[ntkj]	Intyoza	[ìntkjòòzà]
Nsy	[nskj]	Insyo	[ìnskjò]
Njy	[ɲgj]	Injyo	[ìɲgjò]
nshy/ ncy	[nʃ<]/ [ɲkj]	Inshya/ Incyamuro [ìɲkjààmùrò]	[ìnʃ<à] [ìɲkjààmùrò]
Pfy	[pfkj]	Zakapfakapfye	[zààk ^h ààpfàk ^h ààpfkjè]
Mbw	[mbg]	Imbwa	[ìmbgà]
Mpw	[mpk ^h]/	Impwempwe	[ìmpk ^h èèmpk ^h è]
Mvw	[mvg]	Azumvwa	[àzùùmvgà]
Ndw	[ndgw]	Indwara	[ìndgwààrà]
Ntw	[ntkw]	Intwara	[ìntkwààrò]
Nzw	[nzgw]	Arakunzwe	[àràkwùùnzwè]
Nsw	[nskw]	Inswa	[ìnskwà]
Tsw	[tskw]	Arotswa	[àròòtskwà]
Ngw	[ɲgw]	Ingwe	[ìɲgwè]
Nkw	[ɲkw]	Inkwavu	[ìɲkwààvù]
Njw	[nʒgw]	Nyanjwenge	[ɲàànʒgwèèngè]
Nshw	[nʃkw]	Nshwekure	[nʃkwèèkwùùrè]

Cw	[tʃkw]	Icwende	[itʃkwèèndè]
Myw	[mʃw]	Kurumywa	[kwúrùmʃwà]
Byw	[bgyw]	Kuyobywa	[kwùjòbgywà]
Mbyw	[mbgyw]	Guhombywa	[gwùhwòòmbgywà]
Nshyw	[nʃkw]	Inshywa	[î nʃkwâ]

Umwitozo

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke.

Umwitozo n'ibisubizo

Andika amagambo akurikira mu nyandiko nyejwi :

- Inkwavu [iʃkwâàvù]
- Nyanjwenge [ʃààngwèèngè]
- Nshwekure [nʃkwèèkwùùrè]
- Icwende [itʃkwèèndè]
- Kurumywa [kwúrùmʃwà]

4.2.3. Umuvugo: Imiyoborere myiza

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 120)

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku umuvugo yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umuvugo yubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi agaragaza isesekaza.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu muvugo.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umuvugo.
- Kwitabira gusoma imivugo no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura isomo bagiye kwiga.

Urugero rw'ibibazo:

1. **Uri umuhanzi, ukaba ufite ikintu cyangwa umuntu ukunda wamukorera iki?** Namusingiza mu ndirimbo cyangwa mu muvugo.
2. **Vuga umuvugo uzi urata umuntu cyangwa ikintu.** Abanyeshuri bavuge imitwe y'imivugo itandukanye. Urugero: Nugururiye inyange

Umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umuvugo akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo muvugo **“Imiyoborere myiza”**.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko **“Imiyoborere myiza”** akabasaba kuwusoma bucece kandi bareba amagambo akomeye, nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

1. **Ni iki umuhanzi avuga muri uyu mwandiko?** Aravuga ibyishimo aterwa n'urwamubyaye.
2. **Ni iyihe nyungu iri mu miyoborere myiza?** Inyungu irimo ni ukwishyira ukizana mu Gihugu n'iterambere.
3. **Ni iki umuhanzi asaba uwo abwira?** Aramusaba kutiheza mu by'ahazaza.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye.

Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umuvugo yose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo, injyana n'isesekaza.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agezura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe.

Nyuma y'ikigikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka:

Inyunguramagambo:

Gusobanura amagambo akomeye

1. **Gusaaba:** Kuzura mu muntu by'ikintu kimutera ibyishimo cyangwa ububabare cyangwa kumutaha by'indwara; gukwirakwira ahantu hose kw'amazi, umunuko n'ibindi.
2. **Kuganza:** Gutsinda, gutera ubwoba, gutinywa, kubahwa kubera isumbwe urusha abandi.
3. **Gusubira ibwonko:** Kwibaza.
4. **Ubukombe:** Umugabo cyangwa imfizi bikuze kandi bihamye.
5. **Ubwehe:** Impamvu y'ibanze, intandaro y'ibyago; umutima wuje ubugwanabi; icyago kimbura ibintu.
6. **Kuzira ubwehe:** Kuzira akarengane.
7. **Kwema:** Guhagarara cyangwa kwicara umubyimba ugororotse.
8. **Indongozi:** Umuntu ujya imbere abandi akabayobora, ingenzi.
9. **Akandi:** Igihe gito k'ibura ry'ibiribwa.
10. **Gusemura:** Gucukura mu mpande wagura ukura ibikoro cyangwa amateke ahantu byeze cyane; gukura igitaka mu muferege; gusobanurira umuntu ibyo uwo badasangiye ururimi amubwiye.

Umwitozo w'inyunguramagambo:

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze, nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanonosora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. **Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo, ashobora guhindura intego: igihe cy'akanda;ubukombe, ubwehe, gusaaba.**
 - a) Imvura yaguye ari nyinshi amazi **asaaba** ibibaya.
 - b) Muhoza yatoye inka none ibyishimo **byamusabye**.
 - c) Kamandwa yapfushije abana be bose n'umugore none yabikurijeho **ubwehe** bwo gusara.
 - d) Ujya kwica **ubukombe** arabwagaza.
 - e) Ubusanzwe Nkurunziza ntanywa amarwa keretse mu **gihe cy'akanda**.
2. **Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri, ukoreshe amagambo ari mu muvugo:**
 - Kiriya gihugu gifite ubutegetsi **bw'igitugu**.(demokarasi)
 - Wa mugabo yaje **yikandagira**.(yisanga)
 - Abo bagabo ni ba bandi bashishikajwe no **kwisenyera** igihugu. (kwiubakira)
3. **Andika inyito z'amagambo yanditse mu mukara tsiri mu nteruro zikurikira.**
 - a) Karake yakoze mu **nganzo** atugezaho ibintu.

Inganzo:

- Ahantu ku butaka cyangwa hacukuye bakura amabuye y'agaciro nk'ubutare, itaka rinyuranye nk'ingwa n'umusenyi.
 - Ahantu umusizi cyangwa umwisi ajya kwiherera agahimba.
 - Ubuhimbyi buba mu mutwe w'umusizi cyangwa w'umwisi buma akomeza kubona amagambo meza.
- b) Uyu mugabo ahora avuga **imyato** ubudasiba.

Imyato:

- Interuro ivuga aho umuntu yagiriye akamaro, kimwe mu bice bigize ikivugo kirekire.
- Mu bumwe, umwato niintangamugabo yemeza ukuri umuntu avuga.

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Ni iki umuhanzi ashaka kuririmba u Rwanda?** Igituma umuhanzi ashaka kuririmba ni aje yisanga kandi agasanga u Rwanda rukwiye ijambo.
2. **Erekana inkomoko y'ubuhangange bw'Igihugu cy'u Rwanda, ukurikije uyu muhanzi?** Inkomoko y'ubuhangange bw'Igihugu cy'u Rwanda ni demokarasi.
3. **Ni iyihe mikarago igaragaza ko Abanyarwanda badakangwa n'inzara?** Imikarago igaragaza ko Abanyarwanda badakangwa n'inzara ni iyi ikurikira:

Nsanze u Rwanda rufite Imana,
Imari yisuka buri muni,
Tukanihaza no mu biribwa.
Igihe cy'akanda tukagicyaha

4. **Ni iki muhanzi avuga ko ari ingenzi kugira ngo Igihugu cyubakwe?** Umuhanzi avuga ko ik'ingenzi kugira ngo Igihugu cyubakwe ari umutekano.
5. **Ni izihe gahunda zituma Abanyarwanda baba ku isonga?** Gahunda zituma Abanyarwanda baba ku isonga ni gahunda yo kwihangira imirimo, korohereza ishoramari, iy'ubumwe n'ubwiyunge, iy'ubwisungane mu kwivuzza, iy'umuganda, iy'uburezi kuri bose, iyo kurwanya ruswa, iy'uburinganire n'ubwuzuzanye,...
6. **Ni iki kerekana ko ihohotera ryambuwe ijamba mu Rwanda?** Ikibyerekana ni uguca imanza nta kubogama, ikindi ni uburinganire n'ubwuzuzanye.
7. **Ni iki umuhanzi avuga ko gitoza uburere bwiza?** icyo avuga ko gitoza uburere bwiza ni Itorero ry'u Rwanda.
8. **Hari ibyo umuhanzi yerekana bigamije imibereho myiza ya buri muni. Ni ibihe?** Ibyo umuhanzi yerekana bigamije imibereho myiza ni amazi meza, uburezi kuri bose, ubuvuzi bushingiye ku bwisungane.
9. **Ukurikije umuhanzi, amatora akorwa ate kandi ni bande batorwa?** Ukurikije umuhanzi, amatora akorwa mu mucyo kandi hatorwa ubikwiye nta kimenyane.
10. **Muri uyu mwandiko, ni gute uburinganire bwahawe ijamba?** Muri uyu mwandiko, uburinganire bwahawe ijamba kuko na ba nyampinga bakora imirimo nka basaza babo.

Intera ya kabiri: Gusesengura umuvugo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 123

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura insanganyamatsiko iri muri uyu mwandiko.
- Gutahura ingingo z'ingenzi dusanga muri uyu muvugo.
- Gutahura inshoza n'uturango tw'umuvugo.
- Kugaragaza uturango tw'ikeshamvugo twakoreshejwe mu muvugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo n'igitabo cy'ubuvanganzo.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma baranguruye, umwumwe, umuvugo “Imiyoborere myiza” kugira ngo bawiyibutse.

Gusesengura

Bamaze gusoma, umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda anyuranye n'ayo bakoreyemo ubushize, akabasaba gusoma ibibazo byo gusesengura umuvugo biri mu gitabo cyabo ndetse no kubyandika ku kibaho kugira ngo n'abatumva niba bahari babisome.

Ingero z'ibibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko iri muri uyu mwandiko?
2. Erekena ingingo z'ingenzi dusanga muri uyu muvugo?
3. Garagaza tumwe mu turango tw'ikeshamvugo twakoreshejwe muri uyu muvugo.
4. Sobanura uturango tw'ikeshamvugo twakoreshejwe muri uyu muvugo utange n'urugero.

Mu matsinda yabo, abanyeshuri bungurana ibitekerezo kuri ibyo bibazo bari mu matsinda umwarimu agakurikirana imikorere yabo mu matsinda akanatanga ubufasha ku babumusabye. Abanyeshuri bagerageza kubishakira ibisubizo, mbere yo kubitangariza mu ruhame. Umwarimu anozza ibisubizo abanyeshuri batanga bikandikwa ku kibaho cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n' amashusho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Ingero z'ibisubizo bishoboka:

1. **Insanganyamatsiko nyamukuru:** Ni imiyoborere myiza.
2. **Ingingo z'ingenzi:**
 - Igitera umuhanzi kuririmba,
 - Gukunda umurimo: gushora imari no gukura amaboko mu mifuka,
 - Inama zikorwa hagati y'abayobozi n'abayoborwa zimakaza demukarasi,
 - Ubumwe n'ubwiyunge n'umuganda,
 - Kurwanya ruswa n'akarengane hagamijwe ubutabera n'uburinganire.
 - Inama tugirwa n'umuhanzi.
3. **Uturango tw'ikeshamvugo mu muvugo ibisobanuro n'ingero:**

Ikeshamvugo ryakoreshejwe mu muvugo “Imiyoborere myiza”

1. Injyana

Umuhanzi yakoresheje injyana ishingiyeye ku **Isubirajwi n’isubirajambo**.

a) Isubirajwi:

Ingero:

- Karame Rwaanda nje **nisaanga**,
- **Nsaanze** ukwiye biransaaba,
- Nkuvuge uko **uri ukuri kugaanze**,
- **Nsaanze** hose ukwiye **ijaambo**,
- Bituma **nshaaka** kukuririimba.

b) Isubirajambo: Ni igihe isubirajwi rigaruka mu ijambo bihuriye ku gicumbi kimwe n’iryaribanjirije cyangwa se ijambo rikagaruka uko ryakabaye.

Urugero:

- Karame Rwaanda nje **nisaanga**,
- **Nsaanze** ukwiye biransaaba,
- Nkuvuge uko **uri ukuri kugaanze**,
- **Nsaanze** hose ukwiye **ijaambo**,
- Bituma **nshaaka** kukuririimba.

2. Imizimizo: Imizimizini uburyo umusizi akoresha mu kuboneza imvugo ye atitaye ku byerekeranye no kuboneza amajwi cyangwa iyubakanteruro ahubwo agshishikazwa no guha inyito isanzwe indi ntera, urundi rwego rutuma ihinduka inyito yindi.

Hari uburyo bukoreshwa, ariko hari ubw’ingenzi

Igereranya: Ni ukugereranya ibintu bifite icyo bihuriyeho, ku buryo kimwe cyagufasha gusobanura ikindi ukoresheje uko bisangiye imisusire, imigenzereze n’umumaro. Aho igereranya ritaniye n’indi mizimizo ni uko rigira uturango: nka, boshye, kimwe na. Bashobora kugereranya ikintu kimwe n’ikindi cyangwa n’ibindi byinshi.

Urugero:

Bagaha umurimo n’Abanyarwanda
Inzara ikagenda **nka** nyomberi.

Ihwanisha: Ihwanisha risa no kugereranya ku rwego rwa kabiri, aho urenga ibyo kureba icyo ikigereranywa n'ikigereranyo bihuje, ugasa nubinganyisha kimwe kikaba cyafata umwanya w'ikindi cyangwa cyagihagararira.

Urugero:

Ruswa ni **umwanzi** w'amajyambere

Ari uyitanga n'uyihabwa,

Iyitirira:Rishingira ku gufata ikintu ukakitirira ikindi bitewe n'uko ubona bifitanye isano. Icyo gihe ijamba rifata umwanya w'irindi, rikagira inyito nshya kandi n'iyoyari risanganywe ritayitakaje. Gusa icyo gihe umuntu ashobora kuryitiranya n'ihwanisha ariko nubwo byenda gusa, bitandukanywa n'uko ihwanisha ryita ku bintu mboneshabwenge naho iyitirira rikita ku isano iri hagati y'ibintu mboneshwa maso. Iyitirira riri ukwinshi: hariho gufata agace kamwe k'ikintu, ukakitirira icyo kintu cyose, gufata ikintu cyabaye ukakitirira impamvu yacyo.

Urugero:

Kuko hari **ubuyobozi** bwiza

Buhora iteka buduha ijamba.

Hano **abayobozi** bahagarariwe ni ibyo bakora ari bwo **buyobozi**.

Ishushanya: iyo urebye usanga ari ryo rigize umutima wo gusiga kuko ari ryo rikoresha cyane. Ni uburyo bwo gusobanura cyangwa kwerekana ikintu wifashishije imvugo isa n'ica amarenga ukurikije uko icyo icyo usobanura giteye cyangwa se uko ukiumvisha.

Urugero:

Akesa imihigo bikamubera

Ari uwo musingi w'ubwo bukire

Wo **kwiubakira kino gihugu**.

Igihugu kirashushanywa n'inzu cyangwa ikindi kintu cyubakwa.

Itizabumuntu: Ni umuzimizo werekeye ahanini imigirire ifitanye isano cyane n'ishushanya. Bikaba ahanini bireba ibintu cyangwa ukuntu umusizi aha ishusho, imigenzereze, imyumvire nk'iy'umuntu.

Urugero:

Karame Rwanda nje nisanga,

Nsanze ukwiye biransaba,

Nkuvuge uko uri ukuri kuganze,

Ahangaha u Rwanda rurafatwa nk'umuntu.

Ikabya: Ni ukuvuga ibintu bigashoboka, bidashobora kubaho cyangwa gukurikiza ibiriho ibyo ukabivuga ubizi kandi ubishaka kugira ngo wumvikanishe ko ibyo uvuga biha intera ibisanzwe. Ikabya rituma ubwira yumva vuba akita ku byo bamubwira, kuko biba bitangaje, birenze ukwemera. Rikunze kugaragara cyane mu byivugo, mu mvugoshusho zo mu nkuru ndende n’ahandi.

Urugero:

Nsanze u Rwanda rufite Imana

Imari yisuka buri muni

Uturango tw’umuvugo

Dukurikije ibyo tumaze kubona, umuvugo urangwa n’interuro ngufi bita imikarago cyangwa intondeke. Iyo mikarago iba ifite injyana nk’iyo mu ndirimbo. Iyo mikarago kandi iba igabanyijemo ibika. Umuvugo kandi urangwa n’injyana y’isubirajwi n’isubirajambo n’andi makeshamvugo atandukanye nk’imibangikanyo, ihwanisha, iyitirira, igereranya,...Umuvugo urangwa na none no kuvuga ibigwi umuntu cyangwa ikintu ugitaka ariko udakoresheje amakabyankuru.

Intera ya gatatu: Guhanga umuvugo

Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 123

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Guhanga umuvugo yubahiriza ibiranga umuvugo.
- Kuvuga umuvugo atategwa agaragaza injyana n’isesekaza.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’ubuvanganzo n’imivugo inyuranye.

Imitangire y’isomo

Isubiramo

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umuvugo “Imiyoborere myiza” umwumwe, bubahiriza utwatuzo, iyitsa n’imbamutima.

Guhimba umuvugo

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda. Umwarimu agabanya insanganyamatsiko ziri mu bitabo byabo amatsinda. Bitewe n’umubare w’amatsinda,

amatsinda abiri cyangwa atatu ahimba ku nsanganyamatsiko imwe. Nubwo ariko bakora nk'amatsinda, buri mu nyeshuri mu itsinda rye ahimba umuvugo we. Kubera ko umwandiko utahimbwa mu gihe cy'amasomo ngo urangire cyangwa ngo uhimbwe neza, umwarimu abaha guhanga umuvugo nk'umukoro wo mu rugo.

Insanganyamatsiko yo guhimbaho umuvugo

Ukurikije ibyo wungutse, hanga umuvugo ku muco w'amahoro ugaragaza uko akamaro k'imyoborere myiza n'ingaruka zo kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Gukosora imivugo yose bizakorera mu ishuri noneho mu matsinda, buri tsinda rizafata imyandiko y'irindi tsinda hanyuma abagize itsinda bakosore buri muvugo bareba niba wubahirije uturango tw'umuvugo. Bazagerageza kujora buri muvugo bakurikije uburyo uhanze. Ibyo nibirangira buri tsinda rizahuriza hamwe ibyo ryajoye mu mivugo yose, ribikorere inshamake hanyuma umwe mu bagize itsinda abibwire abandi.

Umukoro: Kwiyungura imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'umutwe wa kane w'umuco w'amahoro. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko.

Urugero rw'imigani batanga:

- Urwanze gushira ruhinyuza intwari.
- Ukwanga atiretse agira ngo turwane.
- Intambara irasenyuka ntiyubaka.
- Ahari ubuhoro umuhoro urogosha.
- Ahatari umwaga uruhu rw'urukwavu rwisasira batatu.
- Urucira muka so rugatwara nyoko.
- Urugo ni urugendwa.
- Amata agira gitereka.
- Ahari ubuhoro umuhoro urogosha.
- Ahatari umwaga uruhu rw'urukwavu rwisasira batatu.
- Urucira muka so rugatwara nyoko.
- Urugo ni urugendwa.
- Abakinganye inyegamo ntibakingana ingabo.
- Tanga indi unayisobanure.
- Abatutira batongana batura ukubiri.
- Ababiri bajya inama baruta umunani urasana.
- Tanga indi unayisobanure.

4.2.4. Inshamake

Umunyeshuri asigaranye ko:

- Amakimbirane ari ibintu bigonganisha abantu babiri cyangwa benshi bikomotse ku bibazo cyangwa se ku mpamvu zinyuranye; ashobora kuvuka bitewe n'imiyo borere idahwitse, amacakubiri hagati y'imbaga y'abantu, imyumvire ya poritiki idahuye n'ibitekerezo by'abandi, kutizerana mu ngo cyangwa mu miryango. Ubunebwe, ubukene, ubujiji, inda nini na ruswa bishobora na byo kuba intandaro y'amakimbirane.
- Umuhuza mu gukemura amakimbirane agomba kumenya imiterere n'imvano nyakuri y'ayo makimbirane, iyo iki kirangiye ahuza abafitanye amakimbirane akabunga yubahiriza amategeko ariho, ibinaniranye bigashyikirizwa inzego zisumbuye zibifitiye ububasha. Igihe ufasha gukemura amakimbirane ugomba gukemura ibyo ukekera cyangwa uhamya umwe mu bahanganye. Ibi byatuma utumva neza uko ikibazo giteye ahubwo bikaba byatuma ikibazo k'ifatizo gikomera kurushaho. Umuhuza kandi agomba kwirinda kunegura no gufata ibintu uko atabibwiwe. Guhamya uruhande uru n'uru icyaha cyangwa se kurweza ntabwo bitanga igisubizo cyari kitezwe. Umuntu agomba gukora iyo bwabaga akabyirinda. Kwihangana no kwigomwa, kuba afitiwe ikizere n'impande zishyamiranye kimwe no kumenya kugena igihe gihagije kandi kitarambiranye biri mu biranga imyitwarire y'ukemura amakimbirane.
- Demukarasi y'Igihugu kigendera ku mategeko igaragarira mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo amategeko ateganya. Amakimbirane agira ingaruka ku mibereho y'abaturage no ku bukungu bw'akarere. Abaturage
- bahora mu makimbirane ntibagira igihe cyo gukorera ingo zabo n'Igihugu. Mu miyoborere myiza bisaba kuzuzanya hagibwa inama ku bigomba gukorwa n'ababifitemo uruhare, abantu bagakorera mu mucyo hashimangirwa ubumwe, uburinganire n'ubwuzuzanye mu mibereho y'abagize umuryango. Umuyobozi wakira neza abaturage, akabatega amatwi yicishije bugufi, agakemura ibibazo atabogambye agakurikiza amategeko; uwo muyobozi uzasanga yubahwa kandi agace aherereyemo gatera imbere.
- Ubuyobozi bwiza buha abaturage uruhare mu buyobozi, gukorera mu mucyo, kumenyekanisha no kwisobanura ku byo ushinzwe gukora, kugira ubuyobozi buri wese yibonamo, kubaha igitekerezo cy'undi, guharanira ubwigenge mu bwuzuzanye hagati y'inzego z'ubutegetsu, kumenya kugira abandi inama kimwe no kutabogama, ukita ku nyungu rusange byinjira mu mahame y'ingenzi y'imiyo borere myiza.....

- Igihekane ni ijwi ry'inyunge ryandikishwa inyuguti ebyiri cyangwa nyinshi. Niba G ari ingombajwi, N ikaba ari inyerera, mu kinyarwanda amajwi y'ibihokane ashobora guhekana kuri ubu buryo: G.G.: ingombajwi + ingombajwi; G.N.: ingombajwi + inyerera; G.G.N.: ingombajwi + ingombajwi + inyerera; G.G.N.N.: ingombajwi + ingombajwi + inyerera + inyerera; G.N.N.: ingombajwi + inyerera + inyerera.
- Hari ibigomba kwitabwaho mu nyandiko nyejwi: amagambo yose bayafatanije kandi batagabanya ibimenyetso. Ibyo bandika byose bikajya hagati y'udusodeko []; bandika amajwi yose yumvikana iyo bayavuze. Bandika bashyiraho amasaku y'integuza ndetse n'amasaku nyesi.

Imyitozo

Umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo kwandika amagambo mu nyandiko nyejwi kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke mere yo gutangira interuro mu nyandiko nyejwi. Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke.

Umwitozo n'ibisubizo

Andika amagambo akurikira mu nyandiko nyejwi:

- Impagarara [imp^hagàrārà]
- Ingusho [ingwùùfò]
- Inkatakurekera [ink^hàtààzàkwùrèkyèrà]
- Umutware [ùmùtkwàârè]
- Urwango [úrgwâàngwò]
- Winsyonyora [wînskyôò^Nòrà]
- Kunnyega [kwun^Nèègà]
- Intyoza [int^hjòòzà]
- Incyamuro [ink^hyaàmùrò]
- Inshyomotsi [in^f<òòmòòtsi];
- Intambara [int^hààmbàrà]
- Gupyinagaza [gwùpkyìnàgàzà]

4.2.5. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange risoza umutwe wa kane

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 124

Ibigererwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko yasomye.
- Ubushobozi bwo guhanga umwandiko uhujye uturango n'uko yasesenguye kandi urimo ibitekerezo byunguruzanya.

- Ubushobozi bwo gusesengura umuvugo.
- Ubushobozi bwo guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo.
- Ubushobozi bwo kwandika amagambo arimo ibihekanane mu nyandiko nyejwi.

Uyu mwitozo ukorwa n’umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.


Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko

Inyunguramagambo

1. Tanga ibisobanuro by’ amagambo akurikira:

- (i) **Ubwitabire:** uburyo abantu baje mu nama baba bangana.
- (ii) **Urubanza:** umwanya wo kuvuga.
- (iii) **Ba Rugwirorusa:** abakira neza abaje babagana.
- (iv) **Iteme:** ubusanzwe bisobanura ikiraro ariko mu mwandiko birasobanura inzira ihuza abantu.
- (v) **Bagafatana urunana:** bagakorera hamwe
- (vi) **Kwimakaza:** gushimangira, guteza imbere.
- (vii) **Aza yikandagira:** aza atabishaka kubera ko ari bwakirwe nabi.
- (viii) **Kubunza imitima:** kwibaza byinshi.
- (ix) **Abamushyize ku ntebe:** abamutoye bakamugira umuyobozi.
- (x) **Utema ishami ry’igiti yicayeho:** kwikura aho wari uri mu mwanya w’ubuyobozi cyangwa w’akazi runaka.
- (xi) **Indagizo:** ikintu baguha bagutije atari ukugira ngo ugitware burundu, ubuyobozi.
- (xii) **Rubakuraho ikizere:** rubaka ubuyobozi.

2. Soma, uhuze ijambo rivuye mu mwandiko n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.



3. Sobanura icyo iyi mvugo ishaka kuvuga: umukobwa aba umwe agatukisha bose. Bishaka kuvuga ko umuntu umwe cyangwa abantu bake mu itsinda rya benshi bashobora gukora ikintu kikitirirwa itsinda ryose kandi abenshi batagikora.

Ibibazo byo kumva umwandiko

Ibibazo n'ibisubizo:

- (i) **Uyu mwandiko ni bwoko ki? Ugamije iki?** Uyu mwandiko ni ikiganiro mbwirwaruhame. Ugamije kudasobanurira imiyoboree myiza n'uburyo bwo kwakira neza abaje batugana.
- (ii) **Kuki utanga ikiganiro yatumijwe?** Ni uko muri akao karere byavugwaga ko abayobozi batakira neza abaje babagana.
- (iii) **Garagaza uko uyoboye ikiganiro asobanura imiyoborere myiza muri rusange?** Imiyoborere myiza ni uburyo buboneye bwo guhuza abayobozi n'abayoborwa, buri wese akagira kandi akamenya uburenganzira bwe n'inshingano ze. Imiyoborere yimakaza ubuyobozi bwiza, ukuzuzanya mu bitekerezo kw'abayobora n'abayoborwa bigamije iterambere ry'Igihugu ngiyo imiyoborere myiza muri rusange.
- (iv) **Ni ayahe mahame y'imiyoborere myiza avugwa mu mwandiko?** Guha abaturage uruhare mu buyobozi, gukorera mu mucyo, kumenyekanisha no kwisobanura ku byo ushinzwe gukora, kugira ubuyobozi buri wese yibonamo, kubaha igitekerezo cy'undi, guharanira ubwigenge mu bwuzuzanye hagati y'inzego z'ubutegetsi, kumenya kugira abandi inama kimwe no kutabogama, ukita ku nyungu rusange byinjira mu mahame y'ingenzi y'imiyoborere myiza.

- (v) **Vugwa uburyo bwo kwakira neza abatugana buvugwa mu mwandiko.** Umuyobozi agomba kwakira neza abaturage, akabatega amatwi yicishije bugufi, agakemura ibibazo atabogamye agakurikiza amategeko.
- (vi) **Ni ibiki tubwirwa mu mwandiko biranga umuyobozi mwiza?** Gutanga ikaze, kwakira neza abaje bamugana, gusobanura ibyo ashinzwe gukora,...
- (vii) **Vuga ibigaragaza umuyobozi utakira neza abaje bamugana byavuzwe mu mwandiko.** Kwicara mu biro avugira kuri terefone ibijyanye n'inyungu ze bwite abaturage bamutegerereje ku muryango. Guca ku baturage baje bamugana atababajije ikibagenza ngo abakemurire ibibazo. Gusohoka mu biro agaca ku baturage bamutegerereje hanze atabashuhuje akurira imodoka ye akagenda,...
- (viii) **Ni iyihe nama uyoboye ikiganiro asoza atugira?** Ni ukurangwa n'umuco wo gusuhuza abaje batugana, tukabaha ikaze, tuakabakemurira ibibazo.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura umwandiko

Ibibazo

- (i) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
- (ii) Sobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.
- (iii) Rondora amagambo akoreshwa mu kwakira neza abakugana ari mu mwandiko n'andi waba uzi.
- (iv) Ni iki wungukiye muri iki kiganiro mbwirwaruhame?

Ibisubizo

- (i) **Insanganyamatsiko nyamukuru:** Uburyo bw'imiyoborere myiza
- (ii) **Bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko:**
 Uburyo bwo kwitorera abayoboi.
 Gusobanurira abo uyobora ibyo ukora.
 Umuco wo gusuhuza abatugana.
 Umuco wo kwakira neza abakugana.
- (iii) **Amwe mu magambo akoreshwa mu kwakira neza abatugana:** Muraho, murakaza neza murisanga, tubafashe iki?...
- (iv) **Icyo yungutse mu kiganiro:** Aha abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye ariko umwarimu abafasha kubinonosora hakagaragazwa ko isomo nyamukuru muri icyo kiganiro ari "guhanganira ubuyobozi bwiza no kwakira neza abatugana."

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kwandika mu nyandiko nyejwi.

1. Andika ibi bihekane mu nyandiko nyejwi:

- (i) Ndy[**ndgj**]
- (ii) Nkw[**ŋkw**]
- (iii) Ngw[**ngw**]

2. Andika izi nteruro mu nyandiko isanzwe uzikuye mu nyandiko nyejwi:

- (i) [nthàârûtàâmbûrîrîmfûûfà] Ntarutamburira imfusha.
- (ii) [înrÿyâàrgÿyîhîmÿnâîînrÿyââmrîzî] Indyarya ihimwa n'indyamirizi.
- (iii) [ûmÿnâânàmùrîzînthâàkwùûrgwùrûtôzî] Umwana murizi ntakurwa urutozi.

3. Andika izi nteruro mu nyandiko nyejwi:

- (i) Uwiba ahese aba abwiriza uwo mu mugongo.
- (ii) Urugo ni urugendwa.
- (iii) Aho umwaga utari uruhu rw'urukwavu rwisasira batatu.

Ibisubizo:

- [ûwîîßâhâhêètsàßâbgîrîzâ]
- [ûrûgwônùûrûgyêènrÿwâ]
- [âhûmÿnââgwût^hârûhûrgwùrûkwââvùrgwîsîrâßâ^htù]

III. Gusuzuma ubushobozi bwo guhimba umwandiko: Hitamo kimwe

1. Andika ku nsanganyamatsiko ikurikira uyiramburemo umwandiko utarengeje amagambo maganane.
2. Hari uburyo bwo kwakira abatugana haba mu buyobozi cyangwa mu mirimo yacu ya buri muni. Garagaza uko wakwakira neza abakugana, werekane ibyiza n'inzitizi n'ibyiza wahura na zo.
3. Hanga umuvugo ku byerekeye ku kwita ku kubana neza n'abandi mu rwego rw'imiyoborere myiza.
4. Hanga umwandiko ku miyoborere myiza ikwiye kugaragara mu Rwanda.

Aha umwarimu arareba niba umunyeshuri yubahirije uturango tw'umwandiko yahanze kandi ko ingingo zijyanye n'imiyoborere myiza yasabwaga gukomoza zigararamo.

4.2.6. Imyitozo nsindagirabushobozi

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.

Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo si yo kamara, umwarimu ashobora no gutegura indi yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitozo yabaha:

Ku bagaragaje ubushobozi buke mu kumva no gusesengura umwandiko, umwarimu ababaza ibindi bibazo yihitiyemo byimbitse bijyanye n'insanganyamatsiko y'imiyoborere myiza.

Ku bagaragaje ubushobozi buke mu gusesengura no guhanga umuvugo, umwarimu abasabo kongera guhanga umuvugo ku nsanganyamastiko abahitiyemo akongera kureba niba bubahirije uturango tw'umuvugo.

Ku bagaragaje ubushobozi buke mu kibonezamvugo, umwarimu abaha andi magambo anyuranye akabasaba kuyandika mu nyandiko nyejwi.

Urugero rw'amagambo yabaha:

- a) Imyigire[im^ɔiigjirè]
- b) Abanyeshuri [àβà^ɔèèfùûri]
- c) Imyitwarire[im^ɔiitkwààrirè]
- d) Ibihingwa[iβihìingwà]
- e) Umwitsi [ûmɲòòtsi]
- f) Abantu[aβaanthu]
- g) Ibyuka[ibgjuúkà]
- h) Urugaryi[ùrùgârgjì]
- i) Utumba[itûûmbâ]

5

Kubungabunga ibidukikije

Umubare w'amasomo: 21

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umwandiko no guhanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko z'ibidukikije.
- Kwandika interuro mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo.

5.1. Umwandiko: Ibidukikije, inkingi y'ubuzima

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 128

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kugaragaza ibyangiza ikirere bigatera imihindagurikire y'ibihe bigaragara mu mwandiko.
- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gushishikarira no gushishikariza kubungabunga ibidukikije.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo:

- 1. Ni iki mubona kuri iri shusho?** Inyubako z'uruganda rucunshumura ibyotsi bigatumbagira mu kirere.
- 2. Murabona iki iruhande rw'uru ruganda?** Iruhande rw'uru ruganda haciye umugezi munini bigaragara ko imyanda yose yo muri uru ruganda bayisuka mu mugezi.
- 3. Ese murabona iki muri uwo mugezi?** Amafifi aba muri uyu mugezi amwe arareremba hejuru aze nk'ayapfuye.
- 4. Ni ibihe bikorwa bindi bigaragara byangiza ibidukikije?** Abatwitsi b'amakara batangiyeye gutema ishyamba. Mu ntangiro y'ishyamba haragaragara inkongi y'umuriro, uwitwa rutwitsi arahunga arenze mu y'umusozo uruganda rwubatseho.
- 5. Uretse inganda na ba rutwitsi, ni ibiki bindi byangiza ibidukikije cyane cyane ikirere?** Ibindi bishobora kwangiza ikirere n'ibyotsi iva mu binyabiziga.

Usibye aya mashusho yo mu mwandiko, umwarimu ashobora gukoresha firime yerekeye ihumana ry'ibidukikije tubona ku butaka n'iry'ikirere maze akayiheraho, akabaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Ibidukikije, inkingi y'ubuzima" akabasaba kuwusoma bucece, banandika amagambo akomeye. Nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- 1. Ni izihe mpamvu zituma abantu bangiza ibidukikije?** Abantu bangiza ibidukikije kubera iterambere.
- 2. Ukurikije umwandiko, ni iki gitera icyangirika ry'ikirere?** Ikiritera ni imyotsi iva mu nganda, mu mashyamba atemwa agatwikwa, n'ibyotsi biva mu binyabiga ndetse no mu mato ndetse no mu bitwaro bya kirimbuze,...

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandira bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo n'isesekaza. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'amatsinda uhari.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe. Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka.

Inyunguramagambo:

Gusobanura amagambo akomeye

1. **Umutungo kamere:** Iteraniro ry'ibintu umuntu atunze bituruka mu byo abantu basanze ku isi kandi bakenera buri muni. Urugero: amazi, amabuye y'agaciro, ibimera, umwuka,...
2. **Kujundika ubumara:** Kujundika ni kuba ufite ikintu mu kanwa; ubumara ni uburozi basiga ku kintu ntibuhagarike. Uburozi bubuza muri kamere y'ibisimba bimwe na bimwe bwica cyangwa bigwangaza uwo birumye. Kujundika ubumara: kugira ikintu kica.
3. **Guhumanya:** Gutera indwara, kwanduza indwara.
4. **Akangaratete:** Akaga; ibibazo bikomeye.
5. **Kurumba:** Kutera k'umurima, iyo bavuga igihingwa, kutera na mba cyangwa kutera uko byari byitezwe; kutagira akamaro abantu bari bagutezeho.
6. **Imirase:** Imyambi y'izuba; amaraso yipfundika mu biranga by'inyamaswa baragura, uruguma rwasamye, umususirane w'ijuru ukunda kuza izuba rirenze.
7. **Ingamba:** Ibyemezo bifatika kandi bihamye.
8. **Gutera ingamba:** Kujya ku mirongo by'intore.
9. **Kwasa ingamba:** Gukora imirongo myinshi by'intore zishwanyaguje iyo zari ziriho.
10. **Gusatira:** Kuba hafi y'uwo ushaka.
11. **Gusugira:** Kujya kera k'umuntu cyangwa ikintu cyangwa inyamaswa.
12. **Uruganda:** Inzu cyangwa ahantu umucuzi akorera umwuga we, ahantu bakorera ibintu byagenewe gucuruzwa.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze, nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanonosora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

- 1. Andika imigani yakoreshejwemo amagambo akurikira ari mu mwandiko: kurumba, uruganda.**
 - a) Jya ubagarira yose, ntuzi irizera n'irizarumba. / Uwarumbije umugore ntasarura abana.
 - b) Amacumu y'inda ntawuyasibiza mu ruganda.
- 2. Uzurisha iri jambo riri mu mwandiko iyi nteruro:**Uwo ukunda umwifuriza gusugira no gusagamba.
- 3. Simbuza amagambo ryanditse mu mukara tsiri impuzanyito yayo iri mu mwandiko.**
 - a) Twabonye imyambi y'izuba tumenya ko bukeye. (imirasire y'izuba)
 - b) Ejo nzajya mu nzu (ahantu) bacuriramo kugura inshenyi. (mu ruganda)

Gusubiza ibibazo ku mwandiko

- 1. Garagaza akamaro k'ibimera.** Ibimera bifite akamaro kanini mu buzima bw'abantu ndetse n'inyamaswa kuko biyungurura umwuka duhumeka. Amashyamba atuma imvura igwa, atuma duhumeka umwuka mwiza kandi birwanya n'isuri bikanadutunga.
- 2. Andika ibintu byangiza ikirere.** Ibitwara byabo bya kirimbuji bijunditse ubumara, imyanda ivuye mu nganda ijugunywa mu mazi cyangwa mu kirere kubera ibyotsi biva muri izo nganda n'ibyotsi biva mu binyabiziga.
- 3. Ba rutwitsi ubavugaho iki?** Aba ba rutwitsi bangiza ibimera biyungurura umwuka duhumekakandi bashobora no gutuma isi dutuye ihinduka ubutayu. Ikindi bangiza ubuturo bw'inyamaswa, zimwe zikahasiga ubuzima maze tugahomba amadovize.
- 4. Ni irihe sano rigaragara hagati yo kwandura kw'ikirere n'umwuka?** Kwandura kw'ikirere bijyana no kwandura k'umwuka kubera ko umwuka ugira uruhare mu kugena ibihe by'imvura n'izuba, urumuri, ubushyuhe cyangwa ubukonje bikaboneka mu rugero rushimishije, umwuka wanduye, uhumanye, utuma ibihe bigenda bihindagurika, imyaka ikarumba, izuba rigacana imisozi ikaka, ibimera n'amashyamba bikaba umuyonga, abantu, inyamaswa n'amatungo bikahazaharira.

5. **Hari icyo ubutegetsu bw'Igihugu bwakoze mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije?** Sobanura neza igisubizo cyawe. Abayobozi b'Igihugu bashyizweho ikigo k'Igihugu gishinzwe kubungabunga kitwa « REMA ». Abantu benshi basobanuriwe akamaro k'ibidukikije hakoreshejwe abajyanama b'ubuzima, bafatanyije n'abashinzwe gufata neza ubutaka, imiturire no kurengera ibidukikije. Ubuyobozi bwashyizeho uburyo ubuziranenge bw'ibinyabiziga.
6. **Buri wese mu batuye iyi si arasabwa iki?** Tanga ingingo nibura eshatu. Buri wese arasabwa guhagurukira kubungabunga ibidukikije. Yabikora yamagana ba rutwitsi, atera ibiti kandi akabirinda, buri wese yaharanira ko inganda n'ibinyaziga bitahumanya ikirere.

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 130

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Kugaragaza isomo rikubiye mu mwandiko.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashishikarira kubungabunga ibidukikije no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo bivugwa ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije cyangwa imbuga za interineti.

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) **Umwandiko twize ubushize wavugaga kuki?** Ubushize twize umwandiko uvugwa ku kuntu ibidukikije ari inkingi y'ubuzima.
- b) **Ibidukikije bivugwa muri uwo mwandiko ni ibihe?** Amashyamba, imigezi, inganda n'ibinyabiziga, ...
- c) **Ni izihe ngaruka z'imyotsi isohoka mu nganda no mu binyabiziga?** Ingaruka ni nyinshi, zirimo kuba bishobora gutuma ikirere gihinduka; ibihe bigahinduka. Bityo bigatera amapfa n'imyuzure, ubutayu n'imdwara zikaze nka kanseri.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no

kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko, akabasaba no kubyandika ku kibaho kugira ngo haramutse harimo abatumva babisome. Nyuma y'icyo gikorwa abasaba kugerageza kubyunguranaho ibitekerezo bari mu matsinda.

Urugero rw'ibibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko?
3. Erekanaga isomo wungukiye muri uyu mwandiko?
4. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko, erekana ubwoko bwawo unabisobanure. Wutandukanye n'umwandiko mvugamiterere wize mu mwaka wa kane.

Umwarimu azenzura imikoranye y'abanyeshuri mu matsinda. Iyo barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abasaba kumurika ibyo bakoreye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, abanyeshuri bafashwa n'umwarimu kunonosora ibisubizo byatanzwe maze bakabona ibisubizo bikwiye bandika ku mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo bikwiye:

1. Insanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko:

Insanganyamatsiko ni ibyangiza ikirere n'imihindagurikiye y'ibihe.

2. Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko:

- Inkomoko yo kwangirika kw'ikirere;
- Ingaruka ziterwa n'iyangizwa ry'ibidukikije;
- Ukuntu iterambere rituma ikirere gihumana bigatera akaga;
- Ingamba leta y'u Rwanda yafashe zo kwita ku bidukikije.

3. Isomo ryo mu mwandiko:

Isomo riboneka muri uyu mwandiko ni iryo kurinda no gufata neza ibidukikije kugira ngo umwuka wacu usugire unasagambe.

4. Ubwoko bw'umwandiko:

Uyu mwandiko urangwa no kuba utanga ubumenyi ku byangiza ikirere. Ni umwandiko nsesengurabumenyi. Aho utaniye n'umwandiko mvugamiterere ni uko umwandiko nsesengurabumenyi uba ugambiriye kwigisha no gutanga ubumenyi. Wibanda ku mibare, ugaharanira gutanga ibisobanuro nyurabwenge uhereye ku

bipimo n'ibigereranyo by'imibare. Bene iyi myandiko uzasanga ari ya yindi ivuga nk'imiterere ya SIDA, uko ihagaze mu bihugu bigikennye, ingano y'abantu imaze guhitana n'ingamba zo kuyihashya cyangwa se ari ya yindi igaragaza ibipimo by'aho ubukene bugeze burwanya, ibikorwa by'iterambere byateguriwe abagikennye n'ingamba zo guca burundu ubwo bukene. Naho umwandiko mvugamiterere wo ni umwandiko uvuga imiterere y'ikintu, ukaba ugambiriye gutanga ishusho yacyo. Nyiri ugukora uwo mwandiko yivugira ibintu uko abibona. Ashobora kuvuga ibyiza aho abandi babona ibibi, cyangwa akabona ko icyo abandi bita kiza kuri we ari inenge. Nta wamubaza kwisobanura ku gitekerezo ke. Bene iyi myandiko ikunze.

Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 131

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane, kandi avuga ahawe ijambo.
- Gutinyuka kuvugira mu ruhamwe adategwa.
- Nyuma y'iri somo umunyeshuri azaba agaragaza imyitwarire yo gushishikariza abandi kwita no kurengera ibidukikije barwanya ihumana ry'ikirere.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo n'inyandiko zafasha mu gusobanura ihumana ry'ikirere.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

1. **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Twize ko ibidukikije ari inkingi y'ubuzima.
 2. **Ni ki wasigaranye muri iryo somo?** Nasigaranye ko ngomba gufata neza ibidukikije birimo amashyamba, amazi n'ibishanga, ngombwa kandi kurwanya iyangirika ry'ikirere rikomoka ku myotsi inyuranye. (Aha abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye bakurikije icyo basigaranye mu byo bari bize).
 3. **Kubera iki ngomba gufata neza ibidukikije?** Ni uko ibidukikije ari inkingi y'ubuzima bw'abantu bwa buri munsu, abantu b'ikigihe ndetse n'abazaza. (Aha na ho ibisubizo biba byinshi kuko umwarimu abaza abanyeshuri batandukanye).
- Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku bijyanye n'ihumana ry'ikirere akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari ibibazo byo kunguranaho ibitekerezo.

Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu bitabo byabo. Uwo mwitozo bawusoma n'ijwi riranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona babashe kuwumva.

Umwarimu abasaba kuwandika ku kibaho kugira ngo n'abatwumva niba barimo bawusome.

Umwitozo:

1. *Uratekereza ko ari iyihe mpamvu u Rwanda rwita cyane ku mashyamba, amazi n'ibishanga, inganda n'ibinyabiziga?*
2. *Ikibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage gihurira he no kwangirika kw'ibidukikije (amashyamba, amazi, ikirere n'ubutaka).*

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu bitabo byabo. Uwo mwitozo bawusomamu ijwi riranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona babashe kuwumva bakanawandika ku kibaho. Uyu mwitozo ukorerwa mu itsinda ry'ishuri ryose. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo uyobora ikiganiro n'umwaditsi w'ibitekerezo. Mbere yo gutangira ikiganiro babanza kwibukiranya uko ikiganiro nyunguranabitekerezo gikorwa. Bayobowe n'umuyobozi w'ikiganiro, buri munyeshuri agenda avuga igitekerezo ke, umwanditsi akacyandika, nyuma bakaza kujonjoramo ibitekerezo bikwiye, bakabinononsora bafatanije na mwarimu, bikandikwa ku kibaho.

Urugero rw'ingingo zishobora kugaragara mu bitekerezo byafatwaho umwanzuro:

U Rwanda rwita cyane ku mashyamba, amazi, ibishanga, inganda n'ibinyabiziga kubera ko:

- Amashyamba ayungurura umwuka, bityo ikirere n'ibindi binyabuzima bigasagamba, ubuzima bwiza bukaboneka, umwuka mwiza uraboneka,
- Ubukungu buriyongera amadovize akinjira azanywe na ba mukerarugendo, u Rwanda rubyitaho kubera ko amazi n'ikirere ari inzira z'ibicuruzwa binyuranye.
- Ni isoko y'ibikoresho bitandukanye.
- Iyo ibishanga bifashwe neza haboneka ubuzima bwiza kuko ari byo bigega by'amazi akomokaho n'umuriro w'amashanyarazi ava ku migezi hirya no hino mu gihugu, bityo ibiti na peterori byagombaga gucanwa ntibikorweho maze umwuka ukarindwa.
- Iyo ikirere kidahumanye n'ibishanga birinzwe neza hera imyaka myinshi, inzara ikarimbuka burundu, umukamo ukaboneka kandi uhagije, bitewe n'uko ibimera bihari kandi bidahumanye,...
- Inganda zihutisha iterambere naho ibiyabiziga bigateza imbere itumanaho.

- Ikibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage gihurira he no kwangirika kw'ibidukikije, inkingi y'ubuzima (amashyamba, amazi, ikirere n'ubutaka,...)
- Iyo abaturage biyongereye hakenerwa ibicanwa byinshi bigatuma amashyamba atemwa cyane ku buryo hadafashwe ingamba Igihugu cyaba ubutayu.
- Umwuka duhumeka ubura ikiwuyungurura maze indwara n'ibiza bikibasira isi.
- Iyo kandi abaturage biyongereye, aho gutura hashobora kubura maze abaturage bakigabiza gutura mu mashyamba no mu bishanga, amashyamba agacika kandi ibinyabuzima bibamo na byo bigacika. Bityo urusobe rw'ibinyabuzima rugahungabana n'ikirere kingangika.
- Iyo kandi abaturage biyongereye bakenera ibibatunga; bagashinga inganda, bagakoresha n'ibimodoka byose bitujuje ubuziranenge bikaba byahumanya ikirere n'ibindi.

Intera ya kane: Umukoro wo guhanga

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 131

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije, umunyeshuri arashobora:

- Hanga umwandiko nsesengurabumenyi, ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije.
- Gukurikiranya neza ibitekerezo yandika.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo n'inyandiko zafasha mu gusobanura ihumana ry'ikirere.

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ikibazo yabaza: Ni irihe somo duheruka kwiga? Twize ko ibidukikije ari inkingi y'ubuzima.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma insanganyamatsiko igaragara mu bitabo byabo. Uwo mwitoto bawusomera mu matsinda n'ijwi riranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona babashe kuwumva. Abasaba no kuwandika ku kibaho kugira ngo nihaba hari abatamva neza na bo bawusome.

Umwitoto:

Hanga umwandiko nsesengurabumenyi, ku mapaji abiri, ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije wihitiyemo

Kubera ko uwo mwitozo ugizwe n'insanganyamatsiko imwe, abanyeshuri bazakora maze mu gihe yagennye, abasabe kumurika imyandiko yabo.

Bayobowe n'uhagarariye itsinda, buri munyeshuri agenda avuga igitekerezo ke, umwanditsi akacyandika, nyuma bakaza kujonjoramo ingingo zikwiye, bakazinonosora, zikandikwamo umwandiko w'indondore ukaba ari wo umwanditsi aza kujya kuvugira imbere y'abandi.

Mu gihe bakora uwo mwitozo, mwarimu aba agendagenda kugira ngo agenzure uko bikorwa n'uko bafatanya, akanatanga ubufasha aho biri ngombwa. Iyo amatsinda amaze kurangiza kuvuga ibihangano byayo, abanyeshuri bafatanya n'umwarimu kungurana ibitekerezo ku mwandiko wakwandikwa ku kibaho kugira ngo abanyeshuri bawandike mu makayi yabo. Hari n'igihe bahitamo kuwandiko bakawushyira ku rukuta rw'ishuri, bamaze gukosora imyandikire n'imvugo yakoreshejwe.

Dore urugero rw'insanganyamatsiko bahitamo n'urugero rw'ingingo z'ibyava mu matsinda: “Ibidukikije ni byo buzima, nibubungabungwe.”

Urugero rw'ingingo zagaragaramo:

- Ibidukikije icyo ari cyo.
- Ingamba zo kubibungabunga.
- Ibintu, ibikorwa bibyangiza binyuranye.
- Impamvu ibidukikije bigomba kwitabwaho.

5.2. Kwandika interuro mu nyandiko nyejwi

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 131

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura uburyo bwo kwandika interuro mu nyandiko nyejwi.
- Kwandika interuro mu nyandiko nyejwi.
- Gushishikarira kwandika interuro mu nyandiko nyejwi no kubitinyura abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo n'inyandiko zafasha mu gusobanura ihumana ry'ikirere.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro zivuye mu mwandiko ababasaba kuzitegereza no kugerageza kuzisoma bumva amajwi yazo.

Isesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda atarengeje abanyeshuri batandatu, akabasaba gukora ubushakashatsi ku myandikire y'interuro mu nyandiko nyejwi. Kugira ngo bakore umurimo wimbitse abaha ikibazo kibayobora mu bushakashatsi bwabo abarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha mu nzu y'isomero akabaha igihe cyo kubikora.

Urugero rw'ikibazo yabaha:

Bandika bate interuro mu nyandiko nyejwi? Mutange ingero z'interuro zanditse mu nyandiko nyejwi.

Iyo igihe yabahaye kigeze asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo ku myandikire y'interuro mu nyandiko nyejwi agafatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Uko bandika interuro mu nyandiko nyejwi

Iyo bandika interuro mu nyandiko nyejwi bandika amagambo yose bayafatanyije kandi ntibagabanye ibimenyetso ni ukuvuga ko amasaku nyesi, amasaku nyejuru, ay'integuza (uretse ku rwunge nyesi nyejuru: ahari ubutinde inyajwi ya kabiri ari yo ifite isaku nyejuru) n'ubutinde byose biragaragazwa, hakandikwa bya bimenyetso byose bihagarariye inyajwi, inyera, ingombajwi zoroheje n'iz'inyunge (ibihekane) nk'uko byagaragajwe mu mutwe ubanza. Ni ukuvuga ko handikwa amajwi yose yumvikana iyo umuntu avuze. Interuro yose igashyirwa hagati y'udusodeko []. Kubera ko amagambo yandikwa afatanijwe hari igihe ijamba rituma kuriribanziriza haza isaku ry'integuza bitewe n'inyajwi ibanziriza iririkurikiye iba yaburijwemo.

Urugero

[ûkwâmâgyââmbèràgyèèndâyîiyònyèèrànikwîkyîitkwùmûtûngwòk^hàmèrê tkwââsigiyîwênââkâwû
ràâmbèrèbat[ûgyèèndûkwòrèè]kwârîmîjênârîmîjènèèzâkyâângwânâââîhîrèèngâgyîÿgwââvûkwûk
wôbgîÿÿênûkwôâûkyèèyè]

Uko amajyambere agenda yiyongera ni ko ikitwa umutungo kamere twasigiwe n'abakurambere bacu ugenda ukoreshwa rimwe na rimwe neza cyangwa nabi hirengagijwe abavuka uko bwije n'uko bukeye.

Umwitoto

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitoto wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo

1. Andika iyi nteruro mu nyandiko nyejwi

Mu bibangamira ibidukikije twavuga nk'ibyangiza ikirere bigatera imihindagurikire y'ibihe.

[mùsîsîâàngàmîrîsîdúkîîkîjîzètkwààvùgânkhîbjààngjîîzîkîjîîrêêrêîsîgàth èèrîmîhîîndàgwùrîkîjîrêjîsîhè]

2. Andika interuro zikurikira mu nyandiko nyejwi

- Ntarutamburira imfusha. [nthààrûtaambûrîrîmfûûfà]
- Indyarya ihimwa n'indyamirizi. [înrîgyààrgîhîmîpànîînrîgyààmîrîzî]
- Inkovu icitse irushya ivura. [înkîwîvîfîîtsîrîùf<îvùùrà]
- Imyase yaswa ityo. [îmîpààsèyààskwîtkyô]
- Umwana murizi ntakurwa urutozi. [ûmîpàànàmûrîzîînthâ àkwûûrgwûrûtôzî]
- Urugiye kera ruhinyuza intwari. [ûrûgyîîyèkyèèrârùhîpûzîînthkwâàrî]
- Kunywa no kurya ni ingenzi. [kwûnîpîwânôkwûrgyânîîngîèenzi]

5.3. Kwandika interuro mu nyandiko nyemvugo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 132.

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura inshoza y'inyandiko nyemvugo.
- Gusobanura uko bandika mu nyandiko nyemvugo.
- Gutandukanya inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo.
- Kwandika amagambo n'interuro mu nyemvugo.
- Gushishikarira kwandika amagambo n'interuro mu nyandiko nyemvugo no kubitinyura abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo n'inyandiko zafasha mu gusobanura ihumana ry'ikirere.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho, mu mpushya ebyiri, amagambo agasaba abanyeshuri gusoma ayo magambo no kwitegereza amajwi atsindagiye akababaza ibibazo biganisha ku nyandiko nyemvugo.

Urugero rw'amagambo n'ibibazo yababazaho:

Kub <u>i</u> ra	Kub <u>o</u> ra
Guk <u>a</u> na	Guk <u>o</u> na
Gup <u>i</u> ma	Guh <u>i</u> ma
I <u>y</u> i	I <u>s</u> i

Ikibazo cy'ubushakashatsi:

Nyuma yo kwitegereza ayo magambo mukore ubushakashatsi ku mumaro w'ayo majwi yanditse atsindagiye. Ni iyihe nyandiko yiga ibijyanye n'ayo majwi afite bene uwo mumaro? Itaniyehe n'inyandiko nyejwi?

Isesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku nyandiko nyemvugo bagerageza gusubiza ibibazo yababajije ku magambo y'ivumburamatsiko.

Kugira ngo bakore umurimo wimbitse abarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha mu nzu y'isomero akabaha igihe cyo kubikora.

Iyo igihe yabahaye kigeze asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo ku nyandiko nyemvugo agafatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi bw'abanyeshuri:

Inshoza y'inyandiko nyemvugo

Inyandiko nyemvugo ni inyandiko ifata amajwi yose y'ururimi ikayagabanya igamije kugera ku majwi make afite umumaro wo gutandukanya amagambo muri urwo rurimi. Bene ayo majwi aboneka yitwa " amajwi shingiro". Iryo gabanya ry'amajwi y'ururimi bakaryita igeruramajwi. Muri iryo geruramajwi, mu gushaka gutahura ko ijwi runaka rifite umumaro mu rurimi barisimbuza irindi jwi mu ijambo rimwe bagoragoza. Iyo iryo simburana ry'amajwi ribyaye ingingo nshya ayo majwi yombi ni yo yitwa amajwi shingiro.

Ni ukuvuga ko ariya majwi atsindagiye mu magambo yagaragajwe haruguru ari amajwi shingiro mu Kinyarwanda.

Urwego rw'iyigamvugo rero rwita ku gushaka amategeko yakurikizwa mu kugabanya ibimenyetso byandika ibihokane mu rwego rw'iyigamajwi (mu nyandiko nyejwi) kandi ibimenyetso bisigaye bikaba byihagije ku buryo nta kwitiranya amagambo no kujijinganya ku gisobanuro kwabaho. Iyi ni yo mpamvu iyigamvugo ryitwa iyigamajwi nyamumaro kuko rigabanya ibimenyetso rigasigaza iby'ingenzi.

Uko bandika mu nyandiko nyemvugo

Iyo bandika mu nyandiko nyemvugo hari ibikurikizwa:

1. Mu nyandiko nyemvugo bandika bagabanya ibimenyetso kandi ibyanditswe bigashyirwa hagati y'utu tumenyetso tuberamyé / /
2. Mu nyandiko nyemvugo amasaku nyesi n'ay'integuza ntiyandikwa.
3. Mu nyandiko nyemvugo inyerera [j] na [w] ziragerurwa kuri [k] na [g] iyo zashyizwe mu rusenge rw'imbere n'urw'inyuma. Ni ukuvuga ko [k] na [g] ziba zikurikiwe na [i] na [e] ni ho ziba zashyizwe mu rusenge rw'imbere. Naho zihashyirwa mu rusenge rw'inyuma iyo zikurikiwe na [u] na [o]. Urugero: [igjìsèkjè] → /igiseke/, [ihwòôhwò] → /ihoôho/
4. Inyaminwa y'inkubyi[β] iragerurwa igasimbuzwa inturike /b/ mu nyandiko nyemvugo, kuko ijwi[β] ryumvikana iyo rikikijwe n'inyajwi cyangwa iyo ritangira interuro rigakurikirwa n'inyajwi. Ikindi /b/ iboneka mu buryo butaruhanyije. Urugero: [imbèβà] → /imbèba/
5. Inyamazuru y'inyankanka [ŋ] iragerurwa igasimbuzwa inyamazuru y'inyamenyo/n/mu nyandiko nyemvugo, kuko ijwi[ŋ] ryumvikana gusa mu majwi y'inyunge iyo ribanjirije inyankanka[k] na [g].

Urugero: [î nk^hâ] → /inkâ/

6. [ʃ] isimbuzwa /sh/ na [ʃ] igasimbuzwa /ny/.
7. Mu bihekane bigizwe n'ibimenyetso bitatu, inyarusenge z'inyuma [k] na [g] ziri hagati ziragerurwa (ziragabanywa). Iyo ibimenyetso bimaze kugabanywa ibisigaye bikurwa mu dusodeko (turanga inyandiko nyejwi) bigashyirwa hagati y'udukoni tubiri tuberamyé ari two turanga inyandiko nyemvugo.

Urugero: Inyandiko nyejwi [àmâtkwî]

Inyandiko nyemvugo/amatwî/

8. Ijwi ry'inyamazuru y'inyarusenge [ŋ] na ryo iyo riri mu gihekane kigizwe n'ibimenyetso nibura bitatu riragabanywa. **Urugero:** [ùmùŋwà] → /umunwa/
9. Ingombajwi z'inyarusenge z'inyuma [k] na [g] aho ziri mu bihekane bikomoka ku ngombajwi z'inyamunwa zisimburwa n'inyerera [w] mu nyandiko nyemvugo. Mu bihekane bikomoka ku nyamazuru ho ijwi ry'inyamazuru y'inyarusenge [ŋ] risimburwa n'inyerera [w] naho [ʃ] igasimburwa n'inyerera [j].

Urugero:

Inyandiko nyejwi	Inyandiko nyemvugo
[umûtkwâaro]	/umutwâaro/
[igjîkwî]	/igjîkwî/
[kwûrgjâ]	/kûrgjâ/
[zaâhwôvgje]	/zaâhðovje/
[agapkjîsî]	/agapjîsî/

Gutandukanya inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo

Inyandiko nyejwi

- Mu nyandiko nyejwi bandika amajwi yose yumvikana batagabanya ibimenyetso.
- Ibyo banditse bishyirwa mu dusodeko []
- Mu nyandiko nyejwi iyo bandika interuro bandika bafatanije amagambo yose ayigize.
- Bandika bashyiraho amasaku nyesi n'amasaku y'integuza

Inyandiko nyemvugo

- Bandika bagabanya ibimenyetso ntibandika amajwi yose yumvikana.
- Ibyo bandika bishyirwa muri utu tumenyetso / /.
- No mu nyandiko nyemvugo bandika bafatanije interuro.
- Amasaku y'integuza ntiyandikwa n'amasaku nyesi ntiyandikwa.

Iyo ntego yo kugabanya ibimenyetso bikorehwa mu nyandiko nyejwi dushaka kwandika mu nyandiko nyemvugo hakurikizwa gute ku bihekane byandikwa n'ibimenyetso bibiri mu nyandiko nyejwi? Turamutse dukuyemo ya ngombajwi y'inyankanka [k] cyangwa [g] iteganywa n'itegeko, nta gihekane cyaba kikirihho.

Ubundi buryo twagabanya ibimenyetso tudakuraho ibihekane ni ubw'uko za nyankanka [k] cyangwa [g], aho ziri mu bihekane bikomoka ku ngombajwi y'inyakanwa, zasimbuzwa inyerera bihuje uburyo bw'imivugirwe (inyankanka na yo), ari yo [w]. Naho mu bihekane bikomoka ku ngombajwi z'inyamazuru, rya jwi ry'inyankanka [ŋ] na ryo rigasimbuzwa n'inyerera y'inyankanka [w] bihuje uburyo bw'imivugirwe, naho ya ngombajwi y'inyarusenge [ʃ] igasimbuzwa inyerera y'inyarusenge [j] (bihuje uburyo bw'imivugirwe)

Inyandiko nyejwi	Inyandiko nyemvugo
[itʃàpkà]``	/itʃapka/
[ìgwùfkà]	/igùfwâ/
[ûbgâàtò]	/ûbwâato/
[gwùhwòòvngà]	/gùhòovwa/
[ùmŋâààà]	/ùmwâana/
[imʃèèjò]	/imjeejo/
[ùmùkjinʃi]	/umukinnyi/

Ibihekane mu nyandiko nyemvugo

Imbonerahamwe y'amajwi y'ibihokane bigizwe na GG, GN (j cyangwa y na w)

Inyandiko isanzwe	Inyandiko nyejwi	Inyandiko nyemvugo
• mb	• [mb]	• /mb/
• nd	• [nd]	• /nd/
• ng	• [ŋg]	• /ng/
• mp	• [mph]	• /mp/
• nt	• [nth]	• /nt/
• nk	• [ŋkh]	• /nk/
• mv	• [mv]	• /mv/
• nz	• [nz]	• /nz/
• nj	• [nʒ]	• /nj/
• mf	• [mf]	• /mf/
• ns	• [ns]	• /ns/
• nsh	• [nʃ]	• /nsh /
• pf	• [pf]	• /pf/
• ts	• [ts]	• /ts/
• c	• [tʃ]	• /c/
• my	• [m ^ɹ]	• /mj/
• nny	• [n ^ɹ]	• /nny/
• by	• [βgj]	• /bj/
• jy	• [gj]	• /gj/
• py	• [pkj]	• /pj/
• ty	• [tkj]	• /tj/
• cy	• [ky]	• /kj/
• sy	• [skj]	• /sj/
• ry	• [rgj]	• /rj/
• mw	• [mŋ]	• /mw/
• nw	• [nŋw]	• /nw/
• nyw	• [n ^ɹ ŋw] / [ŋw]	• /njw/
• bw	• [bg]	• /bw/
• dw	• [dgw]	• /dw/
• gw	• [gw]	• /gw/
• tw	• [tkw]	• /tw/
• kw	• [kw]	• /kw/
• zw	• [zgw]	• /zw/
• jw	• [ʒgw]	• /jw/
• fw	• [fkw]	• /fw/
• sw	• [skw]	• /sw/
• shw	• [ʃkw]	• /shw/
• rw	• [rgw]	• /rw/
• shyw	• [ʃ<kw]	• /shjw/

Imbonerahamwe y'ibihokane by'urukurikirane rw'ingombajwi ebyiri n'inyerera /y/cyangwa /w/

Inyandiko isanzwe	Inyandiko nyejwi	Inyandiko nyemvugo
• mby	• [mbgj]	• /mbj/
• ndy	• [ndgj]	• /ndj/
• njy	• [ngj]	• /ngj/
• mpy	• [mpkj]	• /mpj/
• nty	• [ntkj]	• /ntj/
• ncy/(nshy)	• [ɲkj]	• /nkj/
• mvv	• [mvgj]	• /mvj/
• nsy	• [nskj]	• /nsj/
• pfy	• [pfkj]	• /pfj /
• mbw	• [mbg]	• /mbw/
• ndw	• [ndgw]	• /ndw/
• ngw	• [ngw]	• /ngw/
• mpw	• [mpkh]	• /mpw/
• ntww	• [ntkw]	• /ntw/
• nkww	• [nkww]	• /nkww/
• mvww	• [mvww]	• /mvww/
• nzww	• [nzgw]	• /nzww/
• njww	• [n3gw]	• /njww/
• nsww	• [nskw]	• /nsww/
• nshww	• [nɲkw]	• /nshww/
• tsw	• [tskw]	• /tsw/
• cww	• [tɲkw]	• /cww/

Imbonerahamwe y'ibihokane bigizwe n'ingombajwi imwe n'inyerera ebyiri (G.N.N.)

Inyandiko isanzwe	Inyandiko nyejwi	Inyandiko nyemvugo
• myw	• [mɲɲ]	• /myw/
• byw	• [bgjw]	• /bjw/

Imbonerahamwe y'ibihokane bigizwe n'ingombajwi ebyiri n'inyerera ebyiri (G.G.N.N)

Inyandiko isanzwe	Inyandiko nyejwi	Inyandiko nyemvugo
mbyw	[mbgjjw] / [mbgjjw]	/mbyw/

5.4. Inshamake

Nsigaranye ko:

- Ibidukikije bigomba kurindwa ibyabihungabanya cyane cyane ba rutwitsi, imyotsi iva mu binyabiziga ndetse no mu nganda kuko bihumanya ikirere.
- Iyo ikirere gihumanye bitera imihindagurikire y'ibihe, bityo imvura n'izuba ntibikurikirane uko bikwiye. Ibyo bigatera amapfa n'imyuzure bidasanzwe.
- Hagomba gufatwa ingamba zo kurengera ibidukikije, harimo kurinda ubutaka, amashyamba,... bikoze n'inzego zose harimo uruhare rwa buri wese nange ndimo.
- Inyandiko nyemvugo n'inyandiko nyejwi biratandukanye; inyandiko nyejwi ikoresha ibimenyetso byose by'amajwi yumviswe kandi igashyirwa mu dukubo [] naho inyandiko nyemvugo yo igaragaza amajwi ya ngombwa igashyirwa mu turongo tuberamye / /.

Umwitoto

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitoto wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke.

Umwitoto n'ibisubizo

Andika iyi nteruro mu nyandiko nyemvugo:

Iyo imyotsi iva mu nganda no mu binyabiziga ibaye myinshi byangiza ikirere cyacu.

/ijimjōotsivāmuungaāndanōmubinjābizigibaajēmjiñfijbjaangjiizikjirêrêkjāatfu/

Umukoro: Kwiyungura imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'umutwe wa gatanu wo kubungabunga ibidukikije. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko.

Urugero rw'imigani batanga:

1. **Umugezi w'isuri urisiba:** Aha n'ubwo umugani uvuga ku bidukikije ariko usobanura ko iyo idafashe neza ikintu cyawe kirangiriha ukaba urihimye wowe ubwawe.
2. **Ntawurasira isandi mu rusaku:** Uramutse uteye urwamo, isandi zaguruka zikihungira, ntube ukizirashe. Ibyiza ni ukwitonda, ukitegura ntuhubuke kugira ngo bitagupfana maze ukagera ku cyo ugamije nta nkomyi.

3. **Izirimo Rubamba (impigi) ntizikubitwa n'inkuba:** Uhagarikiwe n'ingwe aravoma,...

5.5. **Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange**

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 137

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ku gusesengura umwandiko wasomwe no gutahura uturango twawo,
- Ku bushobozi bwo guhanga umwandiko mvugamiterere na nsesengurabumenyi;
- Ku bushobozi bwo kwandika amagambo n'interuro birimo amajwi y'ibihekane mu nyandiko nyejwi na nyemvugo.

Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko

Inyunguramagambo

A. Tanga ibisobanuro by' amagambo akurikira:

- Urusobe:** Uruvange.
- Intandaro:** Inkomoko y'ikintu.
- Amapfa:** Igihe imvura yabuze hagacana izuba ryinshi rikangiza ibimera.
- Ingaruka ziziguye:** Ingaruka za kure.
- Ingaruka zitaziguye:** Ingaruka za hafi, zako kanya.
- Kwibasira:** Kuboneza umuntu umukorera ikintu ubutaruhuka, gushaka kwangiza ikintu.
- Akangaratete:** Ibyago, ibibazo.
- Ahantu habaye isibaniro:** Ahantu hibasiriwe n'ikintu kibi.
- Ubuzima bukaba ingume:** Ubuzima bukagorana.
- Ubumara:** Uburozi.
- Ubuhangange:** Ubwamamare, igitinyiro.

B. Imyitoto y'inyunguramagambo

1. Uzuzura izi nteruro ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko:

- Iyo ibidukikije byibasiwe, abantu basigara mu **kangaratete** bakicwa n'inzara.

- (ii) Ibihumanya ikirere bitera amafpa kuberako biruma habaho **imihindagurikire y'ibihe** imvura ikaba yabura.
- (iii) **Amashyamba** afite akamaro ku kuyungurura umwuka duhumeka no kubika urusobe rw'ibinyabuzima.
- (iv) Ibihugu byateye imbere bicura ibitwaro bya kirimbuzi kubera kurwanira **ubuhangange**

2. Koresha aya magambo mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura:

- (i) Ubumara (**Inzoka ni inyamaswa zigira ubumara.**)
- (ii) Amapfa (**Iyo izuba ryacanye cyane amapfa aratera.**)

Ibibazo byo kumva umwandiko

Ibibazo n'ibisubizo:

- (i) **Mu mwandiko batubwira ko ibidukikije birimo ibice bingahe?** Tanga urugero. Bivuge. Ibidukikije bikubiyemo ibice bibiri, birimo ibidukikije kamere umuntu atagizemo n'ibiva ku bikorwa bya muntu. Urugero: Ibidukikije kamere: imisozi, ibibaya, inyoni, ibirunga, inzuzi karemano,... Ibidukikije biva ku bikorwa bya muntu: imiti y'ubutabire, ibikorwa by'ubukungu,...
- (ii) **Ni iki kibangamira ibidukikije kivugwa mu mwandiko?** Ibinyabiziga, inganda, ubwato, indege, gutema amashyamba,...
- (iii) **Sobanura uburyo inganda zishobora gutera imihindagurikire y'ibihe.** Kubera ko ibyotsi biva mu nganda bicucumuka bijya mu kirere bikacyangiza. Kwandura kw'ikirere ntibisigana no kwandura k'umwuka. Kubera ko umwuka ugira uruhare mu kugena ibihe by'imvura n'izuba, urumuri, ubushyuhe cyangwa ubukonje bikaboneka mu rugero rushimishije nubwo hari aho bikabya; umwuka wanduye, uhumanye, utuma ibihe bigenda bihindagurika.
- (iv) **Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo ibinyabiziga bitangiza ikirere?** Ni ukugabanya ibinyabiziga bicucumura ibyotsi bikoresha risansi hagakoreshwa irindi koranabuhanga ribungabunga ibidukikije.
- (v) **Sobanura uburyo gutema amashyamba bitera imihindagurikire y'ibihe.** Ni ukubera ko ibyotsi byanduye biva mu Nyanja biyungururwa n'amashyamba ntibishobore gukomeza ngo byangize ikirere. Iyo nta mashyamba ahari birakomeza bikajya kwangiza ikirere ku buryo na byo bigira uruhare runini mu mihindagurikire y'igihe.
- (vi) **Ni gute ubushakashatsi na bwo bushobora kugira uruhare mu mihindagurikire y'ibihe?** Abashakashatsi bagiye bashaka uburyo bayobya imiyaga imwe n'imwe ikomoka mu Nyanja maze ugasanga na bo bateje imihindagurikire y'ibihe. Ubusanzwe iyo miyaga igira gahunda yayo itera

imvura kugwa ku mugabane uyu n'igihe iki n'iki. Ubwo bushakashatsi rero buvanze n'ibyuka binyuranye byoherezwa mu kirere bitera ibihe guhindagurika mu buryo budasobanutse igihe abantu bari biteze imvura bakayibura, yanagwa ikaza itunguranye.

- (vii) **Garagaza uburyo kwangiza ibidukikije bidindiza iterambere.** Ni uko bitera imihindagurikire y'ibihe bigakurura amapfa agatera inzara mu bantu.
- (viii) **Vuga akandi kamaro k'amashyamba kavugwa mu mwandiko.** Amashyamba ayungurura umwuka duhumeka akanabika urusobe rw'ibinyabuzima.
- (ix) **Ni gute ibihugu by'ibihangange byangiza ikirere?** Byangiza ikirere birwana urugamba rukomeye rwo kugaragaza ubuhangange, bigacura ibisasu bya kirimbuzi byoreka imbaga bikarimbura amazu n'imisozi. Ibi bisasu biri mu bya mbere byangiza ikirere, aho byasibaniye ubuzima bukaba ingume.

Ibibazo byo gusesengura umwandika

Ingero z'ibisubizo bishoboka:

- (i) **Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko:** Ni insanganyamatsiko y'ibidukikije (Ibyangiza ikirere)
- (ii) **Ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko.**
Uyu mwandiko ugizwe n'ibice by'ingenzi bitatu:
 - Intangiriro: muri iki gice barasobanura ibidukikije icyo ari cyo.
 - Igihimba: muri iki gice barasobanura ibintu binyuranye byangiza ibidukikije(ibyotsi bituruka ku bintu bitandukanye, gutema amashyamba n'ibitwaro bya kirimbuzi)
 - Umwanzuro: mu mwanzuro baratugira inama yo guharanira kubungabunga ibidukikije)
- (iii) **Ubwoko bw'umwandiko:** Uyu mwandiko urangwa no kuba utanga ubumenyi ku byangiza ikirere. Ni umwandiko nsesengurabumenyi.

Aho bitaniye ni uko umwandiko nsesengurabumenyi uba ugambiriye kwigisha no gutanga ubumenyi. Wibanda ku mibare, ugaharanira gutanga ibisobanuro nyurabwenge uherye ku bipimo n'ibigereranyo by'imibare. Bene iyi myandiko uzasanga ari ya yindi ivuga nk'imiterere ya sida, uko ihagaze mu bihugu bigikennye, ingano y'abantu imaze guhitana n'ingamba zo kuyihashya cyangwa se ari ya yindi igaragaza ibipimo by'aho ubukene bugeze burwanya, ibikorwa by'iterambere byateguriwe abagikennye n'ingamba zo guca burundu ubwo bukene. Naho umwandiko mvugamiterere wo ni umwandiko uvuga imiterere y'ikintu, ukaba ugambiriye gutanga ishusho yacyo. Nyir'ugukora uwo mwandiko yivugira ibintu uko abibona. Ashobora kuvuga ibyiza aho abandi babona ibibi, cyangwa akabona ko icyo abandi bita kiza kuri we ari inenge. Nta wamubaza kwisobanura ku gitekerezo ke. Bene iyi myandiko ikunze.

- Ukuntu imyanda iva mu nganda yangiza amazi noneho ibinyabuzima byo mu nyanja no mu zuzi bikononekara, bityo urusobe rw'ibinyabuzima rugahungabana.
- Ugukama ku inzuzi zimwe na zimwe, bikaba byatera ubutayu, noneho umwuka ukabura ibimera biwuyungurura.
- Uko ikoranabuhanga rigenda rikoresha ibyuma binyuranye, bimwe ntibishobora kubora, bityo rero bishobora kwangiza ubutaka noneho aho gutunga urusobe rw'ibinyabuzima bugahinduka uburozi. Ibyo na byo byangiza ikirere mu gihe umwuka wo mu butaka uzamuka ujya hejuru.
- Kuba hari aho bacana amatara y'umuriro w'amashanyaraza ndetse no mu mirima, ibyo byangiza inyamaswa ndetse n'ibimera biba bishaka umwijima. Ibi bituma urusobe rw'ibinyabuzima ruhazaharira maze wa mwuka wari kuyungururwa ugahumana.

5.6. Imyitozo nsindagirabushobozi

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.

Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo si yo kamara, umwarimu ashobora no gutegura indi yibanda aho abanyeshuri be bagaragaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitozo yabaha:

- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu kumva no gusesengura umwandiko, umwarimu ababaza ibindi bibazo yihitiyemo byimbitse bijyanye n'insanganyamatsiko y'ibidukikije.
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu guhanga umwandiko, umwarimu abasabo kongera guhanga undi mwandiko ku nsanganyamastiko abahitiyemo akongera kureba niba bagaragaje ko bumva umwandiko nsesengurabumenyi icyo ari cyo.
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu kibonezamvugo, umwarimu abaha andi magambo anyuranye n'interuro akabasaba kuyandika mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo.

Urugero:

1. Andika mu nyandiko nyejwi amagambo akurikira yakuwe mu muvugo:

- a) Indege [îndèègjà]
- b) Indangagaciro [îndâàngàgât]îrî]
- c) Inzego[înzèègwô]

- d) Ubunyarwanda [ùβù Ńààngàmàgàjò]
- e) Umuturage [ùmùtùùràgê]
- f) Umurage [ùmùràgê]

2. Andika mu nyandiko nyejwi izi nteruro:

- a) Iminsi iteka inzovu mu rwabya. [imìinsitèèkìnzòvumùrgwàâbgjà]
- b) Abo bacuruzi bahombejwe no kunywa inzoga. [àβòβâ t[ùrùùzìβâah wòòmbèzwènòkwùŃwìnzôgâ]

3. Andika interuro zikurikira mu nyandiko nyemvugo:

- a) Namuhaye icyatamurima. /namùhaayikjàatamùrimâ/
- b) Ari ku karere mpamusange? /arikukarêrêmpamâsaange?/
- c) Afite igikoni kinini. /afitigikonikînini/
- d) Yahase ikirayi yicaye ku mukeka. /yahâasibiraayiyicaâyekumukeeka/
- f) Nasanze umuriro wamaze guhwekera. /nasaanzumurirowâmazeguhwekeera/

6

Gukunda igihugu

Umubare w'amasomo: 21

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umwandiko ku ngingo y'umuganda n'iy'ubudehe.
- Gukora inyandikomvugo no gusesengura amazina y'amatirano.

6.1. Umwandiko: Umuganda mu Rwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 140)

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo imyandiko ivuga ku muganda mu Rwanda, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo:

- (i) **Ni iki mubona kuri iri shusho?** Ndashabona abaturage b'ingeri zitandukanye, abagabo n'abagore bateraniye mu muganda.
- (ii) **Abo bantu barakora iki?** Abobantu baratindura umuhanda.
- (iii) **Murabona bambaye bate?** Ndashabona harimo abagabo n'abagore babyibushye-bahagarariye abayobozi bitabira umuganda (bambaye bote).
- (iv) **Ese bari hamwe?** Oya, banyanyagiye hirya no hino mu baturage bitabiriye umuganda.
- (v) Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku muganda akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko **“Umuganda mu rwanda”**, akabasaba kuwusoma bucece banandika amagambo akomeye, abarangije bakazamura urutoki nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko, nyuma y'igihe yababwiye. Aha yibuka kwita ku batabona neza no ku batumva neza akabaha ubufasha bukenewe kugira ngo badasigara inyuma nko kubicaza imbere,...

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- (i) **Muri uyu mwandiko, haravugwamo iki?** Muri uyu mwandiko haravugwamo uko umuganda ukorwa n'abawukora.
- (ii) **Umuntu ukora umuganda agomba kuba ameze ate?** Umuntu ukora umuganda agomba kuba afite hagati y'imyaka cumi n'umunani na mirongo itandatu n'itanu.
- (iii) **Ni uruhe ruhare rw'umuganda mu gukemura ibibazo by'abaturage?** Uruhare rw'umuganda mu gukemura ibibazo by'abaturage ni runini, kubaka amateme, kubakira abatishoboye, guhanga imihanda ndetse no guhuza abaturage bagakorera hamwe, bityo bakarwanya amacakubiri.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'amatsinda.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho, mbere yo kubishyira mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka

Inyunguramagambo

Gusobanura amagambo:

1. **Igihugu:** Akarere gatuwe n'abantu benshi cyane bahuriye ku mutegetsi umwe amategeko aheraho; abantu benshi.
2. **Guha Igihugu umubyizi:** Gupfa; guhinga umurima utera, kuruhira ubusa.
3. **Gukwiza cyangwa guha umuntu Igihugu:** Gukwiza ahantu hose ibyo umuntu yakoze ugira ngo umusebye.
4. **Iyo gihera:** Ikantarange, ikindi gihugu.
5. **Kubyarira Igihugu:** Kurumbya urubyaro rukaba inzererezi.
6. **Kwiha Igihugu:** Kudashobora kwiha akaba akabanga.
7. **Kwima Igihugu:** Kuba umwanzi w'Igihugu iki n'iki.
8. **Umuganda:** Igiti kirekire bubakisha bigishinze mu butaka; imirimo y'amaboko yashyiriweho na Leta, abaturage bakayikorera hamwe.
9. **Guta umuganda:** Kubuza umuntu kubaka akantu.
10. **Gutiza umuntu umuganda:** Guha umuntu ibikoresho by'ubwubatsi ku buntu cyangwa kumufashisha ikintu.
11. **Imiganda y'imyinjiri:** Imiganda ishinze mu ruhande ruherera mu mbere.
12. **Gutanga umuganda:** Gukorera hamwe n'abandi imirimo y'amaboko igenewe guteza umuntu cyangwa Igihugu imbere.
13. **Kuganda:** Kuba ikintu kigoranye; kutayoboka umutegetsi. Umugani: Ikiganze kigandurwa n'umuhoro.
14. **Umuganda:** Akazu k'agateganyo umuntu yubaka by'amifasho ategereje kuzubaka imutunganiye.

15. **Guca umuganda:** Kubaka inzu yo kubamo by'agateganyo.
16. **Intara:** Igice k'Igihugu gifite imiterere iri ukwayo.
17. **Amaboko:** Imbaraga nyinshi z'umuntu, abantu benshi b'abavandimwe cyangwa inshuti bashobora kurwana ku muntu.
18. **Gusizanira:** Kumaranira, kurwanira ikintu.
19. **Imbariro:** Agashandiko k'uduti bagenda bungikanya bakagahambira ku biti bishinze iyo bubaka urugo cyangwa inzu.
20. **Gushunga:** Gufasha umubyeyi ubyara bamukandisha inda ibibabi by'umuba, umuganashya, umubagabaga, umuhurura n'ibindi.
21. **Kwishunga:** Kwivuga uko uteri wishinyagurira.
22. **Inkingi:** Ikintu k'ifatizo, igiti gishinze mu butaka kigasigasira igisenge k'inzu.
23. **Inkingi ya mwamba:** ni ifatizo ry'ibikorwa runaka,inkingi y'inzu bateraho amaburuti, inzu ifite iyo nkingi.

Umwitoto ku nyunguramagambo:

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitoto uri mu bitabo byabo. Abagera igihe bagomba gukora uwo mwitoto, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitoto. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze. Nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

Ibibazo n'ibisubizo:

1. **Andika interuro zirimo aya magambo ugendeye ku bisonuro byayo: gusizanira, kwishunga.**
 - Ubu amahanga arasizanira kuba ibihangange ku isi acura ibitwaro bya kirimbuzi.
 - Kanamugire yakoze biriya byose nyamara kwari ukwishunga kuko byose byari ideni ryo kuri banki.
2. **Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri irindi riri mu mwandiko:**
Kamana **ntaharanira** gutsinda, mu gihe abandi babimaranira. (asizanira).
3. **Shaka inshoberamahanga byibura ebyiri zirimo ijambo "igihugu"**
 - a) **Guha igihugu umubyizi:** Gupfa; guhinga umurima utera, kuruhira ubusa.
 - b) **Gukwiza cyangwa guha umuntu igihugu:** Gukwiza ahantu hose ibyo umuntu yakoze ugira ngo umusebye.
 - c) **Iyo gihera:** Ikantarange, ikindi gihugu.

- d) **Kubyarira igihugu:** Kurumbya urubyaro rukaba inzererezi.
- e) **Kwiha igihugu:** Kudashobora kwiha akaba akabanga.
- f) **Kujya ibihugu na bihumbi:** Kujya ahantu kure cyane.
- g) **Guta umuganda:** Kubuza umuntu kubaka akantu.

Gusubiza ibibazo ku mwandiko.

1. **Tanga inyito y'ijambo “umuganda” mu Rwanda rwo hambere.** Mu Rwanda rwo hambere, umuganda usobanura igiti cyo gushinga umuturanyi yazaniraga uwubaka, ni inkunga ihawe uwubaka. Igikorwa runaka abantu baba bakoreye hamwe byitwa gutanga umuganda.
 - a) **Muri iki gihe se warisobanura ute?** Umuganda ni uburyo abatuye Igihugu, kuva hejuru ku ntara kugera hasi mu mudugudu bahuriza hamwe imbaraga kugira ngo bagere ku gikorwa bahuriyeho gifitiye Igihugu akamaro.
 - b) **Umunyarwanda wese kimwe n’umunyamahanga ufite ingufu akaba abarizwa ku butakabw’u Rwanda, arasabwa iki mu gikorwa cy’umuganda?** Urubwirako ufite imyaka cumi n’umunani y’amavuko kandi n’umuntu wese utarengeje imyaka mirongo itandatu n’itanu afite inshingano zo gukora umuganda, yifatanya n’abandi.
2. **Abagikerensa umuganda wabagira iyihe nama?** Nababwira ko abashyize hamwe ntakibananira. Umuganda ukorwa hashingiwe ku byifuzo by’abaturage bagamije inyungu rusange. Ugize wese impamvu imubuza kwitabira umuganda abimenyeshya umukoresha we. Na ho uwo ari we wese ufite impamvu imubuza kwitabira umuganda abisobanura mbere y’umuganda cyangwa ku muni w’umuganda ukurikira. Umuganda ni igikorwa cyo kubaka Igihugu kandi nawe ugufitiye akamaro.
3. **Nyuma y’umuganda hakorwa iki muri rusange?** Nyuma y’umuganda hakorwa inama muri rusange ikiga ku bikorwa byose, harimo kungurana ibitekerezo no gukemura impaka za bamwe mu bitabiriye umuganda, byubatswe inkingi ya mwamba yaba ikitegererezo mu kwifatira ibyemezo no gukemura ibibazo bya hato na hato. Hari n’igihe bagena ahandi bazakorera umuganda ukurikiraho.
4. **Umuganda uzwi ku rwego rw’Igihugu?** Sobanura. Yego, umuganda uzwi ku rwego rw’Igihugu kuko mu Rwanda hose hashyizweho umunsi cyane ni uwa Gatandatu wa buri cyumweru cya nyuma cya buri kwezi; guhera saa mbiri kugeza saa tanu za mu gitondo. Ndetse n’abafite impamvu zumvikana zatuma batawukora kuri uwo muni bawukora bukeye bwaho akenshi.
5. **Niba hari abantu bafite umuganda mu nshingano zabo, bashinzwe iki?** Bashinzwe gusobanurira abaturage umuganda bawubashishikariza kuko ari imwe mu biteza imbere Igihugu cyatubonye cyangwa tubamo. Izo komite zifite inshingano z’ingenzi: gukora iteganyabikorwa ry’umuganda, gutegura no

kuyobora igikorwa cy'umuganda no gukora isuzumabikorwa ry'umuganda no kubitangaho raporo. Abo bantu bashinzwe gushyiraho gahunda y'umuganda no gusobanura kugira ngo ice mu mucyo, abatuye umudugudu, akagari, umurenge, akarere no ku ntara bagomba kubanza kwicara bakagena ahantu, isaha n'umunsi bazahurira ku gikorwa iki n'iki.

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 143

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.
- Kugaragaza isomo rikubiye mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- Umwandiko twize ubushize wavugaga ku ki?** Ubushize twize umwandiko uvuga ku muganda mu Rwanda.
- Umuganda uhuriye he no gukunda Igihugu?** Aho bihuriye ni uko umuganda ari igikorwa cyo guteza imbere abagituye, bityo Igihugu kigatera imbere bityo kikagira ijamba mu ruhando mpuzamahanga.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n'ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ibibazo byo gusesengura umwandiko no kugerageza kubyunguranaho ibitekerezo bari mu matsinda.

Urugero rw'ibibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni izihe ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?
4. Ese kugira ngo habeho gahunda inoze y'umuganda, wumva hakorwa iki?

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, agenda abafasha aho biri ngombwa. Iyo barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abasaba kumurika ibyo bakoreye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, abanyeshuri bafashwa n'umwarimu kunonosora ibisubizo byatanzwe maze bakabona ibisubizo bikwiye bandika ku mu makayi yabo.

Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ibisubizo

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?** Insanganyamatsiko y'uyu mwandiko ni akamaro k'umuganda.
2. **Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?**

Ingingo z'ingenzi zivugwa mu ri uyu mwandiko ni izi:

- Igisobanuro cy'umuganda n'inkomoko yawo ;
- Abagomba gukora umuganda n'igihe ukorerwa;
- Aho ukorerwa n'uko usozwa n'inama y'abawitabiriye;
- Ibyo komite ishinzwe umuganda ikora ifatanyije n'abaturage,
- Uko abatitabira umuganda bagenzwa.

3. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**

Isomo rikubiye muri uyu mwandiko ni ukwitabira umuganda kuko ari ukwiyubakira Igihugu, kikaba ari igikorwa kigaragaza gukunda Igihugu.

4. **Ese kugira ngo habeho gahunda inoze y'umuganda, wumva hakorwa iki?**

Kugira ngo habeho gahunda inoze ababishinzwe bakwiye gusobanurira abaturarwanda akamaro k'umuganda kandi bakababwira ko kubaka Igihugu ari itegeko kandi bikaba n'uburenganzira.

5. **Ku bwawe wumva umuganda ufite akahe kamaro mu iterambere ry'Igihugu?** Ufasha mu kubaka ibikorwa remezo: imihanda, amashuri,...

6.2. Amazina y'amatirano

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 143

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutanga inshoza y'izina ry'iritirano.
- Kugaragaza uturango tw'izina ry'iritirano no kuritahura mu myandiko inyuranye.
- Kuragaza intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo.

Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma akaganiro kagaragara mu bitabo byabo akakababazaho ibibazo biganisha ku mazina y'amatirano.

Urugero rw'akaganiro n'ibibazo yababazaho:

Kagabo na Mucyo mu isoko

Mucyo: Kagabo, bite se? Ngwino hano ntundenze ibyashara!

Kagabo: Ubu icyo nshaka ni ukugura ishati ifite amaboko magufi n'ipantaro y'umukara.

Mucyo: Hano birahari; wijya kure.

Kagabo: Ese ko nta giciro gihari?

Mucyo: Dore byanditseho. Ishati ni amafaranga ibihumbi umunani naho ipantaro ni ibihumbi icumi.

Kagabo: Ndabona bidahenze. Ese amasogisi yo n'iri koti na karuvati byo bigura bite?

Mucyo: Amasogisi ni amafaranga ibihumbi bitanu, ikoti ni bitanu naho karuvati ni igihumbi.

Kagabo: Reka nguhe nkwishyure kashi ndabona nta sheke nazanye.

Mucyo: Urakoze Kaga, unsuhurize mwarimu wange.

Kagabo: Urakoze nawe. Ni aho ubutaha!

Ikibazo: Muri iki kiganiro, shakamo amagambo atari umwimerere mu Kinyarwanda.

Amazina gakondo: Kagabo, Mucyo, amaboko, umukara, igiciro.

Amazina atari gakondo: ibyashara, ishati, ipantaro, amafaranga, ikoti, karuvati, amasogisi, kasha, sheke, umwarimu.

Izina	Uririmi akomokamo	Uko rywandikwa
Ibyashara	Igiswahiri	Biashara
Ishati	Icyongereza	Shirt
Ipantaro	Igifaransa	Pantalon
Amafanga	Igifaransa	Francs
Ikoti	Icyongereza	Coat
Karuvati	Igifaransa	Cravat
Amasogisi	Icyongereza	Socks
Kasha	Icyongereza	Cash
Sheke	Igifaransa	Cheque
Umwarimu	Igiswahiri	Mwalimu

Isesengura:

Umwarimu asaba abanyeshuri guhere ku miterere yayo maze bagakorae ubushakashatsi bagaragaza inshoza y'amazina y'amatirano, bagaragaza indimi zatije Ikinyarwanda amagambo, bagaragaza itandukaniro riri hagati y'amazina gakondo n'amatirano ndetse banakore ubushakashatsi ku ntego y'amazina y'amatirano n'ubundi bushakashatsi bwimbitse kuri ayo mazina. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora akabarangira ibitabo bakwifashisha. Iyo igihe yabahaye kigeze abasaba kugaragaza ibyavuye mu matsinda yabo.

Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi

1. Inshoza y'izina ry'iritirano

Mu Kinyarwanda, izina ni ubwoko bw'ijambo bita umuntu, inyamaswa, ikintu n'ahantu, rikabiranga. Izina risobanurwa ku buryo butandukanye biturutse ku nyito cyangwa inyurabwenge, ku ntego ndetse no ku nkomoko. Iyo dushingiye ku nkomoko ari na cyo twibandaho muri iri somo, amazina y'Ikinyarwanda tuyasangamo *amazina gakondo* n' *amazina y'amatirano*.

2. Itandukaniro hagati y'amazina gakondo n'amazina y'amatirano

Amazina y'amatirano ni amazina afite inkomoko mu ndimi z'amahanga. Iyo indimi zihuriranye, ururusha urundi ingufu ni rwo rurutiza amagambo menshi bitabujije ko n'urundi na rwo rurutira. Gutira bishingira ku mushyikirano w'imico, ku madini, ku butegezi, ku bukungu n'ibindi hagati y'indimi zinyuranye. Amazina gakondo yon i amazina aba ari karemano mu rurimi runaka ataratiwe mu zindi ndimi.

3. Imvano y'amazina y'amatirano

Kuva kera Abanyarwanda bashyikiranaga n'abaturage b'ibihugu bidukikije, bitewe n'ubucuti ubuhake, guhaha cyangwa gushyingirana. Ibi byatumye Ikinyarwanda kinjiza amagambo avuga ibintu bimwe byabaga byadutse mu Rwanda. Byongeye kandi, kuva mu ntangiriro y'ikinyejana cya makumyabiri, abanyaburayi batangiye kuza mu Rwanda bazanywe n'amadini, ubukoloni, ubucuruzi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ubuhinzi n'ibindi. Ibyo byatumye zimwe mu ndimi z'i Burayi zinjiza amagambo mu Kinyarwanda.

4. Zimwe mu ndimi zatije Ikinyarwanda amagambo

Imbonerahamwe ikurikira iratugaragariza zimwe mu ngero z'amazina y'amatirano yinjiye mu rurimi rw' Ikinyarwanda.

a) Indimi nyafurika

Ururimi	Izina ry'iritirano	Izina ry'amahanga
Iringara	Umusoro (byo gusora) Inkaranka (ubunyobwa) Gutika (kureka) Umusara (umurimo) Umwansi (umukobwa)	Mosolo Kalanga Kotika Mosala Mwasi...
Ikigande	Igikaju (igisheke) Impari (ikabutura ngufi) Indogobe Igikwasi Amashanyarazi...	Ekikajo Empari Endogoyi Ekikwasi Amashanyarazi...
Igiswayire	Itara Umusingi Inema Ikizibaho (igitambaro) Urukuta Ibajiya (irindazi) isaha...	Taa Msingi Neema Kisbau Ukuta Bajia Saa

b) Indimi z'i Burayi

Ururimi	Izina ry'iritirano	Izina ry'amahanga
Ikidage	Amayida Ishuri Urutofanyi Mbasha (umusirikari) Ibobere Umudage...	Meiden Schule Kartoffen Boche Büber Dag...
Igifaransa	Ikamyoneti Iferi Umushwari Puwaro Ishashi Ishakoshi Akabari Itushi Gukoroniza...	Camionnette Frein Mouchoir Poireau Sachet Sacoche Cabaret Touche Coloniser...

Icyongereza	Idorari Isekeni Kidikoni Umuboyi Iyadi Isizeni Mitingi Gasutamo...	Dollar Second hand Archidicon Boy Yard Season Meeting Customs.....
Ikiratini	Misa Umufaratiri Kiriziya Isakaramentu Tonsura (ubwogoshe bw'umufaratiri) Abusorosiyo Itegura (bubakisha)	Missa Frater Ecclesia Sacramentum Tonsura Absolution tegula...
Igifurama	Gasopo Gafurudomo (igitutsi) Kongoreshi (indwara y'inka)...	Pas op God fur dom Congoleesch...

5. Imisesengurire y'amazina y'amatirano

Muri rusange amagambo akunze gutirwa mu Kinyarwanda ni amazina. Iyo amazina y'amatirano yinjiye mu kinyarwanda, yisanisha ku miterere y'andi mazina asanzwe mu Kinyarwanda. Bityo akavugwa nka yo kandi akagira amasaku n'ntego nk'iy'amazina asanzwe mu Kinyarwanda.

Amenshi mu mazina y'amatirano, iyo yinjiye ahita afata intego rusange y'izina ry'Ikinyarwanda; ni ukuvuga indomo, indanganteko n'igicumbi, bityo bene ayo mazina biranagorana kuyatandukanya n'amazina gakondo kuko na yo ahita afata intego nk'iy'amazina asanzwe, kandi uko imyaka igenda ihita inkomoko yayo ikagenda yibagirana. Ikindi kandi uvuga ntabanza kubaza inkomoko y'izina iri n'iri.

Ingero

Chauffeur → umushoferi/abashoferi: u-mu- shoferi/ a-ba-shoferi
 Driver → umuderevu/abaderevu: u-mu-derevu/ a-ba-derevu
 Boy → umuboyi/ababoyi: u- mu-boyi/ a-ba-boyi
 Mwalimu → umwarimu: u-mu-arimu,...

Andi mazina y'amatirano ntagaragaza indanganteko. Akenshi na kenshi, amazina y'amatirano atagaragaza indanganteko (indangazina), aba ari mu nteko ya gatanu. Cyakora iyo agiye mu bwinshi agaragaza uturemajambo twose.

Urugero

Shirt → ishati/amashati: i- ø -shati/ a-ma-shati

Saa → isaha/amasaha: i- ø -saha/ a-ma-saha,...

Hari andi mazina y'amatirano yinjira mu kinyarwanda, ntashobore kugira indomo n'indaganteko ahubwo akagira igicumbi gusa (ø - ø -c). Bene ayo mazina akunze kuba ari mu nteko ya 9 agafata ubwinshi mu nteko ya 10.

Ingero

Téléphone → terefoni (imwe) / za terefoni (nyinshi): ø - ø -terefoni

Television→ tereviziyo (imwe) / za tereviziyo (nyinshi): ø - ø -tereviziyo

Radio → radiyo (imwe) / za radiyo (nyinshi): ø - ø - radiyo...

Ikitonderwa

Bene aya magambo yemera kandi gufata ubwinshi mu nteko ya gatandatu. Iyo yafashe ubwinshi mu nteko ya gatandatu agira indomo n'indaganteko.

Terephone: ø - ø -**terefone** amaterefone: **a-ma- terefone**

Tereviziyo: ø - ø -**tereviziyo** amatereviziyo **a-ma-tereviziyo** radiyo / amaradiyo: ø - ø - **radiyo/ a-ma-radiyo...**

Bene aya mazina agira amategeko y'igenamajwi ateye nk'ay'amazina gakondo.

Ingero:

Intêgo	Itegeko ry'igenamajwi
Ibyashara: i-bi-ashara	i→y/-J
Icyashara: i-ki-ashara	i→y/- J ky→cy mu nyandiko
Agaterefoni: a-ka-terefoni	k→g/ - GR
Umwarimu: u-mu-arimu	u→w/- J

6. Amategeko agenga itira ry'amazina

Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Ni ukuvuga ko utira ijambo utari ufite ubusanzwe mu rurimi rwawe. Iyo atari ibyo uba ukoze ikosa ry'inozamvugo ryo kuvanga indimi mu gihe bitari ngombwa, bitewe n'impamvu zinyuranye; ubwirasi, kugaragaza ko wize, kwereka undi ko ururimi azi nawe uruzi, ...

Ijambo ritiwe rigenekerezwa ku nyemvugo z'Ikinyarwanda, rigafata amasaku nk'ay'Ikinyarwanda, ryaba ari izina rikagenerwa inteko, yaba ari inshinga ikagenerwa umuzi. Niba ijambo ritiwe ari icyongereza cyangwa ikidage, bitewe n'uko izo ndimi zisanzwe zifite amasaku atandukanye n'ay'Ikinyarwanda, rigomba kwinjira mu Kinyarwanda rifite amasaku abenerurimi dusanzwe tumenyereye.

Mu itira ry'amazina kandi, ushobora gufata ijambo ukariterura uko ryakabaye, ukaryinjiza mu rurimi kamere rigafata intego n'imiterere y'amazina y'urwo rurimi

uryinjijemo. Riba rishobora kwinjirana inyito risanganywe cyangwa guhabwa indi itandukanye n'isanzwe.

Ingero

Driver → umuderevu

Blanket → ikiringiti

Chauffeur → umushoferi

Shirt → ishati...

7. Umwanzuro ku izina ry'iritirano

Izina ry'iritirano ni izina ritari karemano muri urwo rurimi, ni izina ryavuye mu zindi ndimi cyangwa izina ryahawe ikintu ubusanzwe kitari gisanzwe muri urwo rurimi.

Izina ry'iritirano iyo rigeze mu Kinyarwanda, rishakirwa inteko, yaba ari inshinga igashakirwa ngenga, kandi bikisanisha n'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda mu rwego rwo gushakirwa uturemajambo.

Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Mu itira ry'amazina kandi, ushobora gufata ijambo ukariterura uko ryakabaye, ukaryinjiza mu rurimi kamere rigafata intego n'imiterere y'amazina y'urwo rurimi uryinjijemo. Riba rishobora kwinjirana inyito risanganywe cyangwa guhabwa indi itandukanye n'isanzwe.

Indimi nyafurika zatije Ikinyarwanda amagambo kubera imihahirane n'imibanire yo guturana no gushyingiranwa.

Indimi z'i Burayi zatije Ikinyarwanda amagambo kubera ubukoloni, ubucuruzi n'amadini.

Umwitoto ku mazina y'amatirano

Nyuma yo kugaragaza ibyavuye mu matsinda umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitoto w'inyunguramagambo ugaragara mu gitabo cyabo. Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke.

Urugero rw'umwitoto n'ibisubizo:

1. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'izina ry'iritirano n'izina gakondo?

Izina ry'iritirano ni izina ritari karemano muri urwo rurimi, izina ryavuye mu zindi ndimi cyangwa izina ryahawe ikintu ubusanzwe kitari gisanzwe muri urwo rurimi. Ijambo ry'iritirano iyo rigeze mu Kinyarwanda, iyo ari izina rishakirwa inteko naho izina gakondo ni izina karemano ry'ururimi uru n'uru.

2. Tanga ingero z'indimi nyafurika zatije Ikinyarwanda amagambo.

Urugero rw'indimi nyafurika zatije amagambo Ikinyarwanda ni Igiswahiri, Iringara,...

3. Ni izihe mpamvu z'ingenzi zatumye zimwe mu ndimi nyafurika zitiza Ikinyarwanda amagambo?

Impamvu z'ingenzi zatumye zimwe mu ndimi nyafurika zitiza amagambo Ikinyarwanda kubera imihahirane n'imibanire yo guturana no gushyingiranwa.

4. Subiza ukoreshuje “ni byo”cyangwa “si byo”

- Kuvuga uvanga indimi byerekana ko uzi gutira bisanzwe. Si byo.
- Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka rikunanira kuvuga neza bityo bigatuma udashobora kwisobanura uko bikwiye. Si byo.
- Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka ari rirerire cyane mu rurimi rwawe. Si byo.
- Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka, riri mu rurimi rwawe. Si byo.
- Utira ijambo ry'icyo ushaka, ariko kidasanzwe mu muco no mu rurimi rwawe. Ni byo.
- Izina ry'iritirano buri gihe ryinjirana inyito yaryo risanganywe mu rundi rurimi ntihinduke. Si byo.

5. Garagaza intego n'itegeko ry'igenamajwi by'amagambo y'amatirano ari mu mwandiko ukurikira:

Kamana ejo yagiye mu misa ku kiriziya; ni ho yahuriye na Nkurikiye mwarimu wa Rukundo wamusore ujya ukunda kugira ibyashara byinshi. Rukundo uwo acuruza ibintu binyuranye. Ni iwe naguriye umushwari mfite na ya meza ujya ubona nkunda gushyiraho puwaro. Ku isaha ya saa moya aba agezemo. Umushaka wajyayo nyuma y'iyi saha.

Izina ry'iritirano	Intêgo	Itegeko ry'igenamajwi
Misa	ø- ø-misa	Nta tegeko
Kiriziya	ø- ø-kiriziya	Nta tegeko
Isaha	i-ø-saha	Nta tegeko
Puwaro	ø- ø-puwaro	Nta tegeko
Umushwari	u-mu-shwari	Nta tegeko
Umwariimu	u-mu-arimu	u→w/ -J
Ibyashara	i-bi-ashara	i→y/ -J
Ameza	a-ø-meza	Nta tegeko

6.3. Kuyobora inama

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 149

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutegura gahunda y'inama no kuyiyobara.
- Kuvuga adategwa kandi mu buryo buboneye.
- Kwandika mu buryo bunozze kandi akurikiranya ingingo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'imbuga za interineti n'amashusho agaragaza abantu bari mu nama.

Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho yo mu gitabo cy'umunyeshuri akababazaho ikibazo kerekeza ku isomo bagiye kwiga.

Urugero rw'ikibazo yababaza:

Ni iki mubona kuri iyi shusho? Turahabona abantu bari mu nama.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwina ibijyanye n'inama.

Isesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha ibibazo bibafasha gukora ubushakashatsi ku bijyanye n'inama.

Urugero rw'ibibazo by'ubushakashatsi:

Nimutekereze kuri ibi bibazo bikurikira maze mukore ubushakashatsi bwimbitse ku bijyanye n'inama. Iyo umuyobozi ashaka kugira icyo ageza kubo ayobora akoresha inama. **Inama ni iki? Gahunda y'ianama ikorwa ite? Itegurwa ite? Iyoborwa ite?**

Umwarimu abaha igihe cyo kubikora akanabarangira ibitabo bakwifashisha. Iyo igihe yabahaye kigeze abasaba kumurika ibyavuye muri ubwo bushakashatsi akabafasha kubinonosora.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

Inshoza y'inama

Inama ni ikoraniro ry'abantu bateraniye hamwe bafite ingingo bigaho. Hashobora kubaho inama idasanzwe; iba itateguwe bihambaye cyangwa inama isanzwe iba yateguwe cyane kubera ko idatunguranye.

Gahunda y'inama

Ibigomba kwitabwaho mu gutegura inama

Igihe umuntu ategura inama isanzwe, agomba kwita cyangwa gutekereza ku ntego zayo; icyo inama izaba igamije, icyo izageraho na gahunda y'ibizigirwamo. Ni yo mpamvu agomba gutegura ibikoresho bizamufasha kuyinoza. Bimwe mu bigomba kwitabwaho ni ibi bikurikira:

- Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.
- Gutegura icyumba k'inama (intebe, ameza ndetse no kuhagirira isuku) ukurikije aho abazaza mu nama bazicara nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga n'aho abayobozi bicara.
- Guteganya icyo kwandikaho niba ari ngombwa; ikibaho, amakaye cyangwa ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira (nko kwitabaza ikoranabuhanga niba ari ngombwa).

Itegurwa ry'inama nyirizina

Nyuma yo gutekereza no gutegura ibikoresho bikenewe, utegura inama akurikizaho gutegura inama nyiri izina. Agomba kwibanda ku bintu bikurikira:

- Gutegura ibizigirwa mu nama bikorwa n'umuyobozi cyangwa se bigakorwa n'akanama runaka yashyizeho.
- Mu gutegura ingingo z'ingenzi ni byiza kuzitondekanya uherye ku zifite agaciro kurusha izindi kuko iyo igihe kibaye gito, iby'ingezi biba byarangiye.
- Gutumiza inama no kohereza gahunda yayo mbere y'igihe (hari igihe abatumiwe batanga ibitekerezo cyangwa bakibutsa indi ngingo yagombaga kuzigirwamo.)
- Ni byiza ko hagati yo gutumiza inama n'inama ubwayo habonekamo igihe kugira ngo abantu babashe kuyitegura.

Uko inama iyoborwa

Kuyobora inama ni umurimo ukorwa na nyiri ukuyitumiza cyangwa umubereye mu mwanya (umuyobozi mu rwego rwe). Buri muntu wese uba yitabiriye inama aba afite icyo ashinzwemo: abayitumiwemo baba bafite inshingano zo kumva no gutanga ibitekerezo byabo. Umuyobozi w'inama atangiza inama kandi akanayiyobora. Inama igira ibice by'ingenzi bigenda bikurikirana, kandi uyiyoboye akaba agomba gukurikirana neza ngo hatagira igisimbukwa, cyanecyane ko ari we ugomba kurangiza kimwe agatangiza ikindi.

Muri rusange ibice by'inama bikurikirana bitya:

- Gusuhuzanya no gutanga ikaze;
- Kuvuga igihe inama iza kumara no kuvuga urwego inama yatumiwemo;

- Kurebera hamwe ko umubare w'abayitumiwemo bahageze uhagije kugira ngo ibe yatangira byemewe n'amategeko (iyo bitatu bya kane by'abatumirwa bahari nta cyayibuza gutangira);
- Kumva Impamvu z'abataje niba bahari;
- Gutangira inama nyirizina: kuganira ku mirongo mikuru mikuru no kubyemeranyaho. Abitabiriye inama bashobora no kongerwaho izindi ngingo iyo bisabwe.
- Inama nyirizina irarimbanya ari nako ikorerwa inyangikomvugo, byarangira gusuzumwa hakigwa ku ngingo imwe ku yindi
- Uwatumije inama cyangwa umuhagarariye atanga inshamake y'ibyemezo byumvikanyweho mu nama
- Inama isozwa n'uwatumije cyangwa umuhagarariye igihe uwayitumije yabimuhereye uburenganzira: ashimira abayitabiriye akanabasezerera ndetse akabanza kubaha amatangazo iyo ahari.

Impugukirwa:

1. Kugira ngo inama ishyirwe mu bikorwa uyobora inama agomba kugira izi ndangagaciro igihe ayoboye inama:
 - Kwirinda kuba umunyagitugu;
 - Kutagira uruhande abogamira ;
 - Kumva ibitekerezo by'abatumirwa akabijora kandi akabigorora igihe ari ngombwa;
 - Agomba kuba ari umuhanga mu byo avuga adahuzagurika icyo atazi agasaba ukizi mu batumirwa kugisobanura.
2. Imyanzuro y'inama ifatwa nk'aho ari ikemezo cya buri wese mu baje mu nama.
3. Inama igomba kurangwa n'ikinyabupfura, ubworoherane n'umusanzu wa buri wese mbega inama ntabwo ari igihe cy'amatangazo.

Umwitoto

Nyuma yo kugaragaza ibyavuye mu matsinda umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitoto kugira ngo arebe ko intego z'isomo zagezweho.

Urugero rw'umwitoto n'ibisubizo:

1. **Ukurikije ibyo umaze gusoma erekana uko wakora gahunda y'nama.**
Nkurikije ibyo maze gusoma, kugira ngo inama igende neza nakora ibi bikurikira:

Mbere y'uko inama iba:

- a) Gutegura ibizigwa muri iyo nama, nkurikije inama yabanje niba ihari.

- b) Gushyiraho urutonde rw'abazatumirwa n'impamvu batumiwe no kubatumira;
- c) Gutegura, ahantu, ibikoresho, n'ibindi bizakerwa.

Umunsi w'inama:

- a) Guha ikaze abashyitsi ndetse n'abasangwa no kubaha umwanya wo kwibwirana;
- b) Kubagezaho ibiri ku murongo w'ibyigwa no kubabaza niba hari ibyo bongeraho; hanyuma tukiha igihe iri bumare kugira ngo itarambirana;
- c) Kubagezaho ibyateguwe;
- d) Kubaha umwanya wo gutanga ibitekerezo ku ngingo zavuzweho;
- e) Gusaba umwanditsi w'inama gusoma imyanzuro y'inama no gusaba ko abari mu nama bayikorera ubugororangingo aho biri ngombwa;
- f) Gusoba inama mbashimira ubwitange bwabo.

Ikitonderwa: Abaje mu nama bashyira umukono ku nyandikomvugo y'iyi nama.

2. Hari uburyo bwo kuyobora inama, ese ni ubuhe?

Nshobora kuyobora inama mu matsinda: buri tsinda rigafata ingingo runaka mu gihe cyagenwe. Nyuma nkabagenera igihe cyo kugezanyaho ibyavuye mu matsinda kandi bubahiriza igihe. Hanyuma amatsinda yose ashoje, hagafatwa umwanzuro twese twemeranyijweho.

Nshobora kandi kuyobora inama, mpa umwe mu bagize umuryango/ ishyirahamwe/ ubuyobozi umwanya kugeza ku baje mu nama ibimureba, hanyuma abaje mu nama nkabasaba gutanga ibitekerezo cyangwa gusaba ibisobanuro ku bitasobanutse neza. Nyuma hagafatwa imyanzuro ikwiye gukurikizwa.

3. Ni ryari imyanzuro y'inama ifatwa kandi ni bande bayigiramo uruhare?

Imyanzuro y'inama ifatwa igihe abaje mu nama barenga bibiri bya gatatu kandi buri wese witabiriye inama ayigiramo uruhare.

6.4. Umwandiko: Ubudehe si ubw'abadeshyi!

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 151 kugera ku rwa 154)

Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku budehe, igitabo cy’umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n’inkoranyamagambo.

Imitangire y’isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw’ibibazo:

- (i) Ni iki mubona kuri iri shusho?** Abantu bibumbiye mu matsinda (mu mudugudu) bariga ukuntu bazakoresha amafaranga babonye y’ubudehe.
- (ii) Abo bantu barakora iki?** Bicaye bakoze uruziga, bamwe baratera urutoki hejuru batanga ibitekerezo.
- (iii) Ese bari hamwe?** Oya, bagiye baba mu matsinda.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko **“Ubudehe si ubw’abadeshyi!”**, akabasaba kuwusoma bucece banandika amagambo akomeye, abarangije bakazamura urutoki nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko, nyuma y’igihe yababwiye. Aha yibuka kwita ku batabona neza no ku batumva neza akabaha ubufasha bukenewe kugira ngo badasigara inyuma nko kubicaza imbere,...

Urugero rw’ibibazo yababaza:

- (i) Muri uyu mwandiko, haravugwamo iki?** Muri uyu mwandiko haravugwamo uko ubudehe bukorwa n’ababukora n’ibyiciro by’ubudehe.
- (ii) Mu mwandiko haravugwamo ibyiciro bingahe by’ubudehe?** Hari ibyiciro bine by’ubudehe.
- (iii) Ni uruhe ruhare rw’ubudehe mu gukemura ibibazo by’abaturage?** Uruhare rw’umuganda mu gukemura ibibazo by’abaturage ni runini nko gufasha abatishoboye kwibohora ingoyi z’ubukene, guhanga imihanda ndetse no guhuza abaturage bagakorera hamwe, bityo bakarwanya amacakubiri kandi banateza Igihugu imbere.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira

mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'amatsinda.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorerwa hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho, mbere yo kubishyira mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka

Inyunguramagambo

Gusobanura amagambo

1. **Magirirane:** Byuzuzanya, bifatikanya.
2. **Abadeshya:** Abantu b'abanebwe, badakunda umurimo.
3. **Ubudehe (ubuhinga):** Abantu bahingira hamwe bahingira inzoga; igitsiko cy'abantu benshi.
4. **Kudeha:** Kunebwa, kudashyira umwete ku murimo ukora.
5. **Gucinya:** Gukubita cyane ukuye mu mitsi, wihanukiriye; kuba mugufi, kuba munini kandi ukomeye.
6. **Kwigendaho:** Kwirwanaho. Nyamwigendaho: umuntu ukora ukwe, nta we yisunze.
7. **Udutanyu:** Uduce duto tuba twavanywe mu kindi kintu kinini. Urugero: udutarasi duto abantu bagenda bagabana.
8. **Gusumbirizwa:** Kumererwa nabi by'umurwayi, kuba hagati y'urupfu n'umupfumu.
9. **Intati :** Umuntu utatira mugenzi we cyangwa uhemukira, utaba mu nama inshuti bari bizeranye.
10. **Guhugira:** Kuba uri mu bindi.
11. **Kuvuguta:** Kuvungagurira cyangwa gukaragira ibintu hagati y'ibiganza byombi ubikuba. Guhuhisha umuvuba. Kongeza umurego wiruka.

12. **Kuzitira:** Gukikiza ikintu ibindi bikakirinda kwangirika cyangwa kugibwaho.
13. **Inzitizi:** Imbogamizi, ingorane.
14. **Kurondogora:** Kuganira by'urudaca, ntuhore kubera agahinda cyangwa ubuhwishi, kubwira utakwitayeho.
15. **Ururondogoro:** Amagambo adashira cyangwa umuntu ufite ubwenge buke cyangwa agahinda kenshi.
16. **Gucika ururondogoro:** Kuvuga ubugambo bw'urudaca by'umuntu w'indondogozi.
17. **Gucenga:** Gushuka umuntu ibyo umubwiye ntamenye ko ari ibinyoma bigatuma ugera ku ntego yawe atabizi ; gushuka uwo mukina.

Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo basubize umwitozo w'inyunguramagambo ugaragara mu gitabo cyabo. Iyo barangije asaba itsinda rimwe kugaragaza ibyo bakoze andi matsinda afatanije na mwarimu akabinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. **Andika interuro zirimo amagambo akurikira : magirirane, abadeshyi, gucinya.**
 - a) Abantu ni **magirirane**; nta mugabo umwe.
 - b) **Abadeshyi** ntibabona akazi mu buryo bworoshye.
 - c) Kabandayafashe abajura maze **arabacinya**.
2. **Andika impuzanyito z'aya magambo yanditse mu mukara tsiri, uyakuye mu mwandiko:**
 - a) Nsanzurwimo yabonye Karake agiye kumushyikira maze **yongeza umurego** aramwanikira. (**aravuguta**)
 - b) Cyanzayire yashoboye guhangana n'**inzitizi** nyinshi yahuye na zo. (**imbogamizi**)
3. **Uzuza iyi migani ukoresheje uko bikwiye aya magambo: indondogozi, gusumbirizwa, kuvuguta, ururondogoro, intati. (Ushobora kuyahindura bibaye ngombwa).**
 - a) **Intatiy'**impyisi yiyabiza maka.
 - b) Umuryango w'inkeho urasana wisunga amasaka, **wasumbirizwaugasesera**.
 - c) Ntawusegura **intati**.
 - d) Ishavu ni umucuba iyo ridasheshe akanguhe risesa **ururondogoro**.
 - e) **Indondogozi** y'ikirondwe yumira ku ruhu.

4. Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri, urikuye mu mwandiko

- a) Uyu mugabo akunda **kwangiza** ibikorwa by'umuganda; akwiye kugirwa inama rwose.(kubungabunga)
- b) Karangwa avuga make ntakunda **kuvuga menshi**. (kurondogora)

Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1. **Ni ba nde badashishikazwa no gukora ibikorwa byateza imbere Igihugu?**Ni abanebwe, abadeshya batitabira gufatanya n'abandi nko mu gusana amateme n'imihanda, gukora amatarasi ndinganire, kandi ibyo bisaba buri wese ubwitange n'inkunga y'amaboko.
2. **Uwabaga yahingishije ubudehe we n'abahinzi babyitwaragamo bate, iyo babaga bahinguye?** Uwabaga yahingishije ubusehe, yabaga yabateganyirije amafunguro n'ibinyobwa barangiza bakamubyinira, bagacinya akadiho bati: "Twaje kunywa no kuganira nawe washatse ibiganiro!"
3. **Mu mwandiko barerekana ko ubudehe, nk'uko kera bwakorwaga, ubu bishoboka?** Kuki?Oya, ubu birakomeye kuko ubu nta mirima n'amasambu abantu bakigirira; umuryango uraterana ukagabana udutanyu, buri wese agafata agace ke akaba yagahinga nk'iminsi ibiri.
4. **Ese gahunda y'ubudehe itegurwa ite?** Gahunda y'ubudehe itegurwa n'abaturage baja hamwe, bagasesengura ibibazo bibugarije bitera ubukene bakagerageza kuvuguta umuti w'ibyo bibazo bakurikije uburemere bwabyo, bahereye mu byiciro babarizwamo.
5. **Ni ubuhe bwoko bw'igikorwa rusange gishobora gushyirwa mu bikorwa hatagombye inama?** Nta bwoko bw'igikorwa rusange gikwiriye gukorwa benecyo batacyumvikanyeho kuko ari bo baba bafite inyungu n'uburyo bazakirambisha. Kuja inama bituma igikorwa kiba icyabo kuko baba bacyumvikanyeho ku buryo burambuye kandi hadasesaguwe ingengo y'imari yateganyijwe.
6. **Ukurije uyu mwandiko, abaturage b'u Rwanda bari mu byiciro bihe? Ese bashingira kuki?** Umwandiko urerekana ko abaturage bari mu byiciro bine :
 - Ikiciro cya mbere kigizwe n'abantu badafite ahantu babarizwa birwa babungera batagira icumbi, kurya bikabagora ndetse akenshi bakaburara kubera kubibura.
 - Ikiciro cya kabiri ni icy'abantu bafite icumbi ariko bagafata ifunguro ari uko bavuye guca inshuro, rimwe na rimwe ntibarya, iyo bariye bashobora kubona ifunguro rituzuye rimwe ku muni.
 - Ikiciro cya gatatu ni icy'abakorera agashahara cyangwa bafite ahandi baronka udufaranga ariko bafite aho barambika umusaya.
 - Icyane kane ni icy'abagwiye ubutunzi, amafaranga n'indi mitungo cyangwa abafite imyanya yo hejuru mu buyobozi.

Intera ya kabiri : Gusoma no gusesengura umwandiko

Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 155

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.
- Kugaragaza ingingo z’ingenzi ziri mu mwandiko.
- Kugaragaza isomo rikubiye mu mwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’umunyeshuri.

Imitangire y’isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha kwibuka ibyari biwukubiyemo.

Urugero rw’ibibazo yababaza:

- a) **Umwandiko twize ubushize wavugaga kuki?** Ubushize twize umwandiko uvuga ku budehe si ubw’abadeshyi.
- b) **Ubudehe buhuriye he no gukunda Igihugu?** Aho bihuriye ni uko ubudehe ari igikorwa cyo guteza imbere abagituye, kigenerwa cyane cyane abatishoboye bityo Igihugu kigatera imbere kikagira ijambo mu ruhandu mpuzamahanga.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n’ingingo z’ingenzi zigize umwandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ibibazo byo gusesengura umwandiko no kugerageza kubyunguranaho ibitekerezo bari mu matsinda.

Urugero rw’ibibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni akahe kamaro k’ubudehe mu iterambere ry’abaturage?
3. Ni izihe ngingo z’ingenzi zubakiweho uyu mwandiko?
4. Erekana isomo ukuye muri uyu mwandiko n’uruhare rw’umuganda n’ubudehe mu muco nyarwanda?
5. Ukurikije imiterere y’uyu mwandiko, wawushyira mu buhe bwoko?

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, agenda abafasha aho biri ngombwa. Iyo barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abasaba kumurika ibyo bakoreye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, abanyeshuri bafashwa n'umwarimu kunonosora ibisubizo byatanzwe maze bakabona ibisubizo bikwiye bandika ku mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda:

1. Insanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko:

Muri uyu mwandiko, harimo insanganyamatsiko y'uruhare rw'ubudehe mu iterambere ry'Igihugu.

2. Akamaro k'ubudehe: Ubudehe butuma abaturage bazamurana mu iterambere.

3. Ingingo z'ingenzi zubakiweho uyu mwandiko:

- Ubudehe mu gihe cya kera;
- Impamvu hataboneka abahingisha ubudehe;
- Uko isesengura ry'ibibazo rikorwa n'impamvu yaryo;
- Uko ibyiciro by'ubudehe bishyirwaho;
- Uko amafaranga yoherezwa mu mudugudu akoreshwa n'abaturage bafatanyije n'umujyanama.

4. Isomo ryo mu mwandiko:

Muri uyu mwandiko nkuyemo isomo ry'uko ubudehe bufite akamaro kanini cyane mu kurwanya ubukene no guteza abaturage imbere, ari bo babigizemo uruhare bunganiwe na Leta iba yatanze amafaranga yo guteza imbere abaturage.

Uruhare rw'umuganda n'ubudehe mu muco nyarwanda ni runni kuko ibi bikorwa biwubungabunga mu gihe cyo:

- Gukorera hamwe mu bikorwa by'iterambere bishyigikira umuco wo gukunda Igihugu ;
- Gukemura amakimbirane hagati y'abantu no gusabana babyina bishyigikira umuco w'ubumwe;
- kugena igikorwa cyo kwiteza imbere bishyigikira umuco wo kwigira ; n'ibindi.

5. Ubwoko bw'umwandiko:

Uyu mwandiko uravuga inkuru y'ukuntu ubudehe bukorwa, impamvu yabwo, abo bukorerwa n'aho bukorerwa, bityo ni umwandiko mbarankuru.

Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 156

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane, kandi avuga ahawe ijambo.
- Gutinyuka kuvugira mu ruhamwe adategwa.
- Nyuma y'iri somo umunyeshuri azaba agaragaza imyitwarire yo gushishikariza abandi kwita no kwitabira ibikorwa by'ubudehe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo yabaza:

- Ni irihe somo duheruka kwiga?** Twize ku budehe.
- Ni ki wasigaranye muri iryo somo?** Nasigaranye ko ngomba kwita ku bantu bose cyane abatishoboye kugira ngo nshobora gutanga umusanzu wange n'imbaraga mu kuzamura imbereho y'abanyarwanda (aha abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye bakurikije icyo basigaranye mu byo bari bize).
- Kubera iki ugomba kwita ku budehe na gahunda yabwo?** Ni ukubera akamaro bufite muri gahunda y'imbarurabukungu Igihugu cyacu kihayekandi ni uko hari abayifata uko itari (aha na ho ibisubizo biba byinshi kuko umwarimu abaza abanyeshuri batandukanye).

Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu bitabo byabo. Uwo mwitozo bawusomera mu matsinda n'ijwi riranguruye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutabona babashe kuwumva. Kubera ko uwo mwitozo ufite ibibazo bibiri, amatsinda amwe akora ikibazo kimwe ayandi agakora ikindi kibazo. Bayobowe n'uhagarariye itsinda, buri munyeshuri agenda avuga igitekerezo ke, umwanditsi akacyandika, nyuma bakaza kujonjoramwo ibitekerezo bikwiye, bakabinonosora, bikandikwa akaba ari byo umwanditsi aza kujya kuvugira imbere y'abandi. Amatsinda ahuje ikibazo iyo amaze kurangiza kuvuga ibyo yabonye, abanyeshuri bafatanyaga n'umwarimu kungurana ibitekerezo ku byakwandikwa ku kibaho kugira ngo abanyeshuri babyandike mu makayi yabo.

Ibibazo n’urugero rw’ingingo zishobora kugaragara mu bisubizo:

Uratekereza ko iyi gahunda yo gushyira abantu mu byiciro by’ubudehe ifite izihe ngorane kugira ngo igere ku ntego zayo?

Ingorane iyi gahunda ifite ni nyinshi:

- Gushyira abaturage mu byiciro hakurikijwe amikoro yabo kubera ko ari abaturage bo mu mudugudu ari bo bashyira bagenzi babo mu byiciro, ushobora gusanga ibyiciro bidahura mu gihugu cyose. Ibyo bituma uwitwa umutindi aha n’aha aba angana n’uwita umukene mu wundi mudugudu.
- Gushyira imishinga mu bikorwa, hari idashyirwa mu bikorwa kubera ko yateguwe nabi cyangwa yacunzwe nabi.
- Abanyarwanda benshi bari munsu y’umurongo w’ubukene, bityo amafaranga ni make abayashaka ni benshi.
- Abaturage benshi n’ubwiyongere butajyanye n’ubw’umusaruro.
- Imirimo ibyara inyungu iracyari mike.
- Urubyiruko rukeneye ko rwajya mu kiciro kibahesha amahirwe yo kwiga bafashwa na gahunda y’ubudehe, rugahitamo kubeshya kugira ngo narwo rushyirwe muri gahunda zinyuranye nka Girinka n’ ubwisungane mu kwivuza.
- Ibihe bitagenda neza bigatuma abenshi mu bahinzi batemera ikiciro bashyirwamo.
- Ubukungu buhindagurika ku buryo uwo witaga umukungu ejo ugasanga ibye barangije kubiteza cyamunara kubera ko yananiwe kwishyura imyenda ya banki runaka,...

Ingamba zikwiye gufatwa kugira ngo ubudehe bugere ku ntego zabwo.

- Gushimangira ubufatanye mu baturage bityo bakarushaho kwizerana no gushaka uburyo bwo kwikemurira amakimbirane bagamije iterambere (nko kugura amatungo, gukora ibikorwa by’ubuhinzi, kwiyubakira ibikorwa by’amazi meza, kubaka ibyumba by’amashuri, gukora amaterasi y’indinganire, kwiyubakira ibigo nderabuzima ndetse n’ibigeza byo guhunika umusaruro).
- Gufasha abaturage gukorera hamwe bagashobora kungurana ibitekerezo bityo bakarushaho kugira imbaraga no kwirinda icyababibamo amacakubiri n’amakimbirane
- Gufasha guhiraho inzego abaturage biyumvamo no kurushaho kwegereza abaturage ubushobozi mu bya politiki no mu by’imari; babagenera amahugurwa.
- Gushyiraho amakoperative agamije ibikorwa by’ubukungu kandi afasha buri muturage kugera ku iterambere no kurushaho kugera ku mibereho myiza.

6.5. Inyandikomvugo

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 156

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura inshoza y'inyandikomvugo.
- Gusobanura ibice by'inyandikomvugo.
- Gukora inyandikomvugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma inyandikomvugo y'inama maze akababaza ikibazo kiganisha ku nama.

Urugero rw'inyandikomvugo yabaha n'ikibazo yababazaho

Inyandikomvugo y'inama ya Komite Nyobozi y'Akarere na Bwakira yo ku wa 12/Gashyantare 2016

(a) Abitabiriye inama

- 1) **Bwana MUGISHA Arnauld** (Umuyobozi w'Akarere)
- 2) **Madamu KANKINDI Virginie** (Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage)
- 3) **Bwana BAZIRURA Sébatien** (Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ububukungu)
- 4) **Madamu UWISANZE Diane** (Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Bwakira)

(b) Ibyari ku murongo w'ibygwa

1. Gusuzuma raporo z'ubwitabire bw'umuganda.
2. Gukora igenagaciro ry' Umuganda mu kwezi kwa Mutarama.
3. Gusuzuma imikorere y'abayobozi b'imirenge.
4. Utuntu n'utundi.

(c) Uko inama yagenze

Inama yatangiye saa saba n'igice iyobowe n'umuyobozi w'Akarere ka Bwakira Bwana MUGISHA Arnauld watangiye aha ikaze abitabiriye inama anaboneraho

no kubereka umuyobozi mushya w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Madamu KANKINDI Virginie. Arangije abasomera ibyari ku murongo w'ibyigwa. Uyoboze inama kandi yabajije abari mu nama niba hari ibyo bifuza gushyira ku murongo w'ibyigwa maze hemezwa gahunda y'inama.

1. Ingingo ya mbere : Gusuzuma raporo z'ubwitabire bw'umuganda.

Ku bijyanye n'iyi ngingo abari mu nama bamaze gusoma no gusuzuma raporo bagejejweho na za komite ngenzuzi z'umuganda mu mirenge yose basanze umuganda witabirwa ku kigereranyo cya 95% bafata umwazuro ko n'abasigaye bangana na 5% abayobozi b'utugari n'imirenge bakora uko bashoboye bagakora ubukangurambaga bwo kubashishikariza kwitabira umuganda no kubumvisha uburyo umuganda ari igikorwa k'ingirakamaro mu iterambere.

2. Ingingo ya kabiri: Gukora igenagaciro ry'umuganda mu kwezi kwa Mutarama.


Abari mu nama, nyuma yo gusuzuma raporo z'igenagaciro k'umuganda mu mirenge inyuranye basanze mu kwezi kwa Mutarama umuganda waragize agaciro kangana na miriyoni 15 z'amafaranga y'u Rwanda bishimira icyo gikorwa. Cyakora bifuje ko umurenge wa Kantarange mu kwezi kwa kabiri wazagerageza gukora ibikorwa bifite agaciro karenze ako mu kwezi kwa mbere kuko raporo zagaragazaga ko ari wo murenge wari inyuma y'iyindi kandi uri mu mirenge ifite abaturage benshi.

3. Ingingo ya gatatu: Gusuzuma imikorere y'abayobozi b'imirenge.

Uyoboze inama, kuri iyi ngingo yagaragariye abari mu nama uko abayobozi b'imirenge igize Akarere ka Bwakira bitabiriye gutanga raporo n'uko bahiguye imihigo yabo. Abari mu nama bamaze kubyunguranaho ibitekerezo basanze hari abayobozi bagomba kugirwa inama n'abandi bagomba guhindurirwa imirenge bayoboraga. Ni muri urwo rwego umuyobozi w'Umurenge wa Mataba yimuriwe mu murenge wa Mugote uwayoboraga umurenge wa Mugote akagurana na we. Umuyobozi w'Umurenge wa Marangara hafashwe umwanzuro wo kumwandikira ibaruwa imusaba ibisobanuro birambuye ku mpamvu zo kudatangira raporo ku gihe.

4. Ingingo ya kane: utuntu n'utundi

Mu tuntu n'utundi, umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage yagejeje ku bari mu nama ikibazo cy'abayobozi b'utugari bakoresheje nabi amafaranga y'ubudehe batagishije inama abaturage ngo bumvikane ku cyo bakoresha amafaranga y'ubudehe. Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo abari mu nama bafashe umwanzuro wo gutumiza abo bayobozi bakagirwa inama bazakomeza kuyobora nabi bagahagarikwa ku buyobozi. Inama yashojwe saa kenda n'igice uyoboze inama yongera gushimira abayitabiriye.



Umwanditsi w'inama
UWISANZE Diane
Ikibazo:



Umuyobozi w'inama
MUGISHA Arnould

Urugero rw'ikibazo yababazaho:

Nyuma yo gusoma no kwitegereza imiterere y'iyi nyandiko gerageza kungurana ibitekerezo na bagenzi bawe mu matsinda musobanura inama icyo ari cyo, gahunda y'inama, uburyo bwo kuyobora inama, gufata imyanzuro y'inama, inyandiko mvugo y'inama icyo ari cyo, ibice byayo n'uko ikorwa.

2. Isesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda manini, akabasaba gusubiza ibyo bibazo bari mu matsinda yabo.

Umwarimu arabaha igihe cyo kubisubiza, nikirangira abasabe kumurika ibyavuye mu matsinda abafashe kubikorera ubugororangingo ibisubizo byandikwe ku kibaho abasabe kongera kubisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo n'abatabona, niba bahari, bayumve.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

1. Inshoza y'inyandiko mvugo

Inyandiko mvugo ni umwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yanagizemo uruhare mu nama. Iyo urebye abo inyandiko mvugo igenewe, usanga hari uburyo bubiri ikorwamo:

Inyandiko mvugo ishobora kuba igenewe umuntu wari uhari igihe ibikorwaho inyandiko mvugo byabaga, kugira ngo atibagirwa ibyabaye abone uko abyigaho neza cyangwa ashyire mu bikorwa ibyumvikanweho. Inyandikomvugo igenewe umuntu utari uhari kugira ngo amenye ibyavugiwe cyangwa ibyakorewe aho atari ari.

2. Ibice by'inyandiko mvugo y'inama n'uko bikorwa

Inyandiko mvugo y'inama igaragaza ibice bine by'ingezi: umutwe, abari mu nama, ibyari ku murongo w'ibygwa n'uko inama yagenze muri make.

a) Umutwe

Ugaragaramo iyo nama iyo ari yo n'igihe yabereye mu magambo make.

b) Abari mu nama

Muri iki gice inyandiko mvugo igaragaramo urutonde rw'abitabiriye inama bose. Iyo atari benshi cyane bagaragazwa mu ntagiro

y'inyandikomvugo. Ariko iyo abitabiriye inama ari benshi cyane bashyirwa ku mugereka w'inyandiko mvugo y'iyi nama. Muri iki gice kandi hashobora no gushyirwamo abatarayitabiriye bafite impamvi cyangwa batayifite.

c) Ibyari ku murongo w'ibygwa

Muri iki gice, ukora inyandiko mvugo arondora ibyo inama yagombaga kwigaho byose nk'uko biba byavuzwe n'umuyobozi w'inama ndetse n'ibindi byifujwe n'abari mu namma ko byajya mu tuntu n'utundi; ibitari byateganijwe n'umuyobozi w'inama.

d) Uko inama yagenze

Muri iki gice ukora inyandiko mvugo yandika muri make icyo bumvikanye kuri buri ngingo. Ntiyandika ibyo buri muntu yavuze, ahubwo yandika gusa umwanzuro wafashwe kuri buri ngingo yari ku murongo w'ibygwa kandi bikandikwa ku buryo bwumvikana neza adashyiramo ibitekerezo bye.

Ikitoronderwa

Ibindi bigomba kugaragara mu nyandiko mvugo ni aho inama yabereye, urwego inama yateranyemo, impamvu y'inama, igihe yatangiye n'igihe yarangiye.

Inyandikomvugo itajyamo ibitekerezo bwite by'uyikora. Ni umwandiko uvuga ibyabaye utagize icyo uhindura.

Umwitoto w'ubumenyigiro

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitoto wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke.

Urugero rw'umwitoto n'uko wakorwa:

Umwitoto:

Kora inyandikomvugo y'inama y'ababyeyi yabereye mu kigo wigamo. Ubahiriza amabwiriza agenga imyandikire y'inyandikomvugo twabonye haruguru.

Uko uwo umwitoto ukorwa:

Kubera ko abanyeshuri baharariye abandi ari bo bemerewe kwitabira inama z'ababyeyi, uyu mwitoto mwarimu ashobora kuwaha abanyeshuri bake yahisemo cyangwa bahiswemo na bagenzi babo, bashobora gushingira ko ari bo banditsi batoye. Umwarimu asabira uburenganzira abo banyeshuri bwo gukurikirana inama y'ababyeyi yabereye mu kigo, bakayikorera inyandikomvugo bakurikije uko

babyize. Abo iyo bageze mu matsinda yabo bayagezaho ibyo bakuye mu nama noneho bikandikwa mu buryo bunoze.

Umwarimu areba niba uko bayikoze ari ko yagenze koko. Arakosora mu ishuri iyo nyandikomvugo agaragaza aho batabikoze neza. Nyuma yo gukosora inyandikomvugo z'abo banyeshuri, mwarimu arabaha urugero rw'inyandikomvugo ikwiriye. Birumvikana ko na mwarimu asabwa kwitabira iyo nama kugira ngo ashobore kuyikora neza. Umwarimu amaze kwigisha abanyeshuri ibijyanye n'inyandikomvugo, asaba abanyeshuri gukora inshamake y'iby'ingenzi bagomba gufata ku byerekanye na yo mbere y'uko bakora imyitozo.

Urugero rw'inshamake ishobora kuboneka

Inyandikomvugo iri mu mwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yagizemo uruhare...

Inyandikomvugo y'inama igaragaza ibice bitatu by'ingenzi: abari mu nama, ibyari ku murongo w'ibyigwa n'uko inama yagenze muri make.

Ibindi bigomba kugaragara mu nyandiko: aho inama yabereye, urwego inama yateranyemo, impamvu y'inama, igihe yatangiriye n'igihe yarangiriye.

Inyandiko ntijyamo ibitekerezo bwite by'uuyikora. Ni umwandiko uvuga ibyabaye utagize icyo uhindura.

6.6. Inshamake

Umunyeshuri asigaranye ko:

- Umuganda usobanura igiti cyo gushinga umuturanyi yazaniraga uwubaka, inkunga ihawe uwubaka cyangwa igikorwa runaka abantu baba bakoreye hamwe, bahuriza hamwe imbaraga kugira ngo bagere ku gikorwa bahuriyeho gifitiye Igihugu akamaro.
- Urubyiruko rufite imyaka cumi n'umunani y'amavuko kandi n'umuntu wese utarengeje imyaka mirongo itandatu n'itanu afite inshingano zo gukora umuganda, yifatanya n'abandi.
- Nyuma y'umuganda hakorwa inama muri rusange ikiga ku bikorwa binyuranye, harimo kungurana ibitekerezo no gukemura impaka,...
- Hari komite zifite inshingano zo gukora iteganyabikorwa ry'umuganda, gutegura no kuyobora igikorwa cy'umuganda no gukora isuzumabikorwa ry'umuganda no kubitangaho raporo
- Gahunda y'ubudehe itegurwa n'abaturage bajya hamwe, bagasesengura ibibazo bibugarije bitera ubukene bakagerageza kuvuguta umuti w'ibyo bibazo bakurikije uburemere bwabyo, bahereye mu byiciro babarizwamo.
- Mu Rwanda abaturage bari mu byiciro bitatu : ikiciro cya mbere kigizwe n'abantu badafite ahantu babarizwa birwa babungera batagira icumbi, kurya bikabagora ndetse akenshi bakaburara kubera kubibura. Ikiciro cya kabiri ni

icy'abantu bafite icumbi ariko bagafata ifunguro ari uko bavuye guca inshuro, rimwe na rimwe ntibarya, iyo bariye bashobora kubona ifunguro rituzuye rimwe ku munsu. Ikiciro cya gatatu ni icy'abakorera agashahara cyangwa bafite ahandi baronka udufaranga ariko bafite aho barambika umusaya. Icy'a kane ni icy'abagwije ubutunzi, amafaranga n'indi mitungo cyangwa abafite imyanya yo hejuru mu buyobozi.

- Inyandiko mvugo ari mu mwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yagizemo uruhare...
- Inyandikomvugo y'inama igaragaza ibice bitatu by'ingenzi: abari mu nama, ibyari ku murongo w'ibyigwa n'uko inama yagenze muri make. Ibindi bigomba kugaragara mu nyandiko: aho inama yabereye, urwego inama yateranyemo, impamvu y'inama, igihe yatangiriye n'igihe yarangiriye...
- Izina ry'iritirano ari izina ritari karemano muri urwo rurimi, ko ari izina ryavuye mu zindi ndimi cyangwa izina ryahawe ikintu ubusanzwe kitari gisanzwe muri urwo rurimi.
- Kugira ngo ijamba ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye, rigafata intego n'imiterere y'amazina y'urwo rurimi uryinjijemo. Riba rishobora kwinjirana inyito risanganywe cyangwa guhabwa indi itandukanye n'isanzwe.
- Indimi nyafurika zatije ikinyarwanda amagambo kubera imihahirane n'imibanire yo guturana no gushyingiranwa. Indimi z'i Burayi zatije ikinyarwanda amagambo kubera ubukoloni, ubucuruzi n'amadini.

Umukoro: Kwiyungura imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'umutwe wa gatandatu wo gukunda Igihugu. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko.

Urugero rw'imigani batanga:

- Wima Igihugu amaraso, imbwa zikayanywera ubuntu : Ni ngombwa gukunda Igihugu cyawe.

6.7. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 160

Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;
- Ubushobozi bwo gutegura inama no kuyiyobora;
- Ubushobozi bwo gukora inyandikomvugo y'inama yakurikiye;
- Ubushobozi bwo gukoresha amazina y'amatirano no kuyasesengura.

Uyu mwitozo ukorwa n’umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva umwandiko

Inyunguramagambo:

A. Sobanura aya magambo uhereye ku mwandiko

- (i) **Uburere mboneragihugu:** Ijambo rituruka ku gikorwa cyo kurerera Igihugu bishaka kuvuga: Gutanga uburere bubereye Igihugu, bugihesha ishema, butuma gikundwa, cyubahwa, kikanagendwa. Uburere mboneragihugu bugamije kandi kubaka, gushimangira, gukomeza ubumenyi bw’abanyagihugu ku bireba Igihugu cyabo.
- (ii) **Igihugu:** Kirangwa n’ubutaka bufite imbibi zizwi, amateka n’ubutegetsu buhuriweho n’abagituye, ibirango bose bibonamo, umuco, ururimi n’imyemerere bitandukanye n’iby’abandi, umutungo kamere usangiwe ariko kandi cyane, Igihugu kikarangwa n’abagituye.
- (iii) **Guhuga:** Kwibagirwa by’umwana muto; kuba wibanze ku murimo by’akanya gato ntihagire ikikurangaza; kumenyera ikintu wakibura ukamererwa nabi; kutagira ishya(amahirwe) .
- (iv) **Uruhererekane:** Ikintu cyabaye karande kiva ku muntu mijya ku wundi, kiva ku kintu kijya ku kindi ntigicike, inyigisho abakera bagiye basigira abandi ho umurage.
- (v) **Guhunga:** Kuva ahantu ukajya ahandi ushaka kuzibukira umuntu cyangwa ikintu; kuva ahantu ukajya ahandi ari ugukiza amagara yawe; kwirinda ko ibintu byakurangwaho cyangwa ngo bikuvugweho; gutinya gutabara ikintu cyangwa umuntu biri mu byago; gusubirisha amagambo y’inkeramucyamu ikibazo ubajijwe.
- (vi) **Amacakubiri:** Urwangano cyangwa ubwumvikane buke buvuka hagati y’abantu bari basanzwe bumvikane; inzira zibyaye amahari.
- (vii) **Agaciro:** akamaro.
- (viii) **Gushyira mu gaciro:** gukora/ gukora ibintu bitunganye.
- (ix) **Kubura agaciro:** Kubura uburyo, kwipfusha ubusa; kwigira imburamumaro.
- (x) **Kubuza agaciro:** Kuza epfo na ruguru. Umwanya umuntu abona abihawe n’akamaro cyangwa icyubahiro kiruse icy’abandi; ingano y’ibintu ibi n’ibi bishobora kuguranwa cyangwa umurimo uyu n’uyu. Ushobra guhemberwa cyangwa ishimwe.
- (xi) **Agaciro:** Ikintu baha abantu cyanecyane abarwayi bari kwa muganga kugira ngo baciremo.

(xii) **Gusohoza:** Kugeza ubutumwa ku wo bugenewe; gushyikiriza umuntu uwo yifuza ko yamuhaka

B. Koresha buri jambo mu nteruro, ugendeye ku nyito yaryo mu nteruro:

- (i) Iyo umuntu adahaye agaciro Igihugu ke aragisuzuguzwa.
- (ii) Umweneguhugu ukunda Igihugu ke ashoza inshingano baba bamuhaye; kigatera imbere.
- (iii) Umweneguhugu mwiza ntahunga Igihugu ke, arakirwanirira.

C. Uzuza iyi migani, ukoresheje amagambo wungukiye muri uyu mwandiko.

- (i) Kuki bishe uriya muntu ureba bakubaza ukabihunga?
- (ii) Iminsi iyo ihuze urayiba.
- (iii) Ijisho ridahuga ntirihaka.

D. Andika impuzanyito z'amagambo yanditse mu mukara tsiri, uyakuye mu mwandiko.

- (i) Iri somo rifite akamaro, ugomba kuryitaho. (agaciro)
- (ii) Uyu muco wacu ni karande; dukwiye kuwusigasira. (uruhererekane)

E. Andika imbusane y'iri jambo ritsindagiye uyikuye mu mwandiko:

Uyu mugabo yabaye ikigwari cyane mu mateka yacu. (intwari)

Kumva umwandiko

- (i) **Ni akahe kamaro k'uburere mboneragihugu?** Uburere mboneragihugu bfitwe akamaro ko gutoza gukunda Igihugu.
- (ii) **Ni ibihe bintu bitanu byibuze biranga umweneguhugu ugikunda?** Bimwe mu bintu biranga umuntu ukunda Igihugu, birimo: guhorana ingamba zo guhindura abandi, abaganisha ku mikorere ya kirwanashyaka; kubahiriza uburenganzira bw'abandi nk'uko yifuza ko ubwe bwubahirizwa; kuzirikana ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko; kuzirikana ko hari byinshi byiza byasizwe n'Abakurambere bityo akumva ko agomba kwishyura iryo deni nawe akagira icyo asiga akoze abazavuka nyuma bakazabihereho. Agomba kandi gugikorera nta kwiganda; gushishikazwa no gushaka ibisubizo by'ibibazo biriho; kutagambanira Igihugu; kwitangira Igihugu ukaba wanagipfira bibaye ngombwa; n'ibindi.
- (iii) **Erekana inkingi uburere mboneragihugu bwubakirwaho.** Inkingi zubakirwaho uburere mboneragihugu ni amateka y'Igihugu, umuco w'Igihugu, indangagaciro z'Igihugu hamwe n'ikerekezo k'Igihugu.
- (iv) **Tanga uruhererekane Abanyarwanda bakomoraho gukunda Igihugu.** Urwo ruhererekane ni nyemvugo: Ingero (Wima amaraso Igihugu, imbwa

zikayanywera ubusa, u Rwanda ruratera ntiruterwa, ese ko abandi bahunga bagana u Rwanda, ndaruhunga nge he? (Bisangwa).

- (v) **Intego y'Abanyarwanda bose ni iyihe? Iboneka he?** Intego y'Abanyarwanda bose ni Ubumwe, Umurimo, Gukunda Igihugu. Iboneka mu Kirangantego cya Repubulika y' u Rwanda.
- (vi) **Ese kwitangira Igihugu bikagera aho wagipfira birashoboka?** Tanga ingero mu gusobanura igisubizo cyawe. Birashoboka kuko hari Abanyarwanda batandukanye bagaragaje umuco mwiza wo gukunda Igihugu no kukitangira. Muri bo ni umwami Kigeri IV Rwabugiri, umwami Mutara III Rudahigwa, Fred Gisa Rwigema, abana b'abanyeshuri b'i Nyange n'umubikira Felicite Niyitegeka.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura umwandika

(i) **Insanganyamatsiko nkuru irimo:**

Insanganyamatsikoiri muri uyu mwandiko ni ugukunda Igihugu.

(ii) **Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko:**

- icyo gukunda Igihugu ari cyo;
- Umunyagihugu ugaragaraho gukunda Igihugu abikuye ku burere mboneragihugu;
- Intego ya buri gihugu yo kugira umunyagihugu watojwe neza uburere mboneragihugu;
- Indangagaciro zinyuranye ziranga umunyagihugu ugikunda;
- Inkingi zubakirwaho uburere mboneragihugu;
- Agaciro k'uburere mboneragihugu mu kubanisha umunyagihugu n'Igihugu ke.

(iii) **Isomo ryo muri uyu mwandiko:**

Isomo nkuye muri uyu mwandiko ni uko gukunda Igihugu atari ugukunda ubutaka bwambaye ubusa ahubwo ari ugukunda abatuye n'ibidukikije, umuco wacyo no guharanira iterambere ryacyo aho ndi hose.

Gusuzuma ubushobozi bwo gusesengura amazina y'amatirano no guhanga umwandiko

1. **Shaka mu nteruro zikurikira amagambo y'amatirano, maze werekane intego n'itegeko ry'igenamajwi.**

- (i) Ishuri ryacu rihora ryesa imihigo kuko abanyeshuri bose bagize inota ribemerera kujya mu mashuri ya Leta.
- (ii) Muri iki gihe intwari aho kwambikwa impeta nk'umudende, bambikwa imidari,...
- (iii) Imisoro ni ngombwa kuko ikoreshwa mu kubaka amashuri, ibibuga by'indege, ... bityo Igihugu kigatera imbere mu buryo bwihuse.

Izina	Intêgo	Itegeko ry'igenamajwi
Ishuri	i-ø-shuri	Nta tegeko
Abanyeshuri	a-ba-nya-i-ø-shuri	a + i → e
Inota	i-ø-nota	Nta tegeko
Amashuri	a-ma-shuri	Nta tegeko
Leta	ø - ø - leta	Nta tegeko
Imidari	i-mi-dari	Nta tegeko
Imisoro	i-mi-soro	Nta tegeko
Indege	i-n-dege	Nta tegeko

2. Hanga umwandiko utarengeje imirongo mirongo itatu ku nsanganyamatsiko zikurikira:

- (i) Gukunda Igihugu no kuzirikana ibyiza ba sogokuru badusigiye byerekana umwenehugu mwiza.
- (ii) Ereka ibikorwa bigaragara biranga umuntu ukunda Igihugu ke.
- (iii) Igihugu cy' u Rwanda cyashyizeho uburyo bwo guha icyubahiro intwari ziba zarakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu gukunda Igihugu. Byerekane ushingiyeye ku mateka.

Umwarimu areba ko abanyeshuri bagaragaje ingingo zisabwa kandi ko umwandiko wubahirije uturango tw'ihimbamwandiko.

Inama n'inyandikomvugo

Ereka ibice bigize inyandiko mvugo y'inama yabereye ku mu ishuri ryanyu. Ahangaha umwarimu ashobora kubwira abanyeshuri be gutegura no kuyobora inama maze bakayikorera inyandikomvugo nyuma yo gusura ahabereye inama ku ishuri cyangwa ahandi. Ibi bishobora kuba byasimbura kuba bajya ahandi hantu.

6.8. Imyitozo nsindagirabumenyi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda kugira ngo bafashanye kubyumva neza. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiyeye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitozo yabategurira:

- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu kumva umwandiko yabategurira ibibazo byimbitse bibafasha kumva insanganyamatsiko yizwe «Uruhare rw'umuganda n'ubudehe mu iteramere ry'Igihugu».
- Ku bagaragaje ubushobozi buke ku buryo bwo kuyobora inama no gukora inyandikomvugo y'inama umwarimu abaha undi mukoro wo kuyobora inama mu ishuri abagaragaje ubushobozi buke ku nyandikomvugo akabasaba kuyikorera inyandikomvugo.
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu gusesengu amazina y'amatirano abaha ibibazo byo kugaragazaamazina y'amatirano mu mwandiko ndetse no kuyasesengura bagaragaza intego yayo.

7

Iterambere

Umubare w'amasomo: 42

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura inkuru ngufi no gukora raporo.

7.1. Umwandiko: Izigamire Mitima!

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 164 kugera ku rwa 166)

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo imyandiko ivuga ku muganda mu Rwanda, igitabo cy'umwarimu, andi mashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho akababazaho ibibazi biganisha ku mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

1. Ni iki mubona kuri iyi shusho? Turahabona abantu naje ku murenge Sacco.

2. **Abo bantu murabona baje gukora iki?** Baje kubitsa amafaranga.
3. Umwarimu aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko ujyanye no kuzigama abasabe kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko “Ibidukikije, inkingi y’ubuzima” akabasaba kuwusoma bucece, banandika amagambo akomeye. Nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.

Urugero rw’ibibazo yababaza:

1. **Ni ba nde baganira muriyi nkuru?** Ni Habarugira na barayasesa.
2. **Mitima yatangiye ryari kwizigamira?** Yabitangiye akimara kuba imfubyi.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo n’isesekaza. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by’amagambo akomeye kandi basubiza n’ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n’umubare w’amatsinda uhari.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakoreramwe hamwe. Nyuma y’iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

Urugero rw’ibisubizo bishoboka.

Inyunguramagambo:

Gusobanura amagambo:

1. **Indoto:** Inzozo z’ibintu umuntu aba y’ifuza kugeraho.

2. **Kuyaga:** Kuganira umuntu ibyago cyangwa akababaro wagize.
3. **Kokamwa n’umuruho:** Kugira ibibazo biguhoraho.
4. **Gukira ibya mirenge:** Kugira ubukire bwinshi.
5. **Ubwirabure:** Ibihe by’akababaro abantu bapfushije umuntu babamo.
6. **Umunywanyi:** Umuntu w’inshuti magara.

b) Umwitozo w’inyunguramagambo:

Umwarimu asaba abanyeshuri kuja mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo basubize umwitozo w’inyunguramagambo ugaragara mu gitabo cyabo. Iyo barangije asaba itsinda rimwe kugaragaza ibyo bakoze andi matsinda afatanije na mwarimu akabinonosora bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Umwitozo n’ibisubizo:

1. Uzuzura interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yo mu mwandiko: kubyutsa umutwe, kugendererwa.
 - a) Mfite impungenge ko naba **naragenderewe** na wa mwanzu utera abimitse ubusambanyi.
 - b) Nyuma yo guhomba igihe kirekire nongeye **kubyutsa umutwe** maze kubona igishoro nkuye muri banki.
2. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro zumvikanisha neza icyo ashaka kuvuga:** indoto, kuyaga, kokamwa n’umuruho, gukira ibya mirenge, ubwirabure, umunywanyi, umuze.
 - **Indoto:** Kuva kera nari mfite indoto zo kuziga kaminuza none nazigezeho niga muri kaminuza y’ u Rwanda.
 - **Kuyaga :** Nagiye gusura masenge tumara umwa nya munini tuyaga ambwira ibizazane yahuye na byo.
 - **Kokamwa n’umuruho:** Si byiza kokamwa n’umuruho wo guhora ukora imirimo ivunanye cyane ukiri muto.
 - **Gukira ibya Mirenge:** Ni ngombwa gukora cyane kugira ngo dukire ibya Mirenge duteze u rwanda rwacu imbere.
 - **Ubwirabure:** Iyo abantu bapfushije bava mu bwirabure nyuma y’icyumweru.
 - **Umunywanyi:** Yabuze uko abigenza yitabaza umunywanyi we amurwanaho.
 - **Umuze:** Si byiza mu buzima kugira umuze wo gusabiriza.

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Kuki tugomba kuzigama?**
Tugomba kuzigama kugira ngo:

- Tugere ku ntego twiyemeje no ku byo twifuza.
 - Tugire imitungo maze dukore imishinga yatubeshaho twe n'imiryango yacu mu gihe kizaza.
2. **Ni iyihe nyungu Mitima abona mu kwizigamira?** Inyungu Mitima abona mu kwizigamira ni uko iyo uwizigamiye agwiye ubwizigame ushobora gukuraho igice k'imari ukagishora mu bikorwa bibyara inyungu, kandi ni uko ibigo byimari bishobora kumugirira ikizere agakorana na byo bimuha inguzanyo.
 3. **Ni ba nde bashobora kwizigamira?** Buri wese ashobora kwizigama hatitawe ku myaka umuntu afite cyangwa ku mafaranga yinjiza.
 4. **Mu mwandiko baravuga ko kuzigama bigomba gutangira ryari?** Mu mwandiko baravuga ko kuzigama bigomba gutangira umwana akiri uruhinja, ababyeyi be bamuzigamira, yamara guca akenge agakomerezaho yizigamira.
 5. **Ni iki kibabaza Barayasesa?** Barayasesa ababajwe n'uko atatangiriye igihe gukorana n'ibigo by'imari abatsa kandi aguzza.
 6. **Ni iyihe mpamvu ituma abantu batitabira gutangira kuzigama bakiri bato?** Abantu benshi ntibitabira gutangira kuzigama bakiri bato kuko nta bumenyi baba bafite kubijyanye no kuzigama ndetse no gukorana n'ibigo by'imari, bityo bagakoresha amafaranga yabo bayasesangurira mu bidafite umumaro. Abantu ntibahawe ubumenyi mu byerekeranye n'imari bakiri bato.
 7. **Gutoza abakiri bato kuzigama bifite kamaro ki kuri bo no ku gihugu muri rusange?** Gutoza abakiri bato kuzigama bifite kamaro ko gutangira kumenya kwizigamira ukiri muto bigatuma udasesagura bityo ugatangira gukora imishinga mitomito ukiri muto, ibyo bigateza Igihugu imbere kuko Igihugu kizamurwa n'amaboko y'abana bacyo. Ibyo kandi byagabanya ubushomeri kuko abana bajya bakura bariteganyirije bigatuma bigatuma bubaka ubushobozi bwangombwa bwo kwihangira umurimo. Bifite akamaro kandi kuko abana bakura ari abavugizi b'umuco wo kwizigamira bigaragara ko ukiri hasi mu gihugu cyacu.
 8. **Nk'umunyeshuri witegura kurangiza amashuri yisumbuye umwaka utaha, wakora iki kugira ngo wizigamire?** Nafungura konti mu kigo kimari nk'umurenge SACCO maze ngatangira kujya ngabanya ku mafaranga ababyeyi bampa yo kwifashisha ku ishuri nkayashyira kuri konti yange
 9. **Umaze kumva ibyiza byo kuzigama, ni yihe nama wagira abanyeshuri bagenzi bawe n'abandi bantu muri rusange.** Maze kumva ibyiza byo kuzigama nagira inama abanyeshuri gutangira kwizigamira bahereye ku mafaranga babaha yo kwifashisha, maze bagatangira gutekereza uburyo bazihangira umurimo uzabafasha gukomeza amashuri yabo barangije amashuri yisumbuye.
 - Nashishikariza abandi bantu, baba abafite amafaranga menshi baba abafite make kugana igigo by'imari kwizigamiramo amafaranga yabo yamara kugwira bakayashora mu mishinga minini ibyara inyungu.

Intera ya kabiri : Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy’umunyeshuri kuva ku rup. rwa 167)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Kugaragaza ingingo z’ingenzi zivugwa mu mwandiko.
- Gusubiza ibibazo binyuranye byo gusesengura umwandiko.
- Gushyira mu bikorwa ibyo yize mu mwandiko.
- Nyuma y’iri somo kandi umunyeshuri azaba agaragaza umuco wo kuzigama no kubishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri n’igitabo cy’umwarimu.

Imitangire y’isomo

Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri konera gusoma umwandiko baheruka kwiga kugira ngo biyibutse ibyari biwukubiyemo

Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura bagaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n’ingingo z’ingenzi zigize umwandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ibibazo byo gusesengura umwandiko no kugerageza kubyunguranaho ibitekerezo bari mu matsinda. Abasaba kubanza kubyandika ku kibaho kugira ngo niba hari abatuma bahari babisome

Ibibazo:

1. Ni zihe ngingo z’ingenzi zigize uyu mwandiko?
2. Ushingiye ku mwandiko imigani ikurikira yaciriwe ba nde? Kubera iki?
 - a) Ugira neza ineza ukayisanga imbere.
 - b) Nta baronkera rimwe nk’abava guca imisigati
3. Andika imigani ibiri isobanura kimwe n’uyu: “Iteme umugabo azambuka yakennye aritinda agitunze”.
4. Gereranya ibivugwa mu mwandiko n’ubuzima bw’aho utuye? Hari abantu uzi bizigamiye bagatera imbere nka Mitima? Hari abo se uzi basesaguye ibyabo bigatuma basigara inyuma?

Umwarimu agenzura imikoranyirye y’abanyeshuri mu matsinda, agenda abafasha aho biri ngombwa. Iyo barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abasaba kumurika ibyo bakoreye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, abanyeshuri bafashwa n’umwarimu kunonosora ibisubizo byatanzwe maze bakabona ibisubizo bikwiye bandika ku mu makayi yabo.

Urugero rw’ibisubizo :

1. Ni zihe ngingo z’ingenzi zigize uyu mwandiko?

- Ikiganiro hagati ya Mitima na barayasesa ku bijyanye no gukurikiza inama yo kuzigama yahawe n’uwamureraga.
- Inama Mitima agira Barayasesa ku bijyanye no kuzigama.
- Ikiganiro hagati ya Mitima, Barayasesa na Maharane, kubijyanye no gutangira kuzigama hakiri kare.
- Barayasesa agira ababazwa n’uko we atabashije kwizigamira.
- Barayasesa afata umugambi wo gana ibigo by’imari azajya abitsa anaguzza, ubundi agakora akiteza imbere.

2. Ushingiye ku mwandiko imigani ikurikira yaciriwe ba nde? Kubera iki?

- a) Ugira neza ineza ukayisanga imbere.
- b) Nta baronkera rimwe nk’abava guca imisigati
 - Ugira neza ineza ukayisanga imbere. Waciriwe se wa Mitima wagize umunywanyu bigatuma amurerera we yaritabye Imana.
 - Nta baronkera rimwe nk’abava guca imisigati. Waciriwe Mitima uciwe na barayasesa ashaka kuvuga ko niba yaragize umugisha wo gukira na we batakirira rimwe.

3. Andika imigani ibiri isobanura kimwe n’uyu: “Iteme umugabo azambuka yakennye aritinda agitunze”. Imigani ibiri ni: “Akabando k’iminsi ugaca hakibona” na “Igitu uzacana uri umusaza ugitera uri umusore”.

4. Gereranya ibivugwa mu mwandiko n’ubuzima bw’aho uruye? Hari abantu uzi bizigamiye bagatera imbere nka Mitima? Hari abo se uzi basesaguye ibyabo bigatuma basigara inyuma? Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye bakurikije aho batuye n’abo babonye bameze nk’abo banyarubuga

Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy’umunyeshuri kuva ku rup. rwa 167)

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura uburyo kuzigama ari umusingi w’iterambere.
- Gutinyuka kuvugira mu ruhame adategwa.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri n’igitabo cy’umwarimu.

Imitangire y’isomo

Ivumburamatsiko:

Umwarimu aririmbira abanyeshuri akaririmbo kavuga ku byiza byo kuzigama cyawa se akabaganirira akaganiro kabuga ku biza byo kuzigama. Iyo biranyiye ababaza ibibazo byerekeye ku kuzigama.

Aboneraho kubabwira ko bagiye kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yo kuzigama.

Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ikibazo cyo kungurana ibitekerezo akanabasaba kucyandika ku kibaho kugira ngo n’abatumva bagisome.

Ingingo yo kunguranaho ibitekerezo:

Mu itsinda na bagenzi bawe nimwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira: “Kuzigama ni umusingi w’iterambere rirambye”

Umwarimu abwira abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w’ikiganiro uri buyobore icyo kiganiro mu ishuri ryose. Umwarimu abasaba kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo, kugeza bageze ku mwanzuro umwe bumvikanyeho.

Umwarimu yita cyane ku buryo abanyeshuri bahana amagambo, uburyo bitabira gutanga ibitekerezo, uko batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge ndetse n’uko bajora ibitekerezo bya bagenzi babo. Ashobora no kubanza kubaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo kuri ziriya ngingo kugira ngo babone kuzunguranaho ibitekerezo.

Urugero rw’umwanzuro bageraho:

Umwanzuro bageraho hagomba kugaragaramo ibyiza byo kuzigama n’uburyo kuzigama bigeza nyirabyo ku iterambere no ku iterambere ry’Igihugu muri rusange.

7.2. Inkuru ngufi

(Igitabo cy’umunyeshuri kuva ku rup. rwa 168)

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutahura inshoza y’inkuru ngufi.
- Gutahura uturango tw’inkuru ngufi.
- Gusesengura imyubakire y’inkuru ngufi.
- Kugaragaza ishushanyabikorwa ry’abanyarubuga mu nkuru ngufi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’igitabo cy’ubuvanganzo nyarwanda.

Imitangire y’isomo

Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma inkuru basesenguye bitegereza imiterere yayo n’ibiyiranga.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri kuja mu matsinda manini akabasaba gusoma umwandiko “Kankera muri banki”. Akabasaba gukora ubushakashatsi basubiza ibibazo biyikurikiye.

Ibibazo bakoraho ubushakashatsi:

Mukurikije imiterere yawo murasanga uyu mwandiko ari bwoko ki? Urangwa n’iki? Ibarankuru riteye rite? Abakinankuru ni ba nde?

Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri guhera ku bisubizo by’ibyo bibazo kugira ngo batahure inshoza y’inkuru ngufi ndetse n’uturango twayo. Akabaha igihe cyarangira akabasaba kuza kugaragaza ibyakorewe mu matsinda. Kugira ngo bakore ubushakashatsi bwimbitse ku nkuru ngufi, umwarimu abagabanya akazi mu matsinda anyuranye. Amatsinda amwe ayaha gutahura inshoza y’inkuru ngufi, andi akayasaba gutahura no gusobanura uturango tw’inkuru ngufi, andi akayasaba kugerageza gukora ubushakashatsi ku ishushanyabikorwa ry’abanyarubuga mu nkuru ngufi. Kubera ko ubu bushakashatsi burakorerwa mu ishuri gusa, umwarimu abarangira ibitabo mu nzu y’isomero bashobora kwifashisha kugira ngo bazakore ubushakashatsi bwimbitse.

Abaha igihe cyo kubikora, nyuma y’igihe yabageneye umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Umwarimu afatanyije n’abanyeshuri bungurana ibitekerezo bakanoza kandi bakuzuza ibyavuye mu matsinda maze bikandikwa ku kibaho n’inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n’amashusho kugira ngo n’abatumva babisome aho byanditse akanabasaba kubyandika mu makaye yabo.

Dore ingero z’ibyava mu matsinda

Inkuru ni iki ?

Inkuru ni igihangano cyanditse mu buryo bw’indondore, kigufi cyangwa kirekire, gifite abakinankuru bashushanya cyangwa bigana abantu babaho mu buzima busanzwe kandi bakorera ibikorwa byabo ahantu runaka, bikanatugaragariza

imyifarire yabo, icyo bagamije n'ingorane bahura na zo mu buzima. Ikivugwa rero akenshi mu nkuru aba atari ukuri. Inkuru ziri mu buvanganzo nyandiko. Mu Kinyarwanda habaho rero inkuru ngufi n'inkuru ndende. Aha turareba gusa inkuru ngufi.

Inshoza y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi nk'uko iryo zina ribivuga ni inkuru iba ari ngufi, ibarwa n'umubarankuru avuga uko yagenze. Inkuru ngufi ishobora kuvuga ibyabayeho, ndetse bamwe mu basesengura inkuru ngufi bavuga ko umwanditsi wayo avuga ubuzima bwe abara ibyamubayeho. Abandi bavuga ko inkuru ngufi ishobora kuba ari inkuru y'impimbano ivuga ibintu bishobora kubaho mu buzima bwa muntu.

Gusa twavugaga ko inkuru ngufi iba ifite inkuru ibara, uruhererekane rw'ibikorwa, ikaba yanditse mu nyandiko isanzwe; atari mu mikarago nk'ibisigo, kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikoreshereze y'ururimi.

Ibiranga inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa n'imiterere yayo ndetse n'imyubakire yayo.

Imiterere y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi iba ifite: abakinankuru, akabugankuru, invugo y'ibiganiro, uburebure runaka n'ibarankuru.

- **Abakinankuru:** Inkuru ngufi irangwa no kuba ifite umukinankuru mukuru umwe. **Umukinankuru mukuru** ni we uba ari ipfundo ry'inkuru. Ni we ikigamijwe cyangwa intego y'inkuru iba ishingiyeho. Uyu ni we insanganyamatsiko rusange ivugwa mu nkuru iba ishingiyeho. Mu nkuru ngufi kandi habamo **abakinankuru bungirije**. Aba ni bo usanga mu nkuru bamufasha kugera ku kigamijwe cyangwa bakamubera imbogamizi. Aba bakinankuru kandi ni na bo usanga insanganyamatsiko nto cyangwa zungirije zishingiyeho. Mu nkuru ngufi kandi dushobora gusangamo **abakinankuru ntagombwa**, aba bakinankuru iyo urebye usanga kuba mu nkuru kwabo cyangwa kutagaragaramo nta cyo byahindura ku kivugwa mu nkuru. Nta nsanganyamatsiko iba ibashingiyeho. Mu yandi magambo twabita indorerezi. Mu nkuru ngufi abakinankuru bashobora kuba abantu cyangwa inyamaswa.
- **Akabugankuru:** Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ahantu ibera mu gihe runaka. Irangwa no kuba ifite aho ibarirwa; ni ukuvuga akabugankuru. Ahantu inkuru ibera hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi. Ni ukuvuga ko mu nkuru ngufi umuhanzi ashobora gukoresha akabugankuru k'ahantu habayeho cyangwa akabugankuru mpimbano.

- **Uburebure**

Inkuru ngufi irangwa no kuba ari ngufi. Ishobora kuba hagati y'impapuro icumi na mirongo itatu. Mu nkuru ngufi havugwamo abakinankuru bake barimo umukinankuru mukuru umwe.

- **Imvugo y'ibiganiro** : Inkuru ngufi irangwa na none n'imvugo y'ibiganiro aho usanga hakoreshwa cyane ibinyazina ngenga bigaragaza uvuga n'ubwirwa (ngenga ya mbere n'ya kabiri mu bumwe cyangwa mu byinshi) amagambo agaragaza igihe n'ahantu : hano, none, ejo, mu minsi ibiri iri imbere, mu mwaka utaha, ... amagambo agaragaza ibitekerezo by'uvuga n'uruhande abogamiyemo, n'ibindi.

- **Ibarankuru**

Ibarankuru ni kimwe mu biranga inkuru ndende. Ibarankuru rishobora gukorwa ku buryo bune:

- a) Umubarankuru ashobora kubara inkuru na we ubwe akinamo. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya kabiri cyangwa iya mbere.
- b) Umubarankuru ashobora kubara inkuru ari hanze yayo. Aha usanga akoresha ngenga ya gatatu asa n'uvuga ibintu yareberaga iruhande mu gihe byabaga.
- c) Umubarankuru ashobora kubara inkuru ye ubwe. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya mbere kuko ibyo avuga aba abivuga kuri we.
- d) Ashobora kandi kubara inkuru yiha gutekereza umukinankuru. Mu kubara inkuru kwe usanga yiha kubara ibyo umukinankuru yatekerezaga igihe amubaraho inkuru.

Ibarankuru ry'inkuru ngufi rigenda umujyo umwe. Umuhanzi ntavangavanga ingingo, ibikorwa byose bikurikirana mu njyabihe.

Ikitonderwa: Umubarankuru atandukanye n'umwanditsi w'inkuru. Umwanditsi w'inkuru ni umuhanzi wanditse inkuru ibarwa mu gitabo ke. Muri uko kwandika inkuru ye agena uburyo ibarwa. Muri ubwo buryo ibarwamo haba hari umuntu uagenda uyibara, uwo akaba ari we mubarankuru. Cyakora hari igihe umwanditsi ashobora kuba ari na we mubarankuru igihe abara inkuru y'ubuzima bwe.

Imyubakire y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ikivugwa, kuba ari ngufi no kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa.

Nk'uko twabibonye inkuru ngufi irangwa no kugira abakinankuru. Abo bakinankuru, cyane cyane umukinankuru mukuru, ni bo ibikorwa bishingira mu kubaka inkuru. Umukinankuru mukuru n'abakinankuru bungirije bashinzwe kuyobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku mpera yayo.

Inkuru iyo ari yo yose irangwa no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa

Ishushanyabikorwa mu nkuru ngufi

Nyiri ubwite: Uyu ni we mukinankuru mukuru inkuru iba ishingiyeho, ni we uba ufite intego agamije kugeraho muri icyo nkuru. Aba ashobora kuyigeraho cyangwa ntayigereho.

Ikigamijwe: Ni icyo umukinankuru mukuru aba agamije kugeraho mu nkuru. Ni intego aba yahawe n’umwanditsi w’inkuru.


Ugenera: Ni igituma umukinankuru mukuru agira intego afite muri icyo nkuru. Ashobora kuba undi mukinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora gutuma agira intego runaka.

Ugenerwa: Mu yandi magambo ni nyiri inyungu; ni uwo ari we wese mu nkuru wagira icyo yunguka mu gihe umukinankuru mukuru ageze ku cyo yari agamije mu nkuru.

Abafasha: Ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru agera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumushyigikira mu rugendo rwe rwose kimufasha, kabone n’iyo atakigeraho mu irangira ry’inkuru.

Imbogamizi: ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru atagera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumubangamira mu rugendo rwe rwose kimubuza amahirwe kabone n’iyo yagera ku cyo yari agamije mu irangira ry’inkuru, ariko kikaba cyamubangamiraga.

Dore uko ishushanyabikorwa ry’abakinankuru riteye ku gishushanyo



Umwitozo

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z’isomo zagezweho kugira ngo ashimangire

ibyho bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke.

Umwitoto n'ibisubizo

1. **Ukurikije ibiranga inkuru ngufi, inkuru twasomye ya “Izigamire Mitima” yujuje ibiranga inkuru ngufi. Sobanura igisubizo cyawe.** Nkurikije ibiranga inkuru ngufi, inkuru twasomye ya “Izigamire Mitima” nta bwo yujuje ibiranga inkuru ngufi. Ibikorwa by'abakinankuru ntibyashyirwa ku ishushanyabikorwa, akabugankuru ntikagararamo.
2. **Hanga inkuru ngufi ifite nka paji eshanu. Mu nkuru yawe ugerageze gushyiramo ibiranga inkuru ngufi byose kandi hagaragaremo insanganyamatsiko yo kuzigama n'ibyiza byabyo.** (Aha umwarimu arareba niba inkuru yahanzwe yubahirije uturango tw'inkuru ngufi.)

7.3. Raporo

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 174)

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura ibice bigize raporo n'uko ikorwa.
- Gukorera raporo igikorwa runaka.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko za raporo zinyuranye.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu abwira abanyeshuri ko iyo umuntu agiye mu butumwa ahantu runaka agamije kwereka uwamutumye ko icyo yagiye gukora yagikoze amukorera raporo. Akababwira ko bagiyeye kwiga ibijyanye na raporo.

Isesengura

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda manini, akabaha inyandiko zinyuranye za raporo akabasaba kuzisoma bitegereza ibice byazo akabaha ibibazu biza kubafashamu bushakashatsi bwabo bwo gutahura ibice bya raporo n'uko bikora.

Urugero rw'ibibazo yabaha byabafasha mu bushakashatsi bwabo:

1. Raporo ni iki?
2. Ibice bigize raporo ni bingahe?
3. Mukurikije uko byanditse murabona bikorwa bite?

Umwarimu arabaha igihe cyo kubisubiza, nikirangira abasabe kumurika ibyavuye mu matsinda abafashe kubikorera ubugororangingo ibisubizo byandikwe ku kibaho abasabe kongera kubisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo n'abatabona, niba bahari, bayumve.

Urugero rw'ibyava mumatsinda:

1. Inshoza ya raporo

Raporo ni umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, igamije intego runaka. Ijyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora; uko we yabibonaga, kandi ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro ikwiye gufatwa. Ni umwandiko uba ugenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejejweho.

2. Ibice bya raporo

Raporo, igira imbata nk'iy'umwandiko usanzwe. Ni ukuvuga intangiriro, igihimba n'umusozo.

Intangiriro: Muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu ayikora ndetse n'agaciro iyo raporo ifite.

Igihimba: Muri iki gice ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.

Umusozo: Muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by'uburyo ikibazo cy' ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka.

3. Ibyo kwitabwaho mu gukora raporo

Ukora raporo agomba kwita kuri ibi bikurikira:

- Gukoresha imvugo itunganye kandi yumvikana.
- Kugaragaza: itariki, isaha, igihe, abari bahari n'abo ari bo, ...
- Kugaragaza ibitekerezo by'ingenzi kugira ngo uyisoma abone vuba ibyo uwakoze raporo aha agaciro kanini.
- Gushyiraho amazina n'umukono by'uwakoze raporo.

4. Gutandukanya raporo n'inyandiko mvugo

Inyandiko mvugo	Raporo
Uyikora yandika muri make uko byagenze, imyanzuro yafashwe mu nama nta bitekerezo bye cyangwa umwanzuro we yongeyemo.	Uyikora yandika ku buryo burambuye mu bitekerezo bye uko abona ibyo akorera raporo n'uko byakemuka.

5. Urugero rwa raporo

KAMANA Aloyizi
Umuyobozi w'Umurenge wa Rwezamenyo
Akarere ka Mirenge
Agasaduku k'iposita 50 Mirenge

Mirenge, ku wa 12 Ugushyingo 201

Raporo ku mikoreshereze y'amafaranga y'ubudehe

Nk'uko byakozwe mu mirenge yose, Leta y'u Rwanda hari amafaranga yageneye buri murenge kugira ngo afashe abaturage kwiteza imbere mu bikorwa remezo. Kubera ko byagaragaye ko hari aho yakoreshejwe nabi, Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Mirenge, mpisemo kubaha iyi raporo kugira ngo mugire umwanzuro mwabitangaho kugira ngo iterambere ry'abaturage ridakomeza kudindira.

Muri buri kagari hatanzwe miriyoni makumyabiri zagombaga gukoreshwa mu bikorwa remezo binyuranye. Nyuma y'igenzura nakoze nasanze mu tugari two mu Murenge nyobora, abayobozi batwo barakoresheje inama abaturage bigira hamwe icyo ayo mafaranga azakora. Mu igenzura nakoze nasanze byaragenze neza usibye mu kagari kamwe. Mu Kagari ka Muguramo bari bahisemo kubaka amavomero abiri, bashaka rwiyezamirimo bamuha isoko arayubaka. Byatwaye amafaranga miriyoni cumi n'eshanu. Asigaye miriyoni eshanu, bumvikanye ko bayaguriramo inka za kijyambere abana b'imfubyi birera batatu n'abapfakazi barindwi ibyo babyemeranywaho batyo. Mu bugenzuzi nakoze nasanze amavomero ahari rwiyezamirimo yarayakoze uko byasabwaga aranishyurwa. Amatungo yagombaga kugurirwa abaturage yaraguzwe ariko yaguzwe mu buryo butari bwo. Umuyobozi w'akagari yagiye kuyagura ubwe ku giti ke nta soko ritanzwe. Amatungo yaguzwe ntabwo afite agaciro gakwiye. Inka ya kijyambere yagombaga kugurwa ni ifite agaciro k'ibihumbi magana atanu. Nyamara inka zaguzwe si iza kijyambere ni inka zisazwe ubona zifite agaciro k'ibihumbi magana abiri buri nka. Uburyo zaguzwe nabwo ntibwumvikana kuko ari nta soko ryatanzwe ngo ba rwiyezamirimo baripiganirwe. Ikigaragara ni uko amafaranga y'ubudehe yatanze mu Kagari ka Muguramo atakoreshejwe neza.

Nk'umuyobozi w'Umurenge wa Rwezamenyo Akagari ka Muguramo kabarizwamo, mbahaye iyi raporo kugira ngo muyigane ubushishozi, mugire umwanzuro mufatira Umuyobozi w'ako Kagari. Ashyikirizwe inkiko ariyozwe amafaranga yakoresheje nabi kandi afatirwe ibindi bihano bijyanye no kutuzuza neza inshingano ze.

KAMANA Aloyizi
Umuyobozi w'Umurenge wa Rwezamenyo



Umukoro w'ubumenyi ngiro

Umuporisi yoherejwe n'ikigo ke gukurikirana amahugurwa yo kugenza ibyaha by'abakoresha ibiyobyabwenge mu mashuri yisumbuye. Ishyire mu kigwi cy'uwo muporisi maze ukore raporo washyikiriza umuyobozi w'ikigo wakohereje kuyakurikirana.

Uko wakorwa:

Nyuma yo kugaragaza ibyakorewe mu matsinda umwarimu asaba abanyeshuri kuzakora umukoro wo kuri iki kibazo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri:

Umwarimu yoherejwe n'ikigo ke gukurikirana amahugurwa yo kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye. Ishyire mu kigwi cy'uwo mwarimu maze ukore raporo washyikiriza umuyobozi w'ikigo wakohereje kuyakurikirana.

Abaha igihe cyo kuyikora. Iyo barangije uwo mukoro umwarimu asaba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo raporo bakoze bagafatanya na mwarimu kuyijora bashingiye ku turango twayo babonye. Dore ibyitabwaho mu kujora iyo raporo yakozwe:

- Kureba niba mu ntangiriro ukora raporo yanditseamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu ayikora ndetse n'agaciro iyo raporo ifite.
- Kureba niba mu gihimba ukora raporo yagaragaje ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Haranarebwa niba muri iki gice ukora raporo yatanzemo ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho.
- Kureba niba mu musozo ukora raporo yatanzemo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k'ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka cyangwa ibyifuzo bye.

7.4. Inshamake

Umunyeshuri asigaranye ko:

- Ngomba kujya nizigamira buri uko nshoboye kubona amafaranga kuko bizatuma nshobora kwihangira umurimo nkora umushinga wanteza imbere ndangije kwiga.
- Ngomba kuzatangira kuzigamira abana bange bakivuka.
- Inkuru ngufi irangwa no kuba ifite abakinankuru, akabugankuru, imvugo y'ibiganiro n'ibarankuru Kandi ko iba atari ndende cyane ndetse igiye umujyo umwe.
- Mu nkuru ngufi abakinankuru ari bo bayobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku mpera yayo.
- Inkuru ngufi irangwa kandi no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa ry'abakinankuru rishingira ku bintu bitandatu: nyiri ubwite, ikigamijwe, ugenera, ugenerwa, abafasha n'imbogamizi.
- Raporo ari umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, igamije intego runaka.

Umukoro: Kwiyungure imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'umutwe wa karindwi w'iterambere. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko.

Urugero rw'imigani batanga:

- Ushaka inka aryama nka zo : Iyo ushaka kugera ku kintu ni ngombwa kukiruhira ukora cyane.
- Isazi y'ubute ntirya igisebe: Umunebwe nta cyo yageraho.
- Nta bworo buramata nk'ubw'ikirenge: Ubukene si akarande ku muntu.
- Amacumu y'inda ntaashira igorora: Urwanira inda ntahumeka.

7.5. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma rusange

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 177

Ibigererwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
- Ubushobozi gusesengura inkuru ngufi.
- Ubushobozi bwo guhanga inkuru ngufi.
- Ubushobozi bwo gukora raporo y'igikorwa runaka.

Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko Inyunguramagambo

A Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:

- (i) **Gucucura:** Kwiba umutu ibintu byose ukamusiga iheruheru.
- (ii) **Kudanangira:** Guhambira/gufungirana ikintu ku buryo umuntu atashobora kugihambura/kugifungurira bitamugoye.
- (iii) **Urujigo:** Inkono y'itabi
- (iv) **Imbehe:** Igikoresho gito gikoze mu giti giteye nk'umuvure bariragaho. Imbehe zasimbuwe n'amasahane, ubu zikoreshwa nk'umutako zibutsa umuco.

B. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ayo mu mwandiko bisobanura kimwe.

- (i) Mariya yakundanye na Marita **biratinda**.
Mariya **yacuditse** na Marita **bishyira kera**.
- (ii) Aborozi bacukuye amariba kugira ngo babone amazi y'inka zabo.
Abarozi bafukuye amariba kugira ngo babone amazi y'inka zabo.
- (iii) Ibitoki bigira **amakashi** menshi.
- (iv) Yamubonye atungutse **arumirwa** bitewe n'ukuntu yamuhemukiye.
Yamubonye atungutse **agwa mu kantu** bitewe n'ukuntu yamuhemukiye.

C. Koresha mu nteruro amagambo akurikira ku buryo bwumvikanisha ko uzi icyo asobanura: kugotomera, gukomba, gukubitwa n'inkuba.

Yageze mu rugo afite inzara n'inyota bamuha amata **aragotomera**.
Abana iyo bamaze ibiryo ku isahane **barayikomba** bigashiraho neza.
Yumvise ayo magambo amera nk'**ukubiswe n'inkuba** kuko yari amutunguye

Kumva umwandiko

- (i) **Bakame yasabye impyisi ko bacuruza impu, mbesenuko yari iyikunze?**
Sobanura. Ntabwo ari uko yari iyikunze kuko buri gihe bakame yababazwaga n'uko impyisi iyirusha ubukungu.
- (ii) **Bakame n'impyisi bacuruje impu barunguka inyungu ikajya ibikwa na Bakame. Muri iki gihe, ni byiza ko ubika amafaranga wungutse mu rugo? Kubera iki?** Muri iki gihe ntabwo ari byiza kubika amafaranga wungutse mu rugo kuko nta mutekano yaba afite kandi ibigo by'imari n'amabanki yo kubibikamo birahari.

(iii) Ni izihe ngaruka zabaye ku Mpyisi yabikirwaga inyungu na Bakame? Impyisi yahombye inyungu ndetse inahomba n'ibyo yacuruzaga kubera kwizera Bakame ikayibitsa byose.

Ibibazo byo gusesengura umwandiko

(i) Muri iki gihe ufatanyije n'umuntu ubucuruzi wabigenza ute kugira ngo utazahemukirwa nk'uko impyisi yahemukiwe? Ngewe mfatanyije n'umuntu ubucuruzi sinakwemera ko uwo muntu ariwe ubika inyungu ahubwo inyungu twajya tuyijyana kuri banki cyangwa ku kigo k'imari kitwegereye, bityo imari yacu ikaba ifite umutekano.

(ii) Ibyo Bakame yakoze n'ibyo impyisi yakorewe hari aho wabibonye ku mu buzima busanzwe? Yego hari aho nabibonye.

Niba hahari tanga ingero z'uko byari bimeze. Aha abanyeshuri batanga ingero zitandukanye bakurikije uguhemukirwa/ ubuhemu babonye mu buzima busanzwe.

Ikibazo gisuzuma ubushobozi ku nkuru ngufi

Gereranya inkuru ngufi n'imigani miremire ndetse n'ibitekerezo wize mu mwaka wa kane, ugendeye ku turango tw'inkuru ngufi.

Inkuru ngufi, imigani miremire n'ibitekerezo ni ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda. Ariko inkuru ngufi ni yo mu buvanganzo nyandiko, naho imigani miremire n'ibitekerezo bikaba ibyo mu buvanganzo nyemvugo.

Izo ngeri z'ubuvanganzo si aho zihurira gusa kandi si aho zitandukanira gusa. Imbonerahamwe ikurikira iratwerekana isano riri hagati yabyo ndetse n'aho bigenda bitandukanira tugendeye ku turango tw'inkuru ngufi:

Ingeri Uturango	Inkuru ngufi	Imigani miremire	Ibitekerezo
Ikivugwa	Havugwamo ibiba mu buzima rusange, bishobora kuba byarabayeho cyangwa bitabayeho. Bishingiye ku nsanganyama-tsiko imwe.	Havugwamo ibihimbano birimo amakabyankuru arenze urugero. Biba bishingiye ku nsanganyamatsiko imwe.	Havugwamo ibyabayeho mu mateka ariko bikabarwa mu buryo bwo gukabya. Biba bishingiye ku nsanganyamatsiko
Abakinankuru	Havugwamo abakinankuru bake barimo umukinankuru mukuru umwe.	Havugwamo abakinankuru bake b'uruvangavange; abantu cyangwa abantu n'inyamaswa.	imwe. Havugwamo abantu bazwi mu mateka.

Ibarankuru	Ibarankuru rishobora gukorwa ku buryo bune: kwibaraho inkuru, kuyibara utarimo, kuyimara na we uyikinamo, no kuyibara uri bamenya. Ibarankuru rigenda umujyo umwe (a- b- c -d.).	Ibarankuru ribarwa ubara ari hanze y'inkuru cyakora akaba yayibara ari bamenya. Ibarankuru rigenda umujyo umwe (a-b- c- d ..)	
Uburebure	Inkuru ngufi iba ari ngufi; hagati y'impapuro icumi na mirongo itatu.	Uyu ni umwandiko mugufi uri hagati y'urupapuro rumwe n'impapuro icumi.	Uyu ni umwandiko ushobora kuba mugufi cyangwa muremure bitewe n'inkuru ibarwa. ushobora kureshya n'umugani cyangwa
Akabugankuru	Ahantu inkuru ibera hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi.	Aho inkuru ibera haba hatazwi kandi hatarana-bayeho.	se n'inkuru ndende. Ahabarirwa inkuru haba hazwi neza mu mateka.

Ikibazo gisuzuma ubushobozi kuri Raporo

Uri umunyeshuri mu mwaka wa gatanu w'indimi. Umuyobozi w'ikigo cyawe agusabye kujya mu mwaka wa mbere w'ikiciro rusange kureba ikibazo cyahabereye cy'ubwumvikane buke buri mu banyeshuri babiri b'iryo shuri. Ukurikije, ibiranga raporo, kora raporo waha umuyobozi wagutumye uvuyeyo.

Dore raporo umunyeshuri azatanga uko izaba iteye :

Intangiriro: Itariki, ukwezi, umwaka n'isaha igikorwa cyabereye, abari bahari, amazina y'abanyeshuri babiri bagiranye ikibazo n'ikibazo bagiranye muri make.

Igihimba: Uburyo ikibazo cyatangiye uko cyagiye gikura n'aho kigeze.

Umuzozo: Uburyo ikibazo cyakemuka.

Amazina n'umukono by'uwakoze raporo.

7.6. Imyitozo nsindagirabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitozo yabategurira:

- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu kumva umwandiko yabategurira ibibazo byimbitse bibafasha kumva insanganyamatsiko yizwe «Umuco wo kuzigama».
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu gusesengura no guhanga inkuru ngufi yababaza ibibazo bijyanye n'imiterere y'inkuru ngufi akanabasaba kongera guhanga indi nkuru ngufi ku nsanganyamatsiko runaka.
- Ku bagaragaje ubushobozi buke kuri raporo yababaza ibibazo ku bice bya raporo n'uko bikorwa akongera akabaha undi mwitozo wo gukora raporo ku nsanganyamatsiko yabahitiramo.

8

Itumanaho n'ikorabuhanga

Umubare w'amasomo: 21

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'ikorabuhanga
- Gukoresha mu nteruro inyunguramagambo no gukora interuro z'urusobe.

8.1. Umwandiko: Uwafuye yarihuse

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 180 kugera ku rwa 183)

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu arereka abanyeshuri ishusho ibanziriza umwandiko ababazeho ibibazo bigamije kuvumbura ibivugwa mu mwandiko bagiye kwiga.

Urugero rw'ibibazo ashobora kubaza n'ibisubizo:

- a) Ni ibihe bikoresho mubona kuri iyi shusho? Turahabona terefoni, mudasobwa n'umunara.

b) **Bene ibyo bikoresho byitwa bite?** Ibikoresho by'ikoranabuhanga. Umwarimu araboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku ikoranabuhanga, abasabe kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahanditse umwandiko “Uwapfuye atabonye ikoranabuhanga mu iterambere yarihuse” maze abasabe kuwusoma bucece. Abanyeshuri barangije gusoma, umwarimu ababaza ibibazo byo gusuzuma ko bawusomye koko.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo:

1. **Ni iki kivugwa mu mwandiko cyahinduye byinshi ku isi?** Ni ikoranabuhanga.
2. **Ni ubuhe buryo buvugwa mu mwandiko wakoresha ushaka guhamagara kandi amafaranga wayamaze kuri terefone?** Ni uburyo bwo kwiguriza.
3. **Ni akahe kamaro k'ikoranabuhanga mu ri rusange?** Ikoranabuhanga rifite akamaro ko kunoza no kwihutisha serivisi mu nzego zitandukanye z'umurimo no guhanga udushya.

Gusoma baranguruye

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko, umwumwe igika ku kindi akurikirana ko bubahiriza utwatumaze n'iyitsa. Umunyeshuri umwe arajya asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatumaze. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusobanura umwandiko

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda anyuranye n'ayo bakoreyemo ubushize. Mu gukora amatsinda umwarimu asaba abanyeshuri kuva mu ntebe bakazenguruka imbere mu ishuri bakina agakino ko kujya mu matsinda bakurikije umubare avuze, akabivuga inshuro nyinshi agenda ahinduranya yamara kubona ko abanyeshuri bamaze gukanguka akavuga umubare yifuza ko buri tsinda ryagira noneho ayo akaba ari yo matsinda bakoreramo umwitozo. Umwarimu arasaba abanyeshuri bagize buri tsinda gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri bagize buri tsinda kwishakamo umwe uri buge yandika ibisubizo bumvikanyeho muri buri tsinda.

Umwarimu aragenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda. Abanyeshuri barayoborwa n'umwarimu maze bagaragaze ibisubizo biboneye bashingiye ku byavuye mu matsinda kugira ngo byandikwe. Umwarimu arafasha abafite ubumuga bwo kutabona asaba abanyeshuri umwumwe gusoma ibyanditse ku kibaho.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

Inyunguramagambo

Gusobanura amagambo akomeye

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:
2. **Ubuwumu:** Umwobo mugari utambika uri mu nda y'umusozi.
3. **Impuruza:** Ingoma ivuga ihamagara ngo abantu bagire icyo batabara. Binasobanura kandi umuntu utabaza abandi ngo bavune undi.
4. **Itabaro:** Ukujya ku rugamba utabariye Igihugu cyangwa uguherekeza umuntu wafuye bagiye kumushyigura.
5. **Umusaza rukukuri:** Umuntu w'igitsina gabo ushaje cyane. Bamwita kandi umukambwe.
6. **Urushingo:** Ikibaru cy'umuko bashingagamo urushingati bakarukaragiramo babigiranye imbaraga bikabyara umuriro.
7. **Urushingati:** Agati bavugutiraga ku kibaru k'ikibabi cy'umuko bikabyara umuriro. Ifu ituruka mu rushingo ikabyara umuriro.
8. **Gucira umuntu ishyanga:** Kwirukana umuntu mu gihugu ukamwohereza mu mahanga.
9. **I kantarange:** Ahantu kure cyane.

Umwitoto w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitoto uri mu bitabo byabo. Abagera igihe bagomba gukora uwo mwitoto, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitoto. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze, nyuma umwarimu n'abandi banyeshuri bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi. Ibyo bisubizo kandi babisoma mu ijwi riranguruye kugira ngo n'atabona ku kibaho babyumve.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. Simbuza ijamba ritsindagiye riri mu nteruro zikurikira ijamba ryakoreshejwe mu mwandiko bihuje inyito.
 - a) Ibikoresho **bya gihanga** biranga umuco w'Abanyarwanda bo hambere. (Ibikoresho **gakondo** biranga umuco w'Abanyarwanda bo hambere.)
 - b) Ikoranabuhanga rikora ibintu mu kanya gato. (Ikoranabuhanga rikora ibintu mu kanya nk'ako guhumbya.)
 - c) Abajura **kabuhariwe** bakoresha ikoranabuhanga mu bujura bwabo. (Abajura **kabombo** bakoresha ikoranabuhanga mu bujura bwabo.)
 - d) Ni byo koko **uwapfuye** yarihuse kuko atabonye ikoranabuhanga ry'iki gihe. (Ni byo koko **uwatabarutse** yarihuse kuko atabonye ikoranabuhanga ry'iki gihe.)
2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro: Gucira umuntu ishyanga, umusaza rukukuri, itabaro.
 - a) Kera uwagomraga umwami bamuciraga ishyanga n'urubyaro rwe.
 - b) Abasaza rukukuri nabo bazi gukoresha ikoranabuhanga.
 - c) Mu muco nyarwanda nta mugore wajyaga mu itabaro.

Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. **Uzakubaza gusobanura ikoranabuhanga uzatanga ibihe bisobanuro?** Nzamubwira yuko ikoranabuhanga ari uburyo bwo gukora ibintu muburyo bw'ubuhanga buhanitse ku buryo ubibona abona ari nk'ibitangaza.
2. **Ni akahe kamaro k'ikoranabuhanga muri rusange?** Ikoranabuhanga rifite akamaro ko kunoza no kwihutisha serivisi mu nzego zitandukanye z'umurimo no guhanga udushya.
3. **Vuga uburyo byibura bune bufite inyungu terefoni idufashamo.** Terefoni idufasha muri ibi bikurikira:
 - Kohereza amafaranga no kuyakira
 - Gutanga amakuru uvuga cyangwa wandika no kuyakira.
 - Kwishyira imisoro na fagitire zitandukanye.
 - Gukora ubushakashatsi no gushakaho amakuru ukoresheje interineti.
 - (...)
4. **Mudasobwa ifite akamaro kenshi. Vuga byibura ibintu bine idufashamo.** Mudasobwa ifite akamaro ko kwihurisha akazi, abiga n'abakora ubushakashatsi, abahanahana amakuru, aboherezanya amadosiye bakoresheje interineti bifashisha mudasobwa kugira ngo babigereho.
5. **Rondora ibibi bya interineti bivugwa mu mwandiko.** Kuri interineti habaho amakuru Atari meza nk'urugero ibitutsi, amatiku atandukanye,

gusebanya, amakuru y'urukozasoni akururira abantu kwishora mu mibonano mpuzabitsina idafite gahunda, amakuru ajyanye no gushakisha inshuti kandi izo nshuti utamenya izari zo.

6. **Wagira iyihe nama abanyeshuri n'abantu muri rusange bakoresha imbuga za interineti?** Inama na gira abantu abantu bakoresha interineti ni iyo gusura imbuga za interineti zifite icyo zungura mu buzima, mu bwenge, mu iterambere. Ni byiza kujya kuri interinete ugambiriye inyungu zikubakira ubuzima, ziguteza imbere. Abanyeshuri by'umwihariko basura imbuga za interinete bagamije gukora ubushakashatsi bwo kubateza imbere mu masomo biga no mu buzima muri rusange.
7. **Sobanura uburyo Abanyarwanda bakoresheya ikoranabuhanga ku buryo buciriritse n'itumanaho.** Abanyarwanda bari bafite agakeregesha k'ikoranabuhanga kuko babashaga kwibonera umuriro bakoresheje urushingo, gushongesha ubutare bakoresheje umuriro bagakora ibyuma bitandukanye. Mu itumanaho nabwo bari bafite ibikoresho bitabazaga kugira ngo bamenyekanishe amakuru nk'ingoma, umwirongi, urusengo, ihembe,...
8. **Tanga amagambo akoreshwa mu itumanaho cyangwa ikoranabuhanga, ari mu mwandiko n'atari mu mwandiko, bigaragara ko ari amatirano ndetse kugeza ubu akaba akoreshwa n'abanyarwanda benshi bakoresha ikoranabuhanga.** Amagambo akoreshwa mu itumanaho cyangwa ikoranabuhanga: mitiyu, esemesi, inite, mobayilo mane, tigo kasha, interineti, fasi buku,...

Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 184)

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Gutahura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko.
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.
- Kurondora ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga bitavuzwe mu mwandiko.
- Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'izindi nyandiko zivuga ku ikoranabuhanga.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko baherukakwiga barangiza akabasaba kujya mu matsinda akora kuburyo amatsinda bakoreramo agenda ahinduka. Arasaba abanyeshuri kujya babara kuva kuri rimwe kugeza kuri gatanu abavuze umubare umwe bakore itsinda rimwe.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma mu ijwi riranguruye ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri byo gusesengura umwandiko kandi bikandikwa ku kibaho kugira ngo bafashe abatumba cyangwa abatabona niba bahari.

Ibibazo

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko?
2. Vuga ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.
3. Vuga ibikoresho by'ikoranabuhanga bitavuzwe mu mwandiko.

Umwarimu abaha iminota yo kubikora barangiza bakagaragaza ibyakorewe mu matsinda. Mu kugaragaza ibyavuye mu matsinda, ntabwo buri tsinda rivuga ibibazo byose, ahubwo itsinda rivuga ikibazo kimwe, abo mu yandi matsinda bakacyuzuzza ndetse bakakinononsora kandi kikandikwa ku kibaho kugira ngo n'abafite ibibazo byo kutumba bagisome.

Urugero rw'ibisubizo byakwandikwa:

1. **Insanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko:** Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni iy'ikoranabuhanga
2. **Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko:**
 - Uwapfuye yarihuse atabonye ikoranabuhanga.
 - Ikoranabuhanga n'itumanaho mu Rwanda rwa kera.
 - Akamaro k'ikoranabuhanga muri iki gihe.
 - Ibibi byo gukoresha interineti nabi.
 - Ikivi k'ikoranabuhanga abakurambere batangiyeye kizaharurwa n'ababakomokaho.
3. **Ibikoresho by'ikoranabuhanga bitavuzwe mu mwandiko:**

Ibikoresho by'ikoranabuhanga ni: imashini zikora fotokopi, ibyuma bifotora abantu cyangwa ibintu, imashini zikoreshwa mu buhinzi, imashini zibaa, imashini zimesa, ibyuma bifata amajwi, ibyuma biteka,...

Intera ya gatatu: Inyunguramagambo

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 184)

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutanga inshoza y'impuzanyito, imbusane, ingwizanyito, impuzashusho, inyito mbonera, n'invugo.
- Gukoresha impuzanyito, imvugakimwe, imbusane, ingwizanyito, impuzashusho mu nteruro.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro zikurikira bitegereza amagambo atsindagiye ari muri izo nteruro, hanyuma akabasaba gusubiza ibibazo bizikurikira:

1. Kera bakoshaga **ingobyi** yoguhekamo abana.
2. Guheka abarwayi mu **ngobyi** baja cyangwa bavanwa kwa muganga byabaye nk'umugani.
3. **Ingobyi** y'urugo rwe ntihinze.
4. Urubwiruko **ruzusa** ikivi cyatangiwe n'abakurambere.
5. Urubwiruko **ruzaharura** ikivi cyatangiwe n'abakurambere.
6. Si ngombwa ko **uwatangiye** ikivi ari we **ugisoza**.
7. **Navuze** ko **bavuga** umunsima kare ariko banze kunyumva.
8. Yaguriye amahenahene **y'ishashi** mu **ishashi**.

Ibibazo:

1. **Ijambo “ingobyi” rikoreshejwe gute muri izo nteruro eshatu? Twabyita iki?** Ijambo ingobyi rifite inyito zitandukanye muri ziriya nteruro. Twabyita igwizanyito
2. **Ijambo ry'umukara tsiri riri mu nteruro ya kane n'iriri mu nteruro ya gatanu bipfana iki? Twayita ngo iki?** Ijambo ry'umukara tsiri riri mu nteruro ya kane n'iriri mu nteruro ya gatanu ahuje inyito. Twayita impuzanyito.
3. **Amagambo y'umukara tsiriri ari mu nteruro ya gatandatu yo se apfana iki? Twayita ngo iki?** Amagambo y'umukara tsiriri ari mu nteruro ya gatandatu rimwe rivuguruza irindi, rimwe ribusanye n'irindi. Twayita imbusane

4. **Ni yihe mbundo y'inshinga ziri mu nteruro ya karindwi. Ese izo mbundo zisobanura kimwe?** Ubwo twabyita ngo iki? Imbundo y'inshinga ziri mu nteruro ya karindwi ni "kuvuga". Izo nshinga nubwo zifite imbundo imwe ntizihuje igisobanuro. Nabyita ingwizanyito
5. **Amagambo ari mu nteruro ya munani ahuriye kuki atandukanyijwe n'iki? Twabyita ngo iki?** Amagambo ari mu nteruro ya munani arasa ku ishusho. Atandukanyijwe n'uko atavugwa kimwe, amasaku yayo aratandukanye. Ni impuzashusho.

Isesengura

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda manini y'abantu batanu cyangwa batandatu akabasaba gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bijyanye n'inyunguramagambo bakagerageza gutahura inshoza y'impuzanyito, imbusane, impuzashusho n'imvugwakimwe ndetse akabasaba no kugerageza gutanga ingero kuri buri nshoza. Amatsinda amwe akora ku mpuzanyito, andi ku mbusane, andi ku mpuzashusho andi asigaye agakora ku mvugwakimwe bitewe n'umubare w'abanyeshuri.

Abaha igihe cyo kubikora, nyuma y'igihe yabageneye umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Umwarimu afatanyije n'abanyeshuri bungurana ibitekerezo bakanoza kandi bakuzuza ibyavuye mu matsinda maze bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n'amashusho kugira ngo n'abatumva babisome aho byanditse akanabasaba kubyandika mu makaye yabo.

Dore urugero z'ibyava mu matsinda:

Inshoza y'inyunguramagambo

Hari uburyo bwinshi bukoreshwa mu nyunguramagambo. Kugira ngo umuntu asobanure inshoza z'amagambo ashobora gukoresha inzira zinyuranye. Izo nzira umuntu yakwifashisha ni izi zikurikira : Impuzanyito, imvugwakimwe, imbusane, ingwizanyito n'impuzashusho.

1. Impuzanyito

Amagambo aba ari impuzanyito iyo afite intego zinyuranye ariko ahuje igisobanuro, mu yandi magambo ahuje inyito. Ni ukuvuga ko aba adasa rwose ariko asobanura kimwe. Impuzanyito hari abazita imvugwakimwe.

Ingero:

- a) Urubwiruko **ruzusa** ikivi cyatangiwe n'abakurambere.
- b) Urubwiruko **ruzaharura** ikivi cyatangiwe n'abakurambere.
- c) **Abakambwe** na bo bagezweho n'ikoranabuhanga.
- d) **Abasaza** na bo bagezweho n'ikoranabuhanga.

2. Imbusane

Amagambo aba ari imbusane igihe rimwe rivuguruza irindi mu gisobanuro cyaryo.

Ingero:

- a) Si ngombwa ko **uwatangiye** ikivi ari we **ugisoza**.
- b) Namubonye **ndishima** agiye **ndababara**.
- c) **Umugabo** afite inshingano zo gukunda **umugore** we.

3. Imvugwakimwe/Impuzamvugo

Imvugwakimwe ni amagambo afite intego zimwe, avugwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bitandukanye.

Ingero:

- a) **Navuze** ko **bavuga** umutsima kare ariko banze kunyumva. (Kuvuga ijambo/ Kuvuga umutsima)
- b) **Yaciye** amasaka/ Ihene **yaciye** ikiziriko. (guca amasaka/guca ikiziriko)
- c) Umwami **yimye** ingoma/Ihene **yimye**.

4. Ingwizanyito

Igwizanyito ni uburyo ijambo rimwe rigira ibisobanuro byinshi. Izo nyito ziba zifitanye isano.

Urugero:

Ijambo ingobyi mu Kinyarwanda rigira inyito nyinshi:

Ingobyi: Bahekamo umwana, bayita kandi impetso.

Ingobyi: Bahekamo abarwayi, bahekagamo umwami cyangwa umugeni.

Ingobyi: Uruhu rw'ivunja.

Ingobyi: Isambu umuntu yigengaho.

Ingobyi: Ikirere cya nyuma kimeze nk'igikobokobo gifubika umwanana w'igitoki igihe cyana.

Ingobyi: Akantu kameze nk'agahu gafubika umwana uri mu nda ya nyina yavuka kakamukurikira.

Ingobyi y'urugo: Umurima uri hafi y'urugo.

Mu ngwizanyito inyito mbonera n'inyito shusho. Inyito mbonera ni igihe ku nyito isanzwe y'ijambo hiyongeyeho indi nyito. Imvugo shusho ni imvugo yitarura imvugo mbonera, ijambo rikagira igisobanuro gisa n'igihishe. Imvugo shusho ikunda kuboneka mu nshoberamahanga.

Ingero:

Inyito mbonera	Inyito shusho
Yariye ibiryo	Yariye karungu: yarakaye cyane
Bashashe uburiri bwabo	Bashashe inzobe: babwizanye ukuri
Kugwa hasi	Kugwa isari: gusonza
Guca ibyatsi	Guca umuti wa mperezayo: kugenda ugahera, ntugaruke
Gufata umuntu mu ntoki	Gufata umuntu nk'amata y'abashyitsi: kumufata neza.

5. Impuzashusho:

Iyo amagambo yandikwa kimwe ariko ntasomwe kimwe kandi ibisobanuro byayo bikaba bitandukanye bivuga ko ayo magambo ari impuzashusho. Atandukanywa n'ubutinde n'amasaku.

Ingero:

Yaguriye amahenahene y'**ishashi** mu **ishashi**.

Yahaze ipine y'imodoka ye/**Yahaze** ibijumba.

Yagiye mu **mihigo** y'inkera/ **Imihigo** yose yagiyemo nta cyo yacyuye.

Yanyoye **intama** imwe y'amazi/**Intama** ye yayiragiye.

Amahoro y'Igihugu ava ku misoro n'**amahoro** byatanzwe neza

Imyitozo

Nyuma yo kugaragaza ibyavuye mu matsinda umwarimu asaba buri mu nyeshuri gukora kugiti ke umwitozo ugaragara mu bitabo byabo :

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Imyitozo ku nyunguramagambo

1. Indika ingwizanyito z'ijambo icyuma.

- Icyuma gisya amasaka
- Icyuma bakatisha ibintu
- Icyuma gifotora

2. Amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ari mu buhe bwoko bw'inyunguramagambo.

- a) Nasanze **inkoko** zibika/Abakurambere bariraga ku **nkoko**.
(**Impuzashusho**)
- b) Muze **tumufate** mu mugongo adahungabana. (**Ingwizanyito**)
Yamufashe mu ntoki. (**Ingwizanyito**)
- c) Aba bana bari mu gihe cy'**ubugimbi** n'**ubwangavu**. (**Imbusane**)

3. Koresha mu nteruro ijambo “imbata” ku buryo humvikana inyito zaryo byiri zitandukanye:

- Imbata y’umwandiko ni umutwe, intangiriro, igihimba n’umusozo.
- Imbata igira inyama nyinshi kandi ziryoha.

4. Iryo jambo “imbata” ubwo ni ubuhe bwoko bw’inyunguramagambo. Ni ingwizanyito.

8.2. Amoko y’inyangingo

(Igitabo cy’umunyeshuri kuva ku rup. rwa 187)

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura inshoza y’inyangingo n’amoko yazo.
- Gusesengura interuro yerekana amoko y’inyangingo.
- Kurema interuro atondeka inyangingo ku buryo bubonye.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’igitabo k’ikibonezamvugo

Imitangire y’isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro zivuye mu mwandiko basesenguye hanyuma akababazaho ibibazo biganisha ku nyangingo.

Urugero rw’interuro n’ibibazo yababazaho:

- a) Ntawavuga ko Abanyarwanda batigeze batekereza ku ikoranabuhanga.
- b) Bamwe mu rubyiruko bakoresha interineti nabi.
- c) Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti igihe wabonye akanya.

Ibibazo:

- a) Ca umurongo ku bice bigize izo nteruro ukurikije inshinga zirimo.
- b) Ibyo bice biciyeho iurongo biteye bite?

Isesengura

Umwarimu afasha abanyeshuri abarangira ibitabo byabafasha gutahura inyangingo icyo ari cyo n’amoko yazo akabasaba guhera ku bisubizo babonye bakamurika ibyo bagezeho mu matsinda bakoreyemo.

Urugero rw'ibyo bageraho mu matsinda yabo:

Inshoza y'inyangingo.

Inyangingo ni interuro cyangwa igice k'interuro kibumbatiye ubutumwa bwumvikana neza. Inyangingo zikoreshwa mu nteruro zinyuranye. Ni ukuvuga mu nteruro zibumbatiye ingingo imwe (interuro y'inyabumwe) cyangwa nyinshi (interuro y'urusobe). Amoko y'inyangingo ni ane: inyangingo yigenga cyangwa yihagije, inyangingo ngaragira, inyangingo ngaragirwa n'inyangingo ihagitse.

Amoko y'inyangingo

1. Inyangingo yigenga cyangwa yihagije

Ishobora kwigenga cyangwa ikagirana isano n'indi bifatanyije kurema interuro. Ishobora gukora yonyine cyangwa ikiyunga n'indi ariko zose nta n'imwe igenga indi.

Urugero:

- Bamwe mu rubyiruko bakoresha interineti nabi.
- Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti.

2. Inyangingo ihagitse

Inyangingo ihagitse ni inyangingo iba iri hagati mu nteruro yongerera iyo nteruro igisobanuro ariko ikaba itabuza interuro kuba yuzuye uramutse uyikuyemo.

Ingero:

- Umuntu yicara abunza imitima, **muri ino si dutuye**, yibaza uko ejo bizabimeze.
- Nyuma yo gukoresha ikoranabuhanga, **ryazanywe n'abazungu**, Igihugu cyacu cyateye imbere.

3. Inyangingo y'ingaragirwa: Inyangingo y'ingaragirwa ihora iherekejwe n'indi (n'izindi) nyangingo iyisobanura

Ingero: Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti igihe wabonye akanya.

4. Inyangingo y'ingaragira: Inyangingo y'ingaragira iherekeza inyangingo y'ingaragirwa.

Ingero:

- Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti **igihe wabonye akanya. (ingaragira y'igihe)**
- Abanyarwanda bavuga **ko ikoranabuhanga rifite akamaro. (ingaragirambonera)**

Inyangingo y'ingaragira igabanyijemo amoko atandukanye bitewe n'umumaro ifite mu nteruro:

- Ingaragira nyensano (isobanura)
- Ingaragira y'uburyo
- Ingaragira y'ingaruka
- Ingaragira y'inkurikizo
- Ingaragira izibukiranya
- Ingaragira mbonera
- Ingaragira y'igihe
- Ingaragira y'impamvu
- Ingaragira ihuriranya
- Ingaragira iziganya

5. Inyangingo isobanura (nyensano)

Igaragaza isano ifitanye n'ingaragirwa, yifashishije inshinga iri mu buryo bw'insano mbonera.

Ingero: Ikoranabuhanga dukoresha ryaturutse mu mahanga.
Amasomo twiga arashimishije

6. Ingaragira mbonera

Isubiza ikibazo iki? Inde?

Ni ingaragira ishobora guterurwa n'ibyungo nka, ko, ngo, yuko

Ingero: Ndabona ko akoresha interineta.
Yavuze ngo azaza ejo.

7. Ingaragira y'uburyo

Isubiza ikibazo –te? Ate? Ute? Gute? Ishobora guterurwa n'ikinyazina mbanziriza cyangwa mbanziriza ikoranye n'igereranya. Uko, nkuko, nkaho,...

Ingero: Yagiye uko yaje.
Atsinda nk'uko yiga.

8. Ingaragira y'igihe

Ivuga buri gihe ingingo ibumbiye mu ngaragira igerwaho. Isubiza ikibazo ryari? Cyangwa gihe ki?

Ingero: Twagezeye akiryamyeye.
Ntakoresha terefone igihe ari ku meza.
Iyo yishimye araseka.

9. Ingaragira y'ingaruka

Ivuga icyo ingingo y'ingaragirwa ibyara cyangwa iganishaho.

Ingero: Iki gihembwe yize nabi bimuviramo gutsindwa.
Nutazinduka urakererwa.

10. Ingaragira y'impamvu

Ivuga igitera ingingo y'ingaragirwa kubaho. Isubiza ikibazo: Kuki? Ikunda gukorana n'ibyungo ko cyangwa koko.

Ingero: Asinzira mu ishuri kubera kuryama atinze.
Yatsinze ikizami kuko akora ubushakashatsi akoresheje interineta

11. Ingaragira y'inkurikizo

Ivuga ingingo bakurikiza ku y'ingaragirwa.

Ingero: Arateka akavoma akamesa imyenda.
Uhunge maze utere n'intabire.

12. Ingaragira ihuriranya

Ivuga ingingo ihurirana n'iy'ingaragirwa. Igikorwa cyo mu ngaragirwa kibera rimwe n'icyo mu ngaragira.

Ingero: Abakobwa babyina baririmba.
Yiga yumva radiyo.

13. Ingaragira izibukiranya

Ivuga ingingo ishyamirana cyangwa ibusana n'iy'ingaragirwa. Iyo witegereje usanga ingingo y'inyangango imwe igerwaho ari uko indi ibaye. Zishyamirana ariko zuzuzanya.

Ingero: Bakunda abana bakanga ba nyina.
Uyu mwana arira ahaze.

14. Ingaragira iziganya

Ikoresha imvugo yo gukekeranya. Iteganya ko ibyo umuntu avuga bishoka cyangwa bidashoboka.

Ingero: Yize neza yatsinda.
Abonye amafaranga yagura isambu.

Imyitozo

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitozo ukorwa na buri mu nyeshuri ku giti ke.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo :

1. Vuga ubwoko bw'inyangango ngaragira ziri mu nteruro zikurikira:

- a) Mbonye amafaranga nagura imodoka. (Inyangango ngaragira iziganya)

- b) Nageze i Kigali nsanga bagiye. (Inyangingo ngaragira isobanura)
 - c) Yateye ibishyimbo arabibagara. (Inyangingo ngaragira y'inkurikizo)
 - d) Yatsinze kubera kwiga cyane. (Inyangingo ngaragira y'impamvu)
 - e) Yariye ahetse umwana. (Inyangingo ngaragira y'uburyo)
- 2. Inyangingo zitsindagiye ni bwoko ki?**
- a) **Abakurambere bacu bakoreshaga ikoranabuhanga.** (Inyangingo yigenga)
 - b) Imodoka yaguye **yikoreye amabuye.** (Inyangingo ngaragira y'uburyo)
 - c) **Nabonye** arwaye (Inyangingo ngaragirwa)
 - d) Nagezeyo, **nubwo nari nakerewe,** nsanga bakicaye (Inyangingo ihagitse)

8.3. Impapuro zo kuzuzwa

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 190)

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura uko buzuzwa inyangirwa.
- Kuzuzwa inyangirwa z'ubutegetsi.
- Gutinyuka kuzuzwa impapuro zabugenewe no kubyereka abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, impapuro zinyuranye zabugenewe kuzuzwa nka sheki, ikemezo cy'amavuko,...

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mpapuro zagenewe kuzuzwa.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- a) Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu kubikura amafaranga kuri banki? Abanyeshuri baravugamo uburyo bunyuranye bavugemo ko bashobora no gukoresha sheki.
- b) Sheki umuntu ayitanga uko yakabaye cyangwa hari ibyo yuzuzaho? Abanza kuyuzuzaho ashiraho amazina, amafaranga abikuzaho ndetse agashyiraho n'umukono.
- c) Usibye sheki nta zindi mpapuro muzi buzuzaho? Abanyeshuri barazirondora.

Umwarimu araboneraho kubabwira ko bagiye kwiga uko buzuzaho impapuro zabugenewe.

Isesengura

Umwarimu asaba abanyeshuri kurondora impapuro zagenewe kuzuza bamara kuzirondora akabaha zimwe muri izo mpapuro bakazisesengurira mu matsinda bitegereza ibisabwa kuzuzwamo banatahura amagambo yabugenewe bakuzuzamo. Abaha umwanya wo kuzisesengura barangiza bakamurika ibyo bagezeho mu matsinda yabo agafatanya na bo kubinonosora.

Impapuro zuzuzwa

Mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta hari impapuro zabugenewe zo kuzuzwa zituma nyirazo ahabwa serivisi runaka. Zimwe muri izo mpapuro ni izi zikurikira:

- Ikemezo cy'amavuko
- Ikemezo kiranga umuntu
- Ikemezo gisimbura irangamuntu
- icyangombwa cyo gushyingirwa
- icyangombwa cy'ubupfakare

Ingero z'ibyemezo byuzuzwa

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nimero 070044



INTARA

AKARERE

UMURENGE WA

Ikemezo cy'amavuko

Ngewe.....

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa.....nemeje ko uyu
Kanaka/ Nyirakanaka.....

Mwene.....na Umurenge wa.....yavukiye.....
ku wa.....20.....

Gitangiweku wa.....20.....

NakiriyeFRW

Umunyamabanga Nshingwabikorwa (Amazina)

.....

Umukono

Uwakiriye amafaranga mu Murenge (Amazina)

.....

Umukono

Kashe

Siba ibitari ngombwa

REPUBULIKA Y'U RWANDA



INTARA

AKARERE

UMURENGE WA

Ikemezo kiranga umuntu

Ngewe.....

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa.....

nemeje ko indangamuntu y'uwitwa

Izina:.....

Amazina y'idini:.....

Izina rya se:.....

Izina rya nyina:.....

Aho yavukiye:

Akarere k'amavuko.....

Ubwenegihugu.....

Umwuga:

Intara avukamo.....

Intara atuyemo.....

Nakiriye.....FRW Gitangiwe.....ku wa...../20.....

Uwakiriye amafaranga mu Murenge (Amazina)

.....

Umukono

Umunyamabanga Nshingwabikorwa (Amazina)

.....

Umukono

Kashe

REPUBULIKA Y'U RWANDA



INTARA
AKARERE
UMURENGE WA
IBIRO BY'IRANGAMIMERERE

Ikemezo cyo kuba warashyingiwe

Twe, Umwanditsi w'irangamimerere, dutangaje kandi twemeje ko
.....

Wavukiye:.....ku wa...../...../.....Umuhungu
wa :.....

na:..... ku ruhande rumwe

na:

Wavukiye:.....ku wa...../...../.....Umukobwa
wa :.....

na:..... ku ruhande rumwe

na.....

Bashyingiwe uyu muni imbere yacu. Ugushyingirwa kwanditswe mu gitabo
k'inyandiko zo gushyingirwa ku numero.....Igitabo.....

Bikorewe.....

Ku wa...../...../.....

.....

REPUBLIKA Y’U RWANDA



INTARA

AKARERE.....

UMURENGE.....

E-mail:.....

Ikemezo gisimbura ikarita ndangamuntu by’agateganyo

AMAZINA.....

ITARIKI YAVUKIYEHO.....

INTARA

AKARERE

UMURENGE.....

AKAGARI KA.....

UMUDUGUDU WA.....

SE.....

NYINA.....

UWO BASHAKANYE (Iyo atari ingaragu).....

NOMERO Y’IKARITA (Iyo yatakaye).....

GITANGIWE I NGOMA, Ku wa.....

USHINZWE IRANGAMIMERERE: Amazina

Ikitonderwa:

1. Iki kemezo gifite agaciro nk’ak’ikarita ndangamuntu;
2. Agaciro kacyo karangira nyuma y’iminsi 60;
3. Iki kemezo ntigisimbura ibindi bisanzwe bitangwa.

Amazina

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w’Umurenge wa

8.4. Urupapuro rwo kubitsa cyangwa kubikuzwa (Sheki)

Sheki ni urupapuro rwuzuzwa muri banki kugira ngo uwo ihawe abikuze amafaranga kuri konti y'uyimuhaye. Biragoye kubona sheki yo mu Kinyarwanda gusa kubera ko banki ziganwa n'Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga. Iby'ingenzi byuzuzwa kuri sheki ni ibi bikurikira :

- Umazina y'uhawe sheki.
- Umubare w'amafaranga abikuzwa.
- Uhawe sheki.
- Itariki sheki itangiweho.
- Umukono wa nyiri konti.

Urugero:



Ikitonderwa:

Usibye izo mpapuro zivuzwe haruguru, hari izindi nyinshi zabugenewe zuzuzwa izo ni zo z'ingenzi zikunzwe kuzuzwa.

REPUBULIKA Y'U RWANDA



INTARA Y'AMAGEPFO
AKARERE KA HUYE
UMURENGE WA NGOMA
E-mail: ngoma1.umurenge@yahoo.fr

ICYEMEZO GISIMBURA IKARITA NDANGAMUNTU BY'AGATEGANYO

AMAZINA: UMURISA ANGE
ITARIKI YAVUKIYEHO : 2 Ugushyingo 1974
INTARA Y'AMAGEPFO
AKARERE KA HUYE
UMURENGE WA NGOMA
AKAGARI KA Runaba
UMUDUGUDU WA : Munanira
SE Bazirake Jean
NYINA : Nyirakamegeri Rose
UWO BASHAKANYE (Iyo atari ingaragu) : Kajyambere Marc
NOMERO Y'IKARITA (Iyo yatakaye) : 1 1974 8 0025499 1 23
GITANGIWE I NGOMA, Ku wa12 Ukuboza 2016
USHINZWE IRANGAMIMERERE: Amazina

Ikitonderwa:

1. Iki kemezo gifite agaciro nk'ak'ikarita ndangamuntu;
2. Agaciro kacyo karangira nyuma y'iminsi 60;
3. Iki kemezo ntigisimbura ibindi bisanzwe bitangwa.

Amazina
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Umurenge wa Ngoma

8.5. Amagambo yabugenewe

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 197)

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura no gukoresha mu nteruro amagambo yabugenewe akoreshwa ku rusaku cyangwa imvugo, ku ntaho, ku rubyaro by'abantu, ku nyamaswa n'ibintu n'akoreshwa mu kuvuga amatsinda yabyo.
- Gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvanze n'izindi ndimi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, integanyanyigisho, igitabo k'ikibonezamvugo, ikibaho n'ingwa n'igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi nyandiko zinyuranye zivuga ku ikeshamvugo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma akaganiro kagaragara mu bitabo byabo akakababazaho ikibazo kiganisha ku magambo yabugenewe

Urugero rw'akaganiro yabaha n'ikibazo yababazaho:

Mugisha: Ko ziriya nka ziri mu nzu yazo zakomeje kuvuga cyane aho ntizabuze ubwatsi.

Mwarimu: Abantu ni bo baba mu nzu kandi ni na bo bavuga ntabwo inka zivuga nta nubwo aho ziba hitwa mu nzu. Hari amagambo yabugenewe akoreshwa ku rusaku cyangwa ku ngambo y'ibintu binyurane, ndetse n'intaho y'inyamaswa.

Mugisha: Ariko mwari ko mwatubwiye ko inyoni nyinshi ari uruhuri nkaba nabwiye abanyeshuri twigana ko baje ari uruhuri bakambwira ko mbatutse kandi na bo bari benshi.

Mwarimu: Ibyo bakubwiye ni byo kwita abantu uruhuri ni igitutsi, hari imvugo zabugenewe zivuga amatsinda y'abantu, ay'inyamaswa, ...

Urugero rw'ikibazo yababazaho:

Muhereye ku bibazo bya Mugisha no ku bisubizo bya mwarimu we, mukorere mu matsinda anyuranye mutahure bene izo mvugo zabugenewe.

Isesengura no gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda hakoreshejwe bumwe mu buryo bwifashishwa bwo gukora amatsinda akabasaba kungurana ibitekerezo bashakira

hamwe izo mvugo zabugenewe. Amatsinda amwe arayasaba gushaka ingero z'imvugo zabugenewe ku rusaku cyangwa imvugo, andi ku ntaho, ku rubyaro, andi by'abantu, ku nyamaswa n'ibintu, andi ayasabe gushaka amagambo yabugenewe akoreshwa mu kuvuga amatsinda. Arabaha igihe cyo kubikora abarangire n'ibitabo bakwifashisha. Igihe bahawe iyo kigeze umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda bikandikwa ku kibaho bikanasomwa mu ijwi riranguruye kugira ngo n'abatabona niba bahari babyumve.

Urugero rw'ibyava mu matsinda:

1. Amagambo yabugenewe ajyanye n'urusaku n' imvugo

Ingero:

Inkuba zirahinda
Imigezi irasuma
Imbeba zirajwigira
Imbwa ziramoka
Ibikeri biragonga
Imisambi irahiga
Inuma ziraguguza
Intama ziratomanga
Imfizi zirivuga
Intare iratontoma
Ihene zirahebeba
Isake zirabika
Inkokokazi zirateteza
Ingwe zirahora
Imvura irahinda
Indege zirahinda
Imodoka zirahinda
Injangwe zirahirita
Abantu baravuga
Impongo zirakorora
Imvura irahinda

2. Amagambo yabugenewe ku matsinda y'ibintu/abantu

Ingero:

Inka bavuga ishyo
Intama bavuga umukumbi

Ihene bavuga umukumbi
Inyoni bavuga uruhuri
Imbwa bavuga umugana
Amabuye menshi bavuga ikirundo
Amazu menshi bavuga urusisiro.
Imvi nyinshi bavuga uruyenzi.
Imibu myinshi bavuga uruhunduguru.
Abantu bavuga imbaga.

3. Amagambo yabugenewe ajyanye n'intaho

Inzoka zitaha mu myobo.
Inyaga zitaha mu myobo cyangwa mu miheno.
Imbeba zitaha mu myobo.
Inyoni zitaha mu byari
Uducurama dutaha mu ndiri
Amatungo ataha mu biraro (inka, intama, ingurube, ihene,...)
Impyisi zitaha mu masenga
Inyana zitaha mu ruhongore.
Inkoko zitaha mu kibuti.
Umwami aba mu ngoro.
Abantu baba mu nzu.

4. Amagambo yabugenewe ajyanye n'urubyaro

Ingero:

Ku bantu bavuga abana.
Ku nka bavuga inyana.
Ku mbwa bavuga ibibwana.
Ku ngurube bavuga ibibwana.

Imyitozo

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitozo ukorwa na buri mu nyeshuri ku giti ke.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yabugenewe**
 - a) Aho ihene zitaha hitwa **mu biraro**.

- b) Aho inyoni zitaha hitwa **mu byari**.
 - c) Umwami aba **mu ngoro**.
2. Koresha mu nteruro amagambo akurikira:
- a) kujwigira, b) kugonga,
 - c) isenga d) uruhongore.

Igisubizo:

- a) Injangwe yumvise imbeba **zijwigirira** mu rusenge ijya kuzifata.
- b) Uyu si umwobo ahubwo ni **isenga** y’impyisi, ni ho zirara.
- c) Nimugoroba twumvise ibikeri **bigonga** mu gishanga.
- d) Aho inyana ziraba bahita mu **ruhongore**.

8.6. Inshamake

Umunyeshuri asigaranye ko:

- Ikoranabuhanga ari uburyo bugezweho mu kunoza no kwihutisha imirimo mu nzego zitandukanye z’imirimo. Kandi ko uku kwihutisha za serivisi bituma abakoresheje ikoranabuhanga batera imbere kurusha abandi.
- Impuzanyito ari amagambo anyuranye asobanura kimwe cyangwa se ibisobanuro byayo bikenda kwegerana, bakaba bayita kandi ingwizanyito cyangwa imvugakimwe. Imbusane ari amagambo afite inyito zinyuranye cyangwa se zibusanye. Kandi ko impuzashusho ari amagambo yandikwa kimwe ariko ntasomwe kimwe mbega ishusho y’ayo magambo ni imwe ariko imisomere iratandukanye cyane byumvikane ko n’ubusobanuro buba bitandukanye bitewe n’aho ijambo ryakoreshejwe, imvugwakimwe ayo akaba ari amagambo asomwa kimwe, akandikwa kimwe ariko ntagire igisobanuro kimwe, bakaba banayita kandi impuzamvugo.
- Amoko y’inyangingo ari aya akurikira: Inyangingo yigenga, inyangingo ngaragira, inyangingo ngaragirwa n’inyangingo ihagitse.
- Hari impapuro zagenewe kuzuza ari zo ikemezo cy’amavuko, ikemezo kiranga umuntu, ikemezo gisimbura ikarita ndangamuntu irangamuntu, sheki ya banki, icyangombwa cy’ubupfakare, icyangombwa cyo gushyingirwa,...
- Hari amagambo yabugenewe akoreshwa ku rusaku cyangwa imvugo, ku ntaho, ku rubyaro, ku nyamaswa n’ibintu, n’akoreshwa mu kuvuga amatsinda y’ibintu binyuranye.

Umukoro: Kwiyungura imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n’insanganyamatsiko y’umutwe wa munani w’iyumanaho

n'ikoranabuhanga. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko.

Urugero rw'imigani batanga:

- **Ubwenge bukama iyanga:** Ikoranabuhanga nta cyo ritageraho.
- **Ubwenge burarahurwa:** Ni ngombwa gushakisha kugira ngo igire ibyo umenya.
- **Abanganya ubwenge ntibabana:** Iyo abantu babana ari indyarya bose ntibashobora kubana kuko buri wese abeshya undi kandi abantu ari magirirane.
- **Icyago kigisha ubwenge:** Ni nko kuvuga ngo ubwenge buza ubujiji buhise; iyo uhuye n'amakuba wunguka ubumenyi.
- **Utazi ubwenge ashima ubwe:** Burya ubwenge bw'umwe bugerwa kuri nyina, abantu ni magirirane, umuntu utagirwa inama ntashobora kunguka ibindi kandi ubwenge burarahurwa.

8.7. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa munani

(Reba ku rupapuro rwa 199 kugeza ku rwa 201)

Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo no mu nyandiko interuro z'urusobe.
- Ubushobozi bwo gukoresha amagambo anyuranye.

Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko

Inyunguramagambo

A. Koresha ijamba “inganzo” mu nteruro ebyiri zumvikanisha ibisobanuro byaryo bibiri bitandukanye.

- Umubumbyi yagiye mu nganzo gucukura ibumba ryo kubumba ikibindi.
- Umuhanzi yakoze mu nganzo ye maze aduhimbira umuvugo mwiza.
- Umusizi yagiye mu nganzo avayo afite igisigo gihimbitse.

B. Koresha amagambo akurikira mu nteruro: Amashanda, imbogamizi.

Amashanda: Abaturage bakunda ibikoresho bikoze mu mashanda nk'amasahani, ibikombe, inkweto, indobo,...

Imbogamizi: Uyu mwana nta mbogamizi ahura na zo mu myigireye kubera kozi gukoresha inkoranabuhanga.

C. Simbuza ijambo ritsindagiye riri mu nteruro iryo mu mwandiko bivuga kimwe.

Mu gucukura peterori bakoresha ibyuma byabugenewe. (Mu gucukura peterori bakoresha ibyuma kabuhariwe.)

Kumva umwandiko

- (i) **Ni hehe muri uyu mwandiko hagaragara ikoranabuhanga?** Muri uyu mwandiko, ikoranabuhanga rigaragarira aha hakurikira: uburyo bakoresha bagira ngo babone ahari peterori bakoresha ibyuma bifata amafoto, gukoresha amato bagira ngo bacukure peterori, uburyo peterori iyungururwa igeze mu ruganda.
- (ii) **Mu mwandiko bavuga ko peterori ikomoka he?** Bavuga ko peterori ikomoka ku mborera z'ibyatsi n'ibiti, ku bindi bimera no ku nyamanswa zapfuye, bitwikirwa igihe kirekire cyane n'ubutaka n'amabuye. Ubushyuhe bwinshi n'ubutsikamire bw'ubutaka bukabibyaza amavuta.
- (ii) **Ese mu gihugu cyacu ibijyanye n'ubucukuzi bwa peterori buhagaze bute?** Mu Rwanda ibijyanye n'ubucukuzi bwa peterori ntibiratangira kuko nta koranabuhanga rihagije rihari rijyanye n'ubucukuzi bwa peterori.
- (iv) **Ni zihe ngaruka icukurwa n'imitunganyirize ya peterori bigira ku bidukikije?** Byangiza ibimera, bikanduza amazi ndetse bikangiza n'ubuzima bw'umuntu.
- (v) **Ni iyihe nama waha u Rwanda ku bijyanye n'ubucukuzi bwa Peterori?** U Rwanda naruha inama zikurikira: Kohereza abnyeshuri mu mahanga kwiga ikoranabuhanga rijyanye n'ubucukuzi bwa peterori. Korohereza abashoramari b'abanyamahanga mu gushora imari yabo mu bushakashatsi no mu bucukuzi bwa peterori kuko bo bafite ubunararibonye n'ikoranabuhanga muri uwo murimo.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi ku nyunguramagambo zishingiye ku mpuzanyito, ingwizanyito, imbusane, invugwakimwe n'impuzashusho.

- (i) **Andika byibura impuzanyito eshatu z'ijambo icyuma n'ishoka.**
 - Icyuma: igisu, indiga, imbugita,...
 - Ishoka: intorezo, indyankwi, imarabiti,...
- (ii) **Andika ingwizanyito z'ijambo imashini.**
 - Imashini yogosha
 - Imashini bashyira ku m.yenda.
 - Imashini badodesha imyenda.
 - Imashini ihinga

(iii) **Amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ari mu buhe bwoko bw'inyunguramagambo.s**

- a) **Yatatse** inzuye irabonera/**yatatse** bamuteye urushinge. (**Impuzashusho**)
- b) **Yaguye** mu matsa/ **yaguye** hasi bamuhetse ku igare. (**Imvugwakimwe**)
- c) Yikojeje **hasi** yikoza **hejuru** maze aca umugara. (**Imbusane**)

Ibibazo bisuzuma ubushobozi ku nyangingo

1. **Vuga ubwoko bw'inyangingo ngaragira ziri mu nteruro zikurikira:**

- (i) Tuzatangira gucukura peterori nitugira ikoranabuhanga riteye imbere. Inyangingo ngaragira y'igihe.
- (ii) Peterori u Rwanda rukoresha iva mu mahanga. Inyangingo ngaragira nyensano.
- (iii) Yiga ubutaruhuka ngo azatsinde neza. Inyangingo ngaragira y'impamvu.
- (iv) Yariye ahete umwana. Inyangingo ngaragira y'ingaruka.
- (v) Mu gitondo arabyuka akajya mu bwogero akambara, akajya ku kazi. Inyangingo ngaragira z'inkurikizo.
- (vi) Impyisi y'iwanyu ikurya ikurundarunda. Inyangingo ihuriranya.

2. **Tahura mu mwandiko interuro ifite inyangingo ngaragirwa n'inyangingo ngaragira, uzerekane kuri iyo nteruro.**

Iyo bamaze kuyicukura bayijyana mu nganda.
Bayijyana mu nganda: Inyangingo ngaragirwa.
Iyo bamaze kuyicukura: Inyangingo ngaragira y'igihe.

3. **Tanga urugero rw'interuro ifite inyangingo ihagitse.**

Urugero: Yagezeyo, nubwo yari yazindutse, asanga bamusize.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi ku magambo yabugenewe

1. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yabugenewe**

- (i) Imbeba zitaha mu myobo.
- (ii) Imbwa ye yabwaguye ibibwana icumi.
- (iii) Usanze impyisi mu isenga yayo yahita ikurya.

2. **Andika ijambo ryabugenewe rivuga: imbwa nyinshi, amabuye menshi arunze hamwe, inyoni nyinshi ziri hamwe, abantu benshi**

Imbwa nyinshi: Umugana.
Amabuye menshi arunze hamwe: Ikirundo cy'amabuye
Inyoni nyinshi ziri hamwe: Uruhuri.
Abantu benshi: Imbaga

3. Koresha mu nteruro amagambo akurikira: kwabira, guhuma, kumoka.

Numvisse inka zabira mu rukerera.

Mu ishyamba haba impyisi zihuma.

Iyo imbwa zumvise abantu ziramoka.

4. Kora interuro ebyiri zirimo inyigana.

Nagiye kumva numva amashyi ngo kacikaci

Ihene yabiye ngo meee

Ikibazo gisuzuma ubushobozi ku mpapuro zagenewe kuzuzwa

Vuga ibyuzuzwa kuri sheki.

Amazina y'uhawe sheki, itariki, umubare w'amafaranga abikuza n'umukono wa nyiri ukuyitanga.

8.8. Imyitozo nsindagirabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku badafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitozo bakora. Iyi myitozo umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitozo yabaha:

Ku bafite ikibazo cy'ubushobozi bwo gusesengura umwandiko umwarimu ababaza ibibazo byimbitse ku nsanganyamatsiko.

Ku bafite ikibazo ku moko y'inyangiro umwarimu abaha igika cy'umwandiko akabasaba kugisoma bitegereza inyangingo zirimo no kugaragaza amoko yazo.

Ku bafite ikibazo cyo gukoresha amagambo yabugenewe umwarimu abaha interuro zinyuranye zikoreshejwemo amagambo nabi akabasaba kuyasimbuza amagambo yabugenewe.

Kubafite ikibazo cyo kuzuzura impapuro zagenewe umwarimu abaha impapuro zinyuranye zabugenewe akabasaba kuzuzura. Ashobora kubaha ikemezo cy'amavuko, ikemezo gisimbura irangamuntu, sheki,...

9

Ibiyobyabwenge

Umubare w'amasomo: 21

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusesengura umwandiko no guhimba agakuru akoreshamo inshoberamahanga.
- Gusesengura interuro yoroheje akoresheje uburyo bw'igiti.

9.1. Umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rup. rwa 202 kugera ku rwa 205)

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.
- Kugaragaza ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no kumibereho y'abantu.
- Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma.
- Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.
- Gushishikarira no gushishikariza kubungabunga ibidukikije.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho mvumburamatsiko n'inkoranyamagambo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba

kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

Urugero rw'ibibazo:

- a) **Ni iki mubona kuri iri shusho?** Turahabona abantu basinze n'abaporisi baje kubafata.
- b) **Murakeka ko abaporisi baje kubafatira iki?** Baje kubafata kubera ko banywaga ibiyobyabwenge.
- c) **Ni iki kigaragaza ko bashobora kuba banywaga ibiyobyabwenge?** Ni uko bari kurwana mu kivunge.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko uvuga ku ngaruka z'ibiyobyabwenge akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko **“Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no kumibereho y'abantu”**, akabasaba kuwusoma bucece banandika amagambo akomeye, abarangije bakazamura urutoki nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko, nyuma y'igihe yababwiye. Aha yibuka kwita ku batabona neza no ku batumva neza akabaha ubufasha bukenewe kugira ngo badasigara inyuma nko kubicaza imbere,...

Urugero rw'ibibazo yababaza:

- 1) Muri uyu mwandiko, haravugwamo iki muri rusange? Muri uyu mwandiko haravugwamo ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo.
- 2) Ni nde uvugwa muri iyi nkuru? Uvugwa muri iyi nkuru ni Shema.

Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, undi ikindi basimburana kugeza umwandiko wose urangiye. Mu gihe umunyeshuri umwe asoma, abandi bakurikira mu bitabo byabo, umwarimu na we agenda akosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo. Iyo umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, anagenzura uko bitabira gushaka gusoma.

Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi

basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko. Umwarimu agabanya amatsinda ibibazo biri mu bitabo byabo, itsinda rimwe rigafata ibibazo bibiri cyangwa bitatu bitewe n'umubare w'amatsinda.

Umwarimu agendagenda mu matsinda agenzura uko abanyeshuri bakorera hamwe, agatanga ubufasha ku babumusabye.

Nyuma y'iki gikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye, bakabyandika ku kibaho, mbere yo kubishyira mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo bishoboka

Inyunguramagambo

Gusobanura amagambo:

1. **Kwatanya:** Kugenda wihuta.
2. **Kwimura ibyimbo:** Kuva aho wari uri, kuva ku gitekerezo wari ufite.
3. **Nyamunsi:** Rupfu
4. **Kugosorera mu rucaca:** Kubwira umuntu amagambo umuhana ntiyumve impanuro.
5. **Inturire:** Inzoga y'amasaka irimo ubuki.
6. **Inkangaza:** Inzoga y'ibitoki irimo ubuki.

Umwitozo ku nyunguramagambo:

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri kugira ngo bakore umwitozo uri mu bitabo byabo. Abagenera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo. Umwe mu bagize itsinda rimwe ajya imbere akavuga yandika ku kibaho ibyo itsinda ryabo ryakoze. Nyuma abanyeshuri bo mu yandi matsinda bayobowe n'umwarimu bakanononsora ibisubizo byatanzwe bikandikwa ku kibaho no mu makayi.

Ibibazo n'ibisubizo:

1. **Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ayo mu mwandiko bihuje inyito.**
 - a) Urubyiruko rugomba **kureka burundu** ikitwa ikiyobyabwenge. (**Urubyiruko rugomba kuzibukira** ikitwa ikiyobyabwenge.)
 - b) Inzoga ni **mbi** zangiza ubuzima. (**Inzoga ni icyago zangiza ubuzima.**)

2. **Ni ayahe magambo avuga urumogi ari mu mwandiko.** Amagambo avuga urumogi ari mu mwandiko ni: kanabisi, agatabi ko kumugongo w'ingona.
3. **Koresha mu nteruro amagambo akurikira: Ibyimbo, kwatanya, kwigondera umuntu /ikintu**
 - Naho bamubwira amagambo mabi gute ntashobora kuva mu **byimbo** bye.
 - Yagiye ku ishuri **yatanya** kuko yari yakererewe.
 - Iriya modoka **sinayigondera** irahenze cyane.

Gusubiza ibibazo ku mwandiko.

1. **Ni nde wagerageza kurondora impamvu zitera urubyiruko kunywa inzoga, itabi n'ibindi biyobyabwenge?** Agakungu k'urungano, gushaka gusabana n'abandi, gutinyuka, gutera agashema imbere y'abakobwa cyangwa abagore (ku gitsina gabo).
2. **Ni izihe ngamba zafatwa n'urubyiruko kugira ngo rwirinde ibiyobyabwenge cyangwa ngo rubireke?** Kugerageza gushyira ku munzani ibyiza n'ibibi bituruka gukoresha ibiyobyabwenge, kumenya kuvuga oya no kwirinda kugendera mu "kigare"; guhitamo guhita ruhagarika ako kanya cyangwa kugabanya buhoro buhoro inyobwa ry'ibiyobyabwenge.
3. **Ese hari isano iri hagati yo kunywa ibiyobyabwenge no kwandura agakoko gatera SIDA cyangwa indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?** Unyoye ibiyobyabwenge atinyuka gukora ibyo atatinyuka gukora atiyahuje ibiyobyabwenge nko kwishora mu busambanyi budakingiye byamuviramo kwandura virusi itera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
4. **Rondora ubwoko bw'inzoga, itabi n'biyobyabwenge biboneka aho dutuye.**
Ubwoko bw'inzoga: Urwagwa, ikigage, inturire, inkangaza, kanyanga, inzoga zikorera mu nganda nka byeri, divayi n'ibyotsi, ...
Ubwoko bw'itabi: Isegereti, ikigoma, ibibabi binyobwa mu nkono y'itabi, ubugoro n'ibindi.
Ubwoko bw'ibiyobyabwenge: Urumogi/kanabisi, kole, kokayine, marijuwana, risansi, ...
5. **Ni izihe ngaruka ziterwa n'ubusinzi no kunywa ibiyobyabwenge ku muntu ku giti ke,** ku rwego rw'umuryango no ku gihugu muri rusange? Umuntu ku giti ke: Gusaza imburagihe. Kuba imbata y'ibiyobyabwenge, ntugire icyo wimarira. Imyanya zifata imyanya y'ubuhumekero cyane biturutse ku itabi. Kanseri yo mu kanwa, mu mihogo, mu menyo mu bihaha, inkondo y'igifu (cyanecyane bituruka ku itabi). Indwara y'umwijima (urushwima). Indwara z'umutima (kudatembera neza kw'amaraso). Gufata ku ngufu cyane cyane abana. Kwishora mu mibonano mpuzabitsina akenshi nta n'agakingirizo bikamuviramo kwandura virusi itera

SIDA, gutera cyangwagutwara inda. Guhungabanya ubuzima bw'umwana uri mu nda. Kugabanya ubushobozi bw'umubiri bwo kwirinda bigatuma urwaragurika.

Ku muryango: Ubukene mu muryango, gusesagura amafaranga. Gusenyuka kw'ingo bitewe n'umwe mu babyeyi cyangwa umwana wabo afata ibiyobyabwenge. Kwica akazi no kubana nabi na bagenzi bawe. Guhorana ibibazo bidashira. Urugomo, ubujura n'ubundi. bugizi bwa nabi. Gutakaza ikizera n'agaciro kuri bagenzi bawe no mu muryango. Nta burere bukwiye umubyeyi ubifata aha abana be.

Ku gihugu: Kumunga ubukungu bw'Igihugu n'imiryango, gutunga abantu b'imburamumaro bitari ngombwa, umutekano muke mu gihugu n'ibindi.

6. **Umaze kubona ingaruka, n'ububi bw'ibiyobyabwenge, ni iki urubwiruko rugomba gukora?** Urubwiruko rugomba kwirinda kuba imbaramukoro no gukungika n'abanywi b'ibiyobyabwenge, rugomba gukura amaboko mu mifuka rugakora rushishikaye rukiteza imbere ubwarwo n'Igihugu cyarubuyeye. Nk'abandi banyarwanda biyubaha, urubwiruko rugomba kumenya kwiyubaha, rukamenya guhitamo igikwiye gifite akamaro byongeye kidashobora guhungabanya ubuzima bwarwo.

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 206

Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko yahawe gusoma, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura ibiyobyabwenge icyo ricyo.
- Gusobanura ingaruka z'ibiyobyabwenge ku muco nyarwanda.
- Kugaragaza uburyo ibiyobyabwenge bitujuje ubziranenge.
- Kugereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho atuye.
- Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashishikarira kurwanya ibiyobyabwenge anabishishikariza abandi.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi yandiko zivuga ku biyobyabwenge.

Imitangire y'isomo

Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga barangiza akabasaba kujya mu matsinda akora ku buryo amatsinda bakoreramo

agenda ahinduka. Arasaba abanyeshuri kujya babara kuva kuri rimwe kugeza kuri gatanu abavuze umubare umwe bakore itsinda rimwe.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma mu ijwi riranguruye ibibazo biri mu gitabo cy’umunyeshuri byo gusesengura umwandiko kandi bikandikwa ku kibaho kugira ngo bafashe abatumva cyangwa abatabona niba bahari.

Mumaze gusoma umwandiko “Ingaruka z’ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y’abantu.” Mwavugako ibiyobyabwenge ari iki?

1. Ni izihe ngaruka z’ibiyobyabwenge ku muco nyarwanda?
2. Gereranya ibivugwa mu mwandiko n’ubuzima bw’aho utuye? Aho utuye hari urubyiruko ubona rumeze nka Shema?
3. Ni zihe ngingo z’ingenzi zivugwa mu mwandiko?

Umwarimu abaha iminota yo kubikora barangiza bakagaragaza ibyakorewe mu matsinda. Mu kugaragaza ibyavuye mu matsinda, ntabwo buri tsinda rivuga ibibazo byose, ahubwo itsinda rivuga ikibazo kimwe, abo mu yandi matsinda bakacyuzuzza ndetse bakakinononsora kandi kikandikwa ku kibaho kugira ngo n’abafite ibibazo byo kutumva bagisome.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo byava mu matsinda:

1. **Mumaze gusoma umwandiko “Ingaruka z’ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y’abantu.” Mwavugako ibiyobyabwenge ari iki?** Ibiyobyabwenge ni ibintu byose umuntu ashobora kurya cyangwa kunywa bigahungabanya ubushobozi bwe mu bijyanye n’imitekerereze n’imyitwarire bye, bigatuma yitwara uburyo adasanzwe yitwara igihe atabifashe.
2. **Ni izihe ngaruka z’ibiyobyabwenge ku muco nyarwanda?** Ibiyobyabwenge byangiza umuco. Umuntu wanyoye ibiyobyabwenge akora ibintu by’inshi bibi binyuranyije n’umuco nko gufata abana ku ngufu, gukorana imibonano mpuzabitsina n’uwo mufitanye, guhohotera abantu ku buryo bunyuranye, kwica,...
3. **Gereranya ibivugwa mu mwandiko n’ubuzima bw’aho utuye? Aho utuye hari urubyiruko ubona rumeze nka Shema?** Aha abanyeshuri basubiza ibisubiz binyuranye bitewe n’ibyo babona aho batuye.
4. **Ni zihe ngingo z’ingenzi zivugwa mu mwandiko?** Ingingo z’ingenzi zivugwa mu mwandiko ni:
 - Shema uwari we.
 - Kanyana uwari we.
 - Kanyana ahura na Shema bakaganira ku biyobyabwenge: Shema aravuga ibyiza by’ibiyobyabwenge, Kanyana akavuga ububi bw’ibiyobyabwenge n’ingaruka zabyo

- Shema atandukana na Kanyana akayoboka iy’akabari.
- Shema ahurira na Kabatsi mu kabari bakaganira ku ngaruka zikomeye z’ibiyobyabwenge: ingaruka ku buzima bw’uwabifashe, ingaruka ku mu ryango, ingaruka ku gihugu.
- Shema azibukira gufata ibiyobyabwenge.

Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 207

Intego zihariye:

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura uburyo ibiyobyabwenge ari ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.
- Gugaragaza ingamba zo gusobanura abantu ko ibiyobyabwenge bitujuje ubuziranenge.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri n’izindi nyandiko zerekeranye n’ubuziranenge.

Imitangire y’isomo

Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

Urugero rw’ibibazo yabaza:

- Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka gusesengura umwandiko.
- Uwo mwandiko wavugaga ku ki muri rusange?** Wavugaga ku ngaruka z’ibiyobyabwenge.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gukomeza kuganira ku biyobyabwenge bunguranaho ibitekerezo.

Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ikibazo cyo kungurana ibitekerezo akanabasaba kucyandika ku kibaho kugira ngo n’abatumva bagisome.

Ingingo zo kunguranaho ibitekerezo:

- Ibyinshi mu biyobyabwenge ni ibinyobwa biba bitujuje ubuziranenge. Hakorwa iki kugira ngo umunyeshuri ubinywa asobanukirwe ibijyanye n’ubuziranenge?

Umwarimu abwira abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w’ikiganiro uri buyobore icyo kiganiro mu ishuri ryose. Umwarimu abasaba kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo, kugeza bageze ku mwanzuro umwe bumvikanyeho.

Umwarimu yita cyane ku buryo abanyeshuri bahana amagambo, uburyo bitabira gutanga ibitekerezo, uko batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge ndetse n’uko bajora ibitekerezo bya bagenzi babo. Ashobora no kubanza kubaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo kuri ziriya ngingo kugira ngo babone kuzunguranaho ibitekerezo.

Urugero rw’umwanzuro bageraho:

- icyakorwa ni uko umwarimu n’ababyeyi bajya baganiriza kenshi abana n’abanyeshuri by’umwihariko ibijyanye n’ubuziranenge.
- Abakozi b’Ikigo k’Igihugu gishinzwe ubuziranenge bakwiye kujya bafata umwanya wo kuzenguruka mu mashuri babasobanurira ibijyanye n’ibinyobwa n’ibiribwa byujuje n’ibitujye ubuziranenge.

9.2. Inshoberamahanga

Igitabo cy’umunyeshuri urupapuro rwa 207

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gutandukanya inshoberamahanga n’imigani migufi.
- Gutanga ingero zinyuranye z’inshoberamahanga.
- Gukoresha inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’izindi yandiko zigaragaramo inshoberamahanga zinyuranye.

Imitangire y’isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro mu mpushya ebyiri agasaba abanyeshuri gerageza kuvuga aho amagambo atsindagiye ari mu nteruro ziri ibumoso atandukaniye n’interuro ziri iburyo.

Urugero rw’interuro:

<ul style="list-style-type: none"> • Igihe tumaranye ntiwagosoreye mu rucaca. • Inama zawe n’iza kanyana sinazitera utwatsi. • Ngiye kwinyara mu isunzu nkore iyo bwabaga ndeke ibiyobyabwenge bidasubirwaho 	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvugisha ukuri ntibyica umutumirano.
--	--

<ul style="list-style-type: none"> • Singiye kubura byose nk’ingata imennye, ngasigara n’imyiza imoso. • Ibiyobyabwenge bidukururira amakuba tugasigara turirira mu myotsi. • Ibiyobyabwenge bidukururira amakuba tugasigara turirira mu myotsi. 	<ul style="list-style-type: none"> • Ingeso idacika icika yishe nyirayo. • Icyo umutima ushaka amata aguranwa itabi. • Ni byo koko ubwenge buza ubujiji buhise.
--	---

Gukorera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda manini y’abantu batanu cyangwa batandatu akabasaba kugerageza gusubiza icyo kibazo akabaha n’ibindi bibafasha gukora ubushakashatsi bwimbitse kubijyanye n’inshoberamahanga.

Urugero:

Amagambo ari mu nteruro ziri ibumoso ni bwoko ki? Interuro ziri iburyo ni woko ki? Bikoreho ubushakashatsi bwimbitse ugaragaze inshoza, utange n’izindi ngero zinyuranye.

Abaha igihe cyo kubikora, nyuma y’igihe yabageneye umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Umwarimu afatanyije n’abanyeshuri bungurana ibitekerezo bakanoza kandi bakuzuzura ibyavuye mu matsinda maze bikandikwa ku kibaho n’inyuguti zigaragara cyangwa bakabyerekanisha ibyuma bigaragaza inyandiko n’amashusho kugira ngo n’abatamva babisome aho byanditse akanabasaba kubyandika mu makaye yabo.

Dore urugero z’ibyava mu matsinda:

Inshoza y’inshoberamahanga

Nk’uko ijambo inshoberamahanga ubwaryo rivuze, inshoberamahanga ni imvugo dukoresha umuntu utari umwenerurimi ntabashe kuzumva. Umunyamahanga abasha kumva n’izo mvugo ari uko abanje gusobanurirw icyo zishatse kuvuga inkomoko yazo. Inshoberamahanga ni imvugo umuntu yumva ntahite asobanukirwa.

Inshoberamahanga n’imigani migufi

Nk’uko twabibonye mu mwaka wa kane, umugani mugufi cyangwa umugenurano ni interuro ngufi ivuga ibintu ku buryo bujijimye. Ni imvugo ngufi ariko isobanura byinshi. Uyibwiwe ayumva ahereye ku cyo uwuciye arenguriyeho, yaba adasanze awuzi cyangwa atumvise icyo kintu akawuyoberwa.

Kubera ko igisobanuro cy'umugani mugufi n'igisobanuro k'inshoberamahanga bidahita byumvikana, abantu benshi bakunze kubyitiranya ariko biratandukanye. bidahita byumvikana, abantu benshi bakunze kubyitiranya ariko biratandukanye.

Ese inshoberamahanga zitandukaniye he n'imigani migufi?

Dukoresheje imbonerahamwe ikurikira, dore uko bitandukanye:

Inshoberamahanga	Umugani mugufi
<p>Inshoberamahanga ni imvugo igizwe n'inshinga n'andi magambo ku buryo iyo uyitondaguye iba interuro y'inyabumwe.</p> <p>Amagambo agize inshoberamahanga ntatandukana. Iyo atandukanye ata igisobanuro k'iyo nshoberamahanga.</p> <p>Ingero</p> <ul style="list-style-type: none"> • Kwinyara mu isunzu. (Yinyaye mu isunzu.) • Kwiyuha akuya. (Yiyushye akuya.) <p>Inshoberamahanga ni imvugo ijimije yumvwa n'abenerururimi.</p> <p>Inshoberamahanga ni imvugo, si ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda.</p>	<p>Umugani mugufi akenshi uba ari interuro igizwe n'inyangango ebyiri, imwe ari ngaragirwa indi ari ngaragira.</p> <p>Ingero: Ubwenge buza ubujiji buhise</p> <p>Ubwenge buza: inyangango ngaragirwa.</p> <p>Ubuji buhise: inyangango ngaragira y'igihe.</p> <p>Ingeso idacika icika yishe nyirayo.</p> <p>Ingeso idacika icika: Inyangango ngaragirwa.</p> <p>Yishe nyirayo: inyangango ngaragirwa y'igihe.</p> <p>Umugani mugufi ni ingeri y'ubuvanganzo yahimbwe n'abakurambere.</p>

3. Dore zimwe mu nshoberamahanga z'Ikinyarwanda:

- Guca mu rihumye
- Guca igihugu umugongo
- Guca igikuba
- Guca iryera
- Guca umugara
- Gucika intege
- Gukoma yombi
- Gukura ubwatsi
- Kuba ibyatsi
- Kwandika umunani
- Gushakaho akamunani
- Guta inyuma ya huye
- Gutererayo utwatsi
- Kuvunagurira ibiti mu matwi
- Kutareba umuntu n'irihumye
- Gushyira agati mu ryinyo
- Kwikinga inkori mu maso
- Kwigira uw'ejo
- Kwiraza i Nyanza
- Kwigira nyoni nyinshi
- Gushishwa nabi
- Gukanga rutenderi
- Kuhakura imbwa yiruka
- Guta muri yombi

- Gutwara intambike
- Kwereka uko intama zambarwa
- Kwiraba ivu
- Kugwa mu kantu
- Kuraruca ukarumira
- Kugira akaboko karekare
- Gukubita inkoni izamba
- Kurya karungu
- Kukabamba
- Guhaguruka n'imizi n'imiganda
- Gukubita ingoma umurishyo
- Kuvugira ku mutsi w'iryinyo
- Mu gicuku cya mvahe-na-njyahe
- Gukamira umuntu mu kitoze
- Gusya atanzitse
- Kugerakaho urusyo
- Kogeraho uburimiro

Umwitoto w'ubumenyi ngiro

Amatsinda yose amaze kumurika ibyo yakoze, umwarimu aha abanyeshuri umwitoto wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho kugira ngo ashimangire ibyo bakwiye gusigarana kandi akosore abagifite intege nke. Uyu mwitoto ukorwa na buri mu nyeshuri ku giti ke.

Urugero rw'umwitoto n'ibisubizo :

Ongera usome umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu" nurangiza uwuhine. Ukore uko ushoboye inshamake urakora ibemo byibura inshoberamahanga icumi zikoreshejwe ku buryo bwumvisha icyo zisobanura.

Igisubizo:

Inshamake

Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu

Shema yari umuhungu wambara imyenda y'umweru ariko akaba yari yarazahajwe n'ibiyobyabwenge. Yakundaga kunywa inzoga zisindisha, itabi cyangwa ibindi biyobyabwenge. Umunsi umwe yahuye n'inshuti ye Kanyana, umukobwa mwiza, **uca bugufi** kandi ukunda gukora imishinga, maze amusobanurira ububi bw'ibiyobyabwenge amubwira ko ibiyobyabwenge **bica umuntu intege** ntabashe gukora ndetse no gutekereza. Ibyo kanyana yabwiraga Shema byari **uguta inyuma ya Huye**. Shema amaze gutandukana na Kanyana yahise ajya mu kabari kunywa kanyanga. Aho mu kabari yahuriyemo n'inshuti ye Kabatsi maze amwereka ububi bw'ibiyobyabwenge n'ingaruka bigira ku muntu ubinywa, ku muryango no ku gihugu muri rusange. Kabatsi yamusobanuriye ko umuntu ufata ibiyobyabwenge **aba ibyatsi, agata isaro** mu rungano, **bakamutwara intambike, akaba igicibwa** kandi akibasirwa n'indwara zitandukanye. Yakomeje amubwira ko abiyahuza inzoga zisindisha, itabi n'ibindi biyobyabwenge bikurura impanuka, indwara n'izindi

ngorane zitandukanye. Kabatsi yakomeje **kumwotsa igitutu** amubwira amagambo akomeye ko benshi mu basore n'inkumi bakunze kugira imibonano mpuzabitsina bamaze gusinda ari na byo bibaviramo gutera inda no gutwita bibatunguye cyangwa bakaba bakwandura virusi itera SIDA n'ibindi birwara byandurira mu mibonano mpuzabitsina. Ikindi kandi yamubwiye ko inzoga n'ibindi biyobyabwenge bihungabanya ubuzima bw'umwana uri mu nda kuko ashobora kuvuka aremaye, afite ubumuga bwo mu mutwe. Uretse n'ibyo kandi ibiyobyabwenge bimunga umutungo w'ababinywa, uw'imiryango yabo ndetse n'uw'igihugu muri rusange. Nyuma y'izo mpanuro za kabatsi, Shema ntiyabaye ingumba y'amatwi, yahise afata umwanzuro mwiza wo kureka ibiyobyabwenge kugira ngo atazaririra mu myotsi bitewe no kwiyahuzza ibiyobyabwenge.

Gusesengura interuro hakoreshejwe uburyo bw'igiti

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 209

Intego zihariye:

Ahereye ku bushakashatsi yakoze, umunyeshuri arashobora:

- Gusobanura uko basesengura interuro bakoresheje igiti.
- Gusesengura interuro y'inyabumwe akoresheje uburyo bw'igiti.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi yandiko zivuga ku biyobyabwenge. n'igitabo k'ikibonezamvugo.

Imitangire y'isomo

Ivumburamatsiko

Umwarimu yandika ku kibaho interuro akabaza abanyeshuri ikibazo kerekeye ku isomo bagiye kwiga.

Interuro:

Ibiyobyabwenge byonona ubuzima bwacu.

Ikibazo:

Garagaza ibice bigize iyi nteruro nurangiza uvuge umumaro w'amagambo ayigize n'ubwoko bw'ayo. Nyuma ufatanye na bagenzi bawe gukora ubushakashatsi bw'uko wasesengura interuro yoroheje ku buryo bw'igiti.

Ibice byayo:

- Ibiyobyabwenge: **Rh (Ruhamwa)**
- Byonona ubuzima bwacu: **TsSh**

- Byonona: **Sh**
- Ubuzima bwacu: **TsUz (Itsinda ry'icyuzuzo)**
- Ubuzima: **Zn (Izina)**
- Bwacu: **Kzn (Ikinyazina)**

Imiterere yayo: Iyi nteruro ifite inshinga imwe.

Ubwose ko ifite inshinga imwe ni interuro y'ubuho bwoko? Ni interuro nyakimwe. Interuro yoroheje.

Gukorera mu matsinda

Umwarimu afasha abanyeshuri gukora amatsinda akabarangira ibitabo mu nzu y'isomero byabafasha mu gusubiza ibyo bibazo no kugira ngo bakore ubushakashatsi bwimbitse. Abaha igihe cyo kubikora iyo kigeze abasaba kumurika ibyavuye mu matsinda akabafasha kubinonosora.

Urugero rw'ibyava mu bushakashatsi:

1. Inshoza y'interuro yoroheje

Interuro yoroheje bita iy'inyabumwe ni interuro ifite inshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye.

2. Inshoza y'isesengura nteruro

Mu gusesengura interuro hari inzira nyinshi zishobora gukoreshwa ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira:

Imisesengurire isanzwe

Ni imisesengurire igaragaza ibice bitatu bigize interuro: Ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.

Urugero: Abanyeshuri bakunda kwiga.

Ruhamwa: abanyeshuri **Inshinga:** bakunda **Icyuzuzo:** kwiga

Imisesengurire ya ruhamwa n'imvugaruhamwa

Iyi misesengurire ica mu nteruro ibice bibiri by'ingenzi ari byo:

Itsinda rya ruhamwa cyangwa itsinda ry'izina

Rigizwe na ruhamwa n'imfutuzi zayo zose. Iryo tsinda ry'interuro ryerekana ukora igikorwa cyangwa uwo igikorwa gikorwaho. Ni Ruhamwa y'inshinga. Hashobora rero kubaho ruhamwa igizwe n'amagambo arenze rimwe, icyo gihe ni bwo bavuga ko ari itsinda rya ruhamwa.

Ruhamya cyangwa itsinda ry'inshinga

Ni cyo bamwe bita imvugaruhamwa, kikaba ari igice k'interuro kigizwe n'inshinga n'ibyuzuzo byayo. Ruhamya itangirira ku nshinga mu nteruro kuko ari bwo baba batangiye guhamya ruhamwa uko ateye, icyo akora. Kubera ko icyo gice kigengwa n'inshinga kitwa **itsinda ry'inshinga** mu gihe itari yonyine.

Urugero:

Rwa rubyiruko rwaretse gufata ibiyobyabwenge.

Itsinda rya ruhamwa (Ts.Rh) : Rwa rubyiruko

Itsinda ry'inshinga (Ts.Sh) : rwaretse gufata ibiyobyabwenge.

Uburyo bw'igiti

Interuro iba yubatse nk'uko igiti kimeze. Interuro igira ibice bibiri by'ingenzi (Ruhamwa Rh) na ruhamya yitwa kandi itsinda ry'inshinga (Ts-Sh). Muri ibyo bice bibiri kimwe gishobora kugabwamo amashami kigasesengurwamo utundi duce. Ni ukuvuga ko iyo ruhamwa igizwe n'amagambo arenze rimwe yitwa itsinda rya ruhamwa (Ts.Rh). Ruhamya na yo igira amashami abiri; inshinga (Sh) n'icyuzuzo (Uz), iyo icyuzuzo kigizwe n'amagambo arenze rimwe gikora itsinda ry'icyuzuzo (TsUz). Nyuma yo kugaragaza amatsinda ari muri ruhamwa cyangwa ari muri ruhamya, hakurikiraho ishami rigaragaza amako y'amagambo agize muri tsinda. Ubwo buryo busesengura interuro bukoresha amoko y'amagambo mu buryo buhinnye. Dore ihinamagambo rishobora gukoreshwa:


Ibisobanuro by'impine zikoreshwa

Impine	Ibisobanuro
Rh	Ruhamwa
Fuz	imfutuzi y'icyuzuzo
Sh	Inshinga
Zn	Izina
Uz	Icyuzuzo
Kzn	Ikinyazina
Ts Sh	Itsinda ry'inshinga
Ts Rh	Itsinda rya Ruhamwa
Nter	Ntera
Ts Uz	Itsinda ry'icyuzuzo
Ikiny	Ikinyanshinga
FRh	imfutuzi ya Ruhamwa


T	Interuro
Grk	Umugereka
F	Imfutuzi
SH _K	Inshinga nkuru
SH _F	Inshinga mfasha
Imp	Impuza

4. Ingero z'isesengura ry'interuro zoroshye hakoreshejwe igiti

1. Abagabo banini bakunda imikino




1. Umwana yariye ibiryo.



Umwitozo

Garagaza imimaro y'amagambo muri iyi nteruro ukoresheje uburyo bw'igiti. Abantu benshi basenga Imana.

Igisubizo



Umukoro: Kwiyungura imigani mu Kinyarwanda

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi no kubaza ababakuriye imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'umutwe wa kenda w'ibiyobyabwenge. Umwarimu abasaba kugerageza kuyisobanura bayihuza n'insanganyamatsiko.

9.4. Inshamake

Umunyeshuri asigaranye ko:

- Ngomba kwirinda ibiyobyabwenge kuko byangiza ubuzima, bigahungabanya umutekano w'umuryango ndetse n'uw'Igihugu muri rusange.
- Inshoberamahanga itandukanye n'umugani mugufi kuko inshoberamahanga ari inshinga iri kumwe n'andi magambo bifatanye ku buryo bw'inyumane, ku buryo bidatandukanywa, naho umugani mugufi akaba ari interuro iteye nk'interuro y'urusobe kuko uba ufite inshinga ebyiri bityo ukaba ugira ibice bibiri.
- Interuro yoroheje bita iy'inyabumwe ni interuro ifite inshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye.
- Interuro ishobora gusesengurwa ku buryo bw'igiti, ibice byayo bikagaragazwa nk'uko amashami y'igiti agenda ashamika.

Urugero rw'imigani batanga:

- Uyikura mu kibindi ikagukura mu bagabo: Inzoga inyowe cyane igitesha isaro igatuma udatinyuka mu bandi kubera igisebo yaguteye.
- Umuntu asinda izo asanganwe: Usanganwe ikibazo inzoga ziragikangura maze kikajya ahagaragara bese bakakimenya.

9.5. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kenda

(Reba ku rupapuro rwa 213 kugeza ku rwa 216)

Ibigerwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo kugaragaza ingaruka z'ibiyobyabwenge no gusubiza ibibazo bijyanye n'umwandiko.
- Ubushobozi bwo gukoresha mu nteruro inshoberamahanga no gusesengura interuro akoresheje uburyo bw'igiti.

Uyu mwitoto ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke nyuma yawo umwarimu aramukosora akareba ibibazo byihariye buri munyeshuri afite kugira ngo arebe uko yamufasha mbere yo gutangira undi mutwe.

Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko

Inyunguramagambo

A. Sobanura aya magambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko

- i) **Inturire:** Inzoga y'ikigage kirimo ubuki.
- ii) **Inkangaza:** Urwagwa rurimo ubuki.
- iii) **Umutsama:** Inzoga y'ubuki gusa.
- iv) **Baragira ibisiga:** Gusinda.
- v) **Babaca mu myanya y'intoki:** Babacika.
- vi) **Yandika umunani:** Agenda adandabirana.
- vii) **Muriture:** Ni ubwoko bw'inzoga y'inkorano.
- viii) **Ubupfasoni:** Ubupfura.
- ix) **Ikiraramisagara:** Ikirara kirara aho kibonye hose mu mihana.
- x) **Icyomanzi:** Ikirara.
- xi) **Imihora:** Imihana.
- xii) **Guhinduka urw'amenyo:** Gusekererwa n'abahisi n'abagenzi.

B. Muri izi nteruro simbuza amagambo aciyeho akarongo andi yakoreshejwe mu mwandiko:

- (i) Uwo inzoga zasindishije abacuruza inzoga bamwongera izindi agataha adandabirana.

- Uwo inzoga **zitaye muri yombi** abacuruza inzoga bamuduha izindi agataha **yandika umunani**
 - (ii) Iyo umuntu amaze **kuzahazwa** n'inzoga ntaba akibonye umwanya wo gutoza **imigenzereze myiza** abo abyaye.
 - Iyo umuntu amaze gusabwa n'inzoga ntaba akibonye umwanya wo gutoza umuco abo abyaye.
 - (iii) Abakurambere bacu basangiraga **byose**.
 - Abakurambere bacu basangiraga akabisi n'agahiye.
- C.** Koresha mu nteruro aya magambo akurikira ku buryo interuro zawe zigaragaza ko wumva neza ibisobanuro byayo
- (i) **Umutsama** (Kamana ni umworozi w'inzuki, agira umusaruro mwinshi w'ubuki akenga umutsama.)
 - (ii) **Icyomanzi** (Si byiza kwigira icyomanzi ngo uge urara aho ubonye hose mu mihana.)
 - (iii) **Kuragira ibisiga** (Abanywi b'ibiyobyabwenge barasinda bakaragira ibisiga ku manywa y'ihangu.)

Kumva umwandiko

- i) **Ni iki abakurambere bakoraga ngo barinde abato ibyabayobya ubwenge?**
Bitaga ku burere bwabo bakababa hafi.
- ii) **Ni uruhe ruhembo abakambwe bageneraga abaje kubahingira?** Babengeraga inturire, inkangaza cyangwa umutsama.
- iii) **Umuco wari mwiza ubu utakigaragara wavuzwe mu wandiko ni uwuhe?**
Waba waraciwe n'iki? Ababyeyi babuzaga abakiri bato kwishora mu bisindisha. Waciwe n'uko abacuruzi bishakira inyungu itububutse baha uwo ari wese ushaka inzoga batarebye ingano ye.
- iv) **Shyira mu matsinda ingaruka zikomoka ku gukoresha ibiyobyabwenge ugendeye ku byiciro by'abantu bavuzwe mu mwandiko**
 - **Abanyeshuri:** Abanyeshuri banywa ibiyobyabwenge usanga ari ba bandi basuzugura amategeko y'ishuri bagatoroka inshuro nyinshi, bikaba byabaviramo no kwirukanwa kubera kugaragaza uburere buke.
 - **Abashakanye:** usanga barabaye gica badatanga urugero rwiza mu rugo rwabo. Abana babo bagakura batagira kirera, bakandura imico mibi babonana ababyeyi babo.
 - **Abana:** baba ibirara ntibubahe abakuru.
 - **Urubyiruko:** Mu rubyiruko ho iyo hageze ibiyobyabwenge umuco urahazaharira; kubaha abakuru no gukunda umurimo ntibabikoze, umusore wanyoye urumogi cyangwa kanyanga, apfa mu bwenge ukaba utamugira inama ngo akumve, yemwe anacika intege ntabashe gukoresha ingufu ze. Ubwitonzi cyangwa ubupfasoni bugasimburwa

n'urugomo cyangwa kwiandarika. Umukobwa cyangwa umuhungu watwawe n'ibiyobyabwenge ahinduka ikiraramisagara cyangwa icyomanzi kirara iyo mu mihora.

- (v) **Ni ubuhe bwoko bw'ibiyobyabwenge buvugwa mu mwandiko?** Haravugwamo kanyanga urumogi, suruduwire n'inzoga z'inkorano nka muriture", "mukubitumwice" "baritereta", "tunuri".
- (vi) **Vuga ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu zigaragara mu mwandiko.** Bitokoza ubwonko bituma ababikoresha Babura ingufu zo gukora, bituma ababikoresha bata umuco n'indangagaciro.

Ibibazo byo gusesengura umwandiko

- (i) **Ni iyihe nama tugirwa n'uyu mwandiko?** Turagirwa inama yo guharanira kurwanya ibiyobyabwenge no kumenyekanisha ababicuruza.
- (ii) **Kugira ngo tuyubahirize ku bwawe urumva twabigenza dute?** Twajya dutungira abayobozi agatoki tubereka abacuruza ibiyobyabwenge, tukanashishikariza ababikoresha kubireka tubasobanurira ingaruka zabyo ku buzima no ku iterambere ry'Igihugu.

Ikibazo gisuzuma ubushobozi bwo kumva inshoberamahanga

Koresha inshoberamahanga zikurikira mu nteruro zumvikanisha ibisobanuro byazo: Kugwa agacuho, Guca ruhinganyuma, kujya kwangara.


- **Kugwa agacuho:** Yiriwe yiruka none aguye agacuho araryamye.
- **Guca ruhinganyuma:** Uyu mugabo yari yabonye akazi none bamuciye ruhinganyuma bagaha abandi.
- **Kujya kwangara:** Yataye ababyeyi be none yagiye kwangara mu mugwi wa Kigali.

Iyiganteruro

Sesengura zinteruro ikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti

- (i) Papa arubaka inzu.
- (ii) Gasana arabyina neza.

Igisubizo:



IV. Ikibazo gisuzuma ubushobozi bwo guhina umwandiko

Hina umwandiko wahawe uvuga ku bubu n'ingaruka z'ibiyobyabwenge ugerageza gukoreshamo zimwe mu nshoberamahanga uzi. (Aha umwarimu areba niba umunyeshuri yahinnye uko bikwiye umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zose ziwugize.)

9.6. Imyitoto nsindagirabushobozi

- Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.
- Umwarimu abaha imyitoto ijyanye n'ibyiciro byabo bakayikorera hamwe mu matsinda. Ku bafite ibibazo, umwarimu abavanga muri ya matsinda y'abafite ibibazo kugira ngo bafashe abandi gusobanukirwa neza n'imyitoto bakora. Iyi myitoto umwarimu ayitegura ashingiye ku bibazo abanyeshuri be bafite yibanda aho abanyeshuri be bararagaje ubushobozi buke.

Urugero rw'imyitoto yabaha:

Ku bafite ikibazo cy'ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko umwarimu ababaza ibibazo byimbitse ku nsanganyamatsiko y'ibiyobyabwenge.

Ku bafite ikibazo ku nshoberamahanga umwarimu abaha umwitozo wo gukoresha inshoberamahanga mu nteruro zinyuranye.

Ku bafite ikibazo ku iyiganteruro umwarimu abaha izindi nteruro z'inyabumwe akabasaba kuzisesengura hakoreshejwe uburyo bw'igiti.

10. Umugereka: Imiteguro y'amasomo ntangarugero

1. Gusoma no kumva umwandiko

Izina ry'ishuri:Amazina y'umwarimu:

Igihembwe	Itariki:	Inyigisho:	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Cya mbere	Ikinyarwanda	Wagatanu	Mbere	Mbere	Iminota 80
<p>Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo: Abanyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri: 1 Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona: 1</p>							
UMUTWE WA MBERE: UMUCO NYARWANDA							
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'umuco nyarwanda: Ibisigo by'ubuse						
Isomo	Kumva no gusobanura umwandiko: Ibyivugo by'ubuse.						
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bari mu matsinda.						
Intego z'isomo (zitagira uwo ziheza)	<p>Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma igisigo cy'ubuse adategwa yubahiriza utwatumye n'iyitsa. - Gusobanura uko bikwiye amagambo akomeye n'inshoberamahanga biri mu mwandiko kandi akabikora mu bwubahane. - Gukora interuro zikwiye akoresheje amagambo yasobanukiwe yo mu mwandiko. - Gusubiza adategwa ibibazo byabajijwe ku mwandiko. 						
Imfashanyigisho	Umwandiko "Ibisigo by'ubuse" , amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.						
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo n' imbuga za interineti.						

Igice k'isomo n'igihe kimara	<p>GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA</p> <p>Umwarimu yifashishije umwandiko, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gusobanura no gukoresha amagambo akomeye ari mu mwandiko. Umwarimu abaza ibibazo ku mwandiko.</p>	Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo
-------------------------------------	---	---

	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
1. Intangiro: Iminota 10	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri kwitegereza amashusho bakavuga ibyo babona kuri ayo mashusho n'uko bayabona. - Kubaza ibibazo ku mashusho mvumburamatsiko. - Kubaza ibibazo bigusha ku kigwa. <p>Igikorwa cya mbere:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubwira abanyeshuri gusoma 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho beretswe. - Gusubiza ibibazo mvumburamatsiko ku mashusho. - Kuvuga umutwe w'isomo. - Gusoma umwandiko bucece. - Gusubiza ibibazo bigaragaza ko basomye. - Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ikivugwa mu gisigo.
2. Isomo nyirizina: Iminota 50	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri kwitegereza amashusho bakavuga ibyo babona kuri ayo mashusho n'uko bayabona. - Kubaza ibibazo ku mashusho mvumburamatsiko. - Kubaza ibibazo bigusha ku kigwa. <p>Igikorwa cya mbere:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece. - Kugenzura ko basomye ababaza ibibazo. - Gusaba abanyeshuri gusimburana basoma mu ijwi riranguruye. - Gufasha umunyeshuri kwikosora mu gihe adasomye neza. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe inyito amagambo mashya afite mu mwandiko n'izo yagira mu zindi mvugiro, banatanga ingero z' interuro ayo magambo yakoreshejwemo. - Gushakishiriza hamwe ibisubizo by'ibibazo byo kumva umwandiko. - Kugaragaza imbogamizi igihe bahuye na zo. - Gukurikiza inama bahawe. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ikivugwa - Gushyikirana - Ubwumvane - Gushyikirana - Ubumenyi bw'uburere mboneragihugu n'amateka. - Ubushakashatsi - Imibereho y'Abanyarwanda.

	Igikorwa cya kabiri: - Kubwira abanyeshuri gusomera umwandiko mu matsinda hanyuma: bagashakishiriza hamwe inyito amagambo mashya afite mu mwandiko n'izo yagira mu zindi mvugiro	- Kugaragaza ibyavuye mu matsinda. - Kunoza ibyavuye mu matsinda no kubikorera inshamake. - Kwandika inshamake y'ibyavuye mu matsinda.	
3. Umusozo w'isomo Iminota: 20	- Kubaza iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye. - Kubaza abanyeshuri kuvuga amagambo bungutse.	- Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye. - Abanyeshuri bavuga amagambo mashya bungutse.	- Gushyikirana. - Ubwumvane. - Inshamake.
Ikomatanya			
Isuzuma	- Kubaza abanyeshuri kuvuga ibyari bikubiye mu mwandiko basomye . - Kubaha amagambo bakoresha mu nteruro no kugaragaza imbusane zayo.	- Kuvuga ibyari bikubiye mu mwandiko basomye. - Gukora interuro ziboneye bakoresheje amagambo mu amagambo yo mu mwandiko bize, bahawe .	- Guhanga udushya.
Umukoro	- Guha abanyeshuri amagambo bakoresha mu nteruro.	- Gukora umukoro	- Guhanga udushya.

1. UMUTEGURO W'ISOMO NTANGARUGERO RY'IKIBONEZAMVUGO (UMUTWE WA GATANDATU)

Izina ry'ishuri:Amazina y'umwarimu:

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
.....	Ikiyarwanda	Wa gatanu	Wa kabiri	Rya .../	Iminota 80	44

Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo: Umwe ufite ubumuga bwo kutumva neza.

UMUTWE WA KABIRI: GUKUNDA IGIHUGU	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko ku ngingo y'umuganda n'iy'ubudehe; - Gukora inyangikomvugo no gusesengura amazina y'amatirano.
Isomo	AMAZINA Y'AMATIRANO
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri.
Intego zihariye:	<p>Ahereye ku nteruro zavuye mu mwandiko yize zirimo amazi ibisantera, umunyeshuri araba ashobora:</p> <p>Ubumenyi:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutanga inshoza y'izina ry'iritirano. <p>Ubumenyi ngiro:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza uturango tw'izina ry'iritirano no kuritahura mu mwandiko. - Kugaragaza intego y'izina ry'iritirano n'amategeko y'igenamajwi. - Gutandukanya izina ry'iritirano n'amazina gakondo. <p>Ubukeshya:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangamo izindi ndimi.
Imfasha nyigisho	Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'iyigandimi/ ikibonezamvugo.
Inyandiko n'ibitabo byifashi shijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo.

Igice k'isomo n'igihe kimara	GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA	Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo
	<p>Kwifashisha ingero z'interuro zirimo amazina y'amatirano ari mu gitabo cy'umunyeshuri, gufasha abanyeshuri gutahura izina ry'iritirano, kuvuga inshoza n'uturango twaryo no kurikoresha mu nteruro ziboneye, kugaragaza intego n'itegeko ry'igenamajwi.</p>	
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
1. Intangiriro: Iminota 10	<ul style="list-style-type: none"> - Kureba uko umukoro yahaye abanyeshuri wakoze. - Gusomesha abanyeshuri agace 	

	<p>k'umwandiko baheruka kwiga kiganjemo interuro zirimo amazina y'amatirano.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwandika izo nteruro ku kibaho aca akarongo kuriayo mazina cyangwa azandikisha ibara no gusaba abanyeshuri gutahura imeterere n'isano by'amagambo aciyeho akarongo. - Kubaza ikibazo kiganisha ku isomo nyirizina no kucyandika ku kibaho kugira ngo abatumba neza bagisome: Izina ry'iritirano. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza uko bakoze umukoro. - Gusoma agace k'umwandiko umwarimu abereka. - Kugaragaza imiterere n'isano ry'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zanditse ku kibaho. - Kuvuga ubwoko bw'amagambo bamaze kugaragariza imiterere: Izina ry'iritirano. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. - Ubushakashatsi no gukemura ibibazo - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda.
<p>2. Isomo nyirizina: Iminota: 50</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri gukora amatsinda no kubagabanya ibyo bagomba gukora akanabyandika ku kibaho kugira ngo abatumba neza babisome. Hari itsinda rihabwa gushaka uturango n'inshoza by'izina ry'iritirano, irindi intego n'amategeko y'iganamajwi yakoreshejwe mu izina ry'iritirano. - Guha abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura inshoza n'uturango by'izina ry'iritirano 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda. - Gukorera hamwe mu matsinda. Aho bahuye n'imbogamizi bagasaba ubufasha bw'umwarimu. - Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo: Inshoza y'igisantera, intego n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa, - Gukora inshamake y'ibyavuye mu matsinda no kubinoza. - Kwandika mu makaye yabo inshamake. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda.

	<p>n'ibibafasha gusesengura akanabyandika ku kibaho kugira ngo abatumva neza babihasome.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza no kuzenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo. - Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo. - Gufasha abanyeshuri gukora inshamake y'ibyakorewe ubugororangingo bikandikwa ku kibaho. - Gusaba abanyeshuri kwandika mu makaye yabo. 		
<p>3. Umusozo w'isomo Iminota : 20</p> <p>Ikomatanya</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri gushaka izindi nteruro zikoreshejemo amazina y'amatirano, kwerekana intego yayo n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushaka interuro zikoreshejemo amazina y'amatirano, kwerekana intego y'izina ry'iritirano n'amategeko y'igenamajwi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ubushakashatsi bugaragarira mu gushakisha izindi ngero zinyuranye.
<p>Isuzuma</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri gutanga inshoza n'uturango by'izina ry'iritirano, kwerekana intego y'izina ntera n'amategeko y'igenamajwi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga inshoza n'uturango by'izina ry'iritirano. - Kwerekana intego y'izina ry'iritirano n'amategeko y'igenamajwi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo.

	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri gutandukanya izina ry'iritirano n'izina gakondo. - Gusaba abanyeshuri gusubiza umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri wo gusesengura amazina y'amatirano. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya izina ry'iritirano n'izina gakondo. - Gukora umwitozo ku mazina y'amatirano. 	
Umukoro	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri gushaka izindi ngero zinyuranye z'amazina y'amatirano no kuzisesengura bagaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi akoreshwamo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushaka ingero izindi ngero z'amazina y'amatirano no kuzisesengura bagaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ubushakashatsi bugaragarira mu gushakisha izindi ngero zinyuranye. - Kwiga no guhora biyungura ubumenyi.
Igenagaciro	Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari.		

2. IMBATA Y'ISOMO NTANGARUGERO RYO GUSOMA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

UMUTWE WA KANE: KUBAKA UMUCO W'AMAHORO

Izina ry'ishuri:.....

Amazina y'umwarimu:

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Cya.....	Ikinyarwanda	Gatanu	Wa kane	Rya	Iminota 80	43
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo							
Abana batabona: 2							
Umutwe wa kane	KUBAKA UMUCO W'AMAHORO (IGICE CYA MBERE)						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura umwandiko, guhanga umwandiko akurikiranya neza ibitekerezo yifashishije insanganyamatsiko yerekeye umuco w'amahoro. - Kwandika amajwi y'ibihekane mu nyandiko nyejwi. 						
Isomo	Gusesengura umwandiko "Intandaro z'ingaruka z'amakimbirane."						

Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo ritangirwa mu ishuri.
Intego y'isomo	Ahereye ku mwandiko uvuga ku ntandaro n'ingaruka z'amakimbirane, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora Ubumenyi: - Gusobanura amagambo akomeye. - Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Ubumenyigiro: - Gusoma neza umwandiko yumvikanisha ibyo asoma kandi agaragaza isesekaza. - Gusesengura umwandiko "Intandaro z'ingaruka z'amakimbirane" . Ubukeshya: - Kwitabira gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. - Gushishikarira gusoma . - Gushishikaira no gushishikariza abandi gutanga umusanzu mu mvugo no mu nyandiko mu gukemura amakimbirane ahereye ku byo yungukiye kuri iyi nsanganyamatsiko.
Imfasha nyigisho	Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'inkoranyamagambo.
Inyandiko n'ibitabo byifashi shijwe	Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'imbuga za interineti zivuga ku burere mboneragihugu, ku mateka no ku iyobokamana n'ibindi bitabo bivugwa ku kubaka umuco w'amahoro.

Ibice by'isomo	GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA Kwifashisha umwandiko uvuga ku kubaka umuco w'amahoro no gufasha abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kuwusesengura.		Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
1. Intangiriro: Iminota 5	- Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro. - Kubaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko	- Kugaragaza aho bakoreye umukoro. - Gusubiza ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.	Insanganyamatsiko nsanganyamasomo: - Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane bigaragarira mu bivugwa mu mwandiko.

	baheruka gusoma bibafasha gusubiramo.		
2. Isomo nyirizina: Iminota 50	<p>Igikorwa cya mbere:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda. - Gasaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko bikandikwa ku kibaho no gusaba abatumva kubyandika bakoresheje inyandiko yabo. <p>Igikorwa cya kabiri:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri kugerageza gusubiriza hamwe ibyo bibazo mu matsinda yabo. - Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomera umwandiko mu matsinda. - Gusoma, baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko no kubyandika ku kibaho, abatumva bakabyandika bakoresheje inyandiko yabo. - Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko bari mu matsinda. - Gusaba ubufasha bw'umwarimu igihe bahuye n'imbogamizi. 	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda. - Ubushakashatsi no gukemura ibibazo bugaragarira mu bibazo byo gusesengura umwandiko. - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda. - Kubaka umuco w'amahoro bigaragarira mu ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.
	<p>Igikorwa cya gatatu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo bikandikwa ku kibaho. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza ibyakorewe mu matsinda. Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko 	<ul style="list-style-type: none"> - Ubufatanye bugaragarira mu gukorera mu matsinda. - Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane bigaragarira mu ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.

3. Umusozo w'isomo: Iminota 5	- Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	- Gusubiza muri make ibibazo byo gusengura umwandiko.	
Isuzuma iminota 15	- Kusaba abanyeshuri gutanga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko basesenguye no gutanga isomo yungukiyemo.	- Gutanga ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko basesenguye.	- Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo.
Umukoro iminota 5	- Gusaba abanyeshuri, bari mu rugo, kuza gushaka izindi ntandaro n'ingaruka z'amakimbirane bitagaragara mu mwandiko.	- Kwandika umukoro mu makaye yabo no gushaka izindi ntandaro z'amakimbirane zitari mu mwandiko bari mu rugo.	- Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo bakora ubushakashatsi.
Igenagaciro	Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagarazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari.		

11. Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe

1. BIGIRUMWAMI, A, 2004; *Imigani migufi, Ibisakuzo, Inshamarenga*, Diocèse de Nyundo, icapwa rya kabiri.
2. BIGIRUMWAMI, A., 2004 ; *Imihango, Imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*, Diocèse de Nyundo, Icapwa rya kane.
3. BIGIRUMWAMI, A., 1967, *Imigani migufi, inshamarenga, ibisakuzo, Nyundo*.
4. BIGIRUMWAMI, A., 1985, *Ibitekerezo, ibyivugo, kuvuga inka, inanga, indirimbo*
5. BIGIRUMWAMI, A. 1989, *Imigani-Tima-Ngiro y'u Rwanda*. UNR, Butare.
6. BIZIMANA S, KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition
7. BIZIMANA Simon et alii, 1998, *Imiteêrere y'ikinyarwanda, igitabo I, Amajwi, amagaambo n'intêruro*, Butare, IRST.
8. BIZIMANA, S, 2002, *Imiteêrere y'ikinyarwanda II*, IRST, Butare.
9. BIZIMANA, S. n'abandi bashakashatsi ; 1998 ; *Imiterere y'ikinyarwanda I, Amajwi, Amagambo n'interuro*, Butare IRST.
10. BIZIMANA, S., RWABUKUMBA, G., 2011, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 1ère Edition
11. Coupez, A. KAMANZI, 1970, *Littérature de cour au Rwanda*, Oxford.
12. Crepeau P. et BIZIMANA, S., 1979, *Proverbes du Rwanda*, Butare, INRS, Publication n°19.
13. Dion, Gilles-Marius, 1971, *Devinettes du Rwanda-Ibisakuzo*, Butare, Edit. Universitaire du Rwanda, coll. "Muntu."
14. Dubois, J., et alii, 1973, *Dictionnaire de Linguistique*, Paris
15. FOUNTAIN PUBLISHERS, 2011, *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 4*, Fountain Publishers, Kigali
16. FOUNTAIN PUBLISHERS, 2011, *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 4*, Fountain Publishers, Kigali
17. Genette, G., 1987, *Figure II*, Seuil, Paris
18. IGIRANEZA, T., 1991, *Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, Iyigamajwi n'Iyigamvugo, Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3*, BPS, Kigali
19. IGIRANEZA, T., 1990, *Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda*, Kigali.
20. IGIRANEZA, T., 1990 ; *Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo, iyigantego ; Inshoza y'inshinga nyarwanda*. Kigali, MINEDUC.

21. IKIGO CY'UBUSHAKASHATSI MU BY'UBUHANGA N'IKORANABUHANGA(IRST), 1998, *Iimiterere y'Ikinyarwanda, Igitabo I*, 1998, Pallotti-Press, Kigali.
22. Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, 2005; *Ibirari by'insigamigani, icapisho rya gatatu*, Printer Set.
23. IRST, 2000, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda, Igitabo cya I-IV*, Butare IRST.
24. KAGAME, A., 1943/1946, *Inganji Karinga*, Kabgayi, 2V
25. KAGAME, A., 1949, *Indyoheshabirayi, Kabgayi*, Editions Royales.
26. KAGAME, A., 1988, *Amazina y'inka*, Kigali, Régie de l'imprimerie Scolaire
27. KAGAME, A., 1989, *Ibyivugo*, polycopier.
28. KAYUMBA, C., 2005, *La poésie héroïque rwandaise: ibyivugo*, Butare, I. R. S. T.
29. MBONIMANA, G., 1985, "La métrique dans la poésie pastorale au Rwanda, analogie entre le rythme poétique et le rythme musical," in *Le kinyarwanda, études de morpho-syntaxe*, Paris, Bibliothèque de l'information grammaticale pp. 151-165.
30. Mgr BIGIRUMWAMI, A., 2004, *Imihango n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*, Diocèse de Nyundo, quatrième édition.
31. MIJESPOC, 1988 *Ibirari by'insigamigani*, Igitabo cya mbere, Icapiro rya gatatu.
32. MINEDUC, 2015, *Integanyanyigisho y'alkinyarwanda mu kiciro cya kabiri*, Kigali, ...
33. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1982, *Amuga y'inyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye*, Kigali.
34. Minisiteri y'amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1982, *Inyandikomvugo y'ihugurwa ry'abarimu b'Ikinyarwanda*, Kigali.
35. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1988, *Ikinyarwanda, gusoma no gusesengura imyandiko V.A, igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye*, Kigali.
36. MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUEYE, 1990, *Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo: Iyigantego. Inshoza y'inshinga nyarwanda. Isomo ryatguwe na Igiraneza Tewodomiri*, BPES, Kigali.
37. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1992, *Ikinyarwanda: Ihugurwa ry'abarimu bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza*, Kigali.
38. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1994, *Ikinyarwanda: ihugurwa ry'abarimu b'amashuri abanza*, Kigali.

39. MINISITERI Y'UBUREZI, 1996, *Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye*, NCDC, Kigali
40. Minisiteri y'Uburezi, 2002, *Urwunge rw'imfashanyigisho zigenewe guhugura abarimu b'amashuri abanza. Ikibonezamvugo, umwandiko, ubuvanganzo nyarwanda, ururimi n'ubwumvane n'imbonezamasomo y'Ikinyarwanda*, Kigali, ADRA-Rwanda(AREP).
41. MINISITERI Y'UBUREZI, 2008, *Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere*, NCDC, Kigali.
42. Minisiteri ya Siporo n'Umuco, *Amabwiriza ya minisitiri n° 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire y'Ikinyarwanda*, Kigali
43. MUTAKE, T., 1991, *Ikinyarwanda, ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe*, Kigali, IMPRISCO.
44. MUTAKE, T., 1987, *Ihugura ry'abarimu b'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye, ikiciro cya mbere(1987-1988); Ikibonezamvugo: itondaguranshinga risanzwe*, Kigali.
45. NCDC, 2008, *Ikinyarwanda 6, Imyandiko mfashanyigisho, Igitabo cy'umunyeshuri*, Kigali
46. RUGAMBA, C., 1979, *Umusogongerero*, Butare, I. N. R.S
47. RWAMAMARA M., 1987, *Gusoma no gusesengura imyandiko, umwaka wa gatanu V.A.: Ihugura ry'abarimu b'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye(1987-1988)*, Kigali.
48. UZABAKIRIHO, S., 2007, *Ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda*, Butare, UNR.

Imbuga nkoranyambaga

www.rema.gov.rw/gov/kinyapdf: ku wa 20/7/2015.

www.migeprof.gov.rw/IMG/pdf/kuringaniza-urubyaro-kugira-isuku-n'imirire-iboneye-2.pdf: ku wa 24/7/2015.

http://reb.rw/fileadmin/competence_based_curriculum/syllabi/Upper_Secondary/Ikinyarwanda_mu_mashuri_y_indimi.pdf: ku wa 20/7-30/8/2015.

